

**ITORERO RY' ABADIVENTISITI B'UMUNSI
WA KARINDWI**



**INDONGOZI Y'UMUKURU
W'ITORERO**

**Edition
1999**

ITORERO RY' ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI

INDONGOZI Y'UMUKURU W'ITORERO

*Cyateguwe kandi Cyandikwa
n'Icyiciro cy'Imirimo y'Itorero*

Inteko Nkuru y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi
12501 Old Columbia Pike
Silver Spring, Maryland 20904, U.S.A.
1994

Cyahinduwe mu Kinyarwanda na Nsengiyumva Eliphaz

Edition 1999

FORWARD BY THE BOARD OF THE
MINISTERIAL ASSOCIATION

MINISTERIAL ASSOCIATION OF THE SEVENTH-DAY ADVENTIST CHURCH

Published by the
Ministerial Association of the
Seventh-day Adventist Church

Published by the
Ministerial Association of the
Seventh-day Adventist Church

Copyright © 1994 by the
Ministerial Association
General Conference of Seventh-day Adventist Church

Published by the Ministerial Association of the
Seventh-day Adventist Church

ISBN 0-9634968-2-4

1994

IBIRIMO

<i>Ishimwe.....</i>	<i>6</i>
<i>Imbanziriza nyandiko.....</i>	<i>7</i>
<i>Icyete cy' umukuru w'ltorero.....</i>	<i>9</i>
<i>Igice 1 Itorero na Gahunda yaryo.....</i>	<i>10</i>
<i>Umugambi w'ltorero.....</i>	<i>10</i>
<i>Gahunda y'ltorero.....</i>	<i>17</i>
<i>Akamaro k'Umukuru w'ltorero.....</i>	<i>22</i>
<i>Imfasha nyigisho.....</i>	<i>27</i>
<i>Urubuga nyungurana bitekerezo.....</i>	<i>32</i>
<i>Igice cya 2 Umuhamagaro n'Ubumenyi bw'umukuru w'ltorero.....</i>	<i>33</i>
<i>Umuhamagaro n'ltorwa.....</i>	<i>33</i>
<i>Urutonde rw'inshingano z'umukuru w'ltorero</i>	<i>34</i>
<i>Indangabushobozi.....</i>	<i>39</i>
<i>Kwezwa.....</i>	<i>46</i>
<i>Imfasha nyigisho.....</i>	<i>50</i>
<i>Urubuga Nyunguranabitekerezo.....</i>	<i>54</i>
<i>Igice cya 3 Umukuru w'ltorero nk'Umuyobozi.....</i>	<i>55</i>
<i>Pasitoro n'Itsinda ry'Abayobozi bamufasha.....</i>	<i>55</i>
<i>Iteganyamigambi ry'ltorero.....</i>	<i>64</i>
<i>Gutegura Amatora y'ltorero.....</i>	<i>69</i>
<i>Imiterere y'Ubuyobozi.....</i>	<i>72</i>
<i>Inama.....</i>	<i>77</i>
<i>Amategeko n'Umugayo/Igihano by'ltorero.....</i>	<i>82</i>
<i>Isano ya conférence na misiyonu.....</i>	<i>86</i>
<i>Imfashanyigisho.....</i>	<i>89</i>
<i>Urubuga Nyunguranabitekerezo.....</i>	<i>93</i>
<i>Igice cya 4 Umukuru w'ltorero Umufasha w'abandi Bayobozi.....</i>	<i>95</i>
<i>Shyigikira Umwanditsi w'ltorero.....</i>	<i>95</i>
<i>Shyigikira Abadiyakoni n'Abadiyakonikazi b'ltorero.....</i>	<i>98</i>

Shyigikira Umucungamari w'Itorero.....	99
Shyigikira icyiciro cy'Imirimo y'Itorero.....	101
Shyigikira icyiciro cy' Itumanaho.....	107
Shyigikira Uburezi bwa Gikiristo.....	108
Shyigikira icyiciro cy'Ubuzima no Kwirinda.....	109
Shyigikira icyiciro cy'Amahugurwa.....	110
Imfasha Nyigisho.....	111
Urubuga Nyunguranabitekerezo.....	114

Igice cya 5 Umuyobozi n'Iterambere ry'Itorero.....115

Iterambere ry'Itorero ku Isi yose.....	115
Iterambere ry'Itorero Ryihariye mu karere.....	122
Kugarura Abizera Babuze.....	127
Imfashanyigisho.....	132
Urubuga Nyunguranabitekerezo.....	135

Igice cya 6 Uruhare rw'Umukuru w'Itorero mu gukekenura umukumbi w'Itorero137

Gusura Abizera.....	138
Gutanga Inama.....	142
Umurimo w'Amatsinda matoya.....	146
Umurimo wo Gusengera Abandi.....	150
Ibikorwa Mbonezamibanire.....	154
Imfasha Nyigisho.....	155
Urubuga Nyunguranabitekerezo.....	158

Igice cya 7 Umukuru w'Itorero na Gahunda yo gusenga.....159

Umugambi w'umuhango wo Gusenga/Kuramya.....	159
Gusengera hamwe bituma abantu baturira n'Imana hamwe..	162
Ingingo zigize Umuhango wo Gusenga	164
Gahunda y'Umuhango wo Gusenga.....	169
Kubwiriza.....	172
Imfashanyigisho.....	176
Urubuga Nyunguranabitekerezo.....	182

Igice cya 8 Umuyobozi n'indi mihango Inyuranye.....183

Umubatizo.....	183
Umuhango wo Kwakiriza Abana mu Rusengero.....	187
Kweza Urusengero.....	190
Umuhango w'Ifunguro Ryera.....	193
Gusiza Ikibanza.....	198
Kweza Inzu.....	201
Gushyingura.....	203
Kwimurwa kw'Umukuru w'Intara.....	206
Gusabira Umurwayi.....	211
Gushyingira.....	214
Imfashanyigisho.....	216
Urubuga Nyunguranabitekerezo.....	220

Indunduro.....	221
-----------------------	------------

ISHIMWE

Itangazwa ry'Indongozi y'Umukuru w'Itorero ryarakorerewe cyane. Hambere aha, hari hakiri gushidikanya kw' inteko rusange (General Conference) ko yenda itakwemera inshingano yo guhugura no gutera inkuga abakuru b'Itorero. Nuko cyakora, mu mwaka 1990, iyi nshingano yegurirwa icyiciro cy'Imirimo Rusange y'Itorero. Ni cyo cyayoboye itegurwa ry'iki gitabo.

Imbonera hamwe

Yakobo Zakariya ni we wahawe n'Ubuyobozi bw'inteko rusange y'Itorero, imigenzurire rusange y'abakuru b'amatorero. Yatangije uyu mushinga ahuza itsinda ry'impuguke zinyuranye zari zigize akanama ntanganama. Kuva ubwo, abakuru b'amatorero, abapasitoro, bakorera hamwe n'ibyiciro byose by'Itorero, n'abahagarariye ibyiciro byose mw'Itorero byaraserukiwe. Iri tsinda rero, ni ryo ryanogeye ndetse ryerekana umushinga wuzuye w'iki gitabo.

Inyandiko

Iyandikwa ryakozwe na W. Floyd Bressie, abifashijwemo n'inyandiko yateguwe na Douglas E. Robertson (Douglas E. Robertisoni) muri Ostraliya. Kuva mu ntangiriro y'uyu murimo, umugambi w'iyi Ndongozi kwari uko iyi Ndongozi izakoreshwa mu isi yose. Ntabwo kari akazi koroshye ukurikije kunyurana kw'umurimo w'abakuru b'amatorero mu mpande zitari zimwe z'isi no gutandukana kw'umubare w'abizera. Nyamara buri musomyi akwiye gushyira mu bikorwa inyigisho z'iki gitabo akurikije imyitwarire y'aho atuye.

Kugira ngo umugambi w'iyandikwa ry'iki gitabo ugerweho, hari inyandiko yoherejwe abakuru b'amatorero, abapasitoro, n' abatware mw'isi yose. Umurimo wabo wafashije ihinduka ryiza ryabaye.

Imfasha nyigisho

Imfasha nyigisho iboneka ku iherezo rya buri gice yateguwe na Mike Speegle.

Umwiteguro uheruka

Inyandiko iheruka yateguye icapwa ry'iki gitabo yatunganijwe na Mike Speegle na Rex D. Edwards. Ann Taylor we ashingwa umurimo wo gukusanya ingingo nkuru.

Duhaye ishimwe ryacu rivuye ku mutima aba n' abandi bitanze kugira ngo iyi ndongozi ishobore kubaho.

IMBANZIRIZA NYANDIKO

Mu itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi, abakuru b'amatorero bo mu byaro bigisha ibibwiriza byinshi, basura abizera benshi, kandi bagatanga inama kurusha aba pasitoro. Bishoboka ko badahari itorero ridashobora kugira icyo rikora. Iyi ndongozi yateguwe kugira ngo ifashe abakuru b'amatorero gusobanukirwa n'umuhamagaro wabo n'inshingano z'ubutware bafite no kubafasha mu mirimo y'ubugabura bwabo. Mu mpande zimwe z'isi, amatorero matoya adafite umukuru w'itorero wo kuyayobora, rihitamo gushyiraho abandi bayobozi b'itorero. Iyi ndongozi ibereyeho kubafasha nabo.

Kuko itorero ry'abadiventiste nk'ishyirahamwe mpuzamahanga ryiganjemo urunyurane rw'amoko n'imico, birumvikana ko ryiganjemo n'imikorere y'abizera inyuranye. Kubw'izo mpamvu, iyi ndongozi ntabwo ari ingamba zateguwe zerekana uburyo n'inzira ku bayobozi bose bo mu isi yose bagomba gukurira. Ahubwo intego yacu, cyangwa se ikigenderewe ni ukugaragaza akamaro, inshingano n'ibikorwa by'umukuru w'itorero hakurikijwe amahame ya Bibliya agenga gahunda n'ubuyobozi. Amahame ashobora kwemerwa aho ariho hose ku isi.

Ingano y'iyi **Ndongozi yateguwe** ityo ku bushake ngo ihwanye ubunini n'ubw'igitabo cya **Kanuni za Kanisa**. Ibi bitabo bigomba kwitabwaho byombi kandi buri mukuru w'itorero agomba kubigira byombi. Igitabo cya Kanuni za Kanisa, igitabo cyatowe n'itorero ku isi yose kandi n'inama y'inteko rusange ni cyo kigomba guhabwa umwanya w'imbere, mbere y'ikindi gitabo cyangwa indi ndongozi yateguriwe gukoreshwa mu matorero.

Nyamara nubwo igitabo cya Kanuni za Kanisa, cyerekeza ku'iyi **Ndongozi**, urutonde rw'amapaji rwo ntabwo rubarirwamo. Ibi biterwa nuko igitabo cya Kanuni za Kanisa gihora gihindurwa uko buri Nteko rusange y'Itorero ry'Abadiventisti yateranye na none kandi umubare w'amapaji ukagenda uhindagurika hakurikijwe ihinduranyandiko zinyuranye (Different Translations).

Umurimo w'umukuru w'itorero nuw'Umugabura w'ijambo ry'Imana (Pasitoro), yombi ibohekanije kandi ishoye imizi mu Byanditswe no mu Bikorwa by'Itorero ry'Abadiventiste.

Bityo rero, byinshi byo mur'iki gitabo bigendana hafi cyane cyangwa se byuzuzanya n'ibiboneka mu gitabo cyerekaranye n'umurimo w'umugabura. Iyi ndongozi izafasha umukuru w'itorero ushaka kwagura ubumenyi ku ngingo zinyuranye zikibonekamo, zigiye zivugwa cyangwa se zisobanurwa mu nca make muri iki gitabo cy'Indongozi y'Itorero.

Dufite ibyiringiro ko abashumba n'abanditsi b'ibyiciro byose bazakoresha iyi ndongozi igihe cyose bazaba bahugura abakuru b'Amatorero babo. Dusangire aya magambo ya Paul yifashishije ubwo yazanaga abakuru b'Amatorero mu mahugurwa; yabihanangirije agira ati: "Mwirinde ubwanyu murinde n'umukumbi wose Umwuka Wera yabashyiriyeho kuba abarinzi, kugira ngo muragire Itorero ry'Imana, iryo yaguze amaraso ye (Ibyakozwe 20:28, NKJV, Uretse ko n'ikindi gitabo cyakoreshwa cyamenyekana, Tubibutse ko imirongo ya Bibliya twakoresheje cyane yavanywe muri New King James Version).

ICYETE CY'UMUKURU W'ITORERO

Ku iherezo rya buri gice muri iyi **Ndongozi y'umukuru w'itorero** hagiye haba imfasha nyigisho. Ku iherezo, ryayo, izagufasha kuzuza inshingano zawe mu bwenge n'ubushobozi byawe, kandi itume ukora ufite kwiyingira mu kazi kawe.

Igihe uzaba urangije inshingano n'imikoro yose muri iyi **Mfasha Nyigisho**, waba ubikora ubwawe cyangwa ufatanije n'itsinda ry'abakuru b'itorero mukorana, uzaba ufite ububasha bwo guhabwa impamyabushobozi y'ubumenyi. Iki cyete kiboneka kuri Union yanyu.

Ibice tubonamo imfashanyigisho byabereyeho kugufasha wowe nk'umukuru w'itorero, cyangwa se itsinda ry'abakuru b'amatorero, kunguka ubumenyi buhagije bw'ingirakamaro buri muri iyi ndongozi.

Uburyo iki gitabo cyanditswemo, bugendereye kugufasha kumenya amagambo remezo ya buri gice. Ibyo wize byose biranditswe. Byibukwe kandi bishyirwe mu bikorwa; ingingo n'amahame y'icyo gice cyizwe bitozwe abizera b'itorero rwawe.

Buri gice cy'imfashanyigisho kigiye kigabanywamo ibice bitatu bigize amagambo remezo: **Kumenya**, **Kwimenyereza**, **Gukora** (gushyira mu bikorwa), wihanangirijwe kwita kuri buri jambo fatizo; **Menya** ibya ngombwa bimwe bigomba kumenywa, **Imenyereze** bimwe bigomba kwigwa mu buryo burambuye kuri buri gice, kandi **Ushyire mu bikorwa** ubu bumenyi kandi uvumbure n'indi myitozo.

Kw'iherezo rya buri gice hariho imigabane yindi twakwita urubuga Nyunguranabitekerezo. Iyo migabane inyuranye igendereye gukoreshwa mu matsinda. Ibibazo byashyiriweho kugufasha gushyira mu bikorwa amahame nko mu bihe runaka washobora kwibonamo nk'umukuru w'itorero.

IGICE CYA 1

ITORERO NA GAHUNDA YARYO

Umugambi w'Itorero

Itorero ryakomotse ku MANA. Aho Imana iri ku murimo hose haba hari gahunda, itegereze ukoresheje (Ituburamashusho) icyuma bita microscope urebe mu biremwa by'Imana utuntu duto udashobora kurebeshya amaso. icyo ubona n'iki? Gahunda ihamye kandi yuzuye. Shyira icyuma bita telesikope ahantu hose ku biremwa by'Imana. **Urabona iki?** Gahunda yuzuye, abantu aho bava bakagera bakoresha izuba, ukwezi, n'inyenyeri ngo bibabere ibipimo by'ibihe abandi babikoresha kuyobora amato yabo.

Abantu bose bashaka kugira uruhare mu mugambi w'Imana ariko ntibashake kugira uruhare muri gahunda; ntabwo bari basobanukirwa ukuntu Imana ikora. Imigenzereze na gahunda bigaragarira mu bintu byose Imana yaremye. (Testimonies to Ministers, p. 26) Aho Imana iri hose haba hari gahunda.

Nkuko rero Imana ariyo Nyirigahunda kandi ikaba iri kukazi ko gukiza abanyabyaha, buri wese yagombye gutegereza ko yo ubwayo ishyiraho gahunda ngo tubashe kuyifasha kuyikora. Ibi yabitangiye isi ikiremwa. **Gahunda yayo ya mbere yabaye urugo n'umuryango.** Ibi ni byo twita imigenzereze y'abakurambere. Nyuma yaho yakoresheje ishyanga, ubwoko bw'Isirayeri. Uhereye mu gihe cy'Isezerano rishya Yakoresheje abizera bahamagariwe kuva muby'isi ngo bibere mu rusengero.

Imana yitoranirije abakuru b'itorero kuba abayobozi b'ingenzi muri iyi gahunda y'urusengero. Ariko bagomba gukunda itorero kugira ngo barikorere neza; mbere yuko bakunda ubwenge bagomba kubanza gusobanukirwa naryo. Ni cyo gituma bikwiriye kandi ari ngombwa gutangizanya iyi ndongozi y'umukuru w'itorero ukibanda cyane cyane kuri kamere n'umugambi by'itorero.

Bibiliya ikoresha ijamba "**Itorero**" byibuze mu buryo bubiri. Iyo rikoreshejwe mu buryo rusange biba bishatse kuvuga ubwoko bw'Imana ahantu ahariho hose no mu bihe ibyo ari byo byose (Mat. 16:18; 1 Cor. 12:28; Eph. 1:22, 23; 3:10). Isirayeri yiswe "**Itorero ryo mu butayu**" (Ibyak 7:28). Ni muri ubwo buryo rero iyo bavuze itorero baba bashatse kuvuga ubwoko bw'Imana igihe cyose mu mateka. Biba bishatse kuvuga icy'isi yose cyangwa se itorero ry'isi yose.

Igihe rikoreshejwe mu **buryo bw'Umwihariko**, itorero riba rishatse kuvuga abantu runaka, iteraniro ry'abantu barahantu runaka ahwari mu mudugudu runaka (1 Kor. 1:2; 1 Abatesaronika 1:1).

Ni muri ubwo buryo itorero riba ryerekeza ku kintu kigaragara, itorero ry'ahantu runaka. Muri ubwo busobanuro bwombi bw'itorero buzareberwa hamwe muri iyi ndongozi y'umukuru w'itorero. Nuko rero nkuko abakuru b'itorero aribo bambere mu bayobozi b'itorero mu rwego rwo hasi, ibyo nibyo bizibandwano cyane.

Umugambi wo Kubaho kw'Itorero uturuka ku Mana ntabwo uturuka ku muntu. **Iby. 2:47 havuga hati: " Kandi uko bukeye Umwami Imana ikabongerera abakizwa."**

Igitekerezo cyo kongera abizera mw'itorero ntabwo kiva ku mbaraga z'umupasitoro, Umubwirizabutumwa, Umukuru w'urwego urwo ari rwo rwose rw'itorero. Ni igitekerezo kiba kivuye ku Uwiteka. Ni koko rero hari isano iri hagati y'agakiza no kuba umwizera w'itorero, ni cyo gituma rero isomo ryatubwiye ko Imana ubwayo ariyo yongera abizera bakijijwe mu itorero.

Itorero ry'uyu munsu rigereranywa n'inkuge mu gihe cya Nowa. Ntabwo byaba ari ukwibeshya tuvuze ko Inkuge ya Nowa yari ubwato budatunganye bitewe nuko bwari bwubatswe n'intoki z'abantu. Ariko igihe umwuzure warimbura, bwunganiye Imana mu gikorwa cyo gukiza abantu kuko bwakozwe nyuma y'igenamugambi ry'Imana. Itorero ni gahunda idashyitse kuko ikorwa n'abantu. Ariko iyo gahunda nubwo itaboneye ntibiyibuza gufasha Imana mu gukiza ubwoko bwayo kuko yabayeho nyuma y'igenamugambi ry'Imana.

Imana rero yita cyane kandi ifasha itorero kugera kuri gahunda yayo, nubwo iyo gahunda iba idatunganye. Ellen White aryungamo ati: " Ndabahamiriza

Benedata na Bashiki banjye ko itorero rya Kristo ryaba rifite intege nke cyangwa se rifite inenge ari ryo Imana ikoresha hano ku isi ngo yerekane ubutware bwayo... Iza(Imana) ubwayo hagati y'abana bayo ikoresheje Umwuka wayo." (Testimonies to Ministers, p. 15)

Itorero ryashyizweho na Kristo. - Yesu yivugaga ubwe igihe yavugaga ati: Kandi nzubaka itorero ryanjye kuri urwo rutare (Mat. 16:18). Aya magambo make avuga byibuze ingingo eshatu z'ingenzi kubyerekaye Yesu Kristo n'itorero: Yararyubatswe kandi yaryubatswe kuri we kandi nirye. Kristo ni umutwe w'itorero (Abef. 5:23). Ni we wishyiriyeho abayobozi baryo ba mbere (Mariko 3:14). Akunda itorero rye nkuko umugabo akunda umugore we (Abef. 5:25-32).

Muri Edeni, Adamu araryama. Mu rubavu rwe hari harangaye nuko Eva araboneka. I Kaluvari Adamu wa Kabiri, Yesu yararyamye. Mu rubavu rwe hari harangaye, maze Itorero riravuka. Igihe Eva yari ahagaze imbere ya Adamu, Adamu yaramukunze. Iyo itorero rihagaze neza imbere ya Kristo ararikunda. Mujye mwitondera guhinyura itorero, kuko muba muhinyura umugeni wa Kristo. Kandi nta mugabo n'umwe unezewa nuko umugore we ahinyurwa yewe bona nubwo byaba bimukwiye.

Umukristo ni wawundi ukunda Kristo kandi ushaka gukora nkuko Kristo akora. Iyo twitegereje isano iri hagati yacu n'itorero icyo tugomba kumenya nicyo Kristo yakozwe kuko icyo ari cyo natwe tuzashaka gukora. Abefeso 5:25 haravugaga hati: "Nkuko Kristo yakunze itorero akaryitangira. Muteze imbere itorero. Muvugurure itorero. Ariko ibyo bizagerwaho bwa mbere aruko mwarikunze. Kuba nka Kristo ni ugukunda itorero noneho tukaryitangira.

Itorero ni iki? - Bibliya ikoresha imvugo ngereranyo nyinshi ishaka gusobanura itorero icyo ari cyo:

ishyanga ryera, ubwoko bw'isezerano, umubiri wa Kristo, umuryango w'Imana, inzu y'abizera, umugeni wa Kristo, abatambyi b'ubwami. Itorero rishaka kuvuga iteraniro, aho abantu bateraniye. Ibi byose bishatse kuvuga iki? Mubyukuri itorero n'iki? Ubusobanuro bune:

1. *Itorero ni itsinda ry'abakristo.* Itorero ni umuryango Yesu ubwe aha ubuzima bwa gikristo. Imvugo ya kimuntu ntishobora kurisobanura nkuko riri. Nyamara nibyingenzi kumenya ko Kristo ariwe sangano ry'itorero kandi ko ariwe abantu bakurikira. Ntabwo itorero ririho kumpamvu zaryo ubwaryo nk'ikigo kindi cyose ahubwo ryashyiriwe abantu.

Itorero n'itsinda ry'abantu. Ijambo "Itorero" rimwe na rimwe risoburwa ryerekeza ku *bantu bahamagawe*, abatandukanijwe n'abandi. Nkuko tuzi rero ko abakristo arabahamagawe kuva mu by'isi bahamagariwe kuba hamwe. Idini ya Gikristo. Ntacyo rishobora kugeraho abarigize badakoreye hamwe.

Mu buryo bwumvikana itorero ntabwo ari inyubako abantu baturiramo bajye gusenga **ahubwo n'itsinda ry'abantu rihurira muri yo nyubako**. Hari akaga kihishe ko gusengera mu inyubako y'itorero itunganijwe cyane kuko imiterere y'inyubako ishobora kubesha benshi ko ubwiza bw'urusengerero bwerekana ubwiza umutima w'abarusengeramo.

Abanditsi b'amateka y'itorero batekereza ko hashobora kuba harihanywe abantu bangana na miliyoni eshanu bakinjira mu idini ya Gikristo mu gihe cy'ibinyejana bya mbere. Nyamara muri icyo gihe, ubwo itorero ryari rimaze kugera ku rugero ruhanitse, nta hantu na hamwe dusoma hatubwira iby'inyubako z'insengero. Ku rundi ruhande, mu gihe cy'imyaka y'umwijima, w'amateka

y'iby'umwuka mw'itorero, niho tubona ko Itorero ryubatse za Kiliziya n'Insengero n'izindi nyubako by'akataraboneka ubwa mbere.

Itorero rigomba gusuzumirwa ku rugero rw'abizera baryo mu by'umwuka (ubukristo), ntabwo ari kunyubako zayo z'agahano.

Itorero ntirikwiye kwibanda cyane ku mahame yaryo kurusha uko rikwiriye kwita ku bantu. Ntabwo itorero ribereyeho gukorera no kubahiriza amahame yaryo, ahubwo ribereyeho gukorera no kubahiriza abantu barigize. Buri hame ryose rikwiye kurengerwa bidatwe no gushingira ku kuri kwaryo gusa ahubwo bitewe no gushingira ku kamaro n'ubufasha bwaryo ku bantu babafasha gusa na Kristo. Ukuri n'ihame bifitiye Imana akamaro iyo bibereyeho gufasha abantu.

Nti hagombye kuba gusumbana n'uburyamirane mu itorero ry'Imana. Yesu yarigishije ati: **"Ariko mwebweho, ntimuzitwe**

Rabi: kuko umwigishwa wanyu ari umwe, namwe mwese muri abavandimwe, ahubwo uruta abandi muri mwe aje aba umugaragu wanyu". (Matt 23:8, 11). Isano iri hagati y'abayobozi n'abayoborwa mu itorero rya Kristo ntabwo ari ya sano y'Umutware n'Umugaragu, ahubwo ni iya mwene data na mushiki. Ubuyobozi rero burakenewe kandi bugomba kubahirizwa. Ariko abayobozi b'Amatorero, ushyizemo n'abayobozi b'amatorero yacu matoya, bagomba kuba abagaragu ba bandi mu miyoborere yabo.

Ntihakwiriye kuboneka ivangura mu Itorero rya Kristo rishingiye ku bwoko, umuryango, cyangwa se igitsina. **"Nta muyuda cyangwa Umugiriki, nta w'imbata n'uw'umudendezo, nta mugabo nta mugore; kuko mwese muri umwe muri Yesu -Kristo" (Gal 3:28).**

Kugira ngo dukomeze kuba abakristo, itorero rigomba guhora ryisuzuma ubwaryo kugira ngo hatwazasanga ryubatse ku Buzima gatozi bw'umuryango mugari gusa, cyangwa ku Nyubako cyangwa ryubatse ku Mahame gusa. Itorero rya Kristo ryubatse kuri Kristo kandi rikorera abantu.

2. Itorero ni itsinda ry'Abantu b'abakristo bahamagariwe kuva mu isi, bakiga gukunda Imana no gukunda mugenzi wabo nk'uko nabo ubwabo bikunda. Zirikana ingingo 3 zigize iyi nteruro ikomeye:

- a. **"Bahamagariwe kuva mu isi".** Itorero rigizwe n'Abantu bahamagawe n'Imana (1 Pet.2:9). Ryubatswe n'igikorwa cy'Imana. Abizera baryo ni **"abatoranijwe n'Imana". Ni intore zayo.** Imana ni yo ihamagara, abantu bakayitaba. Imana irahamagarira itorero ryayo kuva mu isi. Rigomba kuba mu isi, ariko nti rigomba kuba iry'isi. Itorero risa n'isi, rizagira imbaraga nkeya cyane zo kurehereza abantu kuva mu isi.

- b. **"Kwiga gukunda."** Ubukristo, cyangwa se idini rya gikristo imibereho n'ubuzima bwa ryo bwose bwubatswe ku rukundo. Impinja zavukiye muri iyi si y'icyaha, ntabwo bavutse bakundana, nti bavukanye urwo rukundo.

Bavukana ubwo bukenye bwo **gukunda**, bakavukana imbaraga zo **kubasha gukunda**, ariko ikigoranye cyane, nuko bavuka rwose buzuwemo **no kwikunda gusa**. None se umwana w'uruhinja azashobora ate kwiga gukunda?

Imana yateguye ikigo cy'ishuli, ni ryo rugo, cyangwa umuryana aho abana iyo bazengurutse n'urukundo, nabo batangira kwiga no kwimenyereza gukunda.

Abakristo babyawe ubwa kabiri cyangwa se bavutse bushya ntabwo bava muri yorodani babasha gukunda byuzuye. None se ni gute izi mpinja muri Kristo zimenyereza urukundo rwa Gikristo? Imana yashyizeho ikigo cyitwa Itorero, aho bitewe no gukikizwa n'Abakristo bakundana, bimenyereza gukunda Kristo.

Itorero ntirigomba na rimwe kwibwira ko ryo ubwa ryo, riremwe abantu bamaze kwitoza gukunda byuzuye nk'uko Abakristo bagomba gukunda. Itorero ntabwo ari inzu ndangamurage (Museum) ahubwo ni inzu y'ibarizo, imyuga n'ubukorikori. Mu nzu ndangamurage, ibibazanyo byarangije gukorwa kera cyane, biba bitondekanijwe ku murongo kugira ngo bimurikwe. Mu nzu ndangamurage, haba hatuje kuko nta bintu byinshi biba bihakorerwa. Nyamara mu nzu y'imyuga, nk'ibarizo, ku ruhande rumwe, haba hari ibibazanyo bigihangwa, bikiri ku ntangiriro, ni bya bindi twita imitege cyangwa se imishinga; bimwe biba bikozweho igice, ibindi byegereje inonosorwa. Biba biriho guhindurwa, byambikwa indi shusho, undi mubiri. Bene ibyo bintu bikunze kuboneka. Itorero na ryo rimeze rityo. Abizera baryo bategerejweho, kuri buri ntera y'ubuzima bwa gikristo, kwimenyereza kumenya neza urukundo rwa gikristo maze akaba ari rwo bahugiramo.

- c. **"Gukunda Imana na mugenzi wacu".** Itegeko rikomeye cyane rya Kristo ryari iry'uko dukunda Imana (Matt 22:37-39). Itorero ntabwo ari urubuga rwo kwidagadura no kwishimisha. Umugambi waryo wa mbere ntabwo ari kunezezanya hagati yacu, ahubwo ni gushimisha Imana. Ku rundi ruhande, intego yaryo ya kabiri ni iyo gukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda. Nta bundi buryo benemuntu bashobora kumenya niba urukundo bakunda Imana ari ruzima, rwuzuye keretse gusa iyo urwo rukundo rubafasha gukunda na hagati yabo.

Mu mushyikirano w'abizera b'Itorero, abizera baremerana kandi bakakirana kuko ari umwe muri Kristo (Abefeso 4:32). Ubumwe mw'itorero ni igihamba cya Kristo ku batari mu idini ko hari imbaraga mu butumwa.

"Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana"(Yohana 13:35).

3. Itorero ni itsinda ry'abantu b'Abakristo basohotse mu isi, bakararikira abandi nabo kuyisohokamo.

Itorero iryo ari ryo ryose, ryita ku muhamagaro waryo mu kuri, rizibonera ubwa ryo ko rihora mu ma kimbirane adashira hagati yo kwitandukanya na.....no kugera ku.....Itorero rihora ryiratura rireba ko rifite ireme ku munzani cyangwa se ko ridashyitse. Intego ya Kristo yari yuko itorero rye ryitandukanya ubwaryo na kamere y'icyaha y'isi, maze ryose, kubwo urukundo rigakwirakwira hirya no hino kw'isi **gufasha no gukiza** isi.

Rimwe na rimwe usanga Itorero rigwa mu kigeragezo cyo **kwihugiraho ubwaryo. amateraniro yaryo**, inama zaryo, inyubako zaryo, abana baryo, abizera baryo, n'ibindi n'ibindi, maze rigahora muri ibyo gusa. Itorero rya Gikristu ry'ukuri, ku rundi ruhande, rikoresha uburyo bwose rifite kugira ngo rishyikire imiryango yindi iri hanze, rikararika kandi rigacudika n'abashyitsi, rigatuma abanyabyaha bumva bakiriwe.

Kugira ngo duhorane ubukristo, itorero rigomba kugira inzego z'ubuyoboze rishyiraho, rigashyiraho urugero ruhanitse rw'ubuyobozi bw'itorero, ariko ntirishyireho na rimwe urugero urwo ari rwo rwose rw'ubusabane bwa gikristo. Niba gushyikirana n'abanyabyaha **bitabona umwanya mu itorero ryanyu, iryanyu ntabwo ari itorero rya gikristu bona nubwo ryaba ryigisha amahame ameze ate. Kuko abanyabya nk'abo igihe cyose bumvaga bisanzuye iruhande rwa Kristo.**

Ese birakwiriye ko utari umwizera cyangwa utari umukristo aza kwigira mu Itorero ryanyu? Ese hari ibintu byavugwa badashobora kumva? Ese aho abantu bashishikariza abandi kwinjira mu Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi no kugira ubuzima nk'ubwabo bashobora kuba babagora ndetse bakabananiza? Nk'umuyobozi n'Umukuru w'Itorero, reka tuvuge ko guhera uyu munsi utakiri umwizera w'Itorero ahubwo waje nk'umushyitsi gusura itorero ryawe ku nshuro ya mbere. Mbese hari ikintu kigaragara koko kibasha kukurehereza kuzagaruka muri iryo torero?

Buri mwizera wese ahamagariwe kuba umukozi/umugabura. "Nicyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa naho Imana bingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu kimbo cya Kristo kugira ngo **mwiye n'Imana"(2 Kor.5:20).**

Buri mwizera wese ugize itorero, iyo yakiriye Umwuka -Vera, yakira n'impano z'umwuka ngo zikoreshwe mu murimo wo gukiza imitima. "Imana yashyize bamwe mu Itorero: ubwa mbere intumwa, ubwa kabiri abahanuzi, ubwa gatatu abigisha, maze ishyiraho abakora ibitangaza n'abahawe impano zo gukiza indwara, n'abahawe gufasha abandi, n'abahawe gutwara, n'abahawe kuvuga indimi nyinshi.

4. Itorero ni ahantu ho kwomora no gukiza inguma n'intimba zo muri ubu buzima. Akagari k'ubuganga ko mu ishami ry'indembe zo mu bitaro, kari gafite ikimenyetso ku cyumba kivuga ngo:

" Uburibwe bushiriye aha".

Mbega ubutumwa bwiza ku nkomere n'indembe! Ibitaro bihagarika uburibwe. Mu bihugu byinshi Ibitaro birahenda cyane, ku buryo atari ahantu ho kwisukira gusa, nyamara abantu ntibibabwaza gukomeza kujoya kuko nta muntu n'umwe ushobora kureka kuja aho ari ho hose hashobora guhagarika uburibwe bwabo.

Mbega ukuntu waba ari umugisha utarondoreka buri mudiventisti w'umunsi wa karindwi abashije gukoreshwa n'umutima w'ubudahemuka agashyira ikimenyetso nk'iki ku ruhimbi rwe ngo: **" Umubabaro ushiriye aha"**. Abantu bazaza birunde **ahantu hose hashobora guhagarika uburibwe bwabo mu by'umwuka.**

Hari ubusobanuro bwinshi baha abizera bacu baguye cyangwa se babaye ibigande. Bamwe babita ab'isi, ibyigenge cyangwa se abadohotse. Nyamara ahubwo, uwo mwizera waguye, icyo kigande, uwo wadohotse mu buryo bworoheje rwose, ni wa mwizera waremerewe **n'umubabaro runaka none itorero rikaba ryaraniwe kuwumumara cyangwa se kuwuhagarika.**

None se Itorero ni iki? Umugambi waryo urushijeho gusobanukira kuri iyi shusho y'aba Banyafrika b'abashumba, ba bandi iyo intare iri ku muhigo, bagenda bahagarara ubwabo mu ruziga runini, amahembe atunze hanze. Imbere muri urwo ruziga runini, harimo akaziga gato. Muri ako kaziga gato, harimo abakecuru, abasaza abana, abarwayi n'abanyantegenke___ abo ni ba bandi intare iba iriho guhiga, ibiruka inyuma. Ariko rero urwo ruziga, iyo rukomeje kwunga ubumwe ntiruhugane, ntabwo rufatwa n'intare nta muntu n'umwe ruzimiza. Bityo intare isubiraye, ishonje.

Biblia iravugaga iti: **"Mwirinde ibishindisha, mube maso; kuko umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga, ashaka uwo aconshomera."** Itorero ni itsinda ry'Abantu b'Abakristu ashaka guconshomera".(1 (1 Pet 5:8). Itorero ni itsinda ry'abantu b'abakristu baremye uruziga rw'uburinzi no kwirwanaho hagati ya bo ubwabo na Satani. Urusika runini hagati y'umwanzi Satani no kwinginga kw'abatentebutse. "Mu izina rya Kristo turahamya ko aba ngaba ari bacu. Turitanze ubwacu ngo tube ngo tubarengere. Ntabwo ushobora kubabona!" Iri ni itorero rya Gikiristo.

Gahunda y'Itorero

Gahunda irakenewe, atari kubera ko Imana yayitegetse, ahubwo bitewe nuko itorero ryahawe inshingano z'umurimo urisagutse; bityo rero, gahunda ni ngomba kugira ngo itume ibintu bikorwa neza. Ibikorwa/imishinga bitagira gahunda birarumba. Ubutugetsu butagira gahunda buteza umwiryane n'umuvurungano. Ariko se ni iyihe gahunda itorero rikwiriye kugira?

Ingero za Biblia __ Zirikana ingero 3 za Biblia zerekana gahunda y'Itorero.

1. **Urugero rwa Isiraeli.** Gahunda ya Isiraeli yari ihamye kandi isobanutse. Mu rugendo rwabo bambuka ubutayu bagiye bacibwamo "amatsinda" (Kuba. 10::28). Bari bagabanijemo imiryango 12 kandi buri muryango ukagira igikomangoma cyawo kandi iyindi yari igabanijwemo amatsinda y'abantu ibihumbi, amajana, mirongwitanu, kugeza ku icumi. (Gutege.1:15; Kuva 18:21, 22). Buri muryango wabaga ufite imyanya wagenewe hombi, mu nkambi no mu gihe cy'urugendo.
2. **Urugero ku Mubiri.** Rumwe mu ngero zisobanutse kandi zifashije zerekana gahunda n'ubumwe bw'ingingo ruturuka ku ngero za Pawulo yagiye asubiramo kenshi ko itorero rimeze nk'umubiri. Umubiri w'abantu ufite umutwe, amaboko, amaguru, ndetse n'amano kimwe n'izindi ngingo remezo z'imbere mu mubiri (1 Kor.12:12-28). Nubwo izi ngingo zinyuranye bitangaje ku ishusho, umwanya, n'umurimo, ariko buri rugingo ni ingirakamaro cyane kandi ni ngombwa. Umubiri wose ubeshejweho nuko buri rugingo rusohozza inshingano rwahawe.

Paulo avuga ko itorero, umubiri wa Kristo, ukora mu buryo nk'ubu. Abizera, baturutse mu moko, uturere, n'amateka binyuranye, imibereho y'abantu y'ibihe byashize, usanga buri kintu kigiye kinyurana n'ikindi. Ariko byose bihinduka urugingo rw'umubiri wa Kristo, "Kuko kubwo Umwuka umwe, twese twabatirijwe mu mubiri umwe, ari Abayuda cyangwa Abagiriki, ari imbata cyangwa ab'umudendezo" (1 Kor. 12:13).

Nyuma yo kwinjira mu mubiri, buri mwizera agomba kugira umurimo wihariye agomba gukora. Umwuka -Wera arahamagarira buri wese kugira umurimo wihariye akora mu Itorero. Buri wese abashishwa n'Umwuka -Wera gukora umurimo no kuwushobora rwose. "Ariko, ibyo byose, uwo Mwuka -Wera ni we ubikorera muri bo, agabira umuntu wese uko ashaka. 1 Cor 12:11, 7"

Koko rero, nk'uko biri mu mubiri wa mwenemuntu, ko igikorwa cyose cya buri rugingo ari ingirakamaro cyane ku buzima bwiza bw'umuntu, no mu mubiri wa Kristo uruhare rwa buri mwizera ni ngombwa cyane kugira ngo itorero rirusheho kugira ubuzima bwiza. Binyuze mu gukoresha imbaraga ze n'impano ze mu by'umwuka (gabo/kobwa), buri mwizera wese ashigikiza inkunga yihariye. Niba rero, buri rugingo rukora, Itorero naryo rirashisha.

Umutwe uyobora umubiri. Kandi umutwe w'umubiri w'Itorero ni Kristo (Kol.1:18). Burya umubiri ni igikoresho cy'ubushake bw'Imana. Ukorera hano kw'isi, icyo ya(Imana) kora iramutse iri hano ku isi. Inyujije mu Mwuka wayo Wera, iha ibikoresho ngombwa buri torero ryose na buri mpano icyenewe kugira ngo umurimo yarishinze urusheho gutungana no gutera imbere.

3. **Urugero rw'Isezerano Rishya.** Urugero rw'Itorero rya mbere, rwari uko buri munsu iterambere nk'uko ryari rikenewe ryarushagaho kugaragara. Itsinda ry'itorero rya mbere ryakoze umurimo n'inama y'intumwa y'i Yerusalemu (Ibyakozwe 6:2;8:14). Uko imibare n'ubukene byarushagaho kwiyongera, ni ko abandi bayobozi batorerwaga gusimbura intumwa z'umurimo uwo bari bataramenyere neza uwo murimo bahamagarirwaga. (Ibyakozwe 6:2-4). Ubusanzwe, amatorero yo mu turere tumwe, uko bigaragara babaga bikubiye hamwe mu matsinda asa n'ibyo mu iki gihe twita intara. (Gal.1:2). Mu guhanga no gufasha aya matorero na gahunda byari byashyizweho, hariho n'uyu muburo wa Paulo, ati: "**Ariko byose bikorwe neza uko bikwiriye, no muri gahunda**"(1 Kor.14:40).

Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsu wa Karindwi ryateguye kandi rishimangira gahunda yaryo rikurikije iyi yo mu Isezerano Rishya.

Gahunda y'Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsu wa Karindwi.

— Inshingano yo Kwamamaza Ubutumwa bwiza mu isi yose ni umurimo ukomeye (Matt. 28:19, 20). Amatorero yose yemera kugeza ku rugero runaka, kuba yakora iyi nshingano. **Ariko Abadiventiste b'Umunsu wa Karindwi bonyine ni bo biyumvisha ubwabo ko iyi ari inshingano yabo bwite yo kugeza ubutumwa bw'abamalayika batatu kuri "buri muryango, buri bwoko, buri rurimi na buri gihugu".**(Ibyahi.14:6). Nuko rero, ntabwo byabura kwerekanwa kandi ngo bigaragazwe bihagije ko Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsu wa Karindwi ku isi ari ryo ryonyine, mu nzira yihariye kandi igamije intego, tugomba guhora duteguriwe gukora iyi nshingano iremereye yo kwamamaza ubutumwa mu isi yose.

Itorero iri n'iri ry'aha n'aha, ryibanda gusa ku bikorwa runaka n'ubukene burebana n'aho riri gusa, riba ryamaze guta umugambi shingiro rukumbi w'Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsu wa Karindwi.

Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsu wa Karindwi ryizera ko umurimo utazarangira mu karere kamwe kugeza igihe uzarangira kw'isi yose.

Uyu mugambi wo kubwiriza isi utuma itorero ryiha inshingano iremereye igomba kumvwa neza n'Abayobozi n'amatorero mbere yuko bashobora gushima Gahunda y'Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi:

- a) *Umurimo ni munini none na gahunda igomba kuba itunganye, ishobotse kandi ishobora gutanga umusaruro mwiza (efficient).*
- b) *Umurimo ureba isi yose (uvuye ruhande) none hagomba kuboneka ubuyobozi butoranijwe buhagije ngo buhagararire umurimo kandi buwumvikanishe kure y'aho itorero ritoya ribasha kugera ngo ribashe gukwirakwiza ubuyobozi n'abakozi hamwe n'umutungo.*
- c) *Umurimo uhujije ibihugu byinshi n'imico inyuranye; kubwo ibyo itorero rigomba koroha rikumva bose nti ryigire indakoreka.*

Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi ryabyawe n'itsinda ry'ababwiriza b'abagorozi bari batagiftiwe icyizere barahawe akato n'andi matorero yariho icyo gihe. Maze, habaho kwiyoroshya no kwemeranya ko bakwiye gutangiza irindi torero. **Mbese aho none nti ryari kuzamera nk'ayo yandi bari bamaze kuvamo? Ariko rero, impamvu n'akamaro ngombwa byatumaga iryo torero rishya rigomba kubaho bidatinze byarengeje uburemere gushidikanya benshi bari bakibifiteho.**

Zirikana "ingingo eshanu" zishyiraho gahunda y'Itorero nk'uko zirondorwa na Elina White mu nsha make, ati: "Bitewe nuko imibare yacu yiyongereye, byari ukuri ko hatariho impapuro (ifishi) z'itorero, hashobora kuzabaho urudubi n'urujijo, maze umurimo ntuzashobore kugenda neza ngo utungane.

Gutegura abagomba gukora umurimo, kuwugeza mu turere dushyashya, ngo barinde byombi amatorero n'umurimo abizera badatunganye, ngo bakomeze ubukebe n'umutungo by'itorero, ngo bite ku kwandikisha no kumenyekanisha ukuri, mu magazeti, ibinyamakuru, ngo bite no ku zindi nshingano n'ibikorwa binyuranye, **gushyiraho gahunda y'itorero byari ngombwa.**" (Ibihamya ku Bakazi, p. 26).

Imitere(uburyo) ine y'ubutegetsu bw'Itorero__ Amatorero ubusanzwe atekerezwaho kuba ateguwe kandi ayobowe akurikije bumwe muri ubu buryo bw'ubutegetsu:

1. Ubupapa (Papal), aho Nyirubutungane papa, ari we butegetsu bukuru.
2. Episkopal (Episcopal), aho ubutegetsu bwa nyuma, busigaranwa n'ababishopu b'amatorero.

3. Ikoraniro ry'Abizera, (Congregational) aho ubutegetsu bwuzuye mu nzego zabwo zose, buri mu maboko y'ikoraniro ry'abizera b'itorero.
4. Ubutegetsu buhagarariwe (Representative), aho ubutegetsu buri mu maboko y'abizera b'itorero, ariko inshingano zo gutegura iterambere ry'itorero n'ihuzabikorwa bigatorerwa izindi nzego.
Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi bubahiriza kandi bakurikiza ubu buryo bw'ubutegetsu buhagarariwe mu mitegekere y'itorero.

Umurimo kuri buri rwego mu butegetsu bw'abadiventiste b'umunsi wa karindwi ugenzurirwa" mu **nama z'inteko ziba mu bihembwe**". Muri izinama z'inteko, raporo ziratangwa, abayobozi bakarondorwa, maze bakamurika ibikorwa byakozwe n'ibigamijwe hanyuma hagatorwa n'ubuyobozi bundi bushyashya. Intumwa z'izi nteko zitoranywa n'ubutegetsu bw'itorero ritoya rikaberekana. Urugero, mbere y'uko inteko nkuru y'itorero iterana (General Conference), buri torero rito ryose ritoranya abazarihagararira bavuye mu bizera baryo muri icyo nteko nkuru.

Inzego za Gahunda y'Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi.

Hariho inzego 5 z'ubutegetsu n'inzego 4 z'urutonde rwemewe rw'ubuyobozi bw'Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi. Izo nzego 4 z'urutonde rw'ubuyobozi ni izi:

1. Itorero, igikongote giteguwe cy'abantu bizera.

Iyo itsinda ritari ryahinduka itorero ryongereye umubare w'abizera kandi rigakura cyane mu by'umwuka, rikerekana impano z'umwuka zihagije zirifasha kugaburira umukumbi waryo, no guhamya mu miryango irigize, rikaba ribasha kwerekana ko rifite umutungo uhagije wo kwishyigikira no kwibeshaho ubwaryo, ryabasha gusaba misiyoni iryegereye/intara/Field kuriha itegeko nyobozi(status) atuma rikora nk'itorero rifite ubuyobozi bwuzuye kandi bwemewe no gushyirwa ku rutonde rw'andi matorero basangiye kwizera.

Mbere y'icyo gihe, iryo tsinda ribigiyeho inama na Pasteur cyangwa abandi bayobozi ba Field/Misiyoni bemeza ko hakwiye banza kuba Company/Ishami. Iyo ntara yigenga/Field inyuzwe nuko ishami nk'iryo ryegurirwa ubuzima gatozi bw'itorero ryemewe, umuyobozi w'intara /Field /Conference azahamagarira ryashami guteranira hamwe maze ryegurirwe ububasha bwo gukora nk'itorero rindi risanzwe.

2. Field/Mission/Association, ni igikongote cy'amatorero ari Leta, akarere, cyangwa, Igihugu.

3. *Union Conference/Union Mission*, ni igikongote cya Conferences cyangwa Fields/Associations ziri mu karere kagari k'igihugu.

4. *General Conference/Inteko Nkuru Rusange*, ni urwego rugari rw'ubuyobozi bw'Itorero rushinze intebe i Washington D.C area, rukaba rutegekera/ruyoborera mu turere twerekanwe na carte y'Ibihugu (map) bigize za Divisions zayo.

Ibigo.— **Ntabwo Intego igamijwe** y'Itorero ry'Abadventiste b'Umunsi wa Karindwi, yaba ituzuye uramutse wanze kuvuga ibigo by'Itorero. Kuva Itorero ryabaho, mu rutonde rw'ubuyobozi hagiye hagaragaramo, urwego rw'uburezi, ubuzima, Kwandika ibitabo ndetse n'ibindi bigo, bifite gahunda yihariye, ariko bishyiriweho kugira akamaro gakomeye mu gusohozza inshingano z'Itorero.

Ubutegetsi bw'**Inteko Nkuru (G.C)**. Inteko Nkuru (GC) y'Igiterane (Session), ndetse n'inama Nyubahiriza tegeko hagati y'ibiterane, ni rwo rwego rw'ikirenga mu mitegekere y'umurimo cyangwa ibikorwa by'Itorero ry'isi yose. Umuhanuzi Ellen White yatanze inama ati: "Nti bikabeho ko ubwenge bw'umuntu umwe cyangwa intekerezo z'abantu bakeya bikwiriye gufatwa ko bihagije ubwa byo mu bwenge n'ububasha kugenzura umurimo no kwemeza intego n'imigambi bigomba gukurikizwa. Ariko iyo, mu nteko nkuru rusange, ishungura n'iheshagaciro by'abavandimwe bateranye bavuye mu mpande zose bimaze gukoreshwa, ibyihariye, n'izindi ntekerezo rusange ntabwo biba bigipfuye kwemezwa mu buryo bw'ubuhubutsi, ahubwo biraganirwa, kumasha kukaba ukw'inama ya bose". (Ibihamya, umuzingo wa 9, p. 260).

Imitungo. Umuryango mugari nk'Itorero ry'Abadventiste b'umunsi wa karindwi, ntabwo washobora gukora; keretse gusa ufite uburyo bwiza bw'icungamutungo. Nubwo itorero rifite inyungu ntoya mu bakire b'iyi si, rikeneye amafranga yo gukoresha mu murimo w'ivugabutumwa rivuye ruhande kw'isi yose.

Umugabane munini w'inyungu y'Itorero, ukomoka ku cya cumi kiva mu bizera, bakurikira umugambi w'Imana bakiranutse kandi bagatanga icya cumi cy'ibyo bungutse ngo bishyigikire itorero mu murimo waryo (Mal. 3:10). Umwihariko umwe w'Ubudiventisti, ni uko mu gihe field runaka, iriho gukoresha umugabane w'icya cumi cy'idolari guhamba abapasitoro bo muri ako karere, hanyuma purusa

zindi zigaragara zoherezwa kuri buri rwego rw'ubutegets i bw'Itorero ngo zisaranganywe muri gahunda y'imirimo n'ubutumwa n'umushinga wo gukiza imitima mu isi yose. Ubu buryo bwo gusaranganya amafranga yatanzwe mu matorero matoya n'igihamba kigaragara cy'imyizerere y'Itorero rinini ry'isi yose.

Izindi nyungu nyinshi ziboneka mu maturo anyuranye y'Itorero. Amateraniriro makuru, ayobowe n'amatorero mu makoraniriro yabo matoya, afasha mu bikorwa by'ubugiraneza n'intego z'uburezi bw' itorero.

Akamaro k'Umuyobozi w'Itorero

Itorero, kimwe n'irindi shyirahamwe ryose, risagamba gusa, igihe hariho ubuyobozi bwiza. Yesu -Kristo ni we muyobozi w'imena w'Itorero (Abef 1:23; Kol 1:18). Mu busobanuro bumwe, itorero ni ubwami kandi Kristo ni we Mwami wabwo. Kristo, ni we utegura, utoranya, kandi agatoranyiriza abandi ku mukorera bayobora Itorero rye.

Ibyanditswe bitwibutsa iby'Abayobozi b'abanyembaraga n'intwari nka Mose, Eliya, Daniel, Petero na Paulo. icyakora ni ikosa gutekereza ko **"amazina akomeye" "ibihangange"** ari byo bayobozi bonyine bakoreraga itorero. Hari ho urundi rwego rw'ubuyobozi rukorera mu Byanditswe, kandetse nubwo rwagenzurwaga cyane, rwafashije bikomeye iterambere ry'Itorero.

Urwego rwa kabiri rw'ubuyobozi rwari rwaratanze na abayobozi bo mu matorero matoya. Ijambo **"umuyobozi" rikoreshejwe inshuro 194 muri Bibliya yitiriwe Umwami James** ubusanze rikaba rihishura intera cyangwa se umwanya w'ubuyobozi bw'itorero. Ryongera gukoreshwa izindi nshuro nyinshi mu Isezerano rya Cyera kurenza mu Isezerano Rishya. Kubera ko bakoraga bakiranutse mu masinagogi/insengero zabo ndetse no mu miryango yabo ya Gikristo yatataniye hirya no hino ku isi, aba bayobozi, bakoranaga na rubanda, bari babumbatiye hamwe itorero ry'Imana kandi bafashije guhozaho inshingano z'umurimo w'Imana mu isi.

Abayobozi bo mu Isezerano rya Kera.____ Iyi nyito umuyobozi mu isezerano rya kera ntabwo byanze bikunze ishatse gusobanura **umukambwe**, ahubwo igaragaza ko ari umuntu ukuze mu bitekerezo kandi w'inararibonye. Yerekana abo bafite imirimo beguriwe ku mugaragaro na rubanda izwi, isobanutse cyane cyane nk'abatware b'imiryango n'amoko (Itang. 50:7; Kuva 3:16; 2 Sam. 5:3)

Ubwo Mose yageragezaga kwirundanyaho inshingano zose z'ubuyobozi/ubutegets, Imana yavuganye nawe ibinyujije mu **mugaragu wayo Yetero, Sebukwe. Dushingiye kuri iryo gerageza rya Mose ryo kwigerekaho umusaraba wo kuyobora ubwoko bwa Israeli wenyine; Yetero yaravuze ati:** "Ibintu ukora ntabwo ari byiza. Mwembi, wowe n'ubu bwoko buri kumwe na we mu kuri bazakuyobwa, bakunanize. Kubera ko ibyo bintu ni byinshi kuri wowe, kandi birakuremereye. Ntabwo ushobora kubikora byose wenyine" (Kuva 18:17,18). Muri ubu buzima bwabonetse kera cyane mu mateka y'ishyamba rya Israeli, Imana yariho kwigisha ubwoko bwayo isomo, abayobozi benshi na bugingo n'ubu bagikeneye kwigishwa ubutegets, bw'ubuyobozi iteka ryose bugomba gutorerwa. Inshingano z'ubuyobozi n'ubutegets zigomba gusaranganywa.

Nuko, Imana ibwira Mose iti:" Ntoraniriza abantu mirongwirindwi bo mu bakuru b'Isirael, abo uzi ko ari abakuru b'abantu koko n'abatware babo, ubazane ku ihema ry'ibonaniro, bahagararaneho na we. Nanjye ndi bumanuke mvuganireyo nawe, nende ku Mwuka ukuriho, mubashyireho; na bo bazajya bahekana na we uwo mutwara w'abantu, we kuwuhuka, wenyine.(Kubara 11:16, 17).

Umwuka w'ubuhanuzi utubwira byinshi byerekeye n'ibikenewe kuri aba bayobozi, "Ubwo batoranyaga ba bakuru mirongwirindwi ngo basangire izo nshingano z'ubuyobozi, Mose yashoboye rwose kubatoranya, kimwe n'abafasha be, abantu bafite igitinyiro, intekerezo nzima, kandi b'inararibonye. Ubwo yashyikirizaga umurimo we aba bakuru, igihe basigwaga amavuta, yagaragaje imiterere imwe n'imwe ikwiriye umuntu kugira ngo abe umuyobozi w'umunyabwenge mu itorero.

'Umva ibibazo biri hagati mu bavandimwe banyu", ni ko Mose yavuze kandi' uce imanza ukiranuka hagati y'umuntu wese n'umuvandimwe we, ndetse n'umunyamahanga uri hamwe na we.'Ntuzubahe abantu bari mu rubanza; ahubwo uzumve umuto nk'umukuru; ntuzagire ubwoba ngutinye mu maso h'umuntu; kuko urubanza ari urw'Imana". (Ibyakozwe n'Intumwa, p.94).

Abayobozi bakomezaga gukora neza inshingano nk'izo muri Isirael kugeza ku gihe cya Kristo (Mat. 15:2; 21:23; 26:3, 47).

Abayobozi/Abakuru bo mu Isezerano Rishya.____ Isezerano Rishya rivuga iby'umurimo w'Umuyobozi/Umukuru ko ari umurimo mwiza.(1 Tim 3:1, NIV, RSV). Mu isezerano Rishya, amagambo "umukuru, " "bishop", na "overseer" ashobora gukoreshwa asimburana(1Tim 3:1-7); Tito 1:5-9; Ibyakozwe 20:17, 28). Iyi nyito ntabwo irata igihe cy'ubukuru bw'umuyobozi, ahubwo iragaragaza akamaro, inshingano bye nk'umushumba w'iby'umwuka w'abizera cyangwa se Itorero (1 Pet. 5:A-3).

Ibiro by'Umukuru w'Itorero mu Itorero ryo mu isezerano rishya, byagiye bigaragazwa ko ari ibiro by'umukuru wo mu Bayuda, kandi byubahirizwaga bityo, bigahabwa ubutware nk'ubwo.

Mu buryo bugaragara, **abakuru b'itorero**, batangiye kubaho neza, uherye mu ntangiriro z'ibihe by'Itorero rya Gikristo. Mu AD 44, bari baramaze kubaho mu matorero, urugero ni itorero ry'i Yerusalemu (Ibyakozwe 11:30). Ku rugendo rwe rw'ivugabutumwa rwa mbere, Pawulo" yashyize abakuru b'itorero muri buri torero" (Ibyakozwe 14:23). Abakuru b'Amatorero, bashyirwaga hamwe n'Intumwa mu mitegekere y'Itorero (Ibyakozwe 15:2, 4, 6, 22, 23; 16:4). Bari abakuru cyangwa abagenzuzi b'amatorero matoya (Ibyakozwe 20:17, 28; Titus 1:5; Yakobo 5:127; Tito 1:9; Yakobo 5:14; 1 Pet. 5:1-4).

Bitaga ku mibereho y'iby'umwuka y'itorero n'abizera, bagakurikiza amategeko kandi bagatanga amabwiriza.

Yakobo 5:127; Tito 1:9; Yakobo 5:14; 1 Pet. 5:1-4)

Mu Byanditswe hatwereka ko hariho uburyo 2 bw'imiyoborere mu Itorero ry'Isezerano Rishya. Iyo miyoborere ni yo y'iyi:

- 1) Intumwa zitaga cyane ku nyigisho z'abana, iteganyamigambi, ubutegetsi, n'ibwirizabutumwa mu itorero. Aba kandi bari abakozi bahoraho ibikorwa byabo rimwe na rimwe byageraga kure bikarenga imipaka y'igihugu.
- 2) Abakuru b'Itorero bari abakorerabushake, bakagira n'inshingano bitangiye z'ubugabura mu matorero yabo. Aba bayobozi bakiranuka bakoresheje impano zabo mu by'umwuka bayobora maze batanga umusaruro w'umurimo mwiza wahaye imbaraga n'icyerekezo andi matorero.

Abayobozi b'Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi. Mu gihe cy'Imyaka y'Umwijima, ubutegetsi bw'itorero bwiganzuriye rwose umurimo wose w'Itorero. Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi riracyarwana kugira ngo rineshe iyo migenzo ya gipagani yo mu gihe cy'umwijima, rishishikajwe cyane no gushimangira amahame ya Bibliya ko abizera bose ari abakozi b'Imana (Ef 4:11-12). Abizera muri rusange n'abayobozi mu buryo bwihariye bashaka imigambi ikomeye y'umumaro wabo n'inshingano mu itorero n'umurimo waryo.

Amateka y'Abayobozi/Abakuru b'Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi.

Umurimo w'umuyobozi wagiye urushaho kwaguka uko bigaragara usobanurwa n'inshamake y'amateka y'Itorero ry'Abadiventist b'Umunsi wa karindwi. Igitabo nkoranyamateka (Encyclopedia) kiranga iterambere ry'abayobozi b'Abadiventisti gitya kiti: "Amatorero ya mbere ya kera asa naho yatoye abadiyakoni, ariko ntabwo ari abayobozi. Mu 1854 na 1855, Yosefu Bates na Y.B. Frisbie banditse ku miterere ibiri y'abayobozi b'Itorero ba mbere, bamwe bagendaga cyane bava ku itorero rimwe bajya ku rindi na bandi bari bafite inshingano z'ubushumba bita ku itorero rimwe.

Mu 1861, J.N. Loughborough, Moses Hull, na M. E. Cornell basabwe kwimbika bashakashaka urugero rwa Bibliya ku mitunganirize y'Itorero. Baje kwanzura ko itora n'iyezwa ry'abayobozi n'abadiyakoni mu matorero byari byarasobanuwe ku mugaragaro na Bibliya.

Mu 1874, G.I. Butler yanditse ko umurimo w'umuyobozi/umukuru wamenyekanye ugahabwa agaciro ko ari wo w'agaciro mu itorero. Ububasha bw'umukuru nazo zari zifite urubibi, kandi ko, umubiri w'itorero (Itorero ryose) ni wo wari urwego rukuru rw'itorero.

Mu 1875, itorero ryaje kwemeranya ko abakuru b'itorero baja basura abizera, bashaka abazimira/bava mu itorero, ibigande, bakabatiza ndetse bakayobora n'imihango mu gihe umubwirizabutumwa wabitoranirijwe adahari, hanyuma bakayobora n'inama z'imirimo n'ibikorwa by'itorero.

Kanuni za Kanisa (Inyunganizi y'Itorero), muri iki gihe cya none itegeka ibi bikurikira: "Mu murimo n'imitunganirizwe y'itorero, niba Pasitoro ataragenwe n'ubuyobozi bwa Field/Misiyoni, urwego rw'imirimo y'umukuru w'itorero ni rwo rukuru kandi rw'ingenzi cyane."

Mu myaka ya vuba ha, Itorero ry'isi yose ryafashe icyemezo ko aho Inama za Divisiyo zemeje, n'aho itorero ryihariye ryemeranyaho, ko abategarugori bashobora guhabwa inshingano/umurimo w'ubukuru bw'itorero nk'abandi bakuru b'itorero bandi.

Icyiciro cy'Imirimo y'Itorero cyahawe inshingano yo kwegurira ubuyobozi bwacyo gushyigikira no gutoza abayobozi b' amatorero. Ishyirahamwe/Field rikora ibingibi ribyumvikanyeho kandi rifatanije n'Icyiciro cy'Imirimo y'Itorero kimwe n'ibindi byiciro. Umugambi ni kwongera imbaraga, kwitanga, guhamya no kugaburira abapasitoro n'abakuru b'itorero bamaze kumasha bo muri iryo tsinda, kugira ngo nabo bazabe isoko y'ubuyobozi bwubatswe ku mwuka w'Imana amatorero yacu asonzeye cyane.

***Agatabo k'Umukuru w'Itorero (Elder's Digest)* ni igitabo cy'Icyiciro cy'Imirimo y'Itorero kigenewe Abakuru b'Amatorero gusa. Abakuru b'Amatorero rero, bararikiwe kwiandikisha ku baguzi b'iki kinyamakuru, ndetse Field n'intara zimwe na zimwe zijya zibandikira ubuntu, zikabitangira ubuntu ku Bakuru b'itorero babo. *Ikinyamakuru cy'Umukozi* ni iyindi soko nziza y'ubumenyi bw'abakuru b'itorero ifasha mu murimo ndetse ikabasha gutangwa nk'ibindi. Ikigo Gishinzwe Gukwirakwiza Ibikoresho by'Umurimo mu Nteko Nkuru (General Conference) gihora giteganirije ibitabo n'ibindi bikoresho abakuru b'itorero. Hari ikindi gitabo ngombwa kirimo gutegurwa kizajya gifasha abakuru b'itorero mu gihe bategura ibibwirizwa.**

Ibikoresho n'ibitabo by'amahugurwa biriho gutegurwa ngo bizashyikirizwe Abanyamabanga b'Ibyiciro by'Imirimo y'itorero n'abapasitoro b' amatorero kugira ngo bajye babyiyambaza mu gihe cy'amahugurwa y'abakuru b'itorero.

***Itorero rishingiye ku bayobozi.* Kw'Isabato runaka, biragaragara ko ibibwirizwa byinshi by'Amatorero y'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi byigishwa n'Abakuru b'Itorero ari byo byinshi cyane kurusha ibibwirizwa n'Abapasitoro ndetse n'imihango yo gusenga myinshi ari iyoborwa n'abakuru b'itorero kurenza abapasitoro. Dufite gusa abakozi 17.000 biteguye gufasha abantu basaga miriyoni 7 z'Abizera b'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi.**

Igihe rero dukuyemo abo bakozi ngo nuko batari mu rwego rw'abagabura b'abapasitoro, buri wese ashobora guhita atahura icyuho cyangwa se igihombo twagwamo cyo kubura abagabura b'ibyiza.

Ndetse no muri Amerika y'Amajyaruguru, aho itorero ryashinze imizi rigasagamba cyane, ndetse rikaba rifite gahunda ihamye kuva cyera, umubare munini w'amatorero ufite nabura abizera 100. Amatorero matoya ubusanzwe asangira umupasitoro wayo n'andi matorero ayazengurutse basangiye kwizera, kandi abakuru b'amatorero baho bashobora kuyobora umuhango uwo ari wo wose mu gihe pasitoro adahari.

Nubwo Pasitoro yaba ahari igihe cyose cyangwa se itorero ari rigari cyane ku buryo rikeneye aba pasitoro barenze umwe, ubukene bw'itorero n'abizera baryo, bwarushaho kugwira cyane, ntibuzashire na rimwe, habayeho kuvuga ko buri murimo wose wo mu itorero n'abizera ukwiriye gukorwa n'abapasitoro gusa ndetse ukurikije Gahunda ya Bibliya usanga ko bitashoboka. Keretse gusa, binyuze mu murimo ukiranuka w'abakuru b'amatorero akikije niho itorero rishobora gusagamba.

Kuba hakenewe itsinda ry'abapasitoro/Abakuru b'amatorero b'abakozi n'abanyamwete, ni kindi kintu ngombwa kugirango habeho iterambere ry'ibihugu. Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi, riratera imbere vuba cyane muri iki gihe kurenza ikindi gihe cya cyera. Amatwara y'ubudiventisti ubusanzwe atanga n'inzira y'iterambere.

Abihannye vuba nabo bazajya baha uburyo bushya buhagije, itorero maze ribahe abapasitoro; ariko mu ntangiriro, igihe ibyo bitaraba, ntibashobora kubibasha. Kubwo ibyo rero, abapasitoro bagomba kugenzura uwo mubare munini w'amatorero anyuranye ari mu ntara. Bashobora kuzajya basura itorero ryatanze runaka gusa buri mezi abiri cyangwa se atatu. Keretse gusa, umurimo ukiranuka w'abakuru b'amatorero utuma ayo matorero akomeza kubaho kandi afite amagara mazima mu by'umwuka.

Itorero ry'isi yose ryegereje icyagati cy'umubatizo kingana n'imitima 1/2 cya miliyoni ku mwaka, hamwe n'icyegeranyo cy'abizera bashya bari ahantu abapasitoro bake bashobora kuboneka. Mbese ni nde uzabayobora? Igiteye ibyiringiro ni uko ba batojeje, kandi bakeza abayobozi n'abakuru b'itorero. Dushingiye ku igabanuka ry'ijanisha ry'abakozi bahembwa kuri buri mwizera, hamwe no gusobanukirwa neza guhoraho kw'umurimo uri mbere Imana ihamagarira Abakuru b'Itorero, Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi muri iki gihe cya none rinejewe no kwakira neza imbaraga n'ingabire by'abayobozi n'abakuru b'itorero baryo kurenza ikindi gihe.

IGICE CYA 1

Imfashanyigisho

Icyitonderwa

Imikorere na gahunda byashyizweho n'Imana, byombi biri mu irema no mu Itorero ryayo. Abayobozi b'Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa karindwi ni

UKO URUSHAHO GUSOMA iki gice shaka kwongera ubusobanuro bunyomoye bw'icyo itorero ari cyo. Ibaze ubwawe iki kibazo, "Ni akahe kamaro k'umukuru w'itorero muri gahunda y'itorero?" "Ni buriyo ki umurimo w'umukuru w'itorero ari ingirakamaro cyane kw'itorero?"

MENYA IBI:

- Gahunda irakenewe, bidatewe nuko Imana yayishyizeho, ahubwo bitewe nuko Itorero ryahawe umurimo nk'uyu uremereye cyane, none rero gahunda akaba ari ngombwa kugira ngo ibintu byose bibashe gukorwa. Imiterere y'urutonde rw'ubuyobozi bw'Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa karindwi ihamagariwe kuba (yagombye kuba) myiza, ihagarariwe kandi yumva buri wese.
- Itorero rishingiye ku bayobozi/ Abakuru b'itorero baryo ngo bayobore amateraniro/imihango yo gusenga, gukenura umukumbi no gutera inkunga abizera baryo, ndetse no gusohoza inshingano zaryo hirya no hino ku isi. Keretse gusa binyuze mu murimo ukiranuka wawe nk'umuyobozi w'itorero, niho itorero rishobora gusagamba.

Gusa umurimo ukiranuka w'abakuru b'itorero ni wo ushobora gutuma amatorero yacu aramba, akagira ubuzima bwiza muri byose.

- Intego ya mbere y'itorero iteka ryose igomba kuba abantu n'agakiza kabo.
- Itorero ryose ribyitayeho rihora ryibona mu ntambara ihoraho hagati yo kwitandukanya n'isi no gushyikirana n'isi. Itorero rizita ku kindi kintu kitari icyo ngicyo rizagwa munsu y'umunzani.
- Ibuka ko Itorero ari itsinda ry'abantu bari ku ntera zinyuranye z'urugero rw'iterambere mu by'umwuka.

ITOZE:

1. Biblia ikoresha ijambo "Itorero" nabura mu buryo bubiri:

1) mu busobanuro bwa _____, risobanura itorero mpuzamahanga cyangwa se itorero ry'isi yose.

2) mu busobanuro bwa _____, itorero ryaba risobanura, itorero ryihariye runaka ry'ahantu aha n'aha.

2. "Itorero ni itsinda ry'abantu b'Abakristo bahamagariwe kuva mu isi, bakiga gukunda Imana n'abagenzi babo." Zirikana cyane iyi migabane itatu:

- 1) Bahamagariwe kuva _____
- 2) Bakiga _____
- 3) Gukunda _____ na _____ abandi

3. Tondekanya ingero 3 zo muri Bibliya za Gahunda y'Itorero:

Icyitonderwa

1) _____
Urugero rwa gahunda y'Isirayeli yari ihamye kandi isobanutse.

2) Urugero rwa _____
Nubwo hari ingingo zinyuranye, buri rugingo ni ingirakamaro. Umubiri wose ukeneye buri rugingo kugira ngo rusohoze umurimo warwo.

3) Urugero rwa _____
Nonese ni ku ruhe rugero Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi ryashingiyeho Gahunda yaryo?

Abadiventiste bafite intego imwe rukumbi kandi yihariye kw'isi; ni iyo guhamagarira abantu kumva ubutumwa bwiza no gusangira ubutumwa bw'Abamalayika batatu. Iyi ntego bafitiye isi yose itwibutsa ko hari umurimo munini cyane ko kubera izo mpamvu gahunda yagombye kuba nziza, itunganye kuko umurimo ari uw'isi yose, ukaba uvuye ruhande.

Itorero na Gahunda yaryo

4) Tondekanya ingingo 5 zituma hagomba kubaho Gahunda y'Ubuyobozi bw'Itorero nk'uko zatanze na Ellen White.

- 1) _____
- 2) _____
- 3) _____
- 4) _____
- 5) _____

5) Tondekanya ishusho/imiterere 4 y'ubutegetsu bw'itorero:

- 1) _____
- 2) _____
- 3) _____
- 4) _____

Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi bakurikiza ishusho/imiterere y'ubutegetsu bw'Itorero bwa_____

Icyitonderwa

6) Tondekanya inzego/intera 5 za gahunda y'Abadiventist :

- 1) _____.
- 2) _____ cyangwa _____ /
- 3) _____ cyangwa _____ /
- 4) _____
- 5) _____.

Hariho umubare w'ibigo bifite uruhare rukomeye mu myubakirwe y'Itorero nk'uburezi, ubuzima, icapiro, kimwe n'ibindi byiciro, nubwo, gahunda zabyo ziba zinyuranye, ariko byashyiriweho kuba inyunganizi ikomeye cyane mu gusohozza inshingano z'Itorero.

Tuvuye kuri iyi Ngingo: Turebe Akamaro k'Umuyobozi w'Itorero

1. Itorero risagamba gusa igihe hariho ubuyobozi _____
2. Vuga mu ncamake umurimo w'Umukuru w'Itorero mu gihe _____ cy'Isezerano rya Kera: _____

3. Vuga mu ncamake umurimo w'Umukuru w'Itorero mu gihe _____ cy'Isezerano Rishya: _____

KORA IBI BIKURIKIRA:

1. Tekereza ko wowe waba utari usanzwe uri umwizera, ukaba waje gusura Itorero ryawe bwa mbere. Mbese wasobanukirwa na buri kintu cyavuzwe, Ese wa kumva wakiriwe, wisanzuye? Mbese wakumva usobanukiwe

Mbese aho nta kintu cyakunaniza cyangwa se kikaguca intege ntuzongere kugaruka?

2. Tekereza noneho ko uri Umwizera mushya w'Umudiventiste w'umunsi wa Karindwi. Mbese wakumva wakiriwe, wisanzuye? Mbese washobora gusobanukirwa na buri kintu cyose cyavuzwe? Mbese nta kintu cyakunaniza, cyaguca intege maze ntuzongere kugaruka ukundi?
3. Tekereza ko uri umushyitsi w'Umudiventiste w'umunsi wa Karindwi. Wakumva wakiriwe neza? Wakumva usobanukiwe na buri kintu cyose cyavuzwe? Mbese haba hari ikintu cyagutera ipfunwe cyangwa se kikaguca intege zo kuzagaruka?
4. Mbese aho haba hari ibintu bikorwa cyangwa se bidakorwa, bibasha gufasha umuntu gusanga Yesu n'Itorero rye? Mbese, haba hari ibintu byakozwe cyangwa bikorwa bishobora kuvana umuntu kuri Yesu n'Itorero rye?

IGICE CYA 1

Icyitonderwa

URUBUGA NYUNGURANA BITEKEREZO

Ibibazo byagenewe Amatsinda

1. Ni ki iri jambo" Umuyobozi ufasha" risobanura kuri wowe?
2. Ni gute ushobora kwerekana ko"uri umuyobozi ufasha"?
3. Ni buryo ki Umuyobozi ashobora gufasha abantu gukomeza kwiga gukunda abandi?
4. Mbese itorero ryawe ryerekeza cyane amaso ku kwitandukanya n'isi cyangwa ku gushyikira isi? Ni ikihe, ukurikije intekerezo zawe, cyaba ingenzi kurusha ikindi?
5. Ni buryo ki mu itorero ryawe ushobora kubafasha kugumana izi ntekerezo zombi, ku rugero rwiza zitabangamiranye?
6. Kuki gahunda y'ubutegetsi/ubuyobozi ari ngombwa mu Itorero?
7. Ni mu zihe nzira washobora gufasha neza Itorero ryawe?
8. Ni ryari ushobora kuvuga ko umuyobozi atunganiwe neza mu buyobozi bw'Itorero?



IGICE CYA 2

UMUHAMAGARO W'UMUKURU W'ITORERO N'INDANGABUSHOBOZI ZE

Umuhamagaro n'Itorwa

Buri mwizera wese wo mu Itorero ry'Imana yahamagariwe kugira umurimo akora. Bose bagize umugabane w'ubutambyi bw'Abizera bahamagariwe kuva muri iyi si kugira ngo bakorere Kristo. Uwo murimo w'ubutambyi ufiteye abizera bo mu itorero n'abo hanze. Abakuru b'itorero kimwe n'abandi bizera bagize itorero rya Kristo, bahamagawe n'Imana ngo bakore umurimo wayo. Mu by'ukuri hariho imigabane ibiri yo gutoranywa kw'abakuru b'itorero: **(1) bahamagarwa n'Imana .** **(2) bagatoranywa n'itorero babarwamo.**

Bahamagawe n'Imana . Umuhamagaro wo kuba umukuru w'itorero ni umuhamagaro uva ku Mana. Iyo itorero ribonye abantu bafite impano z'ubuyobozi ribatorera umwanya w'ubuyobozi; Imana itanga impano zose za ngombwa, kandi igaha n'itorero uburyo bwo kubatoranyiriza umwanya muri ryo. Abakuru b'itorero basobanukirwa yuko uguhamagarwa kwabo guturuka ku Mana mbere na mbere, bazahora bishimira yuko inshingano z'ubuyobozi bwabo zikomeye kandi ko ari ingirakamaro.

Gutorwa n'itorero/Abizera. Abakuru b'itorero biyumvamo ko bahamagawe n'Imana, bumva ko nta mwanya w'icyubahiro cyangwa ubushobozi bafite keretse gusa bamaze gutorwa n'abizera b'itorero. Ubukuru bw'itorero ntibukwiriye guhabwa abantu bararikira uwo mwanya bagamije kwibonera ubutegetsu cyangwa se inzira yo kwireherezaho abantu. Abakuru b'itorero ntibakwiye gutorerwa ko bari basanzwe bakora indi mirimo ikomeye mu miryango ya leta n'ahandi. Ntabwo bagomba gutorwa bashingiye ku mpamvu zuko binjiza/ bazana amafrangwa menshi mw' itorero. Abakuru b'itorero batorerwa ko itorero ribona ko bahamagawe n'Imana, kandi rikababonamo indangabushobozi ngombwa zibabashisha gusohozza imirimo yabo.

Ubusanzwe, abakuru b'itorero batorerwa gukora uwo murimo igihe kingana n'umwaka umwe. Itorero ribasha kongera kubatora, nyamara si itegeko ridakuka ko bongera gutorwa. Abatongeye gutorerwa uwo murimo nta bushobozi baba bagifite bwo kuyobora itorero ngo ni uko bitwaje ko bigeze gukora uwo murimo kandi bakaba bararambitsweho ibiganza.

Urutonde rw'Inshingano z'Umukuru w'Itorero

Itandukaniro rinini cyane riboneka hagati y'abakuru b'itorero bo mu migabane itari imwe y'isi no mu matorero arutana ku mubare w'abizera, ubumenyi, ubujijuke n'amajyambere, rituma kwemeza urugereko rw'inshingano z'umukuru w'itorero bigorana cyane. Bamwe mu bakuru b'itorero b'Abadiventiste usanga gusoma no kwandika bibagora. Abandi ugasanga ari ba Dogiteri, Inzobere mu by'Amategeko, Abacamanza, Avocat na ba Injiniyeri(Abahanga mu Ikoranabuhanga n'Ubumenyi). Abakuru b'itorero bakorera mu buryo n'ibihe binyuranye cyane. Bamwe usanga kubwiriza kwabo ari ingume. Abandi ugasanga babwiriza hafi buri cyumweru.

Ubusanzwe, urugereko rw'inshingano z' abakuru b'itorero bagomba gukora rugizwe ahanini n'inshingano eshanu:

- (1) Ubunini bw'itorero/Abizera uyobora.
- (2) Kuboneka kwa Pastoro (niba ahari cyangwa se adahari)
- (3) Umugambi wa Pasitoro wo gushyiraho abakuru b'itorero no kubakoresha.
- (4) Impano zifitwe n'abakuru b'itorero.
- (5) Ubushake bwo gukora umurimo abo bakuru b'itorero bafite.

Turabanza kuvuga ibikorwa rusange by'abakuru b'itorero hafi ya bose, hanyuma turebe ibyakorwa mu itorero rito, maze duherutse ibyakorwa mu itorero runini cyane.

Imirimo rusange y'Umukuru w'Itorero. Ntabwo Bibliya ivuga binononsoye urutonde rw'imirimo y'abakuru b'itorero bagomba gukora. Ndetse nta n'ubwo twasobanura bisesuye icyo ijambo "umukuru w'itorero" risobanuye muri aya masomo asobanura Gahunda y'Itorero mu Isezerano Rishya. Rimwe na rimwe iryo jambo riba rivuga umuntu ukuze. Ubundi ryerekeza ku muntu umwe wo mu ntumwa (2 Yoh :1;3 Yoh 1:1). Ubundi rikavuga abayobozi b'amatorero batari mu mubare w'intumwa 12 (Ibyakozwe 15:2,4,6). Rero iyo ushyize hamwe amasomo yose yo mu Isezerano rishya avuga urutonde rw'imirimo y'umukuru w'itorero, nibwo ubasha gusobanukirwa n'umurimo w'abakuru b'amatorero:

1. Abakuru boherezwaga muri buri torero, kandi bakoze umurimo w'ingenzi mu itorero rya mbere.
(Ibyakozwe 14:23; Tito 1:5).
2. Barubahwaga cyane (1 Tim. 5:17, 19; 3:1).
3. Bari bafite inshingano zikomeye z'ubuyobozi n'ubutegetsi bw'itorero (Ibyak 10:30;15:2,4,22,23; 16:4; 20:17; 20:28; 18; 22:5)

4. **Batangaga ubuyobozi mu byo gusabira abarwayi no kubasiga amavuta (Yak. 5:14)**
5. **Bagombaga kuba abungeri, (badakorera inyungu zabo, kandi badatwaza igitugu) ahubwo abahagarikira imirimo kandi b'intangarugero.**

Mu ncamake, ibyo abakuru bagomba gukora biri mu migabane itatu:

Ubuyobozi mu by'Umwuka. Abakuru b'itorero bagomba kubahwa n'abizera b'itorero, kandi bagomba kuba abantu bazi kuvuga neza. Nyamara kandi, nti bagomba gutorwa kubera imyanya barimo, cyangwa kuko ari intyoza, ahubwo bagomba gutorwa kubera ko bafite imibereho yejeje, itunganye kandi ko bafite ubushobozi mu buyobozi bw'iby'umwuka. Paulo avuga ko umukuru w'itorero agomba kuba " **inyangamugayo, n'umugabo w'umugore umwe; abe udakunda ibisindisha, wirinda, ugira gahunda mu kubaho kwe, ukunda gucumbikira abashyitsi, ufite ubwenge bwo kwigisha, utari umunywi wa vino, cyangwa umunyarukoni, ahubwo abe umugwaneza, utarwana, kandi utari umukunzi w'impia.**" (1 Tim 3:1-3)

Kureba ibikorwa byose afatanya na Pastoro.
Ibyak 20:28; 1 Pet 5:2.

Iyo mirongo yombi ivuga iby'abakuru b'itorero nk' abagenzuzi b'imirimo. Ibyo ni ukuvuga ko bagomba kugerageza gukora ibintu byose, kuruta kwita ku bintu runaka gusa mu bireba itorero ryabo, kuko bafatanyije na Pastoro, bagomba kwita ku bikorwa byose by'itorero.

Abahagarikira ibikorwa si ukuvuga ko ari bo bagomba gukora ibintu byose. Ahubwo abareba ibikorwa by'itorero bagomba kureba bitonze igikorwa cyose n'icyiciro cyose. Abakuru b'itorero bagomba gukomeza no kunganira abakorera itorero. Nk'abagenzuzi b' imirimo beza, nti bagomba gutwaza igitugu abo bayobora, ahubwo bagomba kureba n'abandi bakagira uruhare mu byemezo bifatwa n'abakuru b'itorero, binyujijwe mu nama z'itorero hamwe n'abandi bizera, mu byo gutegura imigambi runaka, gutoranya abakozi b'itorero, kubahugura, no kuyobora gahunda zose z'itorero.

Abakuru b'itorero bagomba kwitangira kwagura itorero. Abizera bakeneye kumenya ko abayobozi babo bafite ibitekerezo byo gukorera itorero .Bagomba kuba abahanga mu byo kuyobora gahunda z'amateraniro yo kuramya Imana. Igihe babisabwe na pastoro cg igihe adahari bagomba guhagarikira inama z'itorero, cg se inama z'imirimo y'itorero.

Kugaburira umukumbi. Ibyak 20:28; 1 Pet 5:2 iyo mirongo ivuga ko abakuru b'itorero atari abareba imirimo gusa, ahubwo ari n'abungeri. Ni abungeri bato bungirije kandi bakorana na pastoro wabo. Nk'abungeri, inshingano yabo ni kugaburira no kwita ku mukumbi wabo.

Abapastoro bagaburira umukumbi wose. Ni koko bagomba no kwita ku muntu ku giti cyeye nk'umwizera w'itorero nyamara igihe cyabo n'impano zabo ntibigera kuri bose. Byongeye kandi abapastoro barimuka cyane kuruta abakuru b'itorero. Abizera bakeneye kumenyerana cyane n'abakuru b'itorero batuye/begeranye n' aho abizera baba. Ikindi kandi, abapastoro ni abakozi b'itorero. Ibyo bituma abizera badashyira abapastoro ku rwego rumwe n'urwabo, ubundi bigatuma batekereza ko babunganira kubera ko babihemberwa. Bityo rero, nta byiza byinshi ku mukuru w'itorero nk'umwizera mugenzi w'abandi, birenze kwita ku bizera no kubaha inama. Kugaburira abizera rero bigomba kuba inshingano y'ingenzi y'abakuru b'itorero.

Abakuru b'itorero bagomba gutanga inama, gukomeza abizera, gusabira abarwayi n'abacogoye, kimwe n'abafite ingorane zindi zihariye. Byaba byiza bagiye bafatanyaga n'abagore babo gahunda zo gusura abizera mu go zabo. Ibyo birimo gushyira ifunguro ryera abatava aho bari.

Abakuru b'itorero ntibagomba kwibagirwa ko abapastoro n'imiryango yabo bakeneye ko babitaho bakabagaburira. **Abakuru b'itorero baramutse badakoze ibyo byakorwa na nde?** Rimwe na rimwe abakuru b'itorero babasha gutegura inama yo kunganira umuryango wa pastoro kugira ngo ukore umurimo wabo neza, kandi umenye ko ushyigikiwe n'abawukunda.

Undi murimo w'ingenzi w'abakuru b'itorero ni ugutegurira abizera bashya kubatizwa. Ibi bituma umukuru w'itorero yirundurira mu gikorwa gikenewe n'abizera bashya cyo kubakunda no kubagaburira. Abakuru b'itorero bagomba gufata inshingano yihariye yo gufasha abizera kugirana ubucuti buramye n'abandi bizera b'itorero.

Urutonde rw'imirimo umukuru w'itorero yakorera itorero rito.

Urutonde rw'imirimo y'umukuru w'itorero mu matorero matoya, rugenda ruhindagurika cyane uhaye kuri ayo matoya kuzageza mu manini bidaterwa cyane n'ubugari bw'itorero, ahubwo bitewe n'uko amatorero matoya ajya yunganiwa na Pasitoro mu bihe by'ingume byihariye. Niyo mpamvu, abakuru b'itorero mu matorero matoya, usanga aribo begurirwa ubuyobozi bw'itorero hafi yo mu matorero yose azwi, ariko cyane cyane bakabikora bashingiye ku bufasha bwa Pasitoro.

Abo bakuru b'itorero bagomba hakiri kare, gutegura kuja babwiriza kenshi. icyiciro cy'Ishyirahamwe ry'Iimirimo y'Itorero yateganiye ibikoresho ngombwa byo kunganira abakuru b'itorero mu gutegura ikibwirizwa.

Abakuru b'itorero mu matorero matoya, ubusanzwe barategura kandi bakayobora umuhango wo gusenga kimwe n'ifunguro ryera. Inshingano zabo zigomba kongerwamo guhamagara no kuyobora inama z'itorero cyangwa inama z'imirimu mu gihe pasitoro adahari. Barategura kandi bakagira uruhare mu gusura abizera, cyane cyane ba bandi badakunze kuboneka mu rusengeru/mu materaniro ku gihe. Bagenzura gahunda z'ibwirizabutumwa n'amavuna by'Itorero. Bafasha guhugura abizera b'itorero mu by'ubusonga no gutanga imiterere rusange y'umutungo w'itorero nyuma y'igenzura.

Abakuru b'amatorero mu matorero matoya bafite inshingano yihariye yo kugenzura niba ibyiciro byose bikora neza. Boherereza abizera ubutumwa n'imishinga/imigambi bivuye mu biro bya Pasitoro na Field/Association. Ubutware bwabo n'inshingano zirasaze, ariko bagomba kuzikora babifashijwemo na Pasitoro kandi abyumvikanyeho n'inama y'itorero.

Urutonde rw'Iimirimo y'Itorero Rigari. ____ Uko itorero rikura, abizera biyongera, riba rikeneye nabura abakuru b'itorero barenze umwe. Ibi byari ukuri ndetse no mu bihe by'itorero rya mbere. (Ibyak. 14:23; Tito 1:5). Abakuru b'Itorero bo mu matorero matoya bahamurwa cyangwa bajijishwa nuko bafite byinshi byo gukora. Abakuru b'Itorero bakoresha n'umutima nama mu matorero magari nabo bashobora kujijishwa no kudasobanukirwa n'ibyo bagomba gukora. Kubera inyota yo gukorera Imana bakiranuka, benshi bo muri bo usanga bashakira kugira ikindi kintu gikomeye bakora kirenze guturisha no gutora indilimbo mu gihe cyo gusenga. Usanga bumva ko badakenewe gukoresha, ko batereranywe. Abo bayobozi, mu gihe bakibifitiye ipfa bakibikunze, mu gihe cy'itangwa ry'imirimu n'ubugenzuzi bwa gahunda z'amatorero, birakwiriye rwose bariya bakuru b'itorero bahabwa inshingano zihariye.

Itsinda ry'Abayobozi. Umubare w'abakuru b'Itorero batowe n'abizera uterwa n'umubare w'inshingano zikenewe zigomba gukorwa n'abakuru b'amatorero. Abayobozi b'abanya cyubahiro akenshi ntabwo ari bo ntego. Umurimo w'umukuru w'itorero ni intera y'umuntu ugomba gukora. Abayobozi badakora bacumba ubunywemurumuna mu bizera, ntibakore. Abakuru b'itorero bakora, mu bigaragara ni bo bakenewe kubaka itsinda nyaryo ry'abayobozi.

Abayobozi bakora nk'abizera b'inama y'itorero. Bari bakwiriye kugira gahunda maze bakagira inama y'abakuru b'itorero n'uyikuriye cyangwa se umukuru w'itorero mukuru. Inama y'abakuru b'Itorero yagombye kuba itsinda rikomeye ryunganira Pasitoro.

Nti bakwiriye gukora batera inkunga Pasitoro kugenzura imibereho y'iby'umwuka y'abizera gusa, ahubwo batange n'inama irimo ikizere, ubucuti nkoramutima, ubwenge, ibanga n'ubushishozi, aho ibibazo byihariye byo mu matorero amwe bishobora gucocerwa bitiriwe bitangazwa ku mugaragaro ngo isi yose ibimenye.

Buri mwizera wo mu itsinda ry'abakuru b'Itorero, yagombye guhabwa inshingano imwe cyangwa nyinshi zerekeranye no gutegura amatsinda y'iteganyamigambi, inama y'ivuna, inama ya gahunda yo gusenga, inama y'Ishuli ryo ku Isabato, n'inama y'icyiciro cy'urubyiruko. Buri tsinda ryagombye kugira umukoro/ inshingano yo kurasa ku rugero rwatanzwe no gusura abizera. Imwe mu nshingano zikomeye ni iyo gushaka uburyo n'inzira zo gucyaha abizera ba nta mwete no gufasha kuziba icyuho abo bizera bacagamo bava mu itorero.

Umukuru w'Itorero wa Mbere/Mukuru. Aho batoye abakuru b'Itorero kuva kuri umwe kuzamura, umwe wo muri bo yagombye gutoranywa maze akitwa "umukuru w'itorero wa mbere cyangwa Umukuru w'Itorero Mukuru". Abakuru b'Itorero bakuru, ubusanzwe baba ari Abafasha bungirije Pasitoro. Bayobowe na Pasitoro babasha gutegura irindi tsinda ry'Abakuru b'Itorero maze rikajya guha abandi bayobozi imirimo n'inshingano byihariye. Niba umukuru w'Itorero agomba gukora nk'umuyobozi w'Itorero n'uw'inama y'itorero, cyangwa ndetse n'uw'inama y'imirimo y'itorero, nta wundi bireba keretse wa mukuru w'itorero wa mbere cyangwa se mukuru.

Indangabushobozi

Imwe mu mico ndangabubasha itegerejwe ku Bayobozi ni iyi:

Kuba bariyeguriye Kristo. Imibereho y'iby'umwuka (ubukristo) igomba kugira umugabane munini wihariye mu buzima bw'umwizera mbere yuko ashobora kuyikoresha mu kuyobora abandi. Ntabwo ugomba kwitega ko uzayobora abandi birenze uko wowe ubwawe wayobowe. Ibanga ryaheshaga Intumwa kugira insinzi ihoraho, ryari uko babashaga kuvuga iyi mvugo ngo: **"Ibyo twabonye tukabyumva, nibyo tubabwira, kugira ngo namwe mufatanye natwe, kuko ubwacu dufataniye na Data wa twese n'Umwana we Yesu Kristo."**

Kwitanga utiziganije. Guha abandi icyo wowe ubwawe udafite, ni umurimo udashobotse kandi unanije. **"Ntabwo ushobora kugira imico, ibikorwa n'imibereho bizashobora guhindura abandi kugeza ubwo umutima wawe uzaba waramaze gucishwa bugufi, waratunganijwe kandi warorohejwe n'imbabazi n'ubuntu bya Kristo."** (Evangelism, p.458).

Tudafite imibereho y'umwuka ishyitse, umurimo w'ubuyobozi bw'itorero, uzahinduka amabwiriza ayobowe n'intekerezo z'ikoranabuhanga, inzira n'uburyo bw'imitegekere no gukangura intekerezo z'abizera gusa. **Garagaza ububasha n'imbaraga bitemba biva mu mibereho y'iby'umwuka ikomoka ku mubano n'ubusabane bw'umwizera ubwe agirana na Kristo Yesu.**

Sawuli yabonye mu maso ha Yesu mu nzira ijya i Damasiko, maze bimutera kubaza ati: **"Mwami, Urashaka ko nkora iki?"** (Ibyakozwe 9:6). Yahindutse umuyobozi mu Itorero rya Gikristo ubwo yari amaze kubona mu maso ha Kristo maze akamwiyegurira burundu.

Kwitanga kwa buri muni. Kwitanga kwa buri muni, ubukristo bwimbitse, n'imico mbonera ya gikristo ikomeye, ni imico ngombwa iranga ubuyobozi bwa gikristo, ariko rero, ntabwo bipfa kwizana gutya gusa. Bituruka ku mushyikirano wuzuye wa gicuti ugirana na Kristo Yesu. Iyi igomba kuba inzira ihoraho aho umuyobozi akena igihe buri muni cyo Kwiga Bibliya, kuzirikana ibyizwe no Gusenga. **Nk'Umuyobozi w'Umukristo, ntabwo ushobora kwiringira kugira imbaraga n'ubushobozi byo kuyobora abizera bawe mu nzira y'Imana keretse gusa na we ubanje ukagira imibereho yo kwitanga no kwiyeza bya buri muni.**

Yesu yiyumvisemo ubu bukene bwo kubana na Se wo mu Ijuru no kuvugurura imbaraga ze n'ubuyobozi bwe. **"Nuko mu museke arabyuka, arasohoka, ajya mu butayu, asengerayo."** Ntabwo iyi yari imibereho y'inzaduka kuri we. Ahubwo wari umuco we wo kumara amasaha ya kare cyane mu museke buri muni yiyeza kandi asenga. (Matt. 14:2"; Mark 6:46; Luke 5:16).

Imibereho yera, ikiranuka ya Yesu, yagombye kubera urugero abayobozi b'Abakristo bo muri iki gihe.

Ikintu cyimwe cyo kwitonderwa. Mwirinde cyane kwibona mu by'umwuka. Ubwo intego yawe ari iyo gusa na Kristo, uko urushaho gusa na Kristo, ni ko uzarushaho kubyirinda. Ikindi kintu na none gitera ubwibone ni ukwiyerekana nk'umwere.

Kubahiriza igihe. Ntabwo kwitanga kwawe kuba kuzuye igihe cyose uzaba utaramenya gukoresha igihe cyawe no kucyubahiriza. Kwitanga kuba kwuzuye igihe umaze kumenya kwubahiriza igihe. Umurimo w'abakuru b'itorero, kimwe n'umurimo w'abapasitoro nti waba ugikozwe hatabayeho kumenya kwubahiriza igihe. Ntabwo uzabasha kurangiza ibintu byose ukeneye kwuzuzura kw'itorero ryawe. Ugomba kwirinda cyane ko imirimo y'itorero yagutera gusuzugura umuryango wawe n'izindi nshingano uhamagariwe kwuzuzura. Na none kandi, keretse gusa ubaye ushoboye kandi wifuza kumara nabura amasaha guhera kuri abiri kugeza ku masaha ane mu cyumweru, mukora umurimo w'umukuru w'itorero, uko bigaragara wahitamo kwegura ku nshingano cyangwa se kuri uwo mwanya.

Kuba urugero ku bizera. Uko Yesu yavugaga ni ko yari. Iki ni cyo cyatumye ibyigisho bye byera imbuto.

Abayobozi b'itorero bagomba kuba icyo basaba abandi ko kuba, bakizera icyo biteze ko abandi bizera bizera, kandi bagakunda Kristo mu buryo bashaka ko abo bandi bamukunda. Abayobozi bagomba kubasha kuvuga nka Paulo bati: "Munyigane nk'uko nanjye nigana Kristo" (A Kor. 11:1).

Abayobozi ntabwo batorerwa kandi ngo berezwe mu itorero ry'abizera. Gukora imirimo y'itorero gusa, ahubwo ngo bahishure, berekane imico ya Kristo. Bamenye ko ari Abakristo bambaye umubiri w'umuntu w'inyama n'amaraso. Ntabwo ari abantu b'intungane, nyamara ariko, bagomba, nka Kristo Yesu, kuba abantu bagendera ku mahame, amabwiriza n'amategeko. Burya icyo abantu batekereza kuri Yesu ntigiterwa ahanini n'icyo abamuhagarariye bamuvugaho kurenza icyo abantu batekereza kuribo igihe bamwigisha abandi.

Bibliya ishikiraho ingero fatizo z'imico n'ubuzima ngombwa ku Bayobozi. Ubwo Mose yagirwaga inama yo gutoranya abakuru b'imiryango bagomba kumufasha mu buyobozi, bagombaga kuba "Abantu, Bubaha Imana, abantu barangwa n'ukuri, banga cyane irari no kwifuza kwose." (Kuva 18:21).

Pawulo, arondora imico n'imyifatire mbonera byagombaga kwerekanwa mu mibereho y'Abayobozi bakuru mu gihe cy'itorero rya Mbere/Cyera.

Umuyobozi yagomba kuba" inyangamugayo, umugabo w'umugore umwe, afite abana bizera bakiranuka bataregwa ubukubaganyi, ubugande, ubwigenge n'uburara/ubwamanzi. ...

Kuko umweposokopi akwiriye kutabaho umugayo, nk'uko bikwiriye igisonga cy'Imana; kandi ntakwiriye kuba icyigenge, cyangwa ikirara cyangwa umunywi w'inzoga, cyangwa umunyarukoni cyangwa uwifuza indamu mbi; **ahubwo** **abe ukunda** **gucumbikira** **abashyitsi**, ukunda ibyiza, udashayisha, ukiranuka, wera, wirinda, kandi ukomeza ijamba ryo kwizerwa nk'uko yaryigishijwe, kugira ngo abone uko ahuguza abantu inyigisho nzima, no gutsinda abamugisha impaka. (Tito 1:6-9)

Ellen White abishimangira agira ati:" Abo bose batoranirijwe kurinda inyungu z'iby'umwuka mu Itorero bagomba kwizirira cyane bagatanga urugero rwiza, ntibahe urwaho na rimwe irari, ishyari cyangwa amazimwe, igihe cyose bakerekana umwuka umwe w'urukundo, icyubahiro, n'urugwiro bakeneye gushyigikira muri benese na bashiki babo basangiye kwizera." (Ibiamya, umuzingo wa 5, p.241).

Gutanga urugero rwiza byagombye mu kuri kuba bikubiyemo ibi bikurikira:

Gushyigikira Amahame y'Itorero. " **Vuga** **ibintu** bikwiranye n'amahame, cyangwa se inyigisho nzima" (Tito 2:1). Ntukigere na rimwe ugusha kwizera kw'abo uyoboye ukoresheje **amacenga y'ibibazo no gushidikanya byawe**. Niba ufite ibibazo, biganire na Pasitoro wawe cyangwa se abandira bayobozi bakuyobora. Umuyobozi atorerwa kugorora itorero. Kubwo ibyo, ibyigisho byabo bigomba gushingira kunyigisho nzima, zubatse kuri Kristo (Christ-Centered).

Bumbatira isano ikomeye y'ab'umuryango. Bibliya itubwira ko bumwe mu buryo bwo kutubwira niba abantu bazavamo abayobozi beza cyangwa se batavuye abayobozi beza, ari ukwiterereza imiterere y'isano n'imibanire bagirana **n'imiryango yabo bwite**. Umukuru w'Itorero/Umuyobozi **yagombye** kuba **"umuntu uzi gutegeka, kuyobora neza abo mu rugo rwe, mbere ya byose, agatoza abana be kubaha Imana no kuyumvira muri byose** (kuko niba umuntu atazi gutegeka neza abo mu rugo rwe, ni gute azabasha kwita kw'Itorero ry'Imana?" (Tim. 3:4, 5).

Nk'umukuru w'Itorero, menya ko ubarwa mu miryango ibiri; umuryango wawe bwite n'umuryango w'Itorero ry'Imana. Bibliya itegeka ko niba warimenyereje kuyobora neza umuryango wawe, ku buryo usanga bishimiye isano y'urukundo n'umunezero bagirana, namwe mwembi, wowe n'Imana, nawe ubwo uzabe witeze kuzakira igisubizo kivuye mu muryango w'Itorero ry'Imana gihwanye n'icyo uvana mu mibanire yawe n'umuryango wawe.

Ellen White yongeraho ati: "Ukuri gukomeye kugaragaza imbaraga z'Ubukristo gushobora kwerekwa isi ya none, nta kundi uretse gusa urugo rutunganye, ruri kuri gahunda, rugendera ku mabwiriza ya Bibliya, umuco n'uburere bya Gikristo.

Ibi rero bizasaba kugira ukuri kutaguranurwa, kuko ari bwo buhamya buzima bw'imbaraga zihindura umutima" (Urugo rwa Gikristo, p.32).

Kwirinda ubusambanyi "Ba intangarugero... mu kwera" (1 Tim 4:12). Irinde kwasasa ibanga ry'abashakanye 1) ukunda umugore wawe bwite, 2) umenye intege nke zawe aho ziri, 3) Irinde cyane kandi ugire amakenga menshi igihe ugira inama umuntu kubyerekeye ubuzima bw'abashakanye, (gabo, gore, kobwa, hungu) ariko cyane cyane isano ndangabitsina. no 4) Kugira imbaraga mu by'umwuka. Reba ubusambanyi nk'icyaha, atari ku ruhande rwawe gusa n'umuryango wawe ahubwo no ku ruhande rw'Imana yawe.

Tsinda ivanguramoko. Ivanguramoko n'itonesha byose ni icyaha. Urukundo rwa Gikristo rujugunya hasi imipaka yose itandukanya abantu. "Nta Muyuda cyangwa Umugiriki, nta mbata cyangwa uw'umudendezo, nta mugabo nta mugore; kuko bose ari umwe muri Kristo Yesu." (Gal. 3:28). Niba rero Yesu ari umuvandimwe wawe akaba n'umuvandimwe wanjye, ubwo wowe na njye, turi abavandimwe b'umuryango umwe; kandi ibara, umuryango, ubwoko n'intera umuntu ashyirwamo na Sosiyeti, ururimi n'ubwenegihugu ni nta kavuro.

Bera abandi urugero rwiza rwo gutanga imigabane. Nk'utanga akiranutse amaturu n'imigabane, ushobora kuba ingira kamaro, ugakora byinshi byo gutera umwete abizera ngo babe ibisonga byiza. Umwizera utagarura kimwe cya cumi akiranutse, ntabwo yagombye gutorwa nk'umuyobozi. Ntugasabe abantu kwigomwa kubwo itorero ikirenze umugabane wowe ubwawe utanga.

Emera amakosa yawe. Hamwe n'Imana, ikintu rukumbi cyitwa "icyaha kitababarirwa" ni icyaha kiticujijwe. Hamwe n'abizera, icyaha gikomeye kitajya kibabarirwa ku muyobozi ni icyaha namwe niringira ko musanzwe muzi, uretse ko mudashobora kucyemera. Imana itubabarira ku buntu n'umudendezo, ibyaha byose twatura, tukabyicuza. Itorero/Abizera ubusanzwe bababarira amakosa twemeraye. Bera abizera bawe, urugero rwiza rwa gikristo, ariko wibuke ko intambwe ya mbere mu Bukristo ari ukwemera ibyaha byawe.

Abayobozi batgerejweho kugira imico ntangarugero. Ariko rero wibuke ko, mu by'Imana ikeneye kandi ishaka ko tuyikorera nta na kimwe inaniwe kutubashisha gukora. Imico myiza n'imwitwarire ihanitse, ni kimwe mu mpamvu zikomeye zituma twirinda gutoranya umuyobozi/umukuru w'itorero utaragera ku rugero.

Elina White yatanze inama agira ati: "Intumwa ihumekewemo yaravuze iti" Ntukihutire kurambikaho ibiganza ku muntu uwo ari we wese vuba na bwangu". Amwe mu matorero yacu umurimo wo gutegura no kweza abakuru b'itorero/abayobozi warahubukiwe; ntabwo bejejwe bagejeje ku gihe, cyangwa se babikwiye. Itegeko rya Bibliya ryarasuzuguye, maze ingaruka zikomeye zihindukirana itorero ziriyhuraguraho bikomeye. Nta bwira nk'ubwo bukomeye bukwiriye kubaho bwo kwihutira gutora abakuru b'itorero/abayobozi cyangwa ngo bihutire kweza abantu uko bigaragara badakwiriye kwegurirwa inshingano nk'iyi." (Ibihamya, umuzingo wa 5, p. 617).

Umuyobozi w'abizera. **_____ Abaroma 12:8 harondora impano zose z'ubuyobozi ko ari impano z'Umwuka. Impano y'ubuyobozi ni ububasha bwo gutanga amabwiriza n'ubufasha ku bantu b'Imana kugira ngo bazabashye gukorera hamwe basohozwa icyo Imana ishaka ko dusohozwa. Iyi rero ni impano ikenewe cyane cyane n'abayobozi.**

Kunda abizera bawe. Niba ukunze abo uyobora, nabo bazarushaho kugukunda. Kandi niba bagukunze, bazakurikira ubuyobozi bwawe. Ku rundi ruhande, niba abizera bawe batagukunda, bigaragara ko bisa n'ibidashoboka ko wabayobora gukunda Kristo. Abakuru/Abayobozi bagomba gukunda abantu. Niba rero udashobora kugendana n'abantu neza, nawe ubwawe ntabwo ushobora kugendana n'inshingano uhamagarirwa kuzuza nk'umukuru w'itorero.

Gukunda abantu muri rusange usanga akenshi bigendana no kwamamara no kwitwira imbonera vuba na bwangu. Ariko gukunda abantu bamwe ku buryo bwihariye ni kimwe mu mirimo igoye cyane ubuyobozi. Abayobozi bagomba kubasha kureba abantu nk'uko bari, abishushanya n'abatishushanya, kugirango mudata ishusho y'uko bashobora gusa nyuma yo kwakira ubuntu bw'Imana.

Ubwo Yesu yabonaga iteraniro ryose, **"Yarigiriye impuhwe"** kubera ko bari bacogoye kandi batatanye, nk'intama zitagira umwungeri." (Matt. 9:36). Kuba umunyampuhwe nka Yesu ni ukurenga kubabarana n'abantu gusa, maze ahubwo ukita ku kubahumura. Ibi ntibishatse gusobanura kwemera inenge z'abantu, ahubwo ni ukwemera kubihanganira ukagenda nabo buhoro buhoro ukabafasha gukura kugeza ubwo bazakura bakagera ku rugero ruhagije.

Ntugatangazwe, cyangwe ngucibwe intege n'umubare w'abantu badakundana mu itorero ryawe. Abarwayi ntabwo bahezwa mu Bitaro. Aho ni ho bakirira. Abantu badakundana ntabwo bahezwa mu itorero. Aho ni ho bigira kandi bakahitwaga gukundana. Ndetse n'abantu b'abangizi bashobora gukundwa, cyane iyo utitaye ku byo bakora, ahubwo ku mpamvu ibatera kubikora. Abakuru b'amatorero bese, usanga kenshi, bitwa babi, banengwa, bumvwa nabi, baregwa ibinyoma. Igipimo cy'urukundo rwa gikristo gishobora mu buryo bw'ukuri ubabarira abakwise ruvumwa bese.

Imwe mu nzira nziza zikunda gutuma twiga gukunda abizera bacu no kubafasha kwiga kugukunda ni iyo kubararikira kuza mu nzu y'iwawe. Abakuru b'itorero/Abayobozi bagomba kugira urugwiro no gucumbikira abashyitsi; batabigirira abizera b'itorero gusa, ahubwo n'abatari abizera n'abashyitsi bandi nk'uko bikwiriye.

Hura kandi uhuze abizera bawe. Hambira ku mafarashi abiri magari umutwaro muto. Mbese aho zashobora kuwukurura! Niba zikurura mu cyerekezo kinyuranye, ntabwo zabishobora. Zikwiriye kugonda ibikanu byazo maze zarangiza zigakurura n'imbaraga zazo zose, ariko hagomba kubaho umuntu runaka wo gukomeza gutunganya imigozi yazo kugira ngo zerekere mu kerekezo kimwe.

Shyira abantu babiri bahawe impano mu itorero, maze ubasabe kugufasha gukura umutwaro w'itorero. Mbese babishobora? Ntibabishobora niba bakururira mu byerekezo bibiri binyuranye.

Umupasitoro n'Umukuru w'itorero bagomba kumara igihe cyabo batunganya ibintu byabo neza. Gufasha abizera gukurira hamwe mu bumwe ni kimwe mu ngingo z'ingenzi z'ubuyobozi bw'umukuru w'itorero.

Gisha inama abizera bawe. Ntukabe umuyobozi w'igitsure n'urutoto, ufata ibyemezo byose ntawe agishije inama. Fasha itorero ryawe kwishyiriraho intengo zaryo ubwaryo. Intego z'itorero zigomba kugaragara ko ari intego zizajyerwaho koko. Nibwo abantu bazakora bihatira kugera ku ntego zashyizweho. Tegurana n'abo bose uyobora, we kubibaharira gusa.

Kurikira abayobozi bawe. Abayobozi badafite ubushake bwo gukurikira abayobozi babo, bazananiirwa kuyobora bagenzi babo rwose. Niba rero udakurikiye, wabishobora gute?

Abantu bagenda bahuje n'imico yabo ikomeye, bakanga gufatanya n'abandi bakoreye Imana igihe kirekire bafite ubuzobere mu kazi buhagije, bazasanga barahumishijwe no kwiyingira batagishobora gushishoza ngo batandukanye ikinyoma n'ukuri. Ntabwo bihwitse kuri ko bene abo batorwa nk'abayobozi mu itorero; kuko bashobora gukurikira imigambi yabo n'ibitekerezo byabo bwite, ntibite ku migambi n'itekerezo by'abavandimwe babo." (Ibyakozwe n'Intumwa, p. 279).

Kubashisha Abizera. Umurimo w'ingenzi mw'isi ku bantu runaka, ni umurimo wose Imana isaba uwo muntu ngo ayiwukorere. Umurimo ukomeye cyane mu isi kurenza iyindi yose, ni umurimo wo gufasha, kandi uwo ni wo Imana ihamagarira ___ buri mwizera wa muri buri torero___ ngo agire icyo awukoramo. Nk'umukuru w'itorero, ugomba kuba umuhuza bikorwa n'umufasha ukoresheje intera ufite mu kunganira abizera guteza imbere impano z'umwuka bafite ngo zubake itorero.

Fasha abizera gutahura impano z'umwuka bafite izo ari zo. Hanyuma ubatoze. Uzimenyereze. Ushobora kubikora ubwawe niba ufite impano yo kwigisha, cyangwa ugashaka abandi bakigisha ayo masomo wafashije gushyirwaho. Nanone koresha umwanya ufite no kwitabirwa mu gutegura itorero, urishyire kuri gahunda, wunganire ibyiciro by'imirimo bikoresha izo mpano mu kunganira amatorero.

Kwezwa, kurambikwaho ibiganza.

Umugambi wo kwezwa. Amateka ya Bibliya ya cyera ku byo umuhango wo kwezwa agaragaza ko" bwari uburyo bwo kumenyekanisha no kwerekana umurimo watorewe n'uburyo bwo kuyoboka no kwemera ubutegetsu bw'umuntu runaka werejwe uwo murimo" (Ibyakozwe n'Intumwa, p. 162).

Bitewe nuko Itorero ryo mu Isezerano Rishya ryari rimaze kwaguka cyane, abantu bo mu matorero batoranirijwe inshingano zinyuranye z'ubuyobozi. Kurobanurwa no kwezwa kw'intumwa cumi n'ebyiri, kwari kugendereye umurimo umwe rukumbi kandi udasubirwaho wo kubana na we (Yesu) no kwoherezwa kubwiriza.

(Mariko 3: 13, 14; Uwifuzwaga Ibihe Byose, p.296).

Ibyanditswe bitandukanya ibice bitatu by'Abakozi bejejwe:

- 1) **Umugabura w'Ubutumwa bwiza, yari ahamagariwe kubwiriza, kwigisha, kuyobora imihango yo kweza no gutegura gahunda yo gukenura umukumbi w'itorero ari bo bizera.** (1 Tim. 4: 14; 2 Tim 4:1-5).
- 2) **Abayobozi bari bahamagariwe kuyobora no gukorera abizera bo mu matorero yitaruye.** Bari abagenzuzi b'ibikorwa byose by'amatorero yabo yose, bakita cyane ku mirimo y'ubugabura nk'uko bikwiye. (Ibyakozwe n'Intumwa 14:23; 20: 17; Titus 1:5, 9; 1 Tim. 3: 2, 5).
- 3) **Abadiyakoni bari bahamagariwe kwita ku bukene bufatika bw'itorero n'abizera, bakayobora cyane cyane imirimo n'ibikorwa by'ubwitange n'ubugiraneza by'abizera.** (Fil.1:1; Ibyakoz.6:1-6; 1 Tim. 3:2, 5).

Abantu, muri ibi byiciro bitatu bitandukanye batoranywaga kubera umurimo wabo w'itorero wihariye hakoreshejwe umuhango wo kurambikwaho ibiganza. Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi rikurikiza uwo muhango na bugingo ubu.

Ibisabwa ngombwa mbere yo kurambikwaho ibiganza. Nk'uko na kera byagendaga, ibisabwa kugira ngo umuntu yezwe ni guhamagarwa n'Imana no gutorwa n'Itorero usengeramo. icyemezo gitanzwe na Field/Conference/Missiyoni ntabwo ari ngombwa. Ahubwo, ikindi gisabwa mbere yo kwezwa ni ukwigenzura, kwishungura ubwawe ukishyira ku munzani, ukareba uko ubukristo, kwizera, imico, ibikorwa n'imyifatire byawe bimeze. Ubisabwa rero n'Ukweza. Amafuti yagombye kugororwa. Kwiye gurira Kristo n'Itorero rye nabyo bikavugururwa.

Kurambikwaho ibiganza kw'Abakuru b'Itorero/Abayobozi ni igikorwa cyo kumenyekanisha ku mugaragaro:

- Guhamagara kw'Imana umuntu uyu n'uyu ku murimo wihariye.
- Kubashishwa n'Imana gukora uyu murimo kw'uwo muntu kubwo guhabwa impano z'umwuka zikenewe.
- Kumenywa n'abizera no gushimangira guhamagarwa n'Imana n'imvugo y'ubushake bwayo bwo gukurikirana ubuyobozi bwa bene muntu.

Nubwo kurambikwaho ibiganza bidatanga izindi mbaraga cyangwa se ubushobozi bwihariye bundi ku mukazi, ariko biguhesha kwinjira mu mirimo mishya watorewe udafite ipfunwe, ufite ishema, wumva koko ko ubihamagariwe.

Kwemera kurambikwaho ibiganza, bisobanuye ko, mu busobanuro bwihariye, ko utakiri uwawe ngo wigenge, ahubwo ko uri uw'Imana. Nuko rero, kurambikwaho ibiganza/kwezwa ntabwo ari ikintu cyari gikwiriye kwemerwa amajyejuru cyangwa se by'umuhango gusa, ahubwo bikwiriye kuva ku mutima.

Mu turere tumwe na tumwe tw'isi, hariyo kwanga rwose kweza abakuru b'itorero, ngo keretse bamaze gushungurwa no kwemerwa hashize igihe kirekire cyane. Ibi byaba biterwa no kwigana umuco w'andi matorero azengurutse aho muri ako karere yibwira ko uwatorewe kwezwa agomba kubyegukana imibereho ye yose nk'uko bimeze kuri Pasitoro na Padiri, bakirengagiza ko ari igihe kitarenze umwaka umwe twebwe Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi duha uwatowe ngo akoreremo ibyo yatorewe. Itorero ryacu ryigisha ko umukuru w'Itorero/umuyobozi agomba kuba ari umuntu w'inararibonye kandi ufite ubwenge akabitorerwa. Iyo rero bamaze gutorwa, kwezwa kwabo ntabwo kuba kugomba gukererezwa n'indi mpamvu iyo ari yo yose.

Kanuni za Kanisa/Indangabayobozi isaba ko kwezwa bihita bikorwa vuba abayobozi bakimara gutorwa. Na none kandi itegeka ko: " Gutorerwa umurimo w'ubuyobozi ntabwo bihamya ubwa byo ko Uwatowe abashije umurimo cyangwe ngo bihite bimugira umuyobozi. Kwezwa bitegetswe mbere yuko umukuru w'itorero/umuyobozi ahabwa ubutware bwo gutangira gukora uwo murimo."

Kwezwa biha abo bayobozi bashya imbaraga zuzuye z'itorero kandi kugahamagaza Umwuka -Wera ku mugaragaro ngo uhire ubuyobozi bwabo. Ni byiza ku Bayobozi batowe bakiri bashya kubanza guhabwa imyitozo ihagije, ariko rero ntikwiriye kuba urwitwazo cyangwa intandaro yo kwezwa kwabo.

Umuhango wo Kwezwa/Kurambikwaho ibiganza.__ Nubwo umuhango wo kweza umuyobozi uba wera kandi wihariye, burya na none uroroheje. Umuhango ukorwa n'umugabura wejejwe, ubusanzwe aba afite icyete cy'ubuyobozi bw'Intara/Field/Association yo muri ako karere. Ariko byaba byiza cyane abaye ari Pasitoro w'Abizera b'iryo torero. Abakozi bejejwe n'abayobozi bandi bajejwe bo muri iryo torero bashobora kuza kubunganira. Kwezwa bikorerwa imbere y'abizera b'itorero umukuru w'itorero agomba kuzafasha.

Ku gihe gikwiriye, ubusanzwe mu gihe cy'Ishuli ryo ku Isabato, uwatowe ararikirwa kuza ku ruhimbi aho umuyobozi avuga mu nshamake kubyerekeranye n'indangabushobozi n'umurimo by'umukuru w'itorero cyangwa umuyobozi. Abari mu muhango bose baba bapfukamye kumara igihe cyose umubwiriza aba asenga asaba ngo Imana ihamye ko imwemeye kandi imuhaye Umwuka -Wera ikaba ariyo imuhamagariye gukora uwo murimo. Ikiganza cy'uyoboze uwo muhango wo kwezwa kiba kirambitse ku mutwe wa wa wundi ugiye kwezwa igihe baba bariho kumusengera.

Abagabura bariho gufasha mu muhango n'abandi bakuru b'itorero bashobora kwifatanya nawe muri uyu muhango.

Nyuma y'isengesho, ababa bitabiriye uyu muhango, basangira Ijambo ry'Umutsima w'ubugingo n'iremamutima ku wejejwe. Ikimenyetso cyiza cyaba icyo kurarikira uwezwa kuza imbere akicara ku myanya y'imbere kurangiza gahunda zose ziba zisigaye, bisobanuye ko ahawe intera nshya y'umwanya w'ubuyobozi.

Guhabwa ubutware/ububasha.__ Gutorwa no kwezwa nk'umuyobozi ntabwo biba bifite umugambi wo gutanga amategeko, cyangwa ngo biheshe umuntu umwanya wo hejuru ukomeye mu itorero. Umurima uzengurutse umusaraba wose uraringaniye. Kwezwa guhesha umurimo w'ubuyobozi kuba wemewe imbere y'amategeko.

Abayobozi/Abakuru b'amatorero baba bahawe uburenganzira n'amatorero yabo guhindura Abagenzuzi (A Tim.5:17). Conference/Misiyoni/Association guhera ubwo bihita bibamenya ko ari abayobozi bakuru muri ayo matorero yabo.

Abakuru b'amatorero ubwo bashobora kuyobora umuhango w'Ifunguro ryera. Bashobora kuyobora imihango yo gushyingura. Bashobora gusaba Conference/Misiyoni/Association gutegura umuhango wo kubatiza.

Ubusanzwe, umukozi agomba koherezwa, nubwo rimwe na rimwe biba ngombwa ko abakuru b'itorero bahabwa uburenganzira bwo gukora umuhango nk'uwo. Abakuru b'Amatorero ntibakwiriye gukora umuhango wo gushyingira, nubwo bashobora gufasha muri gahunda zimwe na zimwe z'uwo muhango. Ikintu cyose cyerekeye uyu muhango wo gushyingira kigomba gukorwa bagifataniye na Pasitoro w'Itorero, ubundi wagombye kuwuyobora aramutse ahari. Kanuni za Kanisa yerekana uburyo bwo kuyobora iyi mihango ndetse n'igitabo cyitwa Igitabo cy'Umukozi gitanga ubundi busobanuro bw'inyongera.

Kwezwa bisobanura kuba umuhango uhoraho. Bizahora bizwi mu mibereho y'abakuru b'itorero/abayobozi ko berejwe uwo murimo keretse gusa baramutse bitesheje agaciro ubwabo cyangwa se bakitwara binyuraniye n'imyifatire ikwiriye Bibliya itegeka.

Ntibakeneye kwongera kuzezwa igihe cyose bazaba bemeye uwo murimo mu itorero ryabo cyangwa se mu rindi ry'ahandi bakwimukira. Niba bishyize kera bagatorerwa kuba abadiyakoni, bazakora uwo murimo batongeye kurambikwaho ibindi biganza.

Ubutegetsu/Ububasha bufite urubibi. _ Ubutegetsu bw'abakuru b'itorero buhabwa urubibi na gahunda z'itora ry'itorero. Bakora nk'abakuru b'itorero gusa igihe cyose itorero ribatoreye iyo nshingano. Ni ingenzi cyane gusobanukirwa n'uburyo umurimo w'umukuru w'itorero/umuyobozi utegetswe kuwukorera muri iryo torero ryawe ryawugutoreye rikawukwereza; mu bundi buryo umurimo wawe wubatse kandi ushingiyemo mu itorero ryawe ryagutoye; ibi bisobanura ko:

- 1) **Gusa itorero ryihariye ku rwego rw'ibanze, ari ryo rishobora gutora abayobozi/abakuru b'amatorero.**
- 2) **Field/Association/Conferance ntabwo bishobora kubikora na rimwe.**
- 3) **Bagomba kwereza imbere y'abizera bo mu itorero basanzwe banditsemu bakoreramo imirimo y'itorero isanzwe.**
- 4) **Kwezwa kwabo kubatega/kubahesha uburenganzira bwo gufasha/gukora mu itorero ryabatoye, uretse ko bitewe n'impamvu runaka bashobora gufasha mu matorero arenze rimwe niba andi matorero abibatoreye.**

Ububasha bw'abakuru b'itorero bugarukira ku kumvira bagomba Abapasitoro babo, inama y'itorero, n'inama y'imirimo/ibikorwa y'itorero.

Bagombye kwireba no kwimenya ubwabo nk'abafasha bungirije Pasitoro, kandi bagakora igihe cyose bari muni y'ubufasha bwa Pasitoro. Ingorane zikomeye zagombye gucogogwa na Pasitoro, byaba ngombwa kandi, zikajyanwa mu nama y'itorero, aho kugira ngo bifatirwe umwanzuro huti huti n'umukuru w'itorero wenyine. Imyanzuro ikomeye cyane kurenza ibindi, cyane cyane nko kwakira cyangwa se guca abizera, bigomba gukorwa gusa n'itorero ryose uko rya kabaye.

IGICE CYA 2

Icyitonderwa

Imfasha nyigisho

Burya buri mwezera yahamagariwe kugira umurimo runaka akora mu itorero kandi buri wese ni urugingo rw'ubutambyi bw'abizera bakorera Kristo , abakuru b'itorero/abayobozi bafite umurimo ukomeye kandi w'ingenzi cyane mu mirimo y'itorero.

Mu gihe usoma iki gice, shakashaka inzego z'imirimo itegekewe abakuru b'amatorero, bagomba gukora. Mbese ni uruhe rutonde rw'imirimo igenewe umukuru w'itorero mu itorero rito n'irinini? Ni gute umukuru w'itorero yarushaho gushyigikira byuzuye umukozi?

MENYA IBI:

- Umukuru w'itorero ahamagarwa n'Imana kandi agatorwa n'abizera bo mu itorero rye. Abakuru b'amatorero batorwa kubera ko itorero rizirikana umuhamagaro wabo ko wavuye ku Mana kandi rikababonamo imico n'ihamya bubasha bihagije(qualifications) ku murimo bahamagariwe. Umukuru w'itorero yezwa n'umuhango wo kumurambikaho ibiganza akaba ari uburyo bwo kumenyekana ku mugaragaro ko yahamagawe n'Imana kandi ko igiye kumubashisha uwo murimo muri iryo torero.
- Keretse gusa itorero ryihariye usanzwemo ni ryo rishobora kugutorera iyo nshingano y'umukuru w'itorero. Umukuru w'itorero yezwa kandi agafasha nk'umukuru w'itorero muri iryo torero ryamutoye.

- **Umuyobozi/Mukuru w' Itorero mbere ya byose agomba kuba yari yeguriye wese Kristo.** Ugomba kuba urugero, umuyobozi n'ububasha bw'abizera. Umwanya w'ubukuru bw'itorero ni wa wundi" **w'ubuyobozi bw'umugaragu w'abandi"** uyoboresha urukundo kandi utera umwete agashyigikira gukura mu by'umwuka kw'abandi bizera.
- **Isezerano Rishya rigaragaza imico n'imiterere ndangabubasha (qualifications) by'umukuru w'itorero / umuyobozi nk'urugero ruhanitse cyane rw'imibereho mu gihe cy'ubuyobozi bwawe.**
- **Urutonde rw'imirimo yawe rukubiyemo(ariko ntabwo bigarukira ku) ubuyobozi bw'iby'umwuka, ubugenzuzi bw'imirimo y'itorero, kugaburira umukumbi w'itorero no gutera umwete abizera.** Na none kandi uri mu mwanya umwe rukumbi ukwemerera gukorana cyangwa kuba wasimbura Pasitoro mu bihe runaka.

ITOZE:

1. Tanga amazina y'isoko ebyiri z'umuhamagaro w'umukuru/umuyobozi w'itorero.
 - 1)
 - 2)
2. Ni izihe ngingo 5 zigaragaza urutonde rw'imirimo y'Umukuru w'itorero?
 - 1)
 - 2)
 - 3)
 - 4)
 - 5)

3. Ni bintu ki bivugwa muri 1 Tim. 3:1-4 nk'ibikorwa n'imico ndangabubasha by'umuyobozi/umukuru w'itorero?
4. Ni buryo ki umurimo w'umukuru w'itorero mu itorero ritoya utandukanye iyo uwugereraniye n'uwo mu itorero rinini?
5. Ni izihe nzego eshatu usangamo n'uru rwo kwiye gurira Kristo?

- 1) _____ ubwitange
- 2) _____ ubwitange
- 3) _____ ubwitange

6. Ni izihe ndangabushobozi zindi zikwiriye umukuru w'itorero kugira ngo abashe kunganira:

- 1) _____ ku bizera.
- 2) Shyigikira itorero _____.
- 3) Bumbatira _____ isano zikomeye.
- 4) Ba _____ imbonera.
- 5) _____ ibibazo by'irondamoko.
- 6) Ba intangarugero _____.
- 7) _____ amakosa yawe.

KORA IBI:

1. Nk'umuyobozi w'abizera b'Itorero, ni mu buhe buryo bwihariye ushobora :

kwerekana urukundo?

kwunga abizera?

kubonana nabo no kubaba imbaraga?

2. Iyibutse indangabushobozi Paulo yandikiye Timoteyo zerekeranye no kuba Umukuru w'itorero(A Timoteyo 3:14).
3. Ni gute wabasha kubinjiza mu muco w'itorero ukoreramo?
4. Ni mu zihe nzego z'ubuyobozi ukeneyemo guterwa inkunga?
5. Ni mu buhe buryo ushobora gufasha cyangwa gutoza abandi bayobozi?

IGICE CYA 2

Icyitonderwa

Urubuga nyunguranabitekerezo

Ibibazo byagenewe amatsinda

1. Iyibutse 1 Timoteyo 3:1-4. Mbese izi ndangabushobozi zaba zisobanura iki muri iki gihe cyacu?
2. Ni gute umurimo w'umuyobozi w'itorero mu itorero ritoya utandukanye n'umurimo wo mu itorero rigari iyo uyigereraniye?
3. Ni iyihe nshingano/umurimo abakuru b'itorero basohozu mu matorero yabo?

Ni gute ibyo ukora ubu ngubu bikwiranye neza n'ibyo Imana yaguhamagariye gukora muri iki gihe? Wakora iki kugira ngo urushaho kuzuzira umurimo wawe w'ubukuru bw'itorero mu itorero ryawe?
4. Ni mu zihe nzira zifatika ushobora nk'umukuru w'itorero ryawe, gufasha, gukunda, kwunga, kujya inama, no guha imbaraga abizera bawe?
5. Ni iki Pasitoro wawe/Conferance/Misiyoni bakora kugira ngo babashe kuguha ibikoreshe no kukunganira mu murimo wawe?



IGICE CYA 3

UMUKURU W'ITORERO NK'UMUYOBOZI

Pasitoro n'Itsinda ry'Abayobozi bamufasha

Abapasitoro n'abakuru b'itorero bafataniye umurimo. Buri muntu yagombye gutangira mugenzi we ubuhamya bwiza nkuko Paul yabikoreye abari bamwungirije, agira ati: *"Nshima Imana iteka uko mbibutse, igihe cyose mu mashengesho yanjye mbasengera mwese n'ibyishimo, nshima cyane gufatanya namwe mu butumwa kuva ku munsu wa mbere kugeza ubu"*. (Fil. 1:3-5, RVS).

Abapasitoro b'itorero, bagomba kuba abayobozi b'amatsinda. Batanga ubufasha bw'iby'umwuka kandi bagafasha kuyobora andi matorero matoya. Abakuru b'amatorero bayo matorero mato nabo bakabunganira. **Ariko kandi hari itandukaniro rinini hagati y'Abapasitoro n'Abakuru b'amatorero kuko abapasitoro bashyirwaho n'inzego nkuru z'ubuyobozi bw'itorero, naho abakuru b'amatorero batorwa n'abizera.** Umurimo bahuriyeho bese, nuko bese ari abayobozi b'itorero kandi bakaba bafatanyiriza hamwe kuringaniza imirimo yose ikorerwa mu itorero. Ni muri ubwo buryo inyungu n'imirimo by'umupasitoro n'umukuru w'itorero bihwanye. Bose barafatanye muri uyu murimo.

Abapasitoro batari bezwa barambikwaho ibiganza nk'abakuru b'amatorero. Iyo bashyizweho n'inzego nkuru z'ubuyobozi bw'itorero, Conference/Misiyoni, bahabwa ububasha bwose kuko baba bahagarariye itorero. Abakuru b'amatorero bagomba kubahiriza ubuyobozi bw'aba bapasitoro, bagakomeza amategeko, bakabumvira bona nubwo batari bezwa.

Ni ikintu cyanga ngombwa ko abapasitoro n'abakuru b'amatorero bamenya inshingano zabo muri ubu bufatanye.

Inshingano z'umupasitoro:_____ Amagambo atatu akubiyemo ibyo umupasitoro agomba gukora mu itsinda ry'umupasitoro n'umukuru w'itorero.

1. **Guhugura.** Nyuma yo kwinjiza neza abizera mu mirimo inyuranye ijyanye n'umurimo wabo w'ubugabura, abapasitoro bagomba gutanga igihe kinini cyo guhugura no gutoza abakuru b'amatorero mu matorero yabo yose.

Ariko akanyereze ku mwihariko kagomba gucibwa cyane cyane ku gushimangira akamenyero ko gutoza abakuru b'amatorero babo cyane cyane nyuma y'amatora y'itorero ya buri mwaka. Ndetse amwe mu mahugurwa ashobora gukomeza akamara umwaka.

Ama conferences menshi/missioni nyinshi ahuriza abakuru b'amatorero bayo hamwe bakomotse mu gihugu cyabo cyose na bura rimwe mu mwaka. Rimwe na rimwe iki gikorwa gitegurwa bifashijwemo n'Icyiciro cy'Amateraniro. Abanyamabanga b'ibyiciro muri buri conference/field/association ni byo birebwa ahanini no gutegura gahunda z'amahugurwa nk'ayo afasha abapasitoro guhugura abakuru b'amatorero babo.

Divisiyo zimwe zikorerwamo umurimo w'itorero mu isi, zifite gahunda y'amahugurwa iremereye kandi inyuranye, yo guhuza abakuru b'amatorero ibyumweru 2 kugeza ku byumweru 4 byo guhugura abakuru b'amatorero. Abandi bagerurira ibyumweru byinshi bisimbura ku masomo ahugura ahoraho.

Ku mbonerahamwe y'amasomo umukuru w'itorero agomba guhugurwamo, hakubiyemo ibyigisho bikurikira:

- **Gahunda y'Iitorero n'ubutegetsu, wongeyemo n'impano za Mwaka.**
- **Iterambere ry'Iitorero**
- **Kwita ku bihannye vuba**
- **Kuyobora gahunda yo Gusenga**
- **Kubwiriza**
- **Gusura**
- **Umurimo no kuyobora inama**
- **Ubufatanye bwa Pasitoro n'Umukuru w'Iitorero**

Ibitabo byifashishwa mu mahugurwa nk'aya, harimo n'Indongozi y'Umukuru w'Iitorero, n'imfasha nyigisho yayo, byombi biteguwe n'Icyiciro cy'Iimirimo y'Iitorero. Ibyigisho byoherezwa mu iposita by'umuntu ku giti cye, bigenewe abakuru b'itorero bari ku murimo nabyo biraboneka. Ubishaka ashobora kubibona abinyujije ku cyiciro cy'Ibyigisho Mpuzamahanga byo kwigirwa mu Rugo ku Cyicaró cy'Inteko Rusange y'Iitorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi ku isi.

2. **Intumwa.** Abapasitoro bagomba gutora ababishinzwe. Inshuro nyinshi cyane, usanga barenzwe n'imirimu rwose. Ariko umunaniro wabo si kenshi uba ari igihamba cy'uko bashoboye umurimo cyane, cyangwa kwera kwabo. Gusa byashobora kwerekana ko bananiwe gutora ababahagarariye, ku buryo bwihariye turashaka kuvuga abakuru b'amatorero yabo, dore ko aribo bagomba gusaranganya umuzingo w'ubuyobozi na Pasitoro.

Ibyakozwe igice cya 6 hahamya ko abapasitoro batagomba gukora uturimo twose tw'itorero ngo bagere no kuri twa tundi two hasi cyane turi kuri gahunda y'itorero. Inshingano yabo yihariye ni iyo kugaburira umukumbi w'itorero no gutoza ba bandi bari mu itorero ndetse no kubwiriza ubutumwa ba bandi bakiri hanze. Bagomba kugabana inshingano z'ubuyobozi cyane cyane mukifashisha abizera muri rusange ariko mu buryo bwihariye mukiyambaza abakuru b'amatorero. Uko bagenda barushaho kugabana izi nshingano z'imirimo y'itorero, ni ko itorero rigenda rikura vuba na bwangu.

No muri izo nshingano, birakwiriye ko Pasitoro atora abagize ubutegetsu bw'itorero. Abapasitoro benshi barushaho kunezerwa no kuruhuka baramutse bagabanye imirimo n'abakuru b'itorero babo, nyamara bamwe usanga barwanya cyane gutora ubwo butegetsu bw'itorero bukenewe kugira ngo bumufashe kurangiza imirimo. Ibi rero bigira ingaruka yo kugira abayobozi/abakuru b'itorero b'abarakare, n'indakoreka.

3. Gushyikirana/Kumenyekanisha. Kugira ngo mu itsinda ry'abakozi habe umwuka mwiza, ni ngombwa rwose ko bagirana umushyikirano mwiza n'itumanaho ryiza. Urutonde rw'imbonerahamwe y'inama n'ibiterane by'abakuru b'amatorero n'aba pasitoro, nirwo rukwiriye guhabwa intebe rugashyirwa imbere. Kwongera ibihe byinshi by'ubucuti no gusabana bifasha guhuriza iryo tsinda ry'abakozi hamwe kandi bikavugurura umwuka w'itsinda ry'abakozi.

Abapasitoro bamwe bakora inama z'abakuru b'amatorero buri Sabato mu gitondo mbere cyangwa se nyuma ya za gahunda z'uwo munsu. Abandi basaba abakuru b'amatorero bose guhura iminota mikeya rwose mbere yuko umuhango wo kubwiriza ubaho, bakira inshingano, bumva amatangazo yihariye, kandi bagasengera hamwe mbere yuko abajya gufasha muri gahunda ya saa tanu bajya ku ruhimbi.

Abapasitoro benshi bahitamo guhuza abakuru b'amatorero rimwe mu kwezi. Abandi bahitamo kubahuza ku gihembwe (rimwe mu mezi atatu). Mu ntara y'umupasitoro aho afite amatorero arenze rimwe, abakuru b'amatorero bagombye guteranirizwa hamwe, yenda bagaterana rimwe mu gihembwe. Bamwe babikora bagombye gutumira abizera b'amatorero agize Intara, bagateranira hamwe ku gihe batoranije ku Isabato y'Imihango / imirimoyihariye maze nyuma ya saa sita cyangwa se ikigoroba, agateranya abakuru b'amatorero maze akabakorera amateraniro. **Ingingo zigwa zigomba gushyirwa ku rutonde igihe uriho gutegura ajenda y'igiterane cy'abakuru b'itorero zikubiyemo izi zikurikira :**

- **Iby'umwuka.** Gukura mu by'umwuka k'umuntu ku giti cye bigomba guhora byibutswa, byigishwa.
- Raporo itanzwe n'abo bakuru b'amatorero yerekana uko bakora bita ku nshingano n'imirimo bahawe.

- Imbonerahamwe y'ababwiriza, n'ibindi. Abakurub'itorero bagomba kumenya ahaho Pasitoro azaba ari mu yindi nama y'iteganyamigambi n'imirimo y'itorero.
- Kugabana ibikoreshe
- **Guhuza ibitekerezo.** Ibitekerezo na gahunda by'itorero byagombye mbere na mbere kuzanwa cyangwa se gusuzumirwa muri iyi nama ntoya y'inkoramutima.
- **Isuzuma.** Mbese izigahunda zisanzwe zirakora gute ?

Itsinda ry'abakuru b'amatorero rigomba guha abapasitoro ubufasha bw'intekerezo buhagije kandi bukwiriye buvuye muri icyo nama. Hagomba kubaho kwisanzura mu bitekerezo mu gihe umuntu asobanura cyangwa yunganira ku by'inshingano/imirimo ashinzwe.

Inshingano z'Abakuru b'Amatorero. Inshingano 4 z'umuyobozi muri iri tsinda rya Pasitoro n'umukuru w'itorero zikubiyemo ibi bikurikira:

1. Gushaka igihe cyo gukora. Ni rimwe na rimwe uzasanga abakuru b'itorero batowe badahugijwe n'imirimo yabo basanganywe cyangwa ngo babe atari abantu basanganywe ubushobozi n'ishya mu byo bakora. Igihe bashobora kumara bakora imirimo y'itorero usanga kizitirwa n'inshingano basanganywe, imirimo, imiryango, n'ubuzima. Nyamara, bakeneye gusobanukirwa ko aba pasitoro benshi, mu gihe basoma ibyanditse muri iyi ndongozi y'umukuru w'itorero, bagomba gusobanukirwa ibyavuzwe muri ko byerekeranye no kugabana imirimo n'abakuru b'amatorero babo, bagomba kubikorana ubushishozi. Impamvu aho abapasitoro kenshi bumva ko ari bo bagomba gukora ibintu byose, babiterwa nuko baba barahaye inshingano/imirimo abakuru b'amatorero b'indakoreka, b'ibigande. Abakuru b'amatorero koko rero ntibari bakwiriye kuba abakuru b'amatorero niba babona ko umurimo wabo wonyine ari uwo ku Isabato mu gitondo gusa.

2. Uzuza imbaraga za Pasitoro. Ntabwo Pasitoro ahora ari impuguke mu kintu cyose. Hari impamvu ebyiri:

Ubumenyi butegetswe ni bwinshi kandi buranyuranye cyane ku buryo umuntu umwe adashobora kubutunga bwose. Abizera baba biteze ko Pasitoro wabo aba ari impuguke ndetse intiti cyane cyane muri ibi bikurikira: Umuhanga mu by'iyobokamana, Umubwiriza kabuhariwe, kuba ashyingiwe kandi ari umubyeyi, umutegetsi, umuntu uzi kuvuna no gukiza imitima, umutoza, umujyanama, usura abandi, umukangurambaga.

Ubumenyi baba bamutegerejeho buranyuranye cyane. Kuri uru rutonde rwo hejuru aha, ubumenyi bubanza busaba kuba umuntu wirinda, wigenzura, wisuzuma. Ubumenyi bundi ubukomeje ukageza ku iherezo ry'urutonde busaba kuba uzi kuvuga mu ruhame, gukunda abandi no kubana nabo, kumenya kumva aho hanze.

Urebye ubumenyi buranyuranye kandi ni bwinshi cyane ku buryo nta muntu n'umwe wabasha kubutunga bwose butunganye nk'uko buboneka kuri uru rutonde rubyerekana. Nuko rero nta mu Pasitoro umenya byose.

Ku rundi ruhande, buri mu Pasitoro agira icyo afitemo ubuhanga rwose. Amatorero n'abakuru b'amatorero matoya biteze ko abapasitoro babo baba abanyabwenge muri byose kandi bagakora buri kintu cyose, baba babahatira kumara igihe kinini bakora ibyo bakunda buhoro, bakabikora nabi. Abapasitoro bamwe bamara igihe cyabo pourcent 80% bagikoresha mu bintu cyangwa ubumenyi badafitemo ubuhanga buhagije. Ibi rero ntibirindagiza gusa abapasitoro, ahubwo bibuza itorero kubona na bya bindi yari asanzwe ashoboye kandi azi yari kugaburira umukumbi bitamugoye. Abakuru b'amatorero bagomba gufatanya n'abapasitoro babo maze bakabasha gutahura imbaraga z'abapasitoro babo, maze noneho bakabafasha gutunganya itorero no kwungukira muri ayo mahirwe yo kugira izo mbaraga z'ubumenyi.

3. Gusimbura intege nke z'umupasitoro. Abaroma¹² hagereranya Itorero n'ingingo z'umubiri w'umuntu. Iyo urugingo rumwe rw'umubiri runaniwe/rukagwa, ntabwo umubiri uruheza ngo urute. Ahubwo uraruzanzamura, ukarufasha kwisubira. Iyo amaso adashobora kureba, ugukabakaba kw'intoki no kumva kw'amatwi birabisimbura maze bikarushaho gutyara cyane. Ikibabaje, amatorero ahanganye n'intege nke z'abapasitoro usanga yihutira kumunenga no kumuhinyura kurenza kwihutira kurengera no gusimbura intege nke ze. Gusimbura intege nke, bigomba kuba umwe mu mirimo ikomeye cyane kandi ifite agaciro y'abakuru b'itorero.

Aho umupasitoro afite intege nkeya hose, birumvikana burya ko haba hari umukuru w'itorero uba uhafite imbaraga nyinshi, afite imbaraga n'impano z'umwuka bihagije; niyo mpamvu yagombye gukoreshwa n'umwuka w'ubushake maze akemera kujya kumusimbura akaziba icyo cyaho. Iki ni cyo kirema kandi kikerekana ubufatanye bw'umupasitoro n'umukuru w'itorero.

4. Pasitoro n'umuryango we mu murimo w'ibwirizabutumwa. Abapasitoro n'imiryango yabo bakeneye abakuru b'amatorero, babemera kandi bakabishimira mu rwego barimo nk'uko bari, nta mazimwe cyangwa se ubundi bugambo bwo gusebanya; muri make bakeneye **inshuti**. Hagomba kuba gahunda muri buri torero ry'itsinda ry'abantu rigenewe gushyigikira no kugoboka umuryango wa Pasitoro. Iki ni kimwe mu bikorwa by'itorero, pasitoro adashobora gutangamo uburenganzira. Iki ni igikorwa kitabirwa kandi kigategekwa n'umukuru w'itorero.

Umupasitoro nawe ajya akenera kuyoborwa. Abapasitoro bitwa abungeri, ariko kandi burya nabo ni intama. Kandi intama rimwe na rimwe zikenera kuragirwa. Abapasitoro bakwiriye gutoranya intara/umunyamabanga w'ibyiciro by'imirimo y'itorero wa Field/Misiyoni, umupasitoro basangiye umurimo, cyangwa

se undi utari uwo mu itorero ryabo ho abajyanama, n'ababunganira mu by'umwuka. Ariko rero inkunga ya mbere igomba iteka ryose kuva mu bizera bo mu itorero rye bwite__ rya torero ritoya aruhukiramo, riyoborwa n'abakuru b'itorero baryo.

Ntabwo ari ibyoroshye ku bapasitoro bamwe kwemera gufashwa mu by'ubuyobozi bwa gishumba n'abizera we ubwe ayobora. Baratekereza bati: "Niba ndi umufasha w'bandi, none nanjye nkaba nkeneye umfasha, mbese ubwo ndi mufasha bwoko ki? Nyamara ubushakashatsi bwerekana ko n'aba bandi bafite umwuga wo gufasha abandi, bakaba ari ba kabuhariwe, nabo usanga bamazwe n'indwara y'umunaniro, ibitekerezo no kurengwa n'ibibazo nabo ugasaga ari bo bakeneye ubufasha cyane kenshi. Umukuru w'itorero ufasha, na Pasitoro wemera kubwakira bombi baba bariho gushyira mu bikorwa iyo bokamana ryo kwicishabugufi. **"Mwikorerane imitwaro, kugira ngo mubone uko musohoza itegeko rya Kristo".(Gal 6:2).** Imana isanga abantu twese, ndetse n'abapasitoro, ikatwoherereza abantu kudufasha.

None se ni gute abakuru b'itorero bashobora kuyobora abapasitoro?

- ***Emera kamere ubumuntu bwabo.*** Abapasitoro bashimira cyane urukundo beretswe, ariko rimwe na rimwe bakumva ko biterwa n'icyo bahagarariye, ntibiterwe nuko nabo ari abantu nk'abo bandi. Reka nabo bamenye ko bashobora kugira inenge, bacumura nk'abandi, ariko ko bitababuza gukomeza gukundwa.
- ***Ba Barinabas, umukozi w'intwari.*** Kenshi ubakomeze kandi ube inyangamugayo. Muganire ku ngingo zimwe na zimwe zihariye. Babwire ingingo zimwe zo mu kibwirizwa zagufashije cyane.
- ***Ba umuntu uzI gutega amatwi.*** Bumve ugaragaza ishavu niba bahisemo kuganira ibibazo n'ingorane. Komeza kubika ibiganiro by'ingenzi mwaganiriye, ubigire ibanga rikomeye.
- ***Gushyigikirwa n'abantu.*** Niba ufite amatiku n'amacakubiri, bikemurire mu bwiherero. Iyi ni imwe mu mpamvu zituma inama z'abakuru b'itorero ari ingenzi. Muri icyo nama, abapasitoro n'abakuru b' amatorero bashobora kutumvikana, ariko uteganye ko uvuye aho ukajya mu nama y'itorero n'inama z'imirimo zagombye kuba ziteguwe ku buryo abakuru b' amatorero babasha kuzishyigikira badahanganye cyangwe ngo bavuguruzanye.
- ***Tanga ubuhamya mu ruhame imbere y'abizera b'itorero*** bwerekana ikintu abapasitoro bawe bakoze maze kikaba cyarahinduye imibereho yawe. Reka abizera bamenye ko utazihanganira ihinyu no kunnyegwa kw'umuryango wa gipasitoro imbere yawe.

Ibuka ko kimwe na we, abapasitoro bafite inshingo ibahambiriye yo kuyobora Intara zabo. Biba bisobanuye ibintu byinshi iyo ubahamirije mu ruhame ko Pasitoro ari umuyobozi w'abakuru b'itorero b'iyo ntara/Field.

- ***Gira umunsi wo gushimira Pasitoro rimwe mu mwaka.*** Rarika Abapasitoro bicarane n'imiryango yabo kuri uwo munsi. Maze ugororere Umuryango wa Pasitoro urwibutso nk'ifoto (Photo album) amafoto menshi amurika ibikorwa binyuranye bikaranga n'ubuzima bw'itorero.
- ***Itange utizinganiye. " Pastoro, ndatinya ko ukora birengeje urugero. Mbese aho haba hari ikintu ushaka ko ngukorera kugira ngo noroshye umutwari wawe? Umupasitoro umwe wariho kwirwanira n'ikibazo wenyine yunganiwe n'abakuru b'itorero rye maze n'urukundo baramubwira bati: "Pasitoro, tuzi ko hari ikitagenda neza. Ntabwo ari ngombwa ko ubivugaho kuko, ariko niba utabishaka utyo, cyakora turashaka ko umenya utakisangije wenyine, turagifataniye. Turagukunda kandi turagusengera".***
- ***Kemura ibibazo by'itorero.*** Uyu ni wo mwanya wowe nk'umuyobozi waba ingirakamaro kubwo kwitanga. Birumvikana ko wabaye igihe kirekire mu itorero kurenza Pasitoro, ukaba wari ukwiriye gusobanukirwa neza icyo kibazo. Watorewe kuba umukuru w'itorero kuko itorero ryari rigufitiye icyizere. Amatiku y'itorero ni kimwe mu bibazo menamutwe ku bapasitoro, cyane cyane iyo abakuru b'itorero bafite uruhare muri ibyo bibazo. Niba ushobora gukoreshwa n'Umwuka -Wera maze ukwunga abantu, ukabahuza Pasitoro wawe azahora abigushimira.
- ***Ibande cyane ku kugena igihe cy'amateraniro y'ivugururwa mu by'umwuka.*** Imbaraga z'iby'umwuka zishobora gukama. Batere inkunga bafate igihe gikwiriye cyo gusenga no kwiyeza.
- ***Ibande ku muryango n'igihe cy'ivugururwa.*** Niba ubuzima bw'ab'umuryango wa Pasitoro butagenda neza, umurimo wa Pasitoro urahababarira. Niba ubuzima bw'umupasitoro bwitabwaho nabi, abizera b'itorero nabo bazakeneshwa, bagaburirwe gikene.
- ***Shyigikira gushyiraho ibiro y'abajyanama.*** Abapasitoro n'imiryango yabo rimwe na rimwe bakenera bakabuhariwe mu gutanga inama. Usanga ariko akenshi banga amahirwe nk'ayo yo guhabwa inama. Itorero, uko byamera kwose, rishyigikira buri ntara/Field/Missioni kuba ryateganyaga ibiro nk'ibyo bishinzwe kugira abantu inama. Abakuru b'amatorero bafite imbaraga zikomeye kandi hamwe n'abayobozi b'intara/Field/Missioni, bashobora gusaba ko imirimo nk'iyi yashyirwaho ikajya yunganira abapasitoro.

- **Basengere kandi ubashyigikire, ukoresheje kubibamenyesha.
Tera inkunga, kandi ushyigikire umugore w'umupasitoro.**

Ubushakashatsi bwerekana ko abenshi bahora bigunze bumva ko ari intabwa. Abizera b'itorero biteze ko umuryango wa gipasitoro uhora iteka ryose ari intangarugero kandi n'amarembo y'urugo rwe agahora akinguwe. Mu ntekerezo zabo, bahora biteze ko uyu mugore wa pasitoro asohozwa inshingano mu itorero zihwanye n'iza wa wundi wa wahahoze mbere. Abakuru b'itorero bagomba kurengera ku mugaragaro uburenganzira n'inyungu z'abagore b'abapasitoro bakabareka bakaba aribo bitoraniriza umurimo wabo ubwabo bashoboye gukorera itorero kandi bakareka bagakoresha impano zabo bwite kurenza ko babahatira gukoresha impano z'umugore wahahoze mbere basimbuye.

Tera inkunga bamwe baturire abagore b'abapasitoro musangire mu minsi y'ibirori by'amavuka yabo (birthday).

Fasha abana b'abapasitoro mu gihe bari muri gahunda yo kubwiriza. Ku minsi y'isabukuru y'ishyirirwa ryabo, ha pasitoro n'umufasha we imyamyabushobozi cyane cyane wabatumye ahantu heza nko mu ihoteli/Restaurant, maze kandi umuhe n'umurezi w'abana w'umukorerabushake wa n'imugoroba. Tanga impamyabushobozi yandikishije intoki yo kubasha imirimo yo kurera abana, isuku yo mu nzu, ku buryo bwihariye nko hagati mu materaniro y'ibwirizabutumwa.

Tanga inama nyunganizi ku bana b'abapasitoro. Gerageza kutabahindura ibigirwamana igihe ubonye ari abana beza cyangwe ngo ubasarike igihe bitwara nabi. Gutekerezwaho ko bazagira imibereho iboneye ya gikristo ni umutwaro uremerereye buri wese kuba yawikorera, cyane cyane ku bana. Baracyabategerejeho byinshi bishobora kubateza ingorane n'abo urungano rwabo.

Ibanye cyane ku kudakomeretsa ababyeyi b'abapasitoro (abahamagariwe umurimo w'ubupasitoro). Abizera baba bumva ko bakwiriye gushyigikirwa cyane iyo pasitoro afite amakosa bamurega ariko bakarushaho kumunnya cyane iyo bumva ingorane zose zituruka ku ntege nke z'umugabura. Ababyeyi bese bagira intimba ikomeye cyane iyo babonye abana babo bataye umurongo, ariko nta bababara ngo barushe imiryango y'abana b'abapasitoro bahamagariwe uyu murimo. Menya ko nabo (ababyeyi) bakeneye imbaraga zawe ngo ubashyigikire aho kubannyega no kubaryanira inzara.

Tanga umwanya wihariye wo kumva no kugenzura umuryango mushya. Ujye ubanza kumva intangiriro y'akababaro akenshi gakunda gukurikirwa no kubura k'uwo mukunzi. Mu kababaro k'abizera, kumvira kw'itorero riba rigifite kuri wa mu pasitoro wa cyera, gushobora gutuma bivumbagatanywa ntibumvire umushya.

Niba umupasitoro wa mbere, yari akunzwe, abizera bashobora kugirira uburakari uwo ari we wese washaka kwandavuzwa umwanya w'uwo mupasitoro wa cyera. Niba kandi umupasitoro wa mbere atari akunzwe, abizera bashobora gukongereza ubwo burakari bari bafitiye uwo mupasitoro wa cyera wa mupasitoro mushya.

Ariko niba itorero rikibabajwe n'uko ryabuze umupasitoro ryakundaga, ongera utekereze no ku ruhande rw'umupasitoro mushya, utekereze ukuntu na we yababajwe n'uko yasize abavandimwe n'inchuti ze zose muri ya ntara ye ya kera yimutsemo. Iyumvishe neza kuranduka kwabo. Bimukiye mu nzu nshya, abana, inshuke batangiriye ishuli rishya ahantu ubwabo batazwi, ahantu nk'abana b'abapasitoro uzasanga babaye nk'utwana duto tw'inzaduka; niba umugore yarasanganywe akazi, aho ni ngombwa kuziruka ku kazi ke kugira ngo azabashe kukabona no gutangira gukora nazo ni izindi ngorane; none rero murumva ko nabo bagomba kwongera kubona abandi bavandimwe n'izindi nshuti ngo basimbure abo basize. Rwose gerageza kubumva mu kababaro kabo ndetse no mu migayo yabo.

Mushake uburyo bwiza bwa gikristo mwebwe abizera mubasha kuza gusuhuza uwo muryango wa gipasitoro maze muwufashe gushinga imizi no kwisanzura. Ahari inzu yabo nshya ishobora kwozwa, igasukurwa, igaterwa amarangi na vernis ndetse n'igaburo rito rishobora gutegurwa maze mukaribabikira mu kabati kabo. Mukimara kubona ibikwiriye gukorwa byose birangiye kandi bihagije, noneho gahunda yo kumwakira yateguwe neza yakurikiraho maze igaherukwa na gahunda yo kumushyira mu mirimo ye mishya kumumurikira ibiro, ibitabo, ibikoresho n'ibindi... Ugenzure neza umenye niba abagize umuryango wa pasitoro bose bahamagawe; kuko akenshi usanga abantu bakira Pasitoro wenyine bagasiga abandi bazanye bagize umuryango we, bakumva Pasitoro ari we ngombwa kurenza abo bandi. Uyu ni umwe mu mirimo ngombwa y'abakuru b'itorero mu itorero rye. Gahunda yo kumumurika no kumutangiza imirimo ye yagombye gutegurwa na abakuru b'itorero bafatanije n'intara/Field/Misiyoni. Ubusobanuro burambuye urabusanga mu gice giheruka cy'iki gitabo cy'indongozi ndetse no mu Gitabo cy'Umukozi(Umugabura). (Reba na none Casette Video yaturutse mu Cyicaro cy'inteko Rusange y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, mu buyobozi bw'icyiciro cy'imirimo y'Itorero ifite umutwe uvuga ngo: "**Wa kunda umuryango wa pasitoro wanyu gute?**")

Iteganyamigambi ry'itorero

Tegura ukurikije Bibliya.__ Itorero ni igihangange gihondobera gikeneye gukangurwa. Bityo rero, bake gusa mu matorero nibo usanga barasagutswe n'imirimu, ndetse baraguye agacuho, mu gihe abandi bo ndetse hafi y'igihe cyose usanga ari inderamaboko, nta murimo n'umwe. Bituma dutekereza ko itorero bwa mbere, ari nk'ikigo, ishyirahamwe, kurenza ko turitekereza ko ari umuryango w'ubwumvikane n'ubusabane cyangwa se umuryango urangwa no kwizera, ubundi busanzwe ari bwo busobanuro nyabwo bw **"itorero"** mu Isezerano Rishya. Twizera ko umurimo w'abizera ari uwo kunganira abakozi baturumwe babihemberwa n'itorero kurushaho kunoza umurimo wabo. Nyamara mu kuri umugambi wa Bibliya wo nuko umurimo w'ingenzi w'abakozi ni uwo gufasha abantu gukora umurimo wabo.

Umugambi w'Itorero, Umugambi wa Kristo, ni wo mugambi rukumbi ushobora kurangiza umurimo wabo. **"Umurimo w'Imana muri iri yi si ntabwo ushobora kurangizwa na rimwe kugeza ubwo abagabo n'abagore bari mu itorero ryacu birunduriye ku murimo, maze bagahuriza hamwe imbaraga zabo n'iza ba Bagabura n'Abayobozi b'Itorero"** (Umurimo wa Gikristo, p. 68). Igipimo nyakuri cy'ibwirizabutumwa ntabwo gihagije kumenya ngo ni bangahe baza mu itorero gusenga, **ahubwo gihagije ni ukumenya ngo ni bangahe basohoka mu itorero baja hanze gukora, kubwiriza, kuvuna gufasha mu yindi mirimo inyuranye.**

Abapasitoro benshi n'abakuru b'itorero benshi, igihe cyose bakizera ibi bintu gusa mu magambo n'inyandiko gusa, bazahora babona bibakomereye kubishyira mu bikorwa. Ndetse rimwe na rimwe usanga byoroshye kwikorera umurimo wowe ubwawe kurenza ko wawuhamagarira undi ngo aze kuwugukorera. **Igitekerezo ni iki: " Niba ushaka ko ukorwa neza, utunganye, genda uwikorere"**. Intekerezo nk'izi, zifite, uko byamere kwose, ikosa rikomeye cyane mu bumenyi bw'iyobokamana. Iyi ntekerezo yakagize agaciro iyaba imirimu yacu ya mbere yatumaga imirimu y'itorero ikorwa. Nyamara dore siko biri. Umurimo wacu wa mbere ni uwo kwongera abizera b'Itorero, kandi abizera bakorera Umwami barushaho gusabana n'Imana. Abizera bakorera Itorero baguma mu Itorero.

Umugambi wa Bibliya ni uko buri wese wo mu Itorero yagombye kugira icyo akora, ariko bese ntibababakora ikintu kimwe. Izi ntekerezo zashimangiye cyane inyigisho yo mu Isezerano Rishya yitwa **"Impano z'Umwuka"**. Iteganyamigambi ry'Itorero ryagombye gushingira cyane kuri izi ngingo zikurikira:

1. *Kwiga impano z'umwuka.* Impano z'umwuka ntabwo zikwiriye gufatwa n'abayobozi b'itorero nk'aho ari zo muti wihariye wo gukoresha ngo abizera bakore. Ahubwo, zagombye gufatwa nk'isano umukristo witanga ahabwa, kandi abashishwa n'Umwuka-Wera. Iki cyigisho kigomba kwiganwa ubushishozi no gusobanuriwa n'umwuka; ntikigafatwe ho ko ari impano zitangirwa gutegeka itorero.

Ihame ry'Impano z'umwuka, ryavugwa mu nsha make mu buryo bukurikira: Itorero ni umubiri muzima wa Kristo kandi buri mwizera ni urugingo rw'uwo mubiri. (Ef. 1:22-23). Buri mwizera ni Umukozi (1 Pet. 2:9). Buri wese yahawe ubushobozi bw'umurimo binyuze mu mubatizo w'amazi n'Umwuka(Ibyak.11:15-17; 1 Kor12:13). Buri wese yahawe impano runaka z'umwuka ngo zunganire kubakwa kw'Itorero (Ef. 4:12). Buri wese wakiriye Umwuka -Wera yakira n'izi mpano z'umurimo cyangwa se iseri/igikongote cy'impano zatoranijwe na Mwuka w'Imana gukoreshwa mu umurimo wa Kristo. Kuvuga ko nta mpano z'umwuka dufite, bisobanura ko nta Mwuka w'Imana dufite(1 Kor. 12:11). Izi mpano z'umwuka zigiye zifitanye isano dusanzwe dufite. Kandi, Umwuka -Wera adutegeka gushaka umurimo izo mpano zishobora kutubashisha gukora dufasha abandi tubarehereza kuri Kristo.

Ellen White ashimangira aya magambo ati:" Hari urusobe rw'ibikorwa by'impano kandi byose biyoborwa n'Umwuka umwe. Izo mpano zinyuranye za Mwuka zigiye zerekaniye ku mubiri w'umuntu kuva ku mutwe ukageza ku birenge. Uko hariho abizera banyuranye n'imirimo inyuranye, nyamara ariko atari umubiri wose, ni ko biri no kubizera bagize umubiri wa Kristo, bese bategekwa n'umutwe ariko bese bakagira impano zinyuranye. Mu mutungo w'Imana, iki kigomba guhangana n'imiryango, amatorero n'intekerezo binyuranye byo muri iyi si. Imbaraga z'umugaragu umwe w'Imana ntabwo zishobora kuba imbaraga z'undi uwo ari we wese keretse uwo gusa" **Urwandiko 25, 1870, p. 1).**

Urukiramende rw'ibirahuri rurasira imicyo yarwo ku migabane igize inkuta zarwo, maze iyo migabane igahera ko ikamurika amabara yayo yose. Impano z'umwuka na zo ni amabara ya Kristo zakwijwe mu migabane igize impande ze. Nta muntu umwe ku giti cye, uhagarariye Kristo, ahubwo buri wese ahagarariye urugingo rw'umubiri we(Kristo). Keretse gusa umubiri w'Itorero/abizera bese uko bakangana ni bo bahagarariye byuzuye umubiri wa Kristo. Nuko rero, Abayobozi b'itorero nti bagomba gutanga umudendeko gusa, ahubwo bagomba no kwemera muri bo, kumenya intege nke zabo, urubibi rw'ubumenyi bwabo, maze kandi bakamenya ko bakeneye ubufasha buvuye ku bice bisigaye by'umubiri(itorero).

3. ***Fasha abizera kumenya neza impano zabo z'Umwuka.*** Ikibazo nyakuri cyo kubaza ntabwo ari: Ni buryo ki twabona abizera bacu bose maze tukabemeza gukora icyo dushaka ko bakora? Ikibazo ahubwo ni iki ngo: "**Ni buryo ki dushobora gufasha abizera bacu gusohozwa ibyifuzo byabo bwite, byo kwinjira mu mirimo y'itorero, kwitanga no kwegukana insinzi y'itorero?**"

Inzira imwe yo gufasha abizera kumenya impano zabo ni kubafasha urutonde rw'impano z'umwuka nka rumwe ruri mu Ishuli ry'Itorero n'Imirimo muri Andrews University. Rwashobora kuboneka mu Cyiciro cy'imirimo y'Itorero muri Union yawe/Misiyoni/Conference. Ingaruka nziza zishobora kwemezwa n'abandi mu mubiri wa Kristo bazi uwo muntu neza. Ibindi byemezo bituruka ku kuzobera mu mirimo ukoresha impano umuntu asa n'aho afite.

3. ***Tegura Itorero ukurikije ibyiciro by'imirimo bikoresha impano z'abizera.*** Mu gihe utegura gahunda y'itorero, wizirikana gusa icyo itorero rishaka ko usohozwa. Zirikana bwa mbere impano mufite mu bizera b'itorero. Menya neza ububasha bwabo, maze utegure neza gahunda y'itorero kugira ngo ihwane neza n'izo mpano.
4. ***Hugura abizera mu byiciro byabo batoranirijwe.*** Umwe mu mirimo y'ubuyobozi bw'itorero ni uwo guhugura abizera baryo gukoresha impano bahawe mu guteza imbere umurimo bashinzwe. Ibyanditswe bitwigisha ku mugaragaro ko, Imana yashyize hirya no hino mu buyobozi bw'itorero abantu bafite impano, kugira ngo bazikoreshe mu guhugura, kunganira no gutegura abasigaye bo mu itorero ngo bagire imirimo myiza (Ef.4). Niba rero ari uko bimeze, ni inshingano y'ubuyobozi bw'itorero guhugura abandi bizera mu mirimo inyuranye, nibwo itorero ryawe rizajya rihora riyobora gahunda y'amahugurwa nk'ayo mu bihembwe kugira ngo uhe abizera bawe ubumenyi buhagije buzababashisha kuzajya bakoresha neza impano zabo z'umwuka. Field/Conference/ Misiyoni byawe ishobora rimwe na rimwe gutanga ibikoresho n'abarimu bo kubahugura

Buri torero ryagombye kuba Ishuli rihoraho ryo guhugura abakozi b'abakristo. Abizera baryo bagombye kwigishwa uburyo bwo gutanga ibyigisho byo Gusoma Biblia, uburyo bwo kuyobora no kwigisha Ishuli ryo ku Isabato, uburyo ari byiza gufasha umukene, kwita ku murwayi, uburyo umuntu yakorana n'abatarihana. Hagombye kubaho ishuli ryo kwita ku buzima, amashuri yo guteka, n'andi madarasa anyuranye yerekeye umurimo w'ubufasha bwa gikristo. Ntabwo hakwiriye kubaho kwigisha gusa, ahubwo bibe umurimo ukwiriye koko ukozwe n'inararibonye z'abigisha. (The Ministry of Healing, p. 149).

Ubundi buryo bwo gutoza abayobozi b'itorero babasha guha abizera babo ni ubwo kubamenyereza kwemera imirimo y'abandi bizera. Ikibabaje, umurwayi n'uwatentebutse, impabe n'uwigunze, rimwe na rimwe bumva bafashijwe iyo pasitoro ari we wihanishije gusa. Birababaje cyane ku bayobozi n'abakuru b'itorero kugera ku bizera maze ukumva gusa bariho binuba ngo itorero rirabasuzugura iyo pasitoro ataharuhukiye. Ellen White yaragenzuye maze aravuga ati: **"Ubufasha bukomeye bushobora guhabwa abizera bacu ni ukubigisha gukorera Imana, no kuba ari yo yonyine bategaho amakiriro, aho guhanga amaso abakozi"** (abapasitoro, abayobozi bandi) Ibihamya, umuzingo wa 7, p. 19). Toza abizera bawe gusobanukirwa ko umurimo ukorwa n'itorero ryose uko ringana rikorera hamwe, kurenza kuwuharira Pasitoro wenyine.

Tegura gahunda y'umwaka wose.

- **Ingingo zagezweho.**__ Iteganyamigambi ryagombye gukorwa kandi n'intego zo kurasaho zigashyirwaho n'itorero ryose, aho gushyirwaho n'abayobozi baryo bakeye. Bakwiriye gutangirira ku bukene ngombwa bw'abizera n'itorero. Kimwe mu bikwiriye gukorwa mbere ni ugutegura imbanziriza teganyamugambi (preliminary planning) hamwe na Pasitoro noneho ukabona kuyizanira inama y'itorero. Mubyo mwigiyeye muri iyo nama mpaka, toranyamo ingingo n'imyanzuro yizwe neza kandi yemejwe maze uyishyikirize inama y'imirimo y'itorero maze urarike igiterane cy'abizera bose uganire nabo. Imyanzuro ikivuyemo ibe noneho ariyo igarurirwa ba bakurub'itorero n'inama yabo kugira ngo iyinoze yanzure, maze nanone iyo myanzuro izongere ishyingirizwe ya nama y'imirimo y'itorero kugira ngo yemezwe bwa nyuma. Ubwo buri wese noneho aba afite uruhare rw'ijambo muri icyo kiganiro. Abizera ubusanzwe bakwiriye gushyigikira ibyemezo n'imyanzuro baba bafashije gufatira muri iyo nama.
- **Gutegura ibibazo bizigirwa mu nama.**__ Izi ngingo zigomba kwigwa mu gihe utegura ibibazo bizigwa mu nama teganyamigambi z'umwaka wose:
- **Igenzura.** Mbere yo kwita ku byo itorero rishaka kuzakora mu mwaka utaha, banza ukore isuzuma n'itangagaciro y'ibyo itorero ryakoze umwaka ushize. Fasha abizera b'itorero kwibaza bati: **"Mbese ibyo turimo gukora ni ibiki?" "Aho tugana ni hehe?" "Mbese aho dushaka kuja ni he?" "Ese turiho gukoresha impano z'umwaka z'abizera bwacu bihariye mu buryo bwuzuye?"**

Noneho uhindukire ukore iteganyamigambi ry'umwaka utaha.

- **Ivugabutumwa.** Mbese ni izihe ntego zizakoreshwa? Ni ryari? Gukenura umukumbi mu by'umwaka. Ni izihe gahunda zizakoreshwa mu gufasha abizera mu iterambere ryabo ry'iby'umwaka?

Twakongeramo ibiganiro, kubyo kuganduka mu gusenga, gusura, Ishuli ryo ku Isabato, n'ibindi.

- **Urubyiruko.** Mbese aho ukora uko ushoboye kugira ngo wunganire abana bawe bo muri buri kigero?
- **Ibikorwa.** Mbese iyo mishinga y'inyubako koko irakenewe? Nonese inyubako nizimara kubakwa zizafatwa zite? zizitabwaho zite? Urusengero rufashwe neza kandi rufite isuku rurushaho kurarika abashyitsi kandi rukabakira neza. Urusengero rudasize irange, rwuzuye ivumbi n'umukungugu rwirukana abashyitsi n'abasangwa ubwabo.
- **Amavuna.** Mbese ni ayahe mavuna ngombwa akeneye kuzakorwa? Mbese azakorwa ryari? Ni nde uzayayobora?
- **Imbonerahamwe.** Umugabane wa gahunda yo kurangiza iteganya migambi y'umwaka wose uri mu biganza by'abizera b'itorero bakora imbonerahamwe igaragaza gahunda z'umwaka wose n'amataliki yazo.

Gutegura amatora y'itorero

Mbere y'amatora._____ Abayobozi b'ibyiciro binyuranye na za gahunda z'itorero ubusanzwe batorwa buri mwaka n'inama ndanga kandi bagatorwa n'abizera b'itorero uko bangana. Ubusobanuro bw'amatora y'itorero buri mu Gitabo cyitwa **Church Manual**, tutibagiwe n'urutonde rw'abakozi b'itorero bagiye bavugwa. Uru rutonde, ibyo ari ibyo byose, rugomba kwigwaho kugira ngo rube rukwiranye n'abizera.

Umurimo w'inama ndanga ni uwo kurobanura abizera bashobora gukora imirimo inyuranye n'ibyiciro binyuranye by'itorero. Nuko rero inama izaba ikeneye kwitonda cyane mu gihe isuzuma ubukene bwihariye bw'itorero n'impano z'umwuka ziri mu bizera b'itorero. Yabasha kugerageza guhuza neza impano z'abantu n'ubushobozi n'ubukene n'ibisabwa muri buri buyobozi bw'icyiciro.

Abantu ntabwo bahita batora gutya gusa, buri mwaka ku cyiciro iki n'iki. Amazina yabo yagombye gusuzumwa buri mwaka kugira ngo bahamye ko bakiri abantu bo kwizerwa kandi bakiri muri iryo torero kugira ngo babashe gukomeza gukora iyo nshingano. Ntabwo abantu batorwa kubera imyanya baba basanganywe muri Sosiyeti cyangwa se kuko bumva ko bikwiriye ko batorwa. Gutorerwa imirimo kwose gukwiriye kuba gushingiye ku mpamvu imwe gusa yuko ari bo bantu babashije rwose kurenza abandi kuba bakora izo nshingano/imirimo.

Mbere y'amatora, gahunda y'iteganyamigambi y'umwaka yagombye kuba yararangijwe n'imishinga y'umwaka utaha yarizwe neza ndetse yararangijwe, kandi yaravotewe, yaremejwe n'inama y'Itorero. Gusa iyo itorero rizi icyo rishaka gukora rishobora mu buryo bw'ubwenge gutora abakuru b'itorero bo kuyobora iyi gahunda igihe iriho gukorwa. Urutonde rw'abakuru b'amatorero bakenewe n'urugereko rw'imirimo kuri buri wese byagombye guhabwa inama ndanga bikaba aribyo ishingiraho itoresha.

Inama Ndanga._____ Inama ndanga igomba gutorwa hakiri kare mu isoza ry'igihembwe cya nyuma cy'umwaka w'itorero kandi abayobozi bashya b'itorero bagatorwa nabura ibyumweru 3 mbere y'Isabato iheruka y'Umwaka w'Itorero. Umwaka w'itorero wo ntabwo ukeneye gutangirana n'intangiriro y'umwaka wa Kalendari cyangwa ingengaminsi isanzwe. Intara/Conference/Misiyoni/Field ni yo ikwiriye gushyiraho igihe ntarengwa ugomba gutangiriraho muri buri karere/intara. Harimo ubwenge gutangira umwaka w'itorero ushingiyeye ku gihe gisanzwe gitangira umwaka usanzwe cyane cyane iyo itorero rishaka gukora birenzeho.

Gahunda y'amatora y'itorero aheruka umwaka itangirana n'itoranywa ry'inama igomba gutora inama ndanga. Ibi bishobora gukorwa n'abizera bose b'itorero bateranye (itorero ryose), aho itorero rishobora gutorera ko ryemeje kwongeramo umubare runaka w'abizera mu nama y'itorero, noneho ikaba ariyo ijya gutora abagize inama ndanga. Uburyo bwa mbere ubusanzwe, nibwo bwiza kuko amatora agomba kugenzurwa n'abizera bose, aho kuba inama. Ubunini bw'inama ndanga buterwa n'umubare w'abizera b'itorero.

Inama yose itora inama ndanga, byemezwa n'iryo torero rigasobanura uko inama ndanga igomba kungana. Abo batorewe gufasha mu nama ndanga bagomba kuba ari abantu bakuze, bazi ururo n'icyatsi, bashoboye gutekereza neza, bashyira mu gaciro mu gihe cy'itoro n'iyemezwa ry'abakozi b'itorero. Nanone kandi, igikorwa icyo ari cyo cyose gifite inkomoko cyangwa kamere ya politiki n'ubugambanyi ntigikwiriye kwemerwa, haba mu gihe barobanura abagize inama cyangwa mu gihe iriho gukora inshingano yashinzwe.

Nta bizera bagomba kwitwaza umwanya uremereye w'ubuyobozi bafite mu itorero ngo bumve ugomba kubahesha uburenganzira bwo kuba mu nama ndanga (ex -officio members). Nyamara, icyo tumenyereye nuko Pasitoro, icyo gihe aba ari umutumirwa mu nama ndanga. Inama itora inama ndanga, na none isaba ko igira umuyobozi wayo n'umunyamabanga/umwanditsi wayo. Inama ndanga igomba kuba yemejwe binyuze mu itora ry'abizera, igatora n'amazina y'umukuru w'inama n'umunyamabanga/umwanditsi.

Inzira nziza yo gutangiza igikorwa cy'inama ndanga ni iyo gusaba abizera/itorero kugenzura neza ibyiciro by'imirimo bibasha gukenerwa n'abizera kandi bikaba bikwiranye n'impano ubwabo bafite. Inama ntabwo itegetswe gukurikiza aya mabwiriza, ariko igomba kuyazirikana bihagije. Koko rero, Umwuka Wera ushaka gukoresha Inama ndanga z'itorero gufasha abizera kwibonera abakozi bashoboye b'imirimo n'ibyiciro bakwiranye n'impano z'umwuka zabo. Inama ndanga cyangwa se irindi tsinda ryagombye gushyira hamwe urutonde rw'imirimo ikenewe muri buri kiciro maze ikuzuzwa. Ubu za Diviziyo nyinshi zigiye zifitiye urwo rutonde rw'imirimo.

Inama ndanga itora gusa abantu b'abizerwa bo muri iryo torero. Mu gihe abantu bamaze gutorerwa umurimo w'itorero, abagize inama barabibamenyesha kandi bakababaza kubaha icyemezo cyabo cy'uko bemera rwose gukorera itorero muri uwo mwaka.

Raporo y'Inama ndanga.___ Iyo inama ndanga imaze kurangiza umurimo wayo, Pasitoro cyangwa se umukuru w'itorero agenzura niba umuyobozi w'inama ndanga n'umwanditsi/umunyamabanga bazaniye raporo y'inama mu bizera b'itorero nko kw'Isabato mu gitondo cyangwa se mu mwanya wihariye wahamagajwemo inama y'imirimo y'itorero.

Aha ngaha ntabwo Inama y'itorero iba igifite ububasha. Amazina y'abayobozi batowe ahita ashyikirizwa abizera cyangwa se agasomwa mu ijwi riranguruye.

Nabura icyumweru kimwe kiratangwa kigaharirwa uwo ari we wese waba afite impamvu, cyangwa se ikibazo yashyikiriza inama ndanga. Ibi rero, bihita bivanaho kwatura amazina y'abantu bafitweho ibibazo mu ruhame; bibuza kandi kuba ibyo bibazo byacocerwa mu ruhame imbere y'abantu. Mu nama ikurikiyeho, abayobozi bashya bongera gutorwa ku mugaragaro. Kuri iyi ngingo, inama ndanga ubusanzwe iyo irangiye imirimo yayo iraseswa, cyakora usanga amatorero magari yifuza gukomeza guhozaho iyo nama ndanga kugira ngo iyifashishe mu kuziba ibyaho by'imyanya y'ubuyobozi ikenewe kuzarangiza umwaka wose. Mu matorero menshi, inama y'itorero ni yo igira uruhare rwo gukora uyu murimo wo kubatora.

Imiterere y'ubuyobozi

Abayobozi bagomba kuyobora.___ Abayobozi bashobora kugira imiterere myinshi inyuranye myiza kandi ishimwa; ariko hari kimwe k'ingenzi gikenewe ku bayobozi bese bese: **bagomba kuba Abayobozi buzuye umwuka w'Imana.** Kuyobora abantu ntaho bihuriye no gucunga ibintu. Abayobozi beza nti bajya bashimishwa no kugumisha ibintu uko babisanze. Berezwaga byombi gukura mu by'umwuka no kwiyoungera kw'abizera n'imirimo mu itorero. Ntabwo bashakaga impindura bitewe nuko bayishakaga gusa. Ahubwo bahora bashakashakaga uburyo n'inzira byiza byo gukora imirimo. Ku byo kuyobora, bagomba guhora bari ku ruhembe rw'imbere, ariko bitavuze kwishyira imbere ku buryo bwatuma abizera batagishobora kumukurikira.

Abantu n'ibigo usanga rimwe na rimwe bananirana kwemera impinduka. Ibi bigaragara cyane mu matorero kurenza uko biboneka mu bigo. Ubusanzwe abantu bashakaga idini n'itorero kubera impamvu z'umutekano, kandi impinduka mu buryo budahinduka zihungabanyaga umutekano. Uko icyagati cy'ubukuru bw'abizera b'itorero kizarushaho kwiyoungera niko n'amatwara y'impinduka azagenda arushaho kubura.

Abayobozi bagomba gushyigikira amatwara y'impinduka bakabavana mu mitekerereze itiyungura ya ba mudahinduka, bakabageza ku matwara y'imatekerereze igamije kwiyoungera n'iterambere ry'abizera n'itorero. Cyakora rero, tuzirikane ko, amatwara y'impinduka iteka ryose adasigana no kunengwa kw'uyaharanira. Abayobozi b'abakozi bakeneye kugira umutima nk' w'inuma n'uruhu nk'urw'imvubu, kugira ngo babashe kumva ibyifuzo by'abantu n'ubukene bwabo, kandi bakaba babashije guhangana no kwihanganira kunegurwa no kunnyegwa. Bashobora guhosha ibinegu bakoresheje inzira yo gushakira imyanzuro bese bemeranyaho, bakemera kwimenyereza kwinegura ubwabo igihe ari ngombwa, kandi bakanga guhangana bibwira ko bariho kwirengera uko byamara kwose.

Abayobozi na none bakeneye kugira kwihangana iyo bavuye mu bizera babo bagiye mu bo hanze mu gikorwa cyo gukiza imitima. Amatorero menshi yashinzwe cyera amaze kuba ibigugu, ameze nk'amato manini cyane yo mu nyanja atwara abantu n'imizigo, akenera igihe kinini n'ahantu hanini ho gukatira cyangwa guhindukirira. Amahindura menshi, akozwe vuba na bwangu, ashobora guteza itorero guhirima.

Inzira abayobozi bakoresha mu gushishikaza no kuyobora ababakurikiye ngo basohoze intego zabo niyo twita uburyo bw'imiyoborere. uburyo bw'igitinyiro n'ubuyobozi nabyo akenshi usanga ari insanga n'ingoyi ku buryo ari ingume kubona aho uburyo bw'imiyoberere butandukanye n'igitinyiro cyacu twe abayobozi.

Kugira ngo rero umurimo wawe ugende neza, uko ubishoboye kwose, ukwiriye kuringaniza uburyo bw'imiyoborere yawe n'urugero rw'itorero uyoboye.

Itorero rigizwe n'abize cyane, abantu ba kabuhariwe mu shungura imyanzuro minini no gufata ibyemezo by'ingenzi, nti babasha kwemerera Pasitoro cyangwa abakuru b'itorero kugira uruhare rukomeye mu gufata ibyemezo. Itorero rigizwe n'abantu bakorera abandi ndetse bakaba bamenyereye kwumvira amategeko n'amabwiriza by'abandi, bakwemera kuyoborwa mu bundi buryo bw'imiyoborere itandukanye n'iyi.

Imiyoborere ya Gikristo igomba kuba ari imiyoborere yubatswe ku rukundo kandi igaragaza urukundo (love - centered leadership). Ubuyobozi bushingiye ku bwenge n'ubumenyi n'ikoranabuhanga n'ingenzi cyane. Ariko rero, ubuyobozi bushingiye kw'ikoranabuhanga ntabwo bucyenewe cyane nk'uko ubuyobozi bushingiye ku bukristo n'Umwuka bukenewe. Ukuntu uyobora ushingiyeye ku myifatire myiza n'umwuka wa gikristo ni byo ngenzi kurenza uko wayoboresha ubuyobozi bushingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga gusa.

Ikidakwiriye kwibagirana mu buyobozi bwa buri wese ni akamaro ko gushyigikira no kwamamaza imyizerere rukumbi y'Itorero ryasigaye. Muri iyo kandi harimo amahame yerekeranye n'ukuntu Ubukristo bwunganira ubuzima bwacu, imirire n'iminywere, umuryango, umurimo ndetse n'amahitamo yacu ku myambarire n'ibiganiro byacu.

Imiterere y'Imiyoborere idakwiriye.___ Abayobozi benshi bakoresha imiterere y'ubuyobozi ikoresha ubwoba n'iminyafu y'igihano kugira ngo bakangure abizera bacu. Abandi bayobozi bakoresha ububasha n'ubutegetsu bahabwa n'imyanya bafite mu guhatira no kwikoreshereza uko bashatse abizera babo ibikorwa ibi n'ibi. Na n'ubu hariho n'abagikoresha uburakari n'ururimi rw'urutoto kugira ngo bagaragaze ububasha bwabo ku bizera. Ubuyobozi bukiyambaza bene ubu buryo bw'igitugu n'agahato ntabwo bakwiriye gukoreshwa mu buyobozi bw'Itorero ry'Imana. Iyo mitegekere y'imbaraga, agahato n'igitugu bigikoreshwa na bamwe, ishobora guteza ingaruka zishishana, cyakora yenda, ibikorwa biyobowe n'inzira nk'izi, bibasha gutera ingaruka zikomeye zihoraho.

Abayobozi bahisemo imiyoborere ikoresha inzira y'igitugu n'urutoto rimwe na rimwe ni bo igirira akamaro gusa. Nubwo baba bagamije gukora neza, usanga barabaswe no gukunda kugaragara ku ruhembe rw'ubuyobozi bw'itorero, bagafata imyanzuro, bakemeza intego zo kugeraho batigeze batumira abandi bayobozi cyangwa abandi bakozi b'itorero ngo babifatanye. Benshi bakora ikosa ryo kuvuga ko bo bonyine baramutse batingenzuriye ibikorwa mu itorero ngo nta wundi wabikora ngo maze bizatungane. Abayobozi nk'abo koko, bafite urwibutso rutoya cyane rw'imirimo n'ibikorwa byakozwe n'abandi bababanjirije kandi bikagenda neza. Bizera ko uburyo bwabo bw'imikorere n'imiyoborere bwonyine ari bwo bwiza buri gihe.

Rimwe na rimwe usanga bitaye cyane ku murimo ukorwa kurenza uko bari bakwiriye kwita kuri abo bariho guhatira kuwukora. Imiyoborere nk'iyi itera intekerezo z'ubwibone, kwiyehera n'ubugome ku muyobozi, bityo iterambere ry'itorero rikadindizwa.

Imiterere y'uburyo bwo kuyobora mu Isezerano Rishya.____ Urugero rwiza rw'ubuyobozi turuhabwa mu Itorero rya Gikirsto rya mbere. Imiterere y'itorero ryo mu Isezerano Rishya yari imiterere y'imbaraga aho buri mwizera yari umukozi, aho abapasitoro n'abakuru b'itorero bahindutse abagaragu b'itorero, bakorera hamwe mu kwongera ubushobozi bwa buri mwizera.

Abizera b'abakristo bo mu bihe by'Itorero ryo mu Isezerano Rishya ntabwo bagombaga kwigana imitegekere n'imiyoborere by'Abategets, Abami, Ibikomangoma by'abapagani bo mu Isi y'icyo gihe yari ibazengurutse bamwe, nk'abami n'abategeka bari ku isonga ry'ubutegets na Leta, bari baramaze impapuro n'ibitabo bigisha kumvira no kuganduka. Ahubwo bagombaga gukora bafite kwiyoroshya, kwicishabugufi, bagakoresha ubutegets/ubutware bugengwa n'urukundo rwa Kristo kandi bagashishikariza abayoboke babo gukurikira urugero rw'Ubuzima bwuzuye Umwuka. Yesu arabarembuza arababwira ati: "Muzi neza ko abahawe gutegeka amahanga bayatwaza igitugu kandi n'abakomeye bo muri yo bakayabuza epfo na ruguru. Ariko muri mwe ntibikagende bityo. Ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe agomba kujya abakorera, kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe agomba kuba umugaragu wa bose. Umwana w'umuntu na we, ntiyazanywe no gukorera, ahubwo yazanywe no gukorera abandi no kubapfira, ngo abe incungu ya benshi." (Mariko 10:42-45). Petero yaravuze ati: "Noneho ni mukenure umukumbi w'Imana yabaragije mubikore mutinuba, ahubwo mubikunze, nk'uko Imana ishaka; mubikore mutabitewe no kwishakira inyungu, ahubwo mubytangiye. Ntimugatwaze igitugu abo mwaragijwe mubere ubushyo urugero rwiza. Maze ubwo Umushumba mukuru/Umutahiza zaba ahingutse, muzahembwa ikuzo, ari ryo kamba ritangirika ry'abatsinze. (1 Pet. 5:2-3, NIV). Ubushakashakatsi bwerekana ko amatorero akura ubusanzwe aba afite abayobozi b'imbaraga n'umwete, uretse ko imbaraga zidasobanuye gutegeka cyangwa se guhindura ubuyobozi igikoresho cyo gutwaza igitugu no gukora ibyo wowe wishakiye. Uramenye ntiwitiranye ubuyobozi n'Ubuhake.

Umuyobozi nk'Umugaragu.____ Ubuyobozi/imiyoborere bya gikristu ni ubuyobozi bukorera abandi. Mu gihe kimwe, Yesu yashimangiye aya magambo ati: "Kandi, Ntimukemere ko babita abatware, kuko umutware wanyu ari umwe gusa, ni Kristo. Umukuru muri mwe nabe umugaragu wa bagenzi be." (Mat. 23:10, 11, KJV). Twabasha kwiyumvisha bitugoye umuyobozi w'intwari n'umunyambaraga kurenza Pawulo. Koko rero, yasobanukirwe iri hamwe ryo kuba umuyobozi ukorera abandi. Ati: "Nubwo nishyira nkizana, nigize inkoreragahato ya bose kugira ngo ndusheho kwigarurira benshi, ngo mbageze kuri Kristo. Iyo ndi mu Bayahudi, mba nk'Umuyahudi, kugira ngo nigarurire abayahudi.

Iyo ndi mubatwarwa n'Amategeko, mba nk'utwarwa na yo (nubwo jye ndatwarwa n'Amategeko), kugira ngo nigarurire abatwarwa nayo. Iyo ndi mubatazi Amategeko, nanjye mba nk'utayazi kugira ngo nigarurire abatayazi_ ibyo simbivugiye yuko ntazi Amategeko y'Imana, kuko Kristo ari we Tegeko ringenga. Iyo ndi mu banyantegenke, mba umunyantegenke, kugira ngo nibarurire abanyantegenke. Nigira nk'uko buri wese ameze, kugira ngo ibyo ari byo byose nkizemo bamwe. Ibyo byose mbikora kubera Ubutumwa bwiza, ngira ngo mbugireho uruhare(1Kor.9:19-23). Ubuyobozi bukorera abandi busaba kumenyera ukurikije uko ibintu bimeze no kugondeka ukumva abandi.

Ubugaragu koko rero ntabwo ari ubucakara/ububata. Ububata hano ntacyo tubwitayeho kuko bubaho igihe ari amategeko uhatiwe gukurikiza n'abandi, bakakwima umudendeze wo guhitamo. Ubuyobozi bw'itorero ntubugomba guhinduka ubucara na rimwe. Ubugaragu ku rundi ruhande, busobanura igikorwa cy'ubushake. Ni uguhitamo gukorera/ gufasha abandi.

Uko uyobora abizera bawe, ubikorane kwiyoroshya. Uko uzagenda ubatoza ubuyobozi bukorera abandi, ni ko uzarushaho kumenya ubukene bw'abantu bawe. Egurira igihe cyawe n'imbaraga zawe mu kubayobora ku Mukiza. Batere umwete mu kubona imigambi y'Imana ifitiye imibereho yabo. Rushaho kumenya neza ububasha bw'impano zabo bwite maze wihatire ubwawe guteza imbere ubwo bushobozi ububayaze umurimo uzakomeza imbaraga zabo bombi n'itorero ryabo. Imiterere y'imiyoborere izagusaba kwitanga, ariko kandi izagire amatunda meza azahoraho iteka ryose.

Umuyobozi Ubashisha abandi.___ Ubuyobozi bwa Gikiristu bugomba kuba ubuyobozi busaranganyijwe. Ibi birasobanura gutoranya ubuyobozi butanga cyangwa busaranganya, inshingano n'imirimo inyuranye y'ubuyobozi mu bizera bose ba rya tsinda rikora hakurikijwe ubushobozi bwa buri muntu n'ubushake bwo gukora. Rero, iryo tsinda nti ryita ku kubona umurimo ukozwe gusa, ahubwo ryita no ku guteza imbere no kumenyereza neza abayobozi uburyo bwo kuyobora kugira ngo iryo tsinda ritorewe kuyobora muri uwo mwaka ribashe kuzarangiza neza intego z'imirimo zihaye.

Ntabwo impano y'ubuyobozi wayiherewe kugira ngo uyiharire gusa. Hari n'abandi mu matorero bafite impano ndetse n'ububasha. Batoze gukoresha ubwo bubasha n'ubumenyi bwabo mu guhesha Imana icyubahiro.

Sangira ubuyobozi n'inshingano n'abandi bashoboye kuzikora. Ntukasisibiranye ibyifuzo by'abizera banyu ahubwo batere inkunga bagaragaze ibitekerezo byabo n'ubumenyi bwabo. Vuga make wumve cyane. Wandike ibyifuzo by'abizera bawe kandi ubizane mu nama ibitekerezeho igihe ubona ko ari ngombwa. Tera umwete kandi ushyigikire abizera bawe mu gushyiraho intego n'imigambi igamijwe mu byiciro byabo kandi ubashyigikire igihe bihatira kugera kuri izo ntego.

Koresha impano yawe y'ubuyobozi mu gukomeza, gutanga ibikoresho no gutoza/kumenyereza buri wese wo mu bizera bawe kugira ngo mwubake kandi muteze imbere itorero ryanyu ngo rihinduke Umubiri mwiza Imana inezezwaga no guturamo.

Inama

Umugambi w'Inama. Inama zigomba kuba inama za Gikristo. Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi ryizera bikomeye ko mu nzira y'inama (Soma Church Manual) ikuranwa n'izindi nama, inama nto, n'Inama nkuru nk'ibiterane) ari uburyo bwiza bwo gutuma itorero rikorera hamwe. Ibi nti biterwa nuko ari umugenzo wacu, ahubwo biterwa n'ubuhanga muby'iyobokamana bwacu. Bibliya ivuga ko Itorero ryacu rimeze nk'umubiri wa muntu. Umubiri ukorera mu bikorwa byo mu matsinda. Abakristo bagomba gukundana no kwizerana. Niba tubikora, bizagaragazwa n'uko twubahiriza imitekerereze n'imyumvire ya buri wese wo muri twe. Twibanda cyane kuri Bibliya iyo igira iti: "Ahatari inama, ubwoko buracumura; ariko ahari inama nyinshi n'abajyanama benshi, haba umutekano n'ituze" (Imigani 11:14). Twese hamwe dusabwe kurushaho kuba abanyabwenge kurenza uko umwe wo muri twe yabibasha ari we wenyine.

Elina White yemera ko: "Mu kugirana inama kubwo iterambere ry'umurimo, nta muntu n'umwe ugomba guhinduka imbaraga zigenzura abandi, cyangwa ijwi rya bese. Inzira n'imigambi byatanzwe bigomba kuba byabanje kugenzurwa neza, kugira ngo abavandimwe bese bapimireho imico no gukiranuka kwabo kandi ngo bemeze ibi gomba gukurikizwa ibyo ari byo." (Ibihamya, umuzingo. 7. p. 259).

Inama, uko byamera kwose, zishobora kuba ari cyo gihe cy'umuriro ugurumana kibaho. Kugira ngo utume inama irushaho kugira umumaro, fata ibyemezo uhereye ku rwego rwo hasi rushoboka. Urugero, Ntukajyane mu nama y'imirimo, ibibazo bishobora gukemurwa n'inama y'itorero. Ntukajyane mu nama y'itorero ibibazo bishobora gukemurwa n'inama y'icyiciro cy'Ishuli ryo ku Isabato. Kandi na none, ntukajyane mu nama y'Ishuli ryo ku Isabato, ibibazo bishobora gukemurwa n'Umukuru w'Ishuli ryo ku Isabato.

Ibi ntibifasha kubahiriza igihe gusa, ahubwo bituma n'abantu bitabira inama, kuko abagize inama baba bazi ko haribwigwe ingingo z'inkoramutima gusa.

Jya wibutsa ibikorwa bya buri nama uko umwaka uhise undi ugataha. Mbese ni ngombwa gukora inama y'umwihariko? Mbese hari abantu bihariye bayigenewe? Itegeko ryiza rimenyerewe nuko 1/3 cy'abagize inama bagomba guhora ari bashya buri mwaka.

Mbese gutubuka kw'inama ni ingirakamaro? Ubushakashatsi bwerekana ko amanama ubusanzwe adakwiriye kwaguka birenze abantu 6 kugeza kuri 12. Iyo amanama yagutse cyane, bituma abantu bumva ko bitakiri ngombwa kuyitabira ndetse baba banayitabiriye ntibagire icyo bavuga.

Mu bihe nk'ibi, abajyanama babi barushaho kwiyongera maze bakaba aribo bagenzura inama. Mbese aho buri nama yaba yaramaze gutegura ingingo ihariye z'ibyakozwe bagomba guheraho__, ingingo zigamijwe kwigwa mu nama, ubuyobozi bwo gutora, kwemeza cyangwa gutanga uburenganzira bwo kwemererwa n'iyindi nama?

Inama y'Imirimo.__ Inama ihanitse cyane itegura ibintu ikabishyira muri gahunda mu itorero ni inama y'imirimo y'itorero, itumirwamo abizera bose bagize itorero. Itumizwa kandi ikayoborwa na Pasitoro cyangwa umukuru w'itorero washyizweho na Pasitoro. Nta mukuru w'itorero n'umwe ugomba kuyobora iyi nama binyuranye n'ibyifuzo bya Pasitoro. Iyi nama yagombye kujya iterana buri kwezi, cyangwa buri gihembwe ikurikije ubukene bw'itorero. Mu nama y'imirimo rero, amakuru yuzuye yagombye guhabwa abizera cyane kuko yerekeye umurimo w'itorero. Kw'iherezo ry'umwaka, raporo zagombye gutangwa zikaba zikubiyemo ibikorwa binyuranye by'itorero byaranze uwo mwaka wose.

Inama n'imigambi bikomeye byagombye kuganirwa kandi bikemezwa muri iyo nama y'imirimo, aho abizera bose b'iryo torero bahawe umwanya wo kugira uruhare mu byemezo n'imyanzuro iriho gufatwa n'itorero. Aha rero, abizera bafite umudendeze wo kugaragaza ibitekerezo byabo no kwerekana ugushyigikira kwabo cyangwa ukwamagana kwabo bakoresheje itora. Uruhare rwabo mu byemezo byinshi by'itorero bizabahashe kwumva bafite ishema n'umwanya muri ibyo bikorwa bigiye kuzakorwa kandi bitume bashyigikira za gahunda zose bafatanije gushyiraho.

Inama y'imirimo yagombye buri gihe gutangazwa ku mugaragaro hakiri kare, ikamenyekana kugira ngo bose bazabashe kuyitabira. Ugomba kuzirikana cyane ko uko bahora bigomwa bakaza mu nama y'imirimo y'itorero, ukwiriye no kubafungurira nti bagende bakubitira isazi ku munwa. Iki gihe cy'inama y'imirimo y'itorero ugihindure igihe cyo kwongera gusabana no kuvugurura ubuchuti bw'abizera bose bagize itorero.

Inama y'Itorero.__ **Inama y'itorero** igizwe n' abayobozi bakuru n'abakuru ba buri cyiciro cyo mu itorero hamwe n'abandi bizera batowe n'inama ndanga. Inama itorwa buri mwaka n'abizera b'itorero mu gihe cy'amatora yemewe y'abayobozi b'itorero. Pasitoro ni we uhamagaza inama kandi akayiyobora uretse ko Pasitoro ashobora gutoranya umukuru w'itorero maze akamuha ubwo burenganzira. Yagombye na bura kurema rimwe buri kwezi, ariko biba byiza biruseho iyo hajyenwe igihe ngombwa cyayo. Urugero, **Buri wa kabiri w'Isabato utangira ukwezi.** Urutonde rw'inama z'amatorero zagombye guhabwa buri mwizera w'itorero.

Inama y'itorero ni yo nama y'ingenzi y'ubutegetsu bw'itorero. Ishyira mu bikorwa kandi ikagenzura imigambi yatowe kandi yemejwe n'inama y'imirimo y'itorero ndetse ni yo ishinze iryo tsinda. **Indongozi y'Itorero** yerekana ko mu nshingano z'inama y'itorero harimo ibi bikurikira:

Kugaburira itorero ibiryo by'umwuka

Ivugabutumwa,

Kurinda no kubumbatira ukwera kw'amahame yo kwizera kwacu

Gushyigikira intera fatizo y'imibereho mbonera ya Gikristo dusabwa kugeraho.

Kwemeza ihinduka mu bizera b'itorero,

Imitungo y'itorero

Kurinda no gufata neza amasambu, ibikorwa n'imbago za misiyozi no

Guhuza ibyiciro binyuranye by'Itorero.

Inama y'itorero yumva ibyifuzo n'imigambi byerekanywe na buri tsinda ry'itorero. Ireba niba hari umutungo/ubukungu itorero ryaba rifite byo kubasha kwitabaza muri izo gahunda. Nanone kandi iyobora kandi igahuza gahunda zose kugira ngo itorero ryose ritere imbere rigendera muri gahunda imwe iboneye. Inama buri gihe yaka za raporo kubyiterambere ry'izi gahunda zemejwe kandi ikagenzura ko zakoreshejwe kandi ko zagize akamaro.

Inama y'itorero yagombye kwerekana inyungu nini cyane mu ku kwita ku mihagararire yuzuye ya buri mwizera maze igategura intego zigamije iterambere ry'umuntu ku giti cye, amahugurwa no gukenura umukumbi mu by'umwuka. Mu bihe runaka kandi, inama y'itorero izaba igomba gusuzuma amazina y'abizera basabirwa igihano cyangwa se gushyirwa mu mugayo w'itorero (gucibwa).

Izindi Nama__ Hashobora kubaho izindi nama nyinshi zishobora kunganira inama y'itorero mu gutegeka itorero. Indongozi y'Itorero iteganya kandi igasaba inama zishobora gukenyerwa. Inama y'imirimo cyangwa inama y'itorero zishobora gusaba izindi nama z'inyongera nk'uko zikenewe mu gushyira mu bikorwa imigambi yihariye y'itorero na za gahunda. Abapasitoro cyangwa se umwe mu bakuru b'itorero yagombye hakiri kare kuba umujyanama uhoraho wa buri nama kubera intera y'umurimo afite(ex officio member).

Umujiyanama w'Itorero.__ Nk'Umukuru w'itorero/umuyobozi, nta gushidikanya uzunganira inama nyinshi. Kuba mu nama nyinshi nk'uko, rimwe bishobora kugaragaza ko bigoranye, binaniza cyangwa se ko bishimishije biteye amatsiko biterwa nuko uhisemo kubikora. Intekerezo zitangajwe ziba zitimajwe mu muntu zikunda kwigaragaza mu gihe cy'inama nk'uko bisanzwe. Abantu bamwe bifuzaga gukora imirimo imwe cyangwa se ihwanye muri buri nama baba barimo.

Urwo ruhurirane rw'imico yihariye y'abantu n'ubumuntu bwabo bwite bihariye, mu mirimo inyuranye y'inama bituma hakorwa ubucukumbuzi butangaje kubyerekeranye n'ubufatanye, kuzimbanwa ku ntekerezo n'amagambo kwa benemuntu. Zimwe mu nshingano zikenewe kandi zisanzwe ziri muri buri nama twakongeramo n'izi:

- **Umuyobozi w'Inama:** Uyu ni umuntu wuzuwemo n'ibitekerezo, yungura abantu buri gihe ikintu gishya.
- **Umusesenguzi w'ingingo:** Uyu mujyanama ni umuntu urema ibitekerezo mu busanzwe kandi akabisobanura bihagije; asesengura ingingo z'ibitekerezo zatanze akoresheje uburyo bubiri: ingingo zishyigikira n'izisenya.
- **Umunenzi :** Akenshi uyu muntu muri kamere ye aba asanzwe ari umuntu udakunda amatwara yo guhindura, aba akunda kuguma mu bya kera yamenyereye; kandi agakunda kurwanya ibintu. Nubwo abanenzi basa naho babangamiye umuyobozi w'inama, ariko ni abantu b'ingenzi cyane mu nama kuko batuma mugira impaka zishunguye zikabyara imyanzuro ikwiraye, itabogamye.
- **Umuhosha:** Uyu muntu ntakunda impaka, intonganya, kwirema ibice n'amahane muri kamere ye. Ahubwo ashaka inzira n'uburyo bwo guhuza ibitekerezo zabo zinyuranye kugira ngo azibyaze umwanzuro wumvikanyweho, bese bahuriyeho.
- **Umushyigikizi:** Uyu mujyanama agira ubwuzu bwo gushyigikira imigambi mishya na za gahunda kandi agashaka ko bihita bishyirwa mu bikorwa.

Nk'umuyobozi rero, wagombye gusobanukirwa kandi ugashima buri murimo wose w'iyi nama. Ibi bizagufasha kujya urushaho kwihanganira abajyanama bamwe no kurushaho gukunda imyanzuro y'inama. Uzaba ukeneye gusesengura umurimo wawe mu nama nk'iyo. Niba uri mu nama aho zimwe mu nshingano zawe zisa naho zihinyuwe/zisuzuguwe uzaba ukeneye kwiha iyo nshingano wowe ubwawe yo kuba inyunganizi ikomeye mu nzira yo gufata imyanzuro.

Umukuru w'Inama/Uyoboye inama. Nk'Umuyobozi uzagira amahirwe akomeye yo kuyobora imirimo y'inama nk'iyo. Mu gutegura iyo nama uzaba ugomba gutegura urutonde rw'ingingo zigomba kwigwaho. Izo ngingo zizwi ku izina ry'inama ryitwa "agenda". Niba wifuza ko abantu bakuzanira raporo cyangwa se ingingo zo kwigwa mu nama, bagombye guhabwa igihe gihagije cyo kuzitegura.

Tangiza inama isengesho ndetse bishobotse n'ingingo y'ikibwirizwa kigufi gituma inama iribugwiremo ijwi ry'umwuka w'Imana. Igihe ari nama y'imirimo cyangwa se inama y'itorero, umwanditsi w'itorero/umunyamabanga agomba kuba yiteguye kwandika imyanzuro yose iribufatirwemo. Niba bishobotse, imyanzuro yemejwe mu nama z'ubushize (ni zo bita minutes) zagombye kuba zamaze gukwirakwizwa mubagize inama bidatinze nyuma yuko imaze gukorwa.

Ingingo ya mbere rero ku rutonde rw'ibi bwigwe mu nama (agenda) ni iyo gusoma no kwemeza imyanzuro yatorewe (minutes) mu nama iherutse. Tanga igihe ku bajyanama cyo guhamya ko iyo myanzuro iboneye kandi ikwiye no kugira icyo bavuga ku ngingo zimwe na zimwe zizwe mu nama ishize. Kwemerwa kw'iyo myanzuro (minutes) kwagombye kwerekanwa n'igihamya cy'ubwiganze bw'itora.

Inama izakomeza uko uzajya utanga kandi usobanura buri ngingo iri ku rutonde rw'ibygwa (agenda). Ha abizera amahirwe yo kuvuga no kugaragaza intekerezo zabo. Ntukigere ureka umuntu runaka ngo yizimbe ku magambo wenyine cyangwa ngo agire ibikoresho abandi bajyanama muri kumwe mu nama. Abavuze ku ngingo runaka yatanzwe, bagombye gutuza ntibizimbe, kugeza aho abandi nabo bari bube bamaze kubona ayo mahirwe yo kuvuga. Niba harimo abantu bifashe, ntibatange igitekerezo cyabo, banza ubabaze icyo bariho gutekereza kuri iyo ngingo ibari imbere. Nibaba bamaze kwisobanura ichuro imwe gusa, baraba batinyutse ndetse baze gukomeza batange ibitekerezo no ku zindi ngingo. Wowe rero nk'Umuyobozi w'inama, gerageza gusobanura imyanzuro imaze kwemezwa, komeza impaka kuri iyo ngingo iriho kwigwa, ufate igihe cyo kugaragaza ibitekerezo bitanzwe mu nshamake, maze ukomeze ufashe inama kuza kugera ku cyemezo kidakuka. Ubahiriza uburyo inama isanzwe iyoborwamo ushyigikira ibyemezo byafashwe bona nubwo waba utabivugaho rumwe nabo. Ntukigere na rimwe usibiza inama cyangwe ngo uyicikize kugeza igihe imigambi ihamye iribube yamaze gufatwa kugira ngo wubahirize kandi ushyire mu bikorwa ibyemezo byose byafashwe.

Amategeko y'itorero n'igihano (Umugayo)

Amategeko ahanitse y'Itorero.____ Imana yo mu Ijuru ni Imana Yera."Nk'umucunguzi wacu, Umwami Nyiringabo ni ryo zina Rye, Uwera w'Isiraeli, **"Kuko Umwami ari gukiranuka, Akunda gukiranuka; mu maso He hari ku mukiranutsi."**(Zaburi 11:7). Kuko Imana Yera kandi Ikiranuka, Itorero Ryayo ryashyizeho amategeko ahanitse y'ubudakemwa n'imyitwarire mbonera ibonereye abantu igaragaza imico y'Imana. Ayo mategeko ashingiye ku mahame ya Bibiliya amwe ahoraho kandi adahinduka. Buri muntu wese wabatirijwe mu itorero asezerana kuzakurikiza ayo mategeko.

Ikibabaje, nubwo twarahiye kumvira Imana tugasezerana kuyikurikira, bitewe n'intege nke za muntu, tunanirwa kubaho twubahirije ayo mategeko ku rugero rwayo ruhanitse Imana n'Itorero bashyizeho. Bibiliya itwibutsa ko" **bose bakoze ibyaha maze ntibashyikira ubwiza by'Imana"**(Rom. 3:23). Abakristo bose bafite ubukene buhoraho bwo gusanga Yesu ngo abababarire inenge n'ibyaha byabo byose no gusaba guhabwa imbaraga zo kubaho nk'uko Abitegeka.

Igihano cy'umwizera.____ Rimwe na rimwe abizera b'itorero bajya bagwa mu cyaha byimbitse cyane. Rimwe na rimwe ingorane zabo yanduza imibereho y'abandi bo mu muryango w'itorero. Kenshi bagateza umugayo n'isoni mu Izina ry'Imana n'Itorero Ryayo. Twakwibuka kwera no gukiranuka by'Imana, kandi twakwibuka ko natwe twese turi abanyabyaha, bazahajwe no gushaka kubabariwa n'Imana, twibaza iki kibazo ngo: *Mbese ni iyihe nshingano Itorero rifite ryo gukosora umwizera wishe bikabije Itegeko ry'Imana? Ni gute itorero rigenza abizera babaho bakandagira ya mategeko ahanitse? Nonese Ni izihe ntambwe zo gukurikiza igihe ukosora amakosa y'abo bizera? Ni ryari kandi ni Gute itorero ryagombye guhana abizera baryo?*

Agaciro k'ubugingo/Umuntu.____ Mbere yuko dusubiza ibyo bibazo byerekeranye n'uko dukosora amakosa y'abandi bizera b'itorero, mureke tubanze twiyibutse tudakina ubwacu agaciro ka muntu mu maso y'Imana. Imana yita kuri buri muntu yaremye kandi imubonamo agaciro katarondoreka. Haba ducunguwe cyangwa tudacunguwe, urukundo rw'Imana ni rumwe, nti ruhinduka ku bantu bayo bose. **Twibutswa yuko Imana" igira intimba kubera twebwe, itifuza ko hagira n'umwe urimbuka ahubwo ishaka ko bose bihana"**(2 Pet 3:9). Ikaramu yandika inama zahumetswe n'Imana igira iti:" **Ibiremwa bantu ni umwandu wa Kristo, bacungujwe na we inshungu y'igicro kidashira, bahambiriwe kuri we n'umurunga w'urukundo, rumwe, We na Se babagaragarije. Mbega ukuntu twari dukwiriye kwirinda cyane mu gihe girirana ineza hagati yanyu"** (Ibiamya, umuzingo wa 7, p.260. **" Ubungingo bufite agaciro katarondoreka. Agaciro kabwo gusa gashobora kumenyerwa ku gicro cyarishywe ngo bucungurwe. Kalvari, Kalvari, Kalvari! niyo izasobanura agaciro nyakuri k'ubugingo"** (Ibiamya, umuzingo wa 3. p. 188).

Aho itorero rikeneye gufata icyemezo cyerekeye umwizera wafatiwe mu cyaha, mureke buri wese aje yibuka ko Yesu yatanze ubugingo bwe kubw'uwo mwizera wazimiye rwose nk'uko yabuseseye twebwe twese. Ibi bizadufasha kwibuka no kuzirikana cyane agaciro k'ubugingo bw'abantu bariho gucumura. Bizatuma turushaho kuba abagwaneza n'abanyampuhwe imbere yabo bavandimwe bahuye n'ingorane z'iyi si.

Ubukomere bw'icyaha.__ Mu gihe ubugwaneza, urukundo n'imbabazi bigomba kwerekwa aba bizera baguye mu cyaha, itorero rifite inshingano zo gufata icyemezo cyerekeranye n'icyo cyaha. Niba rero icyaha cyongeye gukomorerwa kigakomeza kuba mu itorero kidakosowe, kizangiza imico myiza n'icyiza cyose itorero ryari rikwiriye gukorera abizera. Twongera kwibutsa yuko" uwo uhishira ibyaha bye ntabwo azagubwa neza." (Imigani 28:13). Bitewe n'icyaha cya Akani, Imana yabujijwe guha imigisha yayo ku ishyamba ryose uko ringana rya Isiraeli (Yoshua 7:1-26). Icyaha ntabwo gishobora kwibagirana mu iteraniro. Birakwiriye, kubwo imibereho myiza y'itorero, n'abayobozi bafite inshingano zisobanutse ko bagenzura ko icyaha kitahawe intebe ngo gisagambe kibe cyakwera imbuto ku itorero ryose. "Niba amafuti n'inenge bigaragara mu bwoko bwayo, kandi niba abagaragu b'Imana batabyitaho, bagomba kumenya neza ko uko bigaragara bariho gushyigikira kandi bakarengera umunyabyaha, kandi ko nabo bahinduka abanyabyaha bityo bagomba kumenya neza ko nabo bazasangira igihano cy'Imana kuko bazitwa banyirabayazana b'ibyaha n'ibicumuro."(**Ibihamya, vol.7. 266**).

Uburyo bwa Kristo.__ Kristo yahaye Itorero rye inama zimwe zisobanutse zerekeranye n'uburyo bwo gufasha umuntu waguye mu cyaha. **Yashingiye inama ze ku ntambwe 4.**

Iya mbere , Yaravuze ati:" Ibirenze ibyo, niba umuvandimwe wawe agucumuyeho, musange maze umubwire ikosa rye hagati yawe na we mwembi mwihereye. Niba akumvise, uzaba ukijije umuvandimwe wawe". (Matt. 18:15). Nk'umukuru w'itorero, iyo umaze kumenya ko abizera baguye mu cyaha, icya mbere ukwiriye gukora ni kubasanga wenyine, maze ubahe ubufasha bwawe. Ukwiriye kujyayo ujyanye urukundo no gusobanukirwa. Zirikana ko umugambi wawe atari uwo guciraho iteka ahubwo ko ari uwo gushaka kubagarura kuri Kristo, maze ubafashe kwanga icyaha no kukireka. Ukwiriye gushaka, gushyigikira, gutera umwete, gusengana nabo kugira ngo bahabwe imbaraga z'Imana n'imbabazi.

Niba mu igerageza ryawe rya mbere ushaka abizera baguye bitaraguhiriye, Yesu avuga ko:" Niba atakumvise, mushyire umwe cyangwa babiri, kugira ngo mu kanwa k'abahamya babiri cyangwa batatu buri jambo ribe ryemejwe (Mat 18:16)." Nukurikiza inama za yesu, uziyambaza abizera umwe cyangwa babiri bandi buzuye umwuka kandi bazi ubwenge baguherekeze mu ruzinduko uzabagirira rwa kabiri.

Birashoboka ko imbere y'abahamya babiri cyangwa batatu, abo bizera barorongotanye bakwemera amakosa yabo bagasaba ubufasha no kubabwirwa.

Niba bikiri amakwi ku ruzinduko rwa kabiri, Yesu yongeraga gutanga inama ati: "Kandi niba yanze kubumva, bibwire itorero". (Mat. 18:17). Niba nyuma yo kumusura inshuro nyinshi akomeje kwirangira ukaba warahwituye abo bizera baguye urukundo rwo kubababwirira amakosa yabo no kubagarura kuri Kristo, ariko bakwirangira, ntibihane, Umwami aduha inama ko amazina yabo akwiraye kuzanwa mu nama y'itorero. Ibi ubusanzwe, bisuzumirwa mu nama y'itorero aho ingorane z'abizera zicocerwa. Inama y'itorero ishobora **ku buryo bwihariye** gutegeka ko icyo kibazo kizanwa mu nama y'imirimo y'itorero **niba ari kibazo cy'ingutu kitigeze kibonerwa umuti**. Niba rero icyo kibazo kigejejwe imbere y'inama y'imirimo, abizera bashobora gushyirwa mu gihano/umugayo **cy'itorero ubahesha uburenganzira bwo kuzamara igihe kihariye cyagenwe** kugira ngo bihane ibikorwa byabo no guhabwa imbabazi.

Mu bibazo byinshi nk'ibi, niba abizera baragiye basurwa ubudasiba, bakerekwa urukundo no kwemerwa, bizabatera kwiyeza no gusubirana na Kristo n'Itorero. Niba rero, uko byagenda kwose, ba bizera bayobye bakomeje kwerekana icyifuzo cy'uko badakeneye na gato kwisubiraho ngo bihane, kandi ureba ariyo bakwirangira igihe cy'umugayo w'itorero, na nyuma y'ibikorwa byiza bya kimuntu bishoboka yakorewe bamutera umwete ngo yihane, agakomeza **kwibuzabura, inama ya Yesu atanga ni iyi:** "Ariko niba yanze kumva itorero, reka akumereho nk'umupagani. ..." (Mat. 18:17).

Mu gihe itorero ryakoze ibyo rishobora byose ngo rigarure abo bizera baguye, ntiribigereho, Yesu avugaga ko noneho kuva ubwo bakwiraye kuburwa nk'abantu bari hanze y'itorero. Yesu arashakaga gusobanura yuko, **bitewe no kunanirwa kwitaba kurarika kw'itorero ryamuhamagariraga guhabwa kubabwirwa, ubwo ubwabo niba baba bigaragarije ko biciye mu itorero badashakaga kongera kurigarukamo ngo babarwe mu bizera baryo**. Icyo gihe rero, itorero rifite uburenganzira bwo kubavana mu rutonde rw'abizera b'itorero rikoresheje kubaca.

Gucibwa ni igihano gikwiraye kwitonderwa.___Gucibwa kw'abizera ni icyemezo/igikorwa ntavugururwa, ni wo muti wa nyuma utangwa gusa igihe ikindi gikorwa cyose cyo kubagarura cyakoreshejwe bikananirana. Kurikiza **Indongozi y'Itorero** cyane cyane, mu kuri kwayo, kandi wirinde guhubuka mu gihe ugiye gutanga igihano cy'itorero. Abizera ntibakwiraye na rimwe gucibwa keretse gusa igihe buri ntambwe yose ishoboka yabanye gukurikizwa twabafashije gushakira kubabwirwa n'Imana no kuvugurura imibereho yabo. Amabwiriza ya Yesu muri Matayo 18 yerekeranye n'uburyo ukwiraye kugenza umwizera wazimiyeye arasobanutse. Niba itorero ritarigeze rikurikiza aya mabwiriza, ntabwo ryari rikwiraye guca umwizera n'umwe.

Ellen. White atanga inama ati: "Nta muyobozi w'itorero wari ukwiriye gutanga inama, nta nama yari ikwiriye gutanga itegeko/icyemezo, nta n'itorero na rimwe ryari rikwiriye kwemeza rikoresheje itora, yuko izina ry'umunyamafuti/umunyacyaha rivanwa/rihanagurwa mu bitabo by'itorero, kugeza igihe amabwiriza atangwa na Yesu azaba yamaze gukurikizwa" (Ibiamya, umuzingo wa 7, p. 261). **Zirikana ko nta mwizera w'itorero ku giti cye ufite ububasha bwo guca undi mwizera. Ndetse n'Inama y'Itorero ntabwo ifite. Iki cyemezo gishobora gufatirwa mu nama yihariye gusa, ya yindi yitwa inama y'imirimo y'itorero. Inama y'itorero ishobora kubisaba inama y'imirimo y'itorero, ariko ntabwo ifite imbaraga ubwayo yo gufata icyemezo.**

Abantu baciwe ntibakwiriye guhezwa mu mirimo y'itorero niba bashaka kuhigira/kuharuhukira. icyakora, abizera baciwe ntibaba bagikwiriye kugira uruhare rurerure mu mirimo y'itorero. Niba bifuzwa kubarwa nk'abizera na none, hagomba kuboneka ibiamya ko koko bihannye by'ukuri kandi ko bavuye mu mikorere yabo mibi. icyo gihe rero **bakwiriye gusaba kwongera kubatizwa. Buri gihe byagombye kuguma mu bwenge ko haba barakoze icyaha kimeze gite, cyangwa bari mu mibereho/imiterere imeze ite, agakiza kabo gafite agaciro katagereranywa imbere y'amaso y'Imana.**

Urukundo n'imbabazi bigomba kuyobora ibikorwa byose.___ Mu mibanire/imishyikiranire yacu n'abo bacumuye, urukundo ni rwo rugomba kuyobora icyo dukora cyose. Benshi bumva ko ari inshingano yabo yo kurandura icyaha mu itorero. Ntabwo Imana yigeze ibaha uwo murimo. Nti tukigere na rimwe twibagirwa ko twese turi abanyabyaha, ko dukeneye kubabariwa n'Imana. Jya wihanganira abacumura bagwa mu cyaha maze ubereke urukundo rwa Yesu n'imbabazi ze. Ntabwo ari umurimo wacu guciraho iteka bagenzi bacu ahubwo inshingano yacu ni iyo kubafasha kugira ngo bazabone agakiza kabo.

"Ubwoko bw'Imana ni umutungo waguzwe na Yesu, mbese aho muzi ikiguzi yabatanzeho ukuntu ari kinini? Nonese ubwo hari uwo ari we wese wo muri twe waboneka ariho gutiza umurindi umwanzi w'Imana n'abantu mu guca intege no kurimbura imitima cyangwa ubugingo bw'abantu?... Ntabwo rwose dukwiriye kwiroha mu gikorwa cyo guciraho iteka abandi, kandi nti tuzigera tubikora niba turi umwe na Kristo Yesu. Tugomba guhagararira Kristo mu migirire yacu kw'izo nshuti zacu". (Ibiamya ku Bakozi, p. 225)

Isano ya conference/misiyoni

Abayobozi b'itorero ku rwego rw'ibanze ntabwo bafite ubutegetsu ahandi hatari mu itorero ryabo bwite keretse gusa babaye batoranijwe n'amatorero yabo nk'intumwa zihagarariye abandi mu biterane byihariye nko mu nama y'itora aho bariho gutora abayobozi ba Union cyangwa se ibindi bikorwa/imirimo y'itorero. Abakuru b'amatorero bakeneye kubimenyeshwa hakiri kare maze bakajya gufasha abizera kumenya ko itorero ryabo ribeshejweho no kuba ryaremewe hakurikijwe itora ry'ubufatanye bw'andi matorero makuru ariruta aboneka muri icyo conference/Misiyoni. Ubuyobozi bw'Umukuru w'itorero bugomba kugaragaza ko amahirwe afite yo kuyobora no kugenzura inshingano z'itorero ritoya asanzwemo bikura nk'uko byasobanuwe. Amahirwe yo kwemerwa no kubarwa mu rutonde rw'andi matorero(membership) n'ubufatanye bw'andi matorero (sisterhood) bihabwa itorero n'uwo muriyango w'amatorero (family churches), ashobora kuvanwaho cyangwa se kudatangwa.

Gushyigikira conference/Misiyoni. Iterambere ry'itorero riva mu matorero matoya. Umutungo w'itorero ubyarwa cyane ahanini n'abizera b'amatorero matoya. Conference/Misiyoni bifite inshingano ku murimo w'amatorero yose yo mu karere kabo, ariko kandi insinzi yabo hafi ya yose ishingiye ahanini ku buryo ubuyobozi bw'amatorero matoya azubahiriza amategeko, akayumvira kandi akayashyira mu bikorwa. Iringire abayobozi bawe ba conference/misiyoni, bashyikire, bagishe inama, hanyuma noneho nawe ubahange amaso ku bya ngombwa byose igihe ibiterane by'amatora bije.

Mufatanye gusohozza intego n'imigambi bya union yanyu, divisiyo na General Conference(Inteko Nkuru y'Itorero ryacu). Zirikana itumanaho/iyandikirana uhereye mu Biro bya conference/misiyoni ko ari ingenzi. Tera umwete abandi bayobozi bo mu itorero bashyigikire imigambi n'amategeko y'Itorero Rusange.

Indongozi y'Itorero (Church Manual) ni igitabo cy'ingirakamaro gikubiyemo amabwiriza y'itorero. Amategeko n'imigenzo/ibikorwa by'itorero byose bishingiye kuri ayo mahame acyanditswemo. Aya mahame yose agomba gukurikizwa mu bibazo byose bishobora gushyiraho ubutegetsu bw'amatorero matoya hombi ni ukuvuga mu itorero no mu isano yayo ifatanye n'ubuyobozi bukuru, cyangwa General Conference . **Nta n'umwe ugomba kugerageza gushyiraho amategeko agenga kwitwa cyangwa kuba umwizera w'itorero cyangwa se gushyiraho, no kugerageza guhatira abantu ku mbaraga n'igitugu kuyoboka amategeko n'amabwiriza y'itorero atigeze yemezwa n'inama nkuru rusange y'abizera kandi akaba atanditse mu Indongozi y'Itorero (Church Manual).**

Iyi Ndongozi y'Itorero (Church Manual) ibanza kwandikwa no kwemezwa n'inama Nkuru y'Inteko y'Abadiventiste ku Isi kandi ishobora gutangwa no kwemezwa ko ikwiriye gukoreshwa n'ubutegetsu bw'inama nkuru ikurikiyeho y'Inteko Nkuru y'Itorero (General Conference). **Kiba kikoreye ubutegetsu bwose bw'itorero. "Iyo, mu Nteko rusange, General Conference, kumasha kw'abavandimwe bateranye baturutse mu mpande zose z'isi kumaze gukorwa, wa mudendeze wihariye no kumasha kwihariye nti biba bikigumanywe ngo bibe birinde bikoreshwa mu buryo bw'ubwigomeke no kwikakaza, ahubwo byose birarekwa, bigatabwa nk'amase" (Ibihamya, umuzingo wa 9, p. 260).**

Kugendana n'amabwiriza y'Indongozi y'Itorero ntabwo ari yo nshingano ufite yonyine nk'umuyobozi gusa; ahubwo ni n'inyungu yawe. Niba uyemeye ukagendana nayo, ndetse n'aho waba wifuza ko yahindurwa, ushobora gushingira ku butegetsu bwayo maze ikagushyigikira mu gihe abandi baba baharanira ihinduka ridashobora kwemerwa. Ku rundi ruhande, niba uhinyuye aya mategeko y'itorero ry'isi yose, abizera bawe baziga gufobya amategeko yashyiriweho kuyobora iryo torero iwanyu.

Guterwa inkunga na Conference/Misiyoni. Conference/Misiyoni yawe, itera inkunga itorero ryanyu iriha umuyobozi; ni we Pasitoro. Igufasha kandi iguha abakozi babifitiye ibyete (uburenganzira) (Ministerial Credentials). Ibi birinda abizera banyo kutabeshywa na bamwe batemejwe n'Itorero. Nubwo bitabujije ko itorero ritoya rishobora kuhereza ubutumire ku muntu runaka ngo aze kubwiriza, ugomba kurinda abizera bawe wangira uwo ari we wese kuza ku ruhimbi kubwiriza abizera ngo nuko aza yiyita umukozi w'Imana (umubwirizabutumwa) ndetse na wa wundi ufite icyete cyashize kera cyangwa se cyahamagajwe. Abantu bavanywe mu murimo, cyangwa se bavanywe mu bitabo by'abizera mu yandi matorero, cyangwa kwemerera abantu badafite uburenganzira buvuye mu itorero, ntibikwiriye kwemerwa na gato, ntu kite kubyo bavuga, bingingira guhabwa umwanya wo kubwiriza ku ruhimbi. Ubwitonzi n'ubushishozi bikomeye bikwiriye gukoreshwa kugira ngo ingorane nk'izi zirindwe.

Muri buri Conference/misiyoni hari abantu bafite ibikwiriye byose kugira ngo batoze, bahugure ndetse bafite n'umutungo wo gufasha amatorero matoya ahabazengurutse. Inama z' Amahugurwa rimwe na rimwe zizayoborwa na bo mu karere kawe. Inama y'itorero yawe ikwiriye guhamba abantu bakwiriye maze bakitabira ayo mahugurwa. Toranya ababifitiye ubushobozi bwo kuzageza kuri bagenzi babo ibyo bazaba barungukiyemo. Igihe abo bantu bagarutse bavuye muri ayo mahugurwa, ni ingenzi rwose kurenza ibindi kubaha igihe n'amahirwe kugira ngo bashyire mubikorwa ibyo bahuguwemo. Bishobora yenda kuba biteje urujijo ku bizera **"bakongejwe umuriro"** mu gihe cy'amahugurwa kugaruka mu rugo maze bagahabwa intica ntikize cyangwa nti babone ishimwe cyangwa inkunga ivuye mu buyobozi bw'itorero kubera ubumenyi n'intego bishya baherutse kunguka.

Indongozi y'Itorero, yatorewe n'Inteko Nkuru mu gihe cy'inama, igaragaza gahunda y'itorero n'inzira zigomba gukoreshwa n'amatorero yose n'abizera bose kugira ngo ubumwe bukomeze gushora imizi mu Itorero ry'isi yose. Ubusobanuro buri mu Indongozi bwerekeye uruhurirane rw'ibikorwa by'itorero ritoya, hakubiyemo n'itoranywa, akamaro, n'inshingano z'abayobozi b'itorero. Buri muyobozi/mukuru w'itorero yagombye kuba afite igitabo cya vuba cy'Indongozi y'Itorero (Church Manual) kitabura. Birakwiriye ko kugira ngo mutere imbere nk'Umuyobozi w'Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi gucengera cyane inyandiko n'amasomo arimo kandi ugakoresha n'uburyo bwanditswemo.

Iyi ndongozi y'Umukuru w'Itorero yanditswe iteganya ko mbere yo kuyitunga ukwiye kuba ufite **Indongozi y'Itorero** n'ubumenyi rukomatanyo bw'umurimo n'ubuhanga kuri buri cyiciro n'umuyobozi w'Itorero. Nuko rero, **Indongozi y'Umukuru w'Itorero** ntizongera gusubira mu busobanuro bwose ingingo ku yindi bw'amabwiriza y'Indongozi y'Itorero ku Bayobozi b'Itorero n'ibyiciro. Ahubwo ikirenze icyo, inama n'intekerezo byaratunganijwe muri iki gitabo kugira ngo bizagufashe, nk'umukuru w'itorero n'umuyobozi w'ibyiciro byose bikomatanije, ngo ubone uko ubishyigikira.

IGICE CYA 3

Icyitonderwa

Imfasha nyigisho

Abapasitoro n'Abakuru basangiye umurimo w'ubugabura. Umukuru w'Itorero agomba gushyigikira kandi agafatanya na Pasitoro mu murimo w'itorero.

MU GIHE USOMA iki gice, gerageza kwagura ubumenyi bwawe mu Miyoborere y'Abantu.

MENYA NEZA:

- *Itorero rizima.* Inyungu n'umurimo by'umukuru w'Itorero n'iby'Umupasitoro, birasa kandi byagombye gusohozwa hamwe nk'uko nyine na bo basangiye uwo murimo. Muri umurunga ukomeye n'umuyoboro w'ingenzi muri uyu murimo w'itorero none rero ubufasha bwawe ku mu Pasitoro cyangwa Umuyobozi wa Association/Inteko, mu miyoborere ye ni ngombwa cyane.
- *Pasitoro n'Umukuru w'Itorero, bombi, bafite inshingano bagomba gusohozwa hamwe kuko bubatse itsinda rimwe:* Uruhare rw'Umupasitoro ni uru rukurikira: kumenyereza, gutanga inshingano, no gushyikirana na buri mukuru w'Itorero. Uruhare rw'Umukuru w'Itorero, ni ugushaka igihe cyo gukora umurimo, kwuzuza imbaraga n'ibikorwa bya Pasitoro, guhanagura imirimo y'integenke, kwahura no kuragira umuryango wa Pasitoro.
- *Ibuka ko ukeneye gufasha ubuyitayeho abapasitoro banyu/abafasha babo ndetse n'abana babo.*
- *Kwunganira* (umupasitoro cyangwa se ikindi kiciro cy'ubuyobozi gifite intege nke)

- **Gutera ubutwari** abizera b'itorero bakaba abakozi n'abanyamwete mu nzego zimwe na zimwe z'umurimo, bakamenya neza ko Imana yahaye buri muntu wese ububasha n'uburyo bwo gukora." Abizera bakorera itorero, baguma mu itorero". Integanya gahunda y'umwaka wose(wakoranye na pasitoro wawe n'itorero) yagombye gukorwa ngo ifashe kuyobora no kurasa ku ntego kimwe no gukura mu by'umwuka.
- **Igihano cy'itorero** rimwe na rimwe kirakenewe ariko itorero rigomba gusobanukirwa buri gihe agaciro katarondoreka kw'umuntu no mu gihe bibaye ngombwa ko afatirwa umwanzuro wo guhanwa.
- **Zirikana ko**, abakuru b'itorero bashobora kuba abayobozi b'ibintu byinshi cyane, ariko ikintu kimwe gikomeye bakeneweho kurenza ibindi byose, ni icyo kuba abayobozi b'iby'Umwuka. Nuko rero, sobanukirwa neza ko, inzira, uburyo n'ikoranabuhanga mu miyoborere yawe bidafite agaciro n'akamaro kanini kurenza imico n'ubukristo bigomba kuranga imiyoborere yawe.

IMENYEREZE

1. Uzuza kuri iyi mirongo uburyo Abakuru b'itorero bashobora kunganira Abapasitoro babo:

- 1) Kwemera _____ zabo.
- 2) Kuba u _____.
- 3) Kuba u _____.
- 4) Gutangaza _____.
- 5) Guhorana _____ y'umwaka.
- 6) Gutanga _____.
- 7) Gukemura _____.
- 8) Kwibanda _____ igihe .
- 9) Kwibanda _____ ndetse _____ igihe .
- 10) Gushyigikira imyanzuro ya _____.
- 11) _____ kubwabo ndetse _____ ba ukareka bakabimenya.

2. Umugambi wa Bibiliya ni uko buri wese wo mu itorero yagombye kugira umurimo yaba akora, ariko bose ntibakore ikintu kimwe gusa. Mugusohozza rero iyi ngingo yibukiriza akamaro k'Impamo z'Umwuka, shyira ku rutonde ibintu umugambi w'itorero ugomba gusohozza:

Icyitonderwa

Umukuru w'Itorero nk'Umuyobozi w'Itorero

- 2)
- 3)
- 4)

3. Toranya igisubizo cy'ukuri:

Iteganyamugambi no gutegura intego zigomba kuraswaho byagombye gukorwa na

- Ubuyobozi bw'Itorero, cyangwa
- Itorero ryose.

Kuki?

4. Inzego ndwi z'ibygwa (Agenda) bigamije iteganyamugambi ry'Itorero ni izi zikurikira:

- 1)
- 2)
- 3)
- 4)
- 5)
- 6)
- 7)

5. Abayobozi bagomba gutera umwete no kwemera ko ibint bishobora guhinduka uhereye mu mitekerereze ya _____/ mu mitekerereze ya _____/_____.

6. Isezerano Rishya risobanura ubuyobozi mu nzira nyinshi. Ebyiri zo muri zo, ni izi: umuyobozi nka n'umuyobozi nka _____.

7. Ihatire gusubira mu myanzuro n'imigambi y'inama zitandukanye zakozwe n'itorero. Andika neza buri ntego z'inama:

SUBIZA IBI BIBAZO:

1. Ni izihe nzira zimwe z'ingenzi washobora gukoresha kugirango wihe igihe gikwiriye cyo gukora umurimo?
2. Mbese imbaraga z'umupasitoro wanjye ni izihe? Nonese nakora iki kugira ngo nzigwize?
3. Mbese zimwe mu ntege nke z'umupasitoro wanjye ni izihe? Nabasha nte kumufasha kuziba icyo cyuho?
4. Ni kintu ki nakora ku mugaragaro ngo mbashe gushyigikira umupasitoro wanjye?
5. Ni izihe nzira runaka zifatika itorero ryanjye rwabasha gukoresha ngo rishyigikire kandi rikomeze umupasitoro wacu?
6. Tekereze uburyo, cyangwa inzira, wowe, umuryango wawe, itorero ryawe mwashobora kunganira aba bakurikira:
Pasitoro wanyu
Umugore w'umupasitoro wanyu
Abana b'umupasitoro wanyu
7. Ni mu buhe buryo ugomba gufasha bitakuruhije umutwari w'uyu murimo?
8. Ni ubuhe buryo bwihariye wakoresha usezera ku mupasitoro wa mbere wimuwe kandi wakira undi mupasitoro mushya?
9. Mu gihe dutekereza ku bizera bamwe basubiye inyuma, bakaba ibigande, cyangwa se bakaba baraciye mu itorero, ni kintu ki wiyumvisha ko wabakorera ngo ubashe kubafasha?

IGIKA CYA 3

Icyitonderwa

Urubuga nyungurana bitekerezaho

Ibibazo Bigenewe Amatsinda Ngishwanama

1. Kuki ari ingenzi cyane ku bapasitoro n'abakuru b'itorero gufatanya mu murimo?
2. Ni mu buhe buryo ushobora kunganira cyangwa kugoboka umupasitoro wawe, ahantu cyangwa se ibyiciro bimwe na bimwe afitemo intege nkeya?
3. Mbese ni izihe nzego runaka ugaragazamo intege nkeya?
4. Tondekanya uburyo cyangwa inzira zimwe na zimwe ushobora kwifashisha ubyatayeho zabasha kukunganira kuyobora abapasitoro, abafasha babo (abagore) ndetse n'abana babo?
5. Ni izihe nzira waba warabonye zo gufasha no kwongera ubushobozi bwawe mu miyoborere ishingiye ku by'umwuka ?
6. "Ubumenyi n'ikoranabuhanga mu miyoborere yawe ntabwo bifite agaciro karekare cyane kurenza imiyoborere ishingiye ku muco n'umurava bya gikristo." Kuki ibi ngibi ari ukuri? Isobanure.
7. Niba wimutse ukajyanwa mu ntara yawe, ni izihe nzira runaka wifuza ko wakwagirwamo n'Itorero n'Abayobozi baryo?
8. Mbese aho itorero ryawe ryaba ryarateguye imishinga iciritse, mito cyangwa se ireshya n'igihe cy'umwaka?
Mbese imitegurirwe yayo n'imikorere yayo byakoze bite?

Mbese wavuga bimwe mu bikorwa byiza byakomotse muri icyo nteganya mishinga?

Ni iyihe mitego cyangwa se inkomyi wahuye nayo mu mikorere yawe wari ukwiriye kwigizayo kugira ngo utazongera kuyigwamo ubutaha?

9. Ese waba waragennye gute igihe cyo kwirundurira mu murimo?
10. Ese nakora iki kugira ngo nshyigikire ku mugaragaro umupasitoro wanjye?
11. Ni mu buhe buryo ushobora/washobora kugera ku bizera b'ibigande cyangwa se abizera ba kera?

IGICE CYA 4

UMUKURU W'ITORERO, UMUFASHA W'ABANDI BAYOBOZI BO MU ITORERO RYE.

Abayobozi b'amatorero bafite umurimo w'ingenzi cyane wo gushyigikira imico n'imyifatire mbonera kimwe no gutera inkunga abakorera bushake banyuranye bakorera itorero, bamwe bakomeza kunganira itorero mu ngeri z'ubumenyi zinyuranye. **"Gutera umwete no gushyigikira"** byagombye kuba intero nshingiro ya buri mu kuru w'Itorero.

Shyigikira Umwanditsi w'Itorero

Gutunganya ibitabo by'amazina n'umubare w'abizera bitunganye kandi bihoraho no kubarura ibikorwa by'ingenzi by'Itorero, ni imwe mu nzira zo guhozaho no gukomeza Itorero rikora. Umwanditsi w'Itorero ni we muntu ufite iyi nshingano mu mirimo ye. Umwanditsi w'Itorero atoranywa hakurikijwe umurava we mu kazi, kwiringirwa kwe ko azita ku kazi kandi agatunganya neza imirimo y'Itorero ashinzwe hamwe no guhuza abizera b'Itorero. Umwanditsi w'Itorero yitabira inama zose kimwe n'ibindi biterane bigamije ibindi bikorwa byunganira kandi bigateza imbere Itorero; yandika ibyizwe n'imyanzuro yose yahafatiwe. Icyo gitabo kizwi cyane mu izina ryitwa "minute" ariko kuvuga ibyemejwe n'inama cyangwa se imyanzuro y'inama yateranye, gitanga imyanzuro irambuye kandi kikerekana italiki, umunsi umwaka n'ahantu inama yabereye; cyerekana izina ry'umuyobozi w'inama, amazina y'abayitabiriye, maze kigasoza kiranga isengesho ryatangije n'irisoje iyo nama. Iki gitabo cy'imyanzuro y'inama kandi kigomba guhora cyuzuye urutonde rutunganijwe rw'ibibazo byose byashyikirijwe inama, byizweho kandi byafatiwe imyanzuro biciye mu itora ry'abagize iyo nama. Ibi byemezo by'inama nabyo cyangwa se miniti, bihora buri gihe byandikwa mu kagabane kabugenewe ko mu Gitabo cy'Itorero

Igitabo cy'amazina cy'Itorero na none cyuzuzwamo amazina ya buri mwizera w'Itorero. Ni ingenzi ko uru rutonde rw'amazina ruhora rutunganijwe kandi rujyanye n'igihe. Kubarurwa kw'abizera kwa buri gihe, kuri wowe nk'umukuru w'Itorero ni ngombwa kandi ni ingenzi, kuko biguhesha ku menya amakuru y'imvaho y'abizera bawe mu bihe byombi, ari icyashize n'icyubu. Kikubwira aho abizera bawe bageze n'aho baboneka. Ngaho rero, jya ukoresha iki gitabo nk'igishushanyo mbonera cy'ingendo zawe mu gihe usura kandi ugaburira umukumbi wawe.

Igihe cyose umwizera mushya yinjiye mw' itorero kubwo umubatizo, cyangwa se kubwo guhamya kwizera kwe, cyangwa se akaza kubwo urwandiko rwimura umwizera mw'itorero runaka aya mu rindi, igihe cyose umwizera abuze bitewe n'urupfu, guta, cyangwa se gutangwa ahandi, amazina yabo agomba kwongwerwa cyangwa se agakurwa mu gitabo cy'amazina y'itorero ako kanya bitaratinda cyangwa se ngo byibagirane. Ni imwe mu nshingano z'umwanditsi w'Itorero ko agomba gushaka uburyo habaho kwandikirana no gutumanaho mu buryo bwose hagati y'ayo matorero yombi igihe umwizera/umwizerakazi ariho kwimura ubuyobohe bwe abujyana ahandi.

Birakwiriye ko Itorero uko ringana ku isi yose, ryitondera cyane uburyo n'inzira rikoresha mu gihe ryimura abizera ribajyana mu rindi torero. Mwirinde cyane mugutanga imyanya y'ubuyobozi ku bizera bagitegereje inzandiko zimura abizera, mbere y'uko izo nzandiko zimara kuba zahageze ngo bakirwe bashyirwe mu mubare w'abandi bizera bazwi kandi bakirwe n'Itorero ryose byuzuye. Inzira imwe rero yo gukemura iki kibazo ni ugutera umuntu ushinze gukurikirana no kurangiza ikibazo cy'abakirwa n'abimurwa.

Icyakora, dushingiye kuri iki cyifuzo ngombwa cy'uko umuntu agomba kwitonda cyane agashishoza mu gihe cyo kwandika no gutuma inzandiko zo kwimura no kwakira abizera bacu bavuye mu yandi matorero, itorero ryashyizeho uburyo bw'imikorere ishobora kuba insobe ho gatoya. Urwandiko rusaba kwimurwa kw'umwizera rugomba guturuka ku mwizera rukoherezwa Umwanditsi wo mu Itorero rishya, nawe akarwoherereza Umwanditsi wo mu Itorero rya Kera, uwo nawe arugeza ku mukuru w'inama y'itorero rya kera, na we akarugeza ku nama y'Itorero rya kera; hanyuma hakurikiraho ko uru rwandiko rusomerwa abizera n'umukuru w'Itorero mu kuru ubwa mbere, umukuru w'Itorero akazarusoma ubwa kabiri, hanyuma rugashyikirizwa umwanditsi w'itorero rishya, narwo rukazashyikirizwa umukuru w'inama y'itorero rishya, rugashyikirizwa inama y'itorero rishya, naryo rikazarusoma ubwa mbere, ikazarusoma ubwa kabiri hanyuma bigaherukwa no kurujyana munama maze rukagirwaho impaka, rugatorewa ko byemejwe ko uyu Mwanditsi w'itorero rya kera, yimura cyangwa se akandukura izina ku rutonde rw'amazina y'abizera bo mu Itorero rya kera.

Aho bishoboka, umwanditsi w'itorero yagombye kugerageza gushyikirana n'abo bese bavuye mu itorero. Umwanditsi w'itorero yagombye kwohereza inzandiko zo guhora bamenyeshwa ibikorwa by'itorero n'umukuru w'itorero kugira ngo babatere umwete n'ubutwari. Niba bibaye bibonetse ko kubwo inyungu y'umupasitoro n'umukuru w'itorero, uwo mwizera wabaye ikigande akeneye ubufasha mu by'umwuka, byari ngombwa ko

Kugira ngo habeho kurinda itorero n'abizera baryo, iyi mikorere ntigomba kwirengagizwa cyangwe ngo ihuganeho na gato. Icyakora, bitewe n'impamvu y'umwizera wimurwa, byari bikwiriye ko izi nzira zitabwaho kandi zigakoreshwa mu buryo bw'ubwenge budahubukiwe.

Abizera bashya baba bumva rwose bakenewe iyo amezi ashize hagati y'igihe abo bizera basabiye kwimurirwa mu rindi torero n'igihe byemerejwe mu nama bamaze kwakirwa.

Umuzingo w'itorero bidahinduka ukubiyemo n'amazina y'abizera batakitabira itorero n'agahunda yaryo. Bamwe muri abo ni abizera baguye bakava mu kwizera. Abandi ni rubanda ruba rwarimutse, rwarasuhutse rukaba rutakiri muri ako karere. Aho bishoboka, umwanditsi w'itorero yagombye kugerageza gushyikirana n'abo bose bavuye mu itorero. Umwanditsi w'itorero yagombye kwohereza inzandiko zo guhora bamenyeshwa ibikorwa by'itorero n'umukuru w'itorero kugira ngo babatere umwete n'ubutwari. Niba bibaye bibonetse ko kubwo inyungu y'umupasitoro n'umukuru w'itorero, uwo mwizera wabaye ikigande akeneye ubufasha mu by'umwuka, ukwiriye gusaba umwanditsi w'itorero ko kwandikira pasitoro wo muri ako karere gashya (itorero rishya umwizera azimukiramo) akabaza ko hari umuntu runaka waba asura uwo muntu.

Kwunganira Conference/misiyoni/association mu migenzurire yayo y'ubuyobohe n'ibikorwa by'itorero ryihariye, bitegeka umwanditsi ko ategura raporo yabyo ya buri gihembwe. Iyi raporo rero, ikubiyemo amakuru y'ubuyobohe, y'abizera bongewemo cyangwa bakuwemo, abakuru b'ibyiciro by'imirimo y'itorero, kimwe n'andi makuru y'ingenzi.

Raporo ya buri gihembwe y'umwanditsi w'itorero ifasha iryo torero runaka, conference/Misiyoni guhora itunganije ibitabo byayo bya raporo zisabwa kuri gahunda buri gihe. Iyi raporo kandi ibaha gusobanukirwa n'iterambere rishyoye imizi muri ayo matorero azengurutse. Nk'umukuru w'itorero, uzakenera kwemeza koko yuko wa mwanditsi wawe w'itorero n'umurava wose, yabashije kwandika ingingo zose n'ibyifuzo byose mu buryo burambuye nk'uko yabisabwe muri raporo ye, kandi ko iyo raporo yamaze kohererezwa umunyamabanga w'itorero/Conference/Misiyoni mu iherezo rya buri gihembwe.

Shyigikira Abadiyakonikazi n'Abadiyakoni b'Itorero

Abadiyakonikazi n'Abadiyakoni bagiye baha inkunga ikomeye Itorero kuva ryatangira kubaho. **Ibyakozwe 6** bivuga yuko, uko Itorero rya Gikiristo rya mbere ryagiye rikura, intumwa cumi n'ebyiri zasanze ubwazo zidashobora gukora imirimo yose icyarimwe. Kubwo izo mpamvu rero, abadiyakoni barindwi bahise batoranywa. Umurimo wabo ari uwo gufasha kugoboka no kunganira umukene n'umurwayi, no gutanga inkunga ebyiri, gushyigikira mu by'umubiri no gushyigikira mu by'umwuka ku bizera b'itorero. Iki gikorwa rero, cyatanze umudendeze usesuye ku ntumwa maze zirundurira igihe kinini mu kubwiriza, kuvuna, no kuyobora.

Isezerano Rishya rirondora amazina y'abagore benshi bakoreye itorero bafasha abakene n'indushyi (Ibyakozwe 9:36, 39; Abaroma 16:1, 2). Aba ngaba bari abagore bera, babanyamurava, b'igikundiro no kugwaneza, b'ingeso nziza mu mibereho yabo, bagiye batangaza cyane abantu bo mu ngo n'imirenge ibazengurutse kubera ibikorwa byabo by'urukundo.

Abadiyakoni n'Abadiyakonikazi mu itorero rya none, baracyita kubantu batyo, baracyatanga ubufasha n'ubutabazi mu byiciro binyuranye. Binyuze mu mpano z'Umwuka Imana yarabahaye; igihe cyose bahora batabara, bagoboka benshi ku bukene by'ibintu bigaragara bwa bamwe mu bizera b'itorero n'abo mu ngobyi y'itorero. Batanga ubufasha, ibyiringiro no gushyigikira ku mukene, umurwayi, n'uwihaye. Basura abantu bari kwa muganga, mu bitaro no mu buroko. Bafatanya ubuyobozi mu mitegurire y'umuhango w'umubatizo n'lfunguro ryera ry'Umwami wacu.

Nkuko byari mu bihe byo mu Isezerano Rishya, abadiyakoni n'abadiyakonikazi bagufasha cyane nk'umukuru w'itorero muri kino gihe. Kubera ko baba basabanye cyane na rubanda, bashobora guhinduka amaso n'amatwi yawe bakagufasha gushakashaka no kubona ba bandi bakeneye ubufasha bwawe bwihariye. Hura nabo kenshi maze munoganye aho mushobora kujya gusura. Mu gihe usura abizera bawe, gerageza kubiyambaza ujyaneyo nabo. Igihe rero bazanye ibyifuzo byabo, n'ibibazo byo kwigwaho mu nama y'itorero ihatire kubashyigikira.

Shyigikira Umucungamari w'Itorero.

Tera umwete n'ubutwari Umucungamari.___ Umucungamari w'itorero arakira, akabara, akandika muri resi (receipt), akabika ayo yakiriye, akariha ayo agomba kuriha, agahora agenzura konti (Account/Compte) y'umutungo w'itorero, ndetse agatanga raporo (reports) yerekeye amafranga yose yinjira mu itorero. Imigabane n'amaturu ahita yoherezwa muri conference/Misiyoni buri kwezi biherekejwe na raporo y'imari. Amafranga yahawe itorero ryihariye, amafranga aturuka mu byiciro binyuranye biri mu itorero, kimwe n'indi mitungo yabitswe n'amatorero yandi agomba gukwiriranywa hakurikijwe uko bitegetswe n'ingengo y'imari y'Itorero, cyangwa na vote y'inama y'ibikorwa by'itorero. Muri iyi ndengo, niho tubonamo irihwa ry'amakonti, imisoro y'ubwishingizi (insurance premiums), ubukode bw'inzu, ayakoreshejwe mu kugura ibikoresho by'ibiro by'ibyiciro, ayasohowe ku bikorwa binyuranye (utilities), ayasohowe kubwo ibibazo by'itorero, no kuriha iby'imirimu inyuranye, ndetse n'ayo gufataneza ibikoresho by'itorero. Umucungamari, azararikirwa kuzajya atanga raporo y'umutungo n'icungamari kuri buri nama n'ibiterane by'imirimu y'iterambere, yerekane amafranga yakiriwe n'uburyo yakoreshejwemo.

Iyi subi yo hejuru yagenewe kugukangura wowe, mukuru w'itorero ngo umenye yuko ababitsi b'umutungo, cyangwa se abacungamari bakora bivunanye, ndetse rimwe na rimwe ko bakora bakavunika kurenza abandi bayobozi bo mu itorero. Nyamara kandi, umurimo wabo munini, usanga wihishe inyuma ariwo rusezerera ngabo rw'ibindi bikorwa by'umurimo, nubwo bimeze bityo, ntabwo baremererwa gusa cyangwe ngo babe basazwe n'umurimo gusa, usange bariho gukora na nyuma y'amasaha y'akazi, ahubwo bigerekaho nuko usanga bagawa ntibashimwe. Nk'umukuru w'itorero, jya ubigira ingingo yo kwerekana n'ijwi ryo gushimira abo bacungamutungo kenshi.

Horana ibanga ry'umurimo.___ Abacungamari, bafite inshingano yihariye yo kwigisha abizera babo guhorana ibanga. Amakuru nk'ayo, nti yari akwiriye kugira undi abwirwa uretse ba bandi basangiye inshingano z'umurimo. Mu gihe runaka, umupasitoro cyangwa undi mukuru w'itorero wabitorewe yagombye gusobanukirwa ibya kimwe mu icumi cy'abizera n'uko cyagiye cyakirwa mu bitabo. Impamvu imwe ituma pasitoro cyangwa umukuru w'itorero yagombye gushyirwa mu nama ndanga itora ni ukugira ngo babashe kuyobora iyi nama ndanga mu mikorere yayo bayirinde gutora ibigande bivunisha abandi, bimwe bidatanga na rimwe imigabane ya kimwe mu icumi, ngo bibe abayobozi b'itorero.

Rinda amafranga guhugana.___ Gusonzoranya amafranga y'Imana ni umurimo wera. Na none kandi ni inshingano itihishira igomba kugaragara mu bikorwa, kuko iyo abizera barekeye aho kugira ikizere mu bayobozi b'itorero ryabo, bashobora no guhagarara gutanga imigabane mu itorero ryabo.

Muramenye, muramenye, ntimugafate na rimwe amafranga y'itorero, mbere yuko yinjizwa mu bitabo by'umucungamari. Igihe amafranga arimo kubarwa, yaba ari imikorere y'ubwenge n'ubushishozi kuri bamwe nk'umudiyakoni cyangwa umudiyakonikazi kwegera umugengamari maze bakamufasha. Uyu nawe azatanga sheki cyangwa icyemezo cy'inyandiko kiriho umubare w'ibyatanzwe n'isinya ivuga ko byakiriwe bikabikwa kuri konti y'umugengamari; kugira ngo icyo kibe igihamba cy'ubudahemuka bwe (yaba umugabo cyangwa umugore wahawe iyo nshingano). Niba rero, amafranga atari bubarwe kuzashyira kera, yari akwiriye gufungiraniwa kure mu isanduka yayo muri icyo gihe cyo gutegereza, kandi ntiyegerwe n'umuntu uwo ari we wese.

Nanone kandi, ni iby'ubwenge n'amakenga kuba ufite umukono w'abantu barenze umwe basinye kuri sheki yawe mbere yuko amafranga abikuzwa. Abapasitoro, Abakuru b'itorero, ndetse n'abandi bayobozi b'itorero ntibari bakwiriye na rimwe kubaza umucungamutungo kubaha amafranga atemerewe kubaha rwose. Abayobozi b'impuguke ntabwo bazigera bayabaza kandi n'abacungamutungo ntibazigera bayatanga kabone nubwo bitabujije ko baba babikora. Aho ariho hose byaba bishoboka gukorwa, amafranga yari akwiriye kwakirwa mu mabahasha, inyuma hakandikwaho umubumbe wayo kandi imbere hagashyirwamo izina ry'uwayatanze. Aya mabahasha abikwa n'umucungamutungo ngo yerekwe umugenzuzi w'imari yuko buri mutungo wagiye ubikwa ukwawo, ahanu hawo mu buryo bwihariye. Amafranga yatanzwe kw'itorero ni amafranga y'Imana. Gukoreshwa nabi kwayo ni icyaha gikomeye gishobora kutwimisha gusa imigisha Yayo.

Shyigikira icyiciro cy'Imirimo y'Itorero

Icyiciro cy'imirimo rusange y'Itorero, ni umugabane w'ingenzi w'Itorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa karindwi. Birategetswe ko Inama y'Icyiciro cy'imirimo y'Itorero itoranirizwa guhuza ibikorwa byose byasonzoranirijwe umutungo n'iki cyiciro kigari. Iyi nama kandi ishobora kuzanzamura no gufasha cyane inama y'itorero kuri byinshi cyane cyane bitewe nuko yo yinjira muri byose ku buryo burambuye. Ibyiciro by'ingeri zose by'Icyiciro cy'imirimo y'Itorero byose birondorerwa hano, kandi bikita cyane ku isano bisangiye n'umurimo wawe nk'umukuru w'itorero.

Icyiciro cya Dorkas n'Imirimo yo gufasha Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa karindwi ryashyizeho Gahunda y'ibikorwa n'imirimo yo kunganira Umuryango wa Kidivantisti ngo bibe imvugo y'urukundo rwayo n'impamvu yo kwita ku bakene n'abatishoboye. Imwe mu mishinga y'amajyambere y'umuryango yemejwe n'itorero ibumbiyemo kwegerranya no gutegura imyenda, ibiryo, kimwe n'ibindi bikoresho bigenewe abakene n'indushyi; kugenderera ibitaro n'uburoko; imishinga yo kurengera ubuzima; imishinga y'ubuhinzi; gusana no kubakira inzu abasheshe akanguhe; kubaka ibigo by'ubuhungiro kubazahajwe kandi bahohotewe; no kugoboka abazahajwe n'ibyorezo n'amahano.

Programu y'Imirimo y'Umuryango w'Abadivantisiti waba ushobora gutanga inyigisho z'amahugurwa mu guteka n'imirire, isuku, ubufasha bwa mbere n'ivuriro ry'ab'urugo, kubaka ingo, kurera abana, kugena ingengo y'imari y'umuryango, gutanga inama, kimwe n'ibindi byiciro. Mu bihe by'amahano, ibyo bikorwa by'Umuryango bitanga ubufasha mu ishusho yo kwambika abambaye ubusa, ibiryo, urukingo rw'indwara z'ibyorezo, ubufasha bwa mbere, guhumuriza abatentebutse no kubaha ibyiringiro no kwizera. Iyo rero, hadutse icyorezo gifite imbaraga zikomeye cyane kurenza uko ubwo buryo bworoshye bwabasha kukirwanya, Umuhuzabikorwa w'Icyiciro cy'ibyorezo wa conference/Misiyoni ashobora kwegerwa maze agasabwa ubundi bufasha buhagije.

Ibikorwa byo kunganira Umuryango kandi rimwe na rimwe usanga bitangwa binyujijwe mu Ishyirahamwe rya Dorcas, mu bihe bimwe ndetse ugasanga bitangwa biherekejwe n'Itsinda ry'Abagabo b'Abadiventisti. Iyi gahunda yagombye kunononsorwa kandi ikumvikanwaho cyane n'Abadiyakoni n'Abadiyakonikazi b'Itorero.

Nk'umukuru w'itorero, ugomba guhora uharanira kubona inzira n'uburyo buri mpano z'umwuka za buri mwizera zishobora gukoreshwa zikunganira itorero. Uru rutonde rw'imirimo twavuze hejuru, narwo ruzafasha cyane guha urubuga buri mwizera wese utunze impano runaka z'umwuka ashobore kuzibonera aho yazikoresha muri ibi bikorwa byo kunganira rubanda.

Umurimo nk'uyu washobora kugaragaza uruhare rw'akataraboneka abizera bashya bashobora kugira mugufasha. Nanone kandi, ba bandi babasha cyane ibikorwa by'amaboko ariko bakaba batabashije kuba bafite ubumenyi rusange bwo mw'ishuli, babona umwanya wo gufasha bishimishije.

Ibyiciro by'Ingo n'Umuryango.__Buri torero rigomba kumenya rwose uruhare rukomeye umuryango ufite rwo kurera no gutoza amatwara meza abawugize ngo bamenye kandi bayoboze Kristo. Burya muryango, niwo remezo ry'ibyifuzo byacu n'ubusabane mbonezamubano, gushyikirana, yo kubana neza, gukundana, no kuba inkoramutima. Umuryango, cyangwa Urugo, bidufasha guhamya rwose imiterere yacu nyayo, n'igitinyiro cy'umuntu ku giti cye. Mu muryango, mu rugo niho hubakirwa ingeso n'imico biguma muri twe, bikaba akaramata, mu buzima bwose tuzagira kuzageza ku iherezaho ry'imibereho yacu. **"Nta kibwirizwa cyabwirijwe kigira imbaraga zikomeye kurenza izo amatwara n'imico by'urugo rukiranuka, bigira ku mitima n'imibereho".**(Umurimo w'Ubuvuzi, p. 352).

Mu rwego rwo gufasha kumenya ibibazo n'ubukene bw'imiryango, itorero ritoranya Umuyobozi w'Ikiciro cy'Ubuzima bw'ab'Umuryango kugira ngo amenye neza ingorane z'iyi miryango igize itorero kandi atare amakuru yose, ategure gahunda y'ingendo za Pasitoro n'abandi bayobozi babasura. Abakuru b'itorero bagombye gukorera hamwe na pasitoro wabo ndetse n'umuyobozi w'ubuzima bw'ab'umuryango gushakira no kunganira hamwe ingo n'imiryango biri mu kaga, kandi bakagaragaza gahunda yihariye y'ubuzima bw'ab'umuryango igamije kugaburira imiryango yose y'itorero.

Ibyiciro by'Abategarugori.__Abategarugori b'abakorerabushake (Laity) bakorera umurimo ukomeye mw'itorero ryacu, ahantu henshi usanga aribo nkingi z'itorero. Amatorero yagombye kugira icyiciro kihariye cy'abategarugori kigenewe gutahura no gukemura ibibazo byihariye by'ubukene bw'abategarugori.

Ibyiciro bya Muzika n'Indilimbo. Muzika ihagatira kandi ikerereza gusenga Imana. Muzika ifite imbaraga zihariye zo gucengera umutima no gukingura ibitekerezo n'ubwenge. Ituma uhumekekwamo n'imbaraga z'Umwuka w'Imana, irigisha, kandi ifasha gukura muby'umwuka. Iterura ibitekerezo, ikabisimbiza, ikabyerereza, ikabivana ku isi n'ibiyayo maze ikabyerekeza ku Mana.

Kugira ngo habeho guteza imbere iyi mpano mw'Itorero, amenshi mu matorero magari, agiye yifitiye Umuyobozi w'Icyiciro cya Muzika n'Indilimbo utegura, wigisha, ndetse agateza imbere icyo cyiciro cya gahunda ya muzika. Niba ubwiriza cyangwa se ugategura gahunda yo gusenga, gashyiraho gukorana n'Umuyobozi wawe w'Icyiciro cya Muzika n'Indilimbo kugira ngo azabashe guhuza muzika n'ubutumwa buri bubwirizwe.

Fasha umuyobozi wawe w'Indilimbo na Muzika, kubona abandi bizera bashya cyangwa ababwirizabutumwa babifitiye inyota bari muri gahunda y'iryo torero, kujya bihuza maze bakarema umutwe w'abaririmbyi, bakaririmba indilimbo yatoranijwe; nibaba batabishoboye ubasabe ko baza kuririmba mu mutwe w'abaririmbyi b'itorero ryawe. Tera umwete Umuyobozi wawe wa Muzika n'indilimbo kwinjiza abasore n'abandi bakiri bato ubona bafite ubwuzu bwo gukorera itorero maze akabinjiza muri gahunda y'itorero ya Muzika.

Ikiciro cy'Ubutabazi n'Imirimo y'Abizera.__ Buri mwizera w'itorero ahamagariwe gukora imirimo runaka. Imwe mu mirimo ishyigikira gahunda y'imbere mu itorero, iyindi nayo ikoresheya mu bantu bari hanze y'itorero. Umuyobozi w'Icyiciro cy'Ubutabazi/Imirimo y'umwizera, atorerwa kugira ngo ashyigikire iterambere ry'impano z'abizera kugira ngo zivune abantu bakiri hanze y'itorero. Mu buryo bwihariye Umuyobozi w'Ubutabazi/Imirimo y'umwizera cyihatira guteza imbere ububasha bwo guhamya Imana yahaye itorero ryayo kugira ngo nabo babe ababwirizabutumwa bayo muri uwo muryango barimo. Icyiciro cy'Ubutabazi/Imirimo y'umwizera gitegura kandi kigashimangira ubuhamya ndetse kigasohozza gahunda z'itorero.

Mbese ni buryo ki wowe nk'umukuru w'itorero ushobora gushyigikira umuyobozi wawe w'icyiciro cy'Ubutabazi/Imirimo y'umwizera?

- 1) Kuba wowe ubwawe ubarirwa mu itorero aho usohoreza gahunda;
- 2) Kugena igihe cyo ku Isabato mu gitondo
- 3) Gufatanya gutanga amahugurwa yo gukiza imitima mw'itorero ryihariye;
- 4) Shyigikira umuyobozi wawe w'icyiciro cy'Ubutabazi/Umurimo w'abizera kimwe n'ab'ibindi byiciro kwitabira ibiganiro mbwirwa ruhamwe kuri Misiyoni/Conferance kugira ngo bungukire muri izi gahunda z'amahugurwa.

Icyiciro cy'Ishuli ryo ku Isabato.__ Ishuli ryo ku Isabato ritanga igihe kigenewe gukura muby'umwuka tugikesheje ibyigisho bya Bibiliya, kurema amatsinda mato y'ubucuti, ndetse na raporo y'umurimo mw'isi. Intego yacyo ni iyo kwongera, kugumana, ndetse no gutoza ba bandi b'ibigero by'ubukuru binyuranye kuba abigishwa ba Yesu -Kristo. Shyigikira Ishuli ryo ku Isabato ukoresheje kwitabira ukiranutse amateraniro ubudasiba. Tera umwete n'umuhati wo guhugura Abigisha b'Ishuli ryo ku Isabato. Itsinda rito ry'idarasa ry'Ishuli ryo ku Isabato ni igitekerezo kizimije cyane, nyamara kiba inyunganizi n'ingirakamaro gikurikije umwarimu wacyo. Shyigikira ko habaho icyigisho cyihariye cy'Abigisha b'Ishuli ryo ku Isabato bahugurwe; aho kandi ni ho Pasitoro cyangwa se umukuru w'Itorero bazabasobanurira cyane amahame yose y'imyizerere yacu ya Kidivantisti.

Ita cyane ku kurema amashami y'Amashuli yo ku Isabato maze abe urugingo rwa gahunda yo gukura no kwaguka kw'Itorero ryawe. Umuhanuzi kazi Elina White yaragenzuye maze aravuga ati: "Ishuli ryo ku Isabato, iyo riyobowe mu kuri kwose, riba kimwe mu bikoresho bikomeye by'Imana birehereza imitima y'abantu kumenya no kwimenyereza ukuri" (Counsels on Sababath School work, p. 115).

Sura cyane amatsinda y'abana, urubyiruko n'abasore y'Ishuli ryo ku Isabato maze ubereke inkunga yawe. Hamya, emeza ku mugaragaro abagomba kuzajya bafasha icyiciro cy'Ishuli ryo ku Isabato. Tera umwete abagabo bashimwa bikwirakwize muri ayo matsinda yavuzwe haruguru, kugira ngo ayunganire cyane cyane, nk'ingero nziza za gikiristo ku bahuguwe. Genzura neza niba amafranga yamaze gutangwa kugira ngo azagurwe Ibikoresho n'ibitabo bikwiriye by'Icyiciro cy'Ishuli ryo ku Isabato.

Icyiciro cy'Ubusonga. Twese tuzabazwa imbere y'Imana inzira n'uburyo ducunga ibyo Imana yaduhaye. Twibutswa mu Byanditswe ko, "Kandi ibisonga bishakwaho ko biba abanyamurava(1 Korinto 4:2). Kugira ubusonga bwiza bisobanura kuba umunyamurava, gukiranuka mu mikoreshereze y'igihe cyacu, amahirwe, ubushobozi, imitungo Imana yadukungahaje kandi yaturagije. Muri make, bisobanura gutanga tutiziganije imibereho yacu yose, icyo turi cyo cyose, n'icyo dufite cyose, tukirundurira mu biganza by'Imana kugira ngo idukoresheje nk'uko Ishaka. Nuko rero, umurimo w'Ubusonga na Gahunda y'Iterambere n'ubunyamabanga bw'icyiciro cy'ubusonga mu matorero, ni ugushyigikira buri mwizera w'itorero muri ubu bwitange no muri uku kwiye gurira Imana maze tukaba ibisonga byiza binyuze mu nzira ituma buri wese ateza imbere kandi agakoresha neza izo mpano z'Imana.

Kubona umutungo wo gushyigikira iyo gahunda y'itorero ni kimwe mu bibazo by'ingutu abayobozi b'itorero basakirana na cyo. Kikaza kiyongeraho ikindi cyo kubona itsinda ry'abakozi b'abanyabushake bahagije. Rimwe na rimwe ibibazo by'imenamutwe byerekeranye n'umutungo w'itorero usanga ari byo bihindutse ibimenyetso by'indwara kurenza cya kibazo cya mbere.

Niba ingorane z'umutungo zikomeza kwiye gikanywa, ni ibiterwa nuko ubusanzwe uburyo n'inzira byari bisanzwe bikoreshwa mu gusonzoranya iyo mitungo, usanga bivura ibimenyetso by'indwara kurenza uko wagombye kuvura iyo ndwara ubwayo. Ishoramari ryo mu itorero rigomba kwigwa neza, rigasuzumwa neza n'ubwitonzi kandi rikaba rishyigikiwe n'abizera bose b'iryo torero. Buri mwaka, inama y'itorero yabombye gutegura urutonde rw'ibizakenerwa n'amafranga azakoreshwa yose maze ikabyereka maze ikabyereka abizera kugira ngo babyemeze. Icyagati cy'ingengo y'imari y'itorero yagombye kubarirwamo imbonerahamwe isobanutse neza igaragaza uko bazabasha kuziba icyuho cy'ayo mafranga azasohoka.

Ndetse rimwe na rimwe usanga bikwiriye ko Pasitoro, Abakuru b'Itorero, abanyamabanga b'ubusonga, kimwe n'abandi bantu batoranijwe bakajya gusura abizera mu ngo zabo bakabasobanurira iyo ngengo y'imari y'itorero, ndetse bagashishikariza buri muryango kugira amasezerano y'ubwitange ko bazasyigikira gahunda y'ingengo y'imari y'itorero bakoresheje gahunda iteguye yo gutanga.

Gushyigikira ubunyamabanga bw'ubusonga bw'itorero, byasobanura kugarurira Imana kimwe mu icumi cyayo no gutanga amaturo ukurikije gahunda yo

gutanga witunganirije ku giti cyawe. Ntugasabe abizera bawe kwigomwa byinshi birenze ibyawe cyangwa ngo ubahanikire urugero muri gahunda y'ubusonga kandi nawe udashobora kubikora utyo. Komeza amahame y'ubusonga na gahunda y'ibikenewe mu ishoramari imbere y'abizera, kandi ushimangire cyane ko buri rugo, buri muryango ukwiriye kwishyira muri gahunda y'ubusonga iteguye yo gutanga. Hora umenyesha abizera bawe ubukene bw'umutungo w'itorero ukoresheje za raporo za buri gihe utanga ku itorero n'izo ushyikiriza inama y'itorero. Tegura neza i Sabato imwe maze ufate igihe cyayo cya mu gitondo witangishe abiyemeza gutanga neza kandi babikuye ku mutima no mu buryo bucishijebugufi maze ubasengere.

Abasore. Urubyiruko rwo mu matorero yacu rufite impano zitagereranywa kandi z'agaciro, ku buryo ziyobowe mu buryo butunganye, zizazanira imigisha myinshi kandi ikomeye itorero. Mu matorero, inama y'ikiciro cy'Imirimo y'Itorero cyangwa Inama y'imirimo y'ububuyiruko/Abasore/Inkumi ishinze gutegura ibikorwa by'abasore n'Abarondabukanda bo mu Itorero.

Ishyirahamwe ry'Abasore b'Abadiventisti (Kera ryahoze ryitwa ishyirahamwe ry'ababwirizabutumwa b'abanyabushake MVS) ni ishyirahamwe ry'ibikorwa n'ubucuti by'abasore bakuru muri buri torero. Mbere na mbere kireba cyane abantu bo mu kigero guhera ku myaka 16 -30. Nubwo bidakwiriye kuba intero yacu na rimwe ko twatandukanya abasore bacu n'abandi bizera basigaye b'itorero, ariko tugomba gusobanukirwa neza ko ibyifuzo byabo, ubukene bwabo bikwiriye gutandukana n'iby'ayandi matsinda y'abizera bakuze bari mu itorero. Amashyirahamwe yanyu atanga amahirwe yo kurema ubucuti no gukuza amajyambere y'iby'umwuka y'abasore n'igihe bakiri kumwe na bagenzi babo bo mu kigero kimwe.

Intego ya mbere y'Ishyirahamwe ry'abasore ni iyo kwinjiza abasore/urubyiruko no kuruyobora mu murimo. Bityo rero, ibikorwa by'ishyirahamwe bizacengeza muri gahunda yabyo, bimwe mu byigisho na gahunda yo gusenga, ubucuti, inyigisho, ubuhamya n'ibyigisho bihamya kwizera, bimwe biyobora abasore kuri ya sano ikiza y'ubusabane hagati yabo na Kristo Yesu. Ikidakwiriye kubura cyo ni ibiterane byabo; amateraniro yabo akwiriye guterana buri cyumweru, nk'uko bisanzwe buri Wa Gatandatu w'Icyumweru niwo wa Nyuma w'Isabato/Friday evening cyangwa se ku Isabato nyuma ya Saa sita.

Ishyirahamwe ry'Ingimbi z'Abadiventisti hamwe n'Itsinda ry'Abarondabukanda.__ Ishyirahamwe ry'ingimbi kera ryitwaga : (Ishyirahamwe ry'ingimbi z'Abakorera bushake b'Abadiventisti) bari mu kigero cy'imyaka 10-15. Rimwe na rimwe usanga gisanganya urubyiruko ryo mu mashuri y'ubwenge abanza y'itorero. Imigambi yaryo ihwanye n'ya rya shyirahamwe rya mbere rya bakuru babo kandi rirasa ku ntego nk'iz'abo basore.

Urugaga rw'Abarondabukanda narwo rukorera muri iri tsinda. Mu turere tumwe na tumwe, uru rugaga rwasimbuye ishyirahamwe ry'abasore batoya.

Mu nshingano zabo habamo cyane n'inshingano zo kwigisha iby'umwuka, imyuga, ubukorikori, ingendo zo mu misozi n'amashyamba, guca ingando (gukambika), n'imikino y'igororangingo. Izi gahunda zisaba cyane kuba ufite imico n'imiterere y'umubiri ishimwa: kugira gahunda, isuku, kugororoka, kuyoboka ubutegetsu utavunanye, kwifata, kunamba, no kuba umuhanga mu myiyereko n'imikino ngororamubiri. Abarondabukanda na none bashimishwa no gushyirwa mu bikorwa by'intego nk'izi.

Icyiciro cy'Abana.__ Mu myaka yo hambere aha, itorero ryibanze cyane ku bukene bw'icyiciro cyagutse cy'abana babo. Mu gihe cyashize, ibikorwa by'abasore byagiye biyoborwa cyane cyane n'icyiciro cya Division cy'Ishuri ryo ku Isabato gishinzwe Abana. Bitewe no kumenya neza akamaro n'agaciro k'uburere n'iterambere mu by'umwuka ngombwa ku mwana mu myaka ye ya mbere yo mu bwana, itorero vubaha ryatangije icyiciro cy'Abana gikorera mu Cyiciro cy'Imirimo y'Itorero. Iyi ni yo ntego y'aya matwara mashya; ni ugushimangira iterambere ry'ukwizera n'imikurire mu by'umwuka mu gikongote cy'abo bana n'ingimbi, atari muri za gahunda zikorwa mu itorero gusa, ahubwo no mu mishyikirano n'ubusabane bagirana n'ababyeyi ndetse no mu bikorwa binyuranye byo mu muryango bigenewe gukebura no kurera abana.

Icyiciro cy'imirimo y'Abana muri iki gihe gifite ibikoresho n'umutungo byo kugoboka amatorero adukikije muri ibi byiciro: bikurikira byihariye: icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato na gahunda z'amateraniro makuru, mu bitambambuga, ibiburamwaka, no mu matsinda anyuranye yo mu bana bo mu mashuri abanza. Amashuri ya Bibiliya yo mu biruhuko; Ingaga zo kwigana Bibiliya n'Abaturanyi; kwigisha abana kugira kwizera no kugira imyifatire y'indakemwa; kugira gahunda yo gusenga y'ab'umuryango no gutoza abana kwigirira gahunda yabo yihariye yo gusenga imana yabo; gahunda yo gushyigikira ababyeyi b'urugo; ubufasha bw'abana mu gucunga neza umutungo no kuba ibisonga byiza; ingendo, mavuna ndetse n'indi mishyamba bigamije kureshya abandi bana bari hanze y'itorero; umuzika w'abana; Ibigo bya Gikiristo byita ku bana n'ibiburamwaka; inyigisho za gikiristo ku mashuri na gahunda mvugurura -muco y'abana. Muri iki gihe amatorero amwe n'amwe ariho gutora no gushyiraho Abahuzabikorwa b'Icyiciro by'abana, ngo binjize kandi batangize bimwe muri ibyo bitekerezaho n'ibikorwa muri za gahunda z'itorero.

Niba rero udafite umuhuzabikorwa nk'uyu, wowe nk'umukuru w'itorero, ushobora gufata iyo nshingano ukabahamiriza ko itorero ryawe ryaburiwe cyane kubyerekeye akamaro ko gutoza abana uburere butuma bagira iterambere mu by'umwuka ndetse no kurema inzira n'uburyo bwo gutangiza ibikorwa bizafasha kumara ubukene bwabo.

Ariko cyane cyane, ihatire kwerekana inkunga yawe utera urubyiruko rwo mu itorero ryawe. Tanga umwanya munini igihe cy'amatora yo gutoranya abayobozi b'urubyiruko. Ntukuzuze ibiro bindi bwa mbere ngo hanyuma uze guha abasore ibisigarizwa (imiranga). Fatanya iyo gahunda n'ababyeyi b'aba bana bo muri iryo torero.

Shyigikira icyiciro cy'Itumanaho

Umugabane umwe w'umugayo uyogoza Itorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi ni ukutabasha kugeza ubutumwa bwacu ku nteko z'abantu n'imiryango bidukikije. Nubwo uyu ari umurimo wa buri mwizera, ariko Umunyamabanga w'Ikiciro cy'itumanaho cy'itorero afite uruhare agomba kugiramo. Umugabane umwe w'umurimo w'umunyabanga w'itumanaho, ni gukwirakwiza amakuru yerekeranye n'itorero ryawe n'ubutumwa bwaryo ndetse n'ibikorwa by'abarigize akabigeza ku bashinzwe itangazamakuru n'abanditsi b'amagazeti, akabigeza ku bantu bafite ububasha, ndetse no muri uwo muryango wose.

Aha ngaha, hari uburyo bumwe umunyamabanga w'itumanaho wanyu ashobora kumenyekanisha ubutumwa n'ibikorwa by'itorero ryawe imbere y'inteko na rubanda: inyandiko ntoya, ibinyamakuru, radio na Televiziyo; ibiro by'igihugu bishinzwe amatangazo no kwamamaza mu karere k'itangazamakuru n'itumanaho kakwegereye; inyandiko ku bahagarariye ibinyamakuru runaka bishizwe kutotora ibibazo by'idini; maze ukabiherekeresha igifuniko kiriho ifoto ziranga ibikorwa by'itorero; ndetse ushobora no kwimenyereza ubwawe gusoma ibinyamakuru ndetse no gukora kimwe no gukurikirana iby'imirimo ya leta; ugategura ibyo kwamamaza inyubako z'itorero, ibikorwa n'imirimo ukoresha ibinyamakuru, telefoni kimwe n'ibyombo; gutanga amatangazo akandikwa ku masangano y'inzira no kubyerekezo by'imihanda minini nyabagendwa n'ahandi hari ibyapa hahurira abantu; gutegura imurika gurisha ry'itorero mu gihe cy'ibitaramo cyangwa se ibindi biterane n'ibiganiro mbwirwaruhame byiza, gutegura uburyo itorero naryo ryajya rigira uruhare mu bikorwa byerekana gukunda igihugu mu bihe byagenwe kimwe n'ibindi bikorwa bereba abaturage; ibiganiro by'idini kuri radio na televiziyo.

Mu gihe ari ngombwa ku bizera gushyikirana na rubanda rutari mu itorero, burya no mw'itorero naho, iri tumanaho, uku gushyikirana kw'abizera bagize itorero hagati muri bo, nakwo ni ngenzi kandi kurakwiriye cyane kuko gutuma abizera bahora bazi neza gahunda z'ibikorwa mu itorero ryabo. Umunyamabanga w'icyiciro cy'itumanaho cy'itorero, ashobora kunganira itorero ashiraho akanyamakuru

k'itorero, kwandika ingingo z'amakuru n'amafoto ku kibaho cyagenewe kumanikwaho amatangazo y'itorero, kwibutsa abizera gukurikirana amasaha y'amakuru n'ibiganiro kuri radiyo/televiziyo y'itorero, no kwohereza buri gihe raporo n'ingingo z'amakuru ku munyamabanga w'icyiciro cy'itumanaho mu ntara /Misiyoni /Filidi/ Asosiyation byitaruye. Abayobozi bagombye kwiga kujya batekereza nk'abanyamabanga b'itumanaho, buri gihe bakibaza ubwabo, bati: Mbese ni kintu ki kiriho kubera mw'itorero ryanjye muri iki gihe abo tubana bakwiriye kumenya? Ni ki kiriho abizera bacu bagombye kumenya? Ngaho hinduranya ibitekerezo n'umunyamabanga w'ikiciro cy'itumanaho.

Shyigikira Uburezi bwa Gikiristu

Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi rikoresha uburyo bw'ishuli bufite umugambi/intego y'ingenzi yo kugarura ishusho y'Imana mu banyeshuli bayo. Ibyigisho rusange by'ubumenyi, bwigishwa mu mashuli yacu y'uburezi bikajyana n'ibyigisho by'inyongera by'amahame ya gikiristu kugira ngo bifashe abanyeshuli kuzagira imibereho myiza kandi inoze muri sosiyeti, kuzita ku , imico n'imyifatire mbonera bifite agaciro katarondoreka kugira inshingano zo gukunda igihugu no gukikorera, kugira imibereho myiza, no kuba ufite umuhamagaro uhagije. Elina White yatanze inama ati: "Mu bwenge buhanitse cyane, umurimo w'uburezi n'umurimo wo gucungurwa ni umwe rwose". (Education, p. 30). "Ahariho hose hari abaruhukashabato, nubwo baba ari bake bwose, ababyeyi babo bagomba guterana maze bakemeranya ahantu cyangwa ikibanza bagomba gushyira/kubakamo ikigo cy'ishuli aho abana babo n'urubyiruko bashobora kwigishirizwa". Ibihamya, umuzingo wa 6, p. 198).

Hano hari uburyo bumwe wakwifashisha maze ukabasha gushyigikira uburezi bwa Gikiristu. Ndetse nubwo itorero ryawe ryaba ridafite icyumba (inyubako cy'ishuli) gitegurirwe kwigurirwamo na abana baryo, hariho Amashuri ya Kidiventisti agabura kandi agacumbikira abanyeshuli yitegurirwe kwakira abana b'itorero hirya no hino ku isi. Gerageza guhorana Isabato y'uburezi bwa Gikiristu ya buri mwaka. Mu ncamacye mbere y'itangira ry'umwaka w'ishuli, ihatire gukusanya uburyo bwose bwo gukundisha no kubaka Uburere bwa Gikiristu. Niba ufite ishuli ry'ubwenge ry'itorero, rarika abarimu baze kuri mimbara maze, ubasengere isengesho rikomeye ryihariye ribereza umurimo. Niba bikenewe, abana bo mu ishuli ry'ubwenge ry'itorero n'ababyeyi babo nabo bagombye gushyirwa mu mashengesho bakegurirwa Imana. Ushobora no gusengera urubyiruko ruba ruhagurutse rugiyeye kuziga rucumbitse. Ndetse niyo waba udafite ishuli ry'ubwenge ry'itorero, ntabwo byakubuza gukomeza guharanira iterambere ry'Uburezi bwa Gikiristu.

Shyigikiza uburezi bwa gikiristu kwohereza abana bawe bwite. Niba kandi ufite ishuli ry'ubwenge ry'itorero mu itorero, shyiraho amategeko n'amabwiriza atagoranye. Shyigikira abigisha bawe. Ababyeyi b'abana bo mu mashuri y'ubwenge ya gikiristu, rimwe na rimwe usanga biyumvisha ko bafite ubutegetsu bwihariye ku barimu babigishiriza abana. Mwebwe, nk'abagize itorero bakumva ko ishuli iryabo ubwabo. Abapasitoro, Abayobozi, ndetse n'ibigo bicumbikira abana bagomba kurinda abarimu ubwivange no kwiterera muri gahunda zabo kw'ababyeyi. Kandi ibyo bizaba ari byiza inshuro ebyiri niba nawe uri umwe wo muri abo babyeyi.

Aho biboneka ko bidashoboka kuhahanga ishuli ry'ubwenge ry'itorero, zirikana cyane gahunda zateguwe zimwe na zimwe zishobora guhuriza hamwe abana mbere y'igihe cy'ishuli, nyuma y'igihe cy'ishuli ndetse no muri Week -end mu iherezo ry'icyumweru, bagahererwa hamwe inyigisho za Bibiliya n'ifunguro ry'umwuka bakagombye kubona baramutse bafite ishuli ry'ubwenge ry'itorero.

Shakisha amafanga kugira ngo yinjizwe mu kigega cy'umunyeshuli. Icyo kigega gikoreshe mu gufasha abo bose bari mu muryango w'itorero batari gushobora kwiyuhiza Uburezi bwa Gikiristo.

Shyigikira icyiciro cy'Ubuzima no Kwirinda

Itorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi rifite akamaro kihariye muri buri muryango/shyirahamwe/rugo ko kuba urugero fatizo rw'imiterere y'ubuzima nziramuze. Ibibwirizwa byacu ndetse n'ibikorwa byacu ku buzima nziramuze bigaragaza mu buryo bukwiriye rwose ubutumwa bwa Yesu. Aka karere k'ibikorwa by'itorero gakuriwe cyane n'Umuyobozi wanyu w'Ubuzima no Kwirinda. Mubikorwa, hakwiriye kubonekamo gahunda zateganijwe zigisha uburyo n'imigambi yo kureka gutumura itabi, amashuri yo guteka, amashuri ngengabuzima, na gahunda zigisha kugabanura umuruho n'umunaniro.

Tangira gushyigikira icyo gikorwa wiyemeza ubwawe gukurikiza amahame n'ibikorwa bigendanye n'ubuzima bwiza. Tera umwete abo bizera bawe kwiyandikisha kuri gahunda y'abasomyi b'amagazeti y'ubuzima no kwirinda aboneka mu karere kanyu. Shishikariza abantu gusoma ibitabo by'Elina G.White byerekeranye n'ubuzima. Tera umwete abantu bize iby'ubuzima n'imibereho myiza kugira uruhare mu mishinga yo guteza imbere imibereho ya rubanda.

Hariho ibihe bitatu kuri kalendari/ingengaminsi ya buri mwaka y'itorero, aho icyigisho runaka cyateganijwe kuzigishwa mu gihe cy'ingingo zirebana no kwirinda n'ubuzima bwiza. Umunsi wo kuzirikana ibikorwa by'ubuzima ukunze akenshi kuba Isabato ya nyuma y'ukwezi kwa mbere. Ibikoresho bigufasha mu mitegurire y'ibibwirizwa cya mugitondo ndetse n'imitangire y'icyo cyigisho ku bizera byose bizajya bitegurirwa muri misiyoni cyangwa congerance yawe. Icyumweru cyo gushimangira amahame y'Ubuzima uko **bisanzwe** ni icyumweru cya kabiri cy'ukwezi kwa cumi, niho itorero ryagombye kugira ibikorwa by'ubuzima no kwirinda bisanzwe bizwi mu izina ry'ibikorwa bya sosiyeti/shyirahamwe. Muri rusange Isabato ya kabiri y'ukwezi kwa Cumi n'abiri (Ukubozza) ni iy'ituro ry'isi yose ry'icyiciro cy'Ubuzima no kwirinda; ubwo rero niho iryo turo ryihariye rifatwa maze rigashyiraho ikigega cyo guteza imbere ibikorwa by'ubuzima no kwirinda kuri buri rwego rw'ubuyobozi bw'icyo cyiciro mu itorero. Iterambere rya buri gikorwa cyo muri ibi rizashyigikira bikomeye itorero mu kubumbatira imibereho y'ubuzima nziramuze. Umukuru w'itorero niwe uzaba Inyunganizi y'abandi bayobozi bo mu itorero.

Shyigikira icyiciro cy'Amahugurwa

Ibitabo n'Isomero

Imwe mu nzira y'ingirakamaro cyane mu kuganira ubutumwa bwiza iboneka cyane mu bitabo byanditswe. Itorero yitanga Bibiliya, Ibinyamakuru, impapuro ntoya, ibyigisho bya Bibiliya, ndetse n'urunyurane rw'ibitabo byuzuye ukuri. Ababwiririsha ubutumwa ibitabo, bafata ibitabo byacu n'ibinyamakuru mu mazu y'ibihumbi n'ibihumbagiza buri mwaka.

Ushobora rwose gufasha no gutera umwete umurimo w'ibitabo ushyigikira inama y'itorero ryawe kwemeza rwose gutanga amafunga menshi mw'ikwirakwizwa ry'ibitabo mu miryango n'imihana ikuzengurutse. Shyigikira abizera bawe mu kwandikisha abavandimwe babo n'inshuti muri gahunda yo kwohererezwa ibyigisho bya Bibiliya mu iposita. Niba rero ufite ubwiririsha ubutumwa ibitabo ukorera mu karere kawe, egurira uwo mubwiriza agahe gato mu gihe muri muri gahunda y'imirimo y'itorero ku ruhimbi ahugurire abandi uburyo Uburyo Imana iriho gukoresha iyo nzira mu kumenyesha ukuri abaturanyi n'imihana babakikije. Kangurira abantu gukurikirana no gusaranganya ibinyamakuru n'impapuro. Tera umwete abizera bacu basome ibitabo bitangwa n'ibigo byacu by'icapiro. Tanga inama ku bagize itorero ko inkunga yabo ku cyiciro cy'ibitabo ibura hirya no hino mu rubuga rw'inyandiko z'abandi banditsi. Reba ibitabo bibura kimwe n'ubundi bukene bw'inyandiko buri mu itorero ryawe. Tangiza inzu y'ibitabo n'isomero ry'itorero (Church Library). Shishikariza kandi utere umwete abizera bahawe ingabire yo kwandika kwinjira mu murimo w'ibitabo n'inyandiko.

IGICE CYA 4

Icyitonderwa

Imfasha nyigisho

Abakuru b'amatorero basanzwe bazwi ho kuba abayobozi b'iby'umwuka n'umuryango w'itorero ryabo none rero basabwe kuba abaterankunga n'abateramwete b'abandi bayobozi b'itorero.

MU GIHE USOMA iki gice, wite cyane ku buryo nawe washobora kuba Umuterankunga n'Umuteramwete w'abo bose bakorana nawe mu itorero ryawe.

MENYA IBI:

- "Gushyigikira imirimo inyuranye y'itorero" ni ryo jambo ry'ibanze, ni yo ntero iri muri iki gice.
- Nk'Umuyobozi, wagombye gusobanukirwa neza inshingano z'abandi bayobozi bakuru mu itorero maze ugakora uko ushoboye kwose kugira ngo ubashyigikire mu murimo wabo.
- Abayobozi bakuru b'itorero bagombye kumenyekana hokuba bakorerabushake b'agaciro mu murimo w'Imana cyane ko umurimo wabo ukeneye kumenyekana no gushyigikirwa ku mugaragaro mu itorero. Bigire ingingo yo kugaragaza ishimwe ku bayobozi b'itorero.
- Ibuka ko buri ntera yose uhabwa n'itorero ifite akamaro k'ingenzi mu buzima rusange bw'itorero ryawe. Inkunga y'abandi bayobozi b'itorero bakuru ni iremamutima ry'umuyobozi; bituma ahora atuma itorero rinezereye kandi rifite amagara mazima muri byose.

IMENYEREZE IBI:

Icyitonderwa

1. Uzuza iyi nteruro:

Umurimo w'umugengamari w'Itorero:

- a) Ntabwo ukomeye nk'uko uw'abandi bayobozi b'itorero umeze.
- b) **Ubusanzwe usa nukomeye nk'uw'abandi bayobozi**
- c) Rimwe na rimwe usanga ukomeye kurenza indi mirimo y'abakozi.

2. icyiciro kigari cyane kurenza ibindi byiciro by'Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa karindwi ni icyiciro cy'_____.

Tondekanya utugabane tumwe na tumwe tw'iki cyiciro:

- 1)
- 2)
- 3)
- 4)
- 5)
- 6)
- 7)

3. Tondekanya uburyo bune ushobora gushyigikira icyiciro cy'imirimo y'umwizera cyanyje

- 1)
- 2)
- 3)
- 4)
- 5)

4. Ni bihe bibazo bibiri byabazwa byabasha kukunganira

- 1)
- 2)
- 3)

Kora ibi bikurikira:

Icyitonderwa

1. Tekereza ko mu mezi atanu ashize wasabye urwandiko rwimura umwizera umwakirira mu itorero rindi, nyamara ariko urwandiko rwawe rwimura rukaba rutari rwuzuzwa na gato. Mbese ni ki wakenera ko umuyobozi w'itorero ryawe rishya yakubwira kugira ngo agushyigikire?
2. Ni mu buhe buryo ushobora gushyigikira abadiyakoni n'abadiyakonikazi bo mu itorero ryawe? Ni mu zihe nzego runaka washobora gufatanya na bo?
3. Ni buryo ki wagombye kwerekana ku buryo bwihariye ishimwe ku mucungamari w'itorero ryawe?
4. Ni bihe bintu runaka itorero ryawe n'abizera baryo bakwiriye kuba bakora ubu ngubu kugira ngo umunyamabanga w'itumanaho abashe guhora ategujwe?
5. Shyira ku rutonde uburyo butanu ushobora gushyigikira ibi byiciro bikurikira :

a. Icyiciro cy'uburezi bwa Gikiristo

b. Icyiciro cy'Ubuzima no Kwirinda

c. Icyiciro cy'Ibitabo

URUBUGA NYUNGURANA BITEKEREZO

Icyitonderwa

Ibibazo by'amatsinda nyampaka

1. Mbese gushyigikira abandi bayobozi bisobanura iki kuri wowe?
2. Ni gute wowe ubwawe n'itorero mufatanirije hamwe mushobora kwerekana ishimwe ku bayobozi bakuru bunganira itorero?
3. Ni ubuhe buryo bufatika bumwe na bumwe umukuru w'itorero akoresha kugira ngo afashe kandi ashyigikire abayobozi b'itorero banyuranye?
4. icyiciro cy'imirimo y'itorero?

Ababitsi?

Abigisha b'ishuli ryo ku Isabato?

5. Tekereza ko mu mezi atanu ashize wasabye urwandiko rwo kwimurirwa mu itorero rindi; ariko nyamara ukabona urwo rwandiko rwawe rukaba rutaruzuzwa rwose. Mbese ni kintu ki wakwifuzako umukuru wo mu itorero rishya ushaka kwimukiramo yakubwira kugira ngo abashe kugutera inkunga?
6. Ni muzihe nzira ushobora gushyigikira abadiyakonikazi n'abadiyakoni b'itorero ryawe? Ni utuhe tugari tw'imirimo inyuranye ushobora gukorera hamwe na we?

IGICE CYA 5

UMUYOBOZI N'ITERAMBERE RY'ITORERO

Ibwirizabutumwa ni zo ntege z'itorero. Binyuze mu Ibwirizabutumwa ry'itorero kw'isi yose kandi rikumvikanisha imbaraga zaryo hiryana no hino ku isi. Binyuze mu ivugabutumwa itorero rihariye ry'aha n'aha rihamagarira abagabo n'abagore barigize kubarirwa mu itorero ryasigaye ry'ubwoko bwa Kristo. Binyuze mu ivugabutumwa, itorero rizasohozza inshingano n'ubutumwa bwa ryo. Mu izingiro ry'ubutumwa bubwirizwa hahagazemo Yesu, wohererejwe Isi gukiza inyokomuntu akoresheje igitambo cy'e kizira icyaha. Ubu rero dushobora kwongera kugirana isano, ubucuti n'Imana maze tukifatanya na Yo kugira ngo twagure itorero rye kandi dutebutse kugaruka kwa Kristo.

Iterambere ry'Itorero ku isi yose

Itorero ryirengagiza abandi bantu n'isi birizengurutse rikihugiraho gusa, ntirigire undi rireba uretse kwita kubizera baryo gusa babonera muri ako karere ririmo, iryo ntirishobora kuba Itorero rya Gikiristo. Kristo yasize ibyiza n'ubukire bwo mu rugo rwa se maze aza gukiza isi yacumuye. Itorero na ryo rero rigomba gukora nk'uko. Kristo anezerewe yafashe icyemezo cyo gusohozza ubutumwa bwe kuri iyi si yacu kuko mu bigaragara yakunze cyane abo bantu kabone nubwo bari batandukanye na we rwose. Itorero rye naryo rigomba kwikorera inshingano yo kubwiriza ubutumwa buvuye ruhande, rigahatwa n'urukundo ruvuye ku mutima rutabogama rumwe ruranga buri bwoko, buri umuco, buri gihugu, buri rurimi, ndetse n'imbibi z'umutungo n'imari.

Itorero rya mbere ryari ryareguriwe inshingano zaryo zo kujyana ubutumwa bwiza hiryana no hino na nyuma ya Palestina igihugu kavukire cyabo. Abanyamateka bemeza ko igice cy'abatuye umudugudu b'Ingoma y'i Roma bari barihannye barahindukiye mu idini ya Gikiristu.

Itorero rya kera ry'Abadiventisti ryatangiye ari ritoya, ari itorero ryibanze mu karere ko mu Majyaruguru ya Amerika. Ariko mu 1870, hashize imyaka cyenda gusa hagiyeho gahunda y'ubuyobozi bw'itorero, ni ho hahise hashyirwaho Ishyirahamwe rya Mbere ryo Kubwiriza ubutumwa ibihugu by'Amahanga. Abadiventisti ba mbere bashingiye intekerezo zabo zo kujyana ubutumwa ahandi. Byanditswe byera ngo: "Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu mahanga n'amoko yose n'indimi zose kugira ngo bubabere ikimenyetso, kandi nibwo imperuka izaherako ize". (Matayo 24:14).

Bagereraniye n'abamalayika batatu bo mu Byahishuwe bafite ubutumwa bwiza bwiteka bagomba kubwiriza ba bandi batuye ku isi, bo mu mahanga yose, mu ndimi zose, amoko yose, indimi zose, n'imiryango yose". (Ibyahishuwe 14:6). Bitaye cyane kuri iyo nshingano yabo yo kwamamaza ubutumwa bwiza mu isi yose. Muri iki gihe, kireshya n'ikinyejana n'igice cy'ubukuru, byonyine gusa abadivantisti bamaze gushinga ikirenge mu bihugu 200 kuri 229 byo ku isi.

Nuko rero, nkuko ubutumwa buvuye ruhande ari bwo bwari intego mu itorero ry'abadiventisti rya mbere, igomba kuba intego igenderewe muri iki gihe cyacu. Gahunda y' Ubutumwa buvuye ruhande ni yo ntego igamije y'itorero ry'abadivantisti b'Umunsi wa karindwi, yuko itorero rigomba gufata ubutumwa bwiza bwaryo rikabwamaza mu turere twihariye tw'amahanga, amoko n'indimi bitigeze byumva habe no kwakira na rimwe ubutumwa bw'Abamalayika Batatu. Gushyigikira iyi ntego rero, byaba ari ingenzi cyane.

Shyigikira ubutumwa buvuye ruhande ukoresheje gushimangira ko muri gahunda yose y'ishuli ryo kw'isabato, hajya habonekamo raporo y'amakuru y'ahandi. Shishikariza cyane abizera gutura amaturo yo kubwiriza ubutumwa hirya no hino ku isi yose. Tera umwete abizera b'itorero uyobora kwitanga ubwabo nk'abakozi cyangwa se nk'abakozi bakorera ubushake. Shyira imbere cyane kujya guhanga itorero hirya no hino aho ubutumwa butarakandagira ku isi. Itorero rwawe ryigenga/cyangwa se Filidi yanyu bizashobora kugufasha kubona irindi torero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa karindwi mu kindi gihugu cyangwa undi muco uzaba ugomba kwitaho, ukabafasha muri gahunda iterambere ry'itorero ryabo.

Iterambere ry'Itorero ryihariye mu Karere

Bitewe nuko abakristo bose bahamagariwe kuba abakozi b'Imana, bose bahinduka ababwirizabutumwa mu nzira imwe cyangwa iyindi. Bamwe bahawe impano, zituma rwose bakwiranye no gukora uwo murimo wo kubwiriza maze bakawuteza imbere cyane, abandi bakoresha impano zabo gushyigikira no guha amikoro ba bandi bakora uwo murimo w'ibwirizabutumwa ku mugaragaro. Kandi bose, banyujije no mu buhamya bwabo bufatika, bw'ibikorwa byayo bya buri muni, berekana imico ya Kristo mu mishyikirano, isano bagirana n'abantu batari Abakristo muri iryo torero cyangwa umuryango wabo. Uko izo mpano zaba zimeze kwose, n'uko zakorehwa kwose, intego y'ivugabutumwa y'itorero mu nzego n'ishusho byayo byose, bisaba kuba byarateguwe neza mbere y'igihe kandi bikaba byarakurikiranijwe neza kugira ngo, abantu beguhabwa ubutumwa gusa, ahubwo bigishwe kandi bazanwe mu muryango w'abagize w'itorero.

Gukoresha itorero ryose uko ringana. —Intama nyinshi zagura umukumbi, ntabwo ari umushumba uwagura. Abizera nabo bagomba gukorehwa muri gahunda yo kwagura itorero, atari kubera impamvu yo gushaka abizera bazimiye, ahubwo nabo ubwabo bikorera.

"Kuri wa muni w'urubanza rukomeye rw'Umwami, abo bose batakoreye Kristo, ahubwo bahugiye ku kwitekereraho gusa ubwabo, bazashyirwa n'Umucamanza w'isi yose hamwe na ba bandi bakoze ibyaha mu mibereho yabo yose. Bazahabwa igihano kimwe" (Uwifuzwata Ibihe Byose, p. 641).

Itorero ritunganya rwose umurimo w'abo w'ivugabutumwa mu nzira ebyiri. Iya mbere, ryamamaza ubutumwa rinyujije mu bibwirizwa, kuri Radio na Televiziyo, gukwirakwiza ibitabo, etc. Inzira ya kabiri, kandi ndetse ifite ireme cyane, ubutumwa bugera ku bandi bunyuze mu mibanire n'umushyikirano wa buri mwizera agirana n'abandi bari mu muryango. Nuko rero, dukoresheje inzira y'ivugabutumwa rusange n'ivugabutumwa ryihariye rikorerwa buri muntu ku giti cye, itorero ryawe rishobora guhinduka umucyo ukomeye mu karere k'aho dutuye

Binyuze na none mu mpano zawe z'umwuka, ndetse no mu murimo wawe w'umuyobozi, uzashobora rwose kunganira itorero ryawe urifasha kumenyereza no guhuza abizera mu gukoresha impano zabo bwite zinyuranye z'ibwirizabutumwa. Kwimenyereza gukiza imitima bikoreshejwe hakurikije bwa buryo Yesu yakorehaga bikwiraye kuba aribyo na none bikorwa, atari mu magambo gusa, ahubwo umuntu wese ku giti cye, agakora aho bwabaga, akimenyereza ubukristo buzima bwera amatunda bugaragarira mu bikorwa no mu buzima bukiranuka nk'uko Yesu yabyerekanaga.

Uburyo bwa Kristo burushaho kugaragarira cyane mu buryo yamenyereje ba bigishwa be 12. Yabahaye inyungu yo Kubana na we n'urugero rwe. "Mu mibanire yabo n'Umutware/Mwigisha, abigishwa bagiye bahigira inyigisho ziciye mu bikorwa zerekeranye n'umurimo w'ibwirizabutumwa. Babonye ukuntu Yagaragaje ukuri, ndetse n'ukuntu Yakemuraga ibibazo binyuranye by'ingorabahizi byagiye bivuka mu murimo we"(Ivugabutumwa, p.109).

Niba wumva rwose udakwiranye n'ahantu runaka baguhaye ngo ujye gukorera umurimo wo gukiza imitima, wiringire ko Umwuka-Wera gusa yaguhaye impano yo gushobora umurimo ku buryo nayo iramutse ikoreshejwe neza, ifashishe umupasitoro wawe cyangwa se abandi bantu bahuguwe neza mukorane kugeza igihe uzaba umaze kubimenya neza. Niba wumva rero ushobora neza gukora uwo murimo bagutoreye ahantu aha n'aha wo gukiza imitima, tumira umwishwa aze aje aguherekeza agufashe mu materaniro na gahunda zayo hanyuma ubwimenyereze umwigireho, muje mukorera hamwe. Iyo niyo nzira Yesu yakoresheje, nibwo buryo yakoresheje umurimo we.

Ibiterane by'ivugabutumwa.__ Buri koraniro, buri teraniro ryagombye kujya rigira ibiterane by'ivugabutumwa cyangwa se amahugurwa ku rugero rukwiriye. Ushobora gupima uburebure bw'urukundo rw'Itorero rya Kristo urebera ku bihe byabo n'ingengo y'imari bitangwa ku bandi. Amatunda buri gihe ahora yera, ariko bisaba igihe cyo kubitegura n'imbaraga zo kubigeraho.

Buri torero ryagombye kuba isangano ry'ibwirizabutumwa kandi rikagira gahunda y'ikoraniro ry'itorero buri gihe. Ndetse umushyitsi wararitswe nawe ashobora kuvuga vuba na bwangu niba ari ukuri cyangwa se atari ukuri ko itorero ryahindutse isangano nyakuri ry'ivugabutumwa. Iyo bikoze bityo, gahunda yo gusenga, ishuli ryo ku isabato, kimwe n'indi gahunda yose y'itorero buri gihe cyose ituma abatari abakiristo bahora batekereza gusura itorero.

Buri kintu cyose cyavuzwe, gihora gicishwa mu kayunguruzo ka gahunda yihariye yo gukiza imitima: Mbese ibi bizumvikana bite ku muntu utari umwizera? Mbese ibi bizakirwa bite n'umuntu utari Umukristu? Keretse gusa ku matorero amwe n'amwe, benshi mu bizera babona ko ari byiza kurarika abavandimwe babo batizera ngo baze kwiga muri ayo materaniro. Ku gihe gikwiriye ndetse no mu buryo bw'umushyikirano n'imibanire myiza agenda abona amazina n'imyirondoro n'udusanduku tw'iposta hanyuma akizera neza ko igenzura rizakomeza gukorwa kugira ngo bitazadindira cyangwa se bagacika intege.

Hari uburyo bwinshi bunyuranye bw'ibwirizabutumwa. Ibwirizabutumwa ryagombye kuba ricishijwe mu ibiterane ndagamuko cyangwa se ishuli, mbese nk'uko baja bakora amahugurwa y'Ibyahishuwe. Ibi biterane byagombye kuyoborwa n'Umubwirizabutumwa w'umushyitsi, umupasitoro, umukuru w'itorero cyangwa se undi mwizera w'umukorerabushake (umulayiki), cyangwa umusore wo mu itorero.

Iyo rero izo ntego cyangwa se imigambi bimaze kwemezwa, amavuna yagombye gukorwa maze ikinjizwamo abizera benshi uko bishobotse kwose bagakoresha impano zabo kugira ngo bunganire iyi gahunda. Igihe cyose bishobotse, jya uhuza ubumenyi bw'umuntu ku giti cy'e n'inshingano zikenewe gukorwa.

Nk'Umuyobozi, wabasha uburyo bwo kuyobora ibyigisho byawe bwite by'ibiterane by'ibwirizabutumwa cyangwa se ivuna. Ubaye kandi utabikoze, haboneka n'utundi turere aho abakorerabushake bakeneye ko ubagoboka mu gushyigikira abo bose bariho kuyobora ayo mavuna. Turabamenyesha ibintu 3 bigomba kwitabwaho:

1. Ha uruhushya abapasitoro bareke gato imirimo y'amatorero bashinzwe maze ubahe umudendeze wo kwirundurira rwose mu ibwirizabutumwa(amavuna) bamare igihe runaka." Aho kugira ngo bahambire abakozi ku murimo w'amatorero, bwira izo ngorwa uti:"Ngaho nimujye gukora umurimo wo gukiza imitima iriho kurimbukira mu mwijima. Twe ubwacu tuzakomeza imirimo y'itorero. Tuzakomeza amateraniro, ndetse, kubwo kuba muri Yesu -Kristo, tuzakomeza kubumbatira imibereho y'iby'umwuka"(Ibiamya by'Itorero, umuzingo wa 6, p. 381).

2. Koresha abizera b'ibigwari n'abanebwe. Mu materaniro menshi y'abizera b'itorero, abantu bashobora kwikuba kabiri cyane cyane iyo abo bizera b'ibigande bakoreshejwe. Abizera basanzwe bakora, bagandukira itorero, ku buryo bwihariye abayobozi, bashobora kubanza ingirakamaro basaba abo banebwe gukora, cyane cyane ko yenda baba bari inshuti mu gihe cyahise ndetse bakaba basobanukiwe na zimwe mu mpamvu zatumye batagikunda kwitabira imirimo n'amateraniro.

3. Gira uruhare muri gahunda yo gukurikirana ibiterane cyangwa se amavuna umenye uko agenda buri muni. Bishatse gusobanura ko abantu bakurikiranye ibyo byigisho by'amavuna bari bagaragaje ubushake n'inyungu mu kwitabira ayo mavuna, biba bisa naho batari birundurira rwose mu nzira ya Kristo. Gerageza na we gushaka inzira n'uburyo bwo gukomeza kubibashishikariza, babyitabire bazamashe.

Gutegura abigira kubatizwa. Umubatizo ni ikimenyetso cyo kwinjira mu muryango w'Itorero ry'Imana. Ushushanya kwemera urupfu, guhambwa, ndetse no kuzuka bya Kristo kubwo ibyaha byacu. Ni ikimenyetso kandi cyo gupfa kwacu kuri kamere y'icyaha y'umuntu wa kera no kuzukira mu mibereho ikirahira mishya muri Kristo." Nukorero twari twarahambanywe nawe mu mubatizo no mu rupfu, ku buryo nk'uko Kristo yazutse mu bapfuye kubera icyubahiro n'ubwiza bya Data, niko natwe dukwiriye kugendera mu buzima bushyashya (Rom.6:4).

Umubatizo nti wari ukwiriye kubaho kugeza igihe uwigira kubatizwa yigishijwe, amenyeranye na Kristo mu buzima bushya bwe bo kwihana, ndetse yiboneye ko koko kwihana kuzima guhindura ubuzima maze kugatanga imibereho myiza rwose.

Ibyigisho n'amabwiriza. Igihe cyakoreshejwe mu gutegura umubatizo, kigomba na none kwerekana ko ari igihe gikwiriye cyo kwiga birenzeho. Yesu yihanangirije abayoboke be ati: "Ngaho rero nimugende, muhindure abantu bose bo mu mahanga yose abigishwa, ... mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose" (Matayo 28:19, 20). Ibyigisho bibanziriza kandi bigaheruka umubatizo mu Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi, byagombye kwibanda cyane ku nyigisho nyinshi cyane n'imyizerere rukumbi y'itorero yagaragajwe mu mibereho remezo ya Kristo. Abashaka kwemerwa n'itorero bose bakeneye rwose kumenya amahame atumye ririho. Ntibakwiye gusabwa kwitanga ubwabo, batabanje kumenya icyo bitangira icyo ari cyo. Inyigisho nteguriza mubatizo zikwiriye kuba zigwiriye ibyigisho binyuranye__gusoma inyigisho no kwiigisha umuntu ku giti cye, amateraniro rusange, amasomo y'abigira kubatizwa, n'bindi. Ibikoreshe byose byafasha mu kwigisha, dushyizemo n'ibikoreshe mfashanyigisho bya film, video, amafoto, byagombye gukoreshwa. Abantu bagira mu buryo buriyuranye.

Imwe mu buryo buzima kandi bwogeye cyane ndetse bw'ingirakamaro bwo kwigisha bwa gahunda y'ibwirizabutumwa ni ishuli rya Bibiliya rya Pasitoro. Iri shuli ubusanzwe rihuza amashuri y'abigira kubatizwa, n'abandi ndetse n'ishuli ry'abizera bashya. Iyo rero Pasitoro adashobora kuryigisha, umukuru w'itorero, cyangwa se undi muntu utwaranira gukiza imitima ashobora kuryigisha. Iri shuli rero ubusanzwe riterana rikiga mu bihe bisanzwe byo kwiga ibyigisho by'ishuli ryo ku isabato. Keretse gusa abatari abizera, n'abizera bashya, cyangwa se abizera bazanye abantu batari abizera niba ubusanzwe bategekewe kuryigamo.

Bitewe rero n'inshingano ziremereye za Pasitoro, rimwe na rimwe usanga birinda cyane kwigana Bibiliya na buri mwizera mushya wese. Ushobora gutanga umusanzu w'agatangaza rero wigira hamwe n'abo bantu maze ukabahesha gusobanukirwa neza n'Ukuri kwa Bibiliya.

Kwihana. Ni ingenzi kwibuka ko hakenewe cyane gusobanukirwa n'umubatizo kurenza uko kumenya amahame y'imyizerere y'itorero gusa bikenewe. Mu gihe cy'isomo ry'amabwiriza hagombye kubaho ibihe byinshi, aho, wowe nk'umwigisha, ukwiriye kugira umwanya uhagije wo kumenyana no gushyikirana na buri mwigishwa wigira kubatizwa. Ibi bizaguha igihe cyo kwiga no gusengana na bo no gucoca ubukene bwabo bw'umubiri n'umwuka. Bizabahesha na bo kandi amahirwa yo kubaza ibibazo kandi basangire ibyishimo, imigambi n'ibyifuzo. Wagombye kwiringira neza ubwawe mu mutima wawe ko abantu uriho kwigisha basobanukiwe bihagije n'igitumye babarirwa mu mugambi w'Imana wo kubahesha agakiza, wo kwita ku nshingano zabo, n'imirimo yabo uko bagenda bahinduka abizera b'Itorero ryayo.

Elina White yongera kuvuga ati: "Hari ubukene bukomeye busaba umwiteguro uhagije w'umwitegura kubatizwa igihe ategurirwa umubatizo."

Bakeneye rwose inyigisho zo gukomeza kwizera kwabo kurenza izo baba barahawe mbere.

Amahame y'imibereho ya Gikiristo yagombye kuziririzwa muri ba bandi bacyacyira ukuri. ... Basomere icyo Bibliya yigisha cyerekeranye no kwicuza. Erekanama amatunda yo kwihana ayo ari yo, ikimenyetso cyo gukunda Imana."Ibihamya, umuzingiro wa 6, pp.91, 95).

Mbere ya byose, mu mibereho yo kwimenyereza iby'umwuka, abicujije bese, bagombye kuyoborwa mu ntambwe zose zizatuma uhinduka ukaba Umwana w'Imana. Uzabasha kugira iterambere mu mibereho yo kwihana, kwatura ibyaha, no kubabarira. Bereke uburyo bwo kwemera Yesu -Kristo no kumwakira mu mibereho yabo nk'Umukiza n'Umwami wabo; ubereke uburyo bwo kunesha ibishuko, uburyo bwo gukuzanya cyane imibereho yo kwera no kwitanga; uburyo bwo gukomeza no kushikamisha kwizera kwabo mu Mana yabo ndetse no guteza imbere imibereho igaragara yo gukura no kwera imbuto mu mibereho ya gikiristo.

Mu gihe cy'umubatizo wabo, ababatizwa benshi bagomba kuba bafite gusobanukirwa n'amahame nshingiro y'imyizerere y'Itorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi atuma batandukana n'abandi. Nyamara ikibabaje, gutoza no gusobanukirwa n'inzego z'iby'umwuka nk'uko zanditswe, ntabwo byigeze bivuganwa umwete igihe cyose. Rimwe usanga abantu basobanukirwa n'ubukene bwabo bw'agakiza ka Yesu -Kristo maze bagasubirisha kuwemera kwakira urukundo rwe; ubwo rero ingaruka iboneka yo kwerekana ihame ry'ukuri rizagarararira mu nyifato n'intekerezo zitunganijwe zikosowe. Yesu yaravuze ati: "Kandi nanjye, niba nirererejwe, nk'amanikwa hejuru y'isi, nzikururiraho abantu bese" (1 Yohana 12:32). Imitima yashenjagurwe n'urukundo rwa Kristo Yesu izemera yishimye ibyifuzo bya Yesu abasaba kugira ngo ubugingo bwabo bukizwe.

Mu nshamake, mbese abitegura kubatizwa baba bageze kurugero ryari? Ku ba umuntu yiteguye umubatizo, bagombye kubitangira ubuhamya ko Yesu ari Umwami w'ubugingo bwabo(1 Yoh 4:5; Rom 10:9; Matt.10:32). Hagombye kubaho ibihamya bigaragaza ko kwihana no guhindukira byamaze gushora imizi(1byakozwe2:38; 3:19). Bagombye kwerekana kwizera gushikamye kandi kwera imbuto kukizera Yesu (Mariko16:16). Hagombye kuboneka ibihamya bw'isano ikiza ya buri munsi idacika y'uwo mwigishwa na Kristo. Abigira kubatizwa bagombye kuba barujuje isomo ryabo ry'amabwiriza n'amahame, mu buryo bwizewe, mu byigisho by'ibyanditswe no mu mahame ya Bibiliya y'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi adutandukanya n'andi matorero (Mat. 28:30). Bagombye kuba barateguriwe kuzahabwa inshingano zo kuyobora umukumbi w'Itorero ryasigaye. Birasaba rwose kuba ufite igihamba cy'uko imibanire yawe n'abandi no kwivugurura byatangiye. Ingendo zo gusura abizera zagombye kuba zarakozwe n'umupasitoro w'itorero cyangwa se umukuru w'itorero bagahamya ko abo bantu biteguye koko kubatizwa. Abo bigira kubatizwa bagombye kuba bemejwe n'itorero ryabo bazavukiramo.

Kwemerwa n'Itorero. _ Igeragezwa rya nyuma ry'abigira kubatizwa rishobora gukorerwa imbere y'itorero ryose cyangwa se imbere y'itsinda ririhagarariye nk'iry'abakuru b'itorero, inama y'itorero, cyangwa se imbere y'inama y'ubuyobozi bw'Itorero. Ibyo ari byo byose igenzurwa rimaze gukorwa, byaba ari ubwenge buke ku mubwirizabutumwa, ndetse n'umupasitoro, kwirundanirizaho inshingano zose. Nta muntu n'umwe, cyangwa itsinda riri hanze y'itorero, yewe ntabwo n'Inama Nkuru y' intero Nkuru y'Itorero ifite uburenganzira bwo kungera cyangwa gukura izina mu gitabo cy'Itorero. Ubwo burenganzira bufitwe gusa n'inama y'itorero. Abizera bazaba bagomba kwita ku nshingano zabo cyane igihe bazaba basabwa gukoresha ubundi buryo burenze kuzamura ibiganza byabo igihe umwizera mushya yinjiye mu itorero. Ku buryo bwihariye, ni ingenzi cyane ko wowe, nk'umukuru w'itorero witeguye, atari ukwemera abizera bavutse ubwa kabiri, cyangwa se babatijwe gusa, ahubwo kwiyemeza no gusezerana ko wowe ubwawe uzabashyigikira kandi ukabagaburira. Umugambi ni uko wowe ubwawe ushaka inzira wamenyana kandi ukamenyerana nabo, wowe ubwawe ukabitangira, ukabamenya, ukabonana na buri wese.

Abana b'Itorero. _ Hakwiriye kuboneka ko abantu bakuze, basobanukiwe kandi bateguwe neza mbere yuko babatizwa." Umubatizo ni umuhango wera kandi w'agaciro cyane, niyo mpamvu hagombye kubaho gusobanukirwa kwimbitse kudahubutse kw'icyo usobanura kandi ushushanya. Ushushanya kwihana ibyaha, no kwinjira mu mibereho mishya muri Yesu -Kristo. Ntihakwiriye rwose kugaragara gushyuhaguza n'umuhati udakwiriye byo kumaranira uwo muhango w'umubatizo (Ibiamya, umuzingo wa 6, p. 93).

Inama ya Yesu ku bigishwa be ni yo nama agira Itorero rye rya none ati: "Nimureke abana bato bansange, kandi ntimukababuze; kuko abameze batyo, ubwami bw'Imana ari ubwabo". (Luka 18:16). Abana batyo bagombye guterwa umwete wo kwegurira imibereho yabo Kristo maze bakegurirwa icyizere cy'agakiza". Ntukemerere na rimwe abana bawe gushidikanya ko batari abana b'Imana kugeza igihe bakuriye bihagije, maze babatizwe. Nyamara ariko umubatizo ntabwo ari wo uhindura abana abakristu; kandi ntabwo ari wo ubihanisha ngo ubahindure". (Inama ku bana, p. 499).

Ku gihe gikwiriye, birahagije ko wowe nk'umuyobozi w'itorero mu buryo bw'ubwenge utumira umwana akareba umubatizo. Rimwe na rimwe, umubatizo w'abana babo usanga usa naho ari nk'ikintu gisanzwe kitezwe n'itorero cyane. Mugaragaze ko umubatizo w'abana b'abizera ari igikorwa gikomeye cyane mu buzima bw'itorero. Umubatizo uhishura umugenzo wo gutera intambwe umuntu agana mu Bana b'Abadiventisti. Bahinduka abizera buzuye b'itorero ryawe. Bakenera cyane ko bahabwa agaciro bakitabwaho n'itorero. Garagariza abana bawe ko mu gihe cyo kubatizwa kwabo, burya nabo bafitiye akamaro kenshi itorero nibwo itorero rizabashishikaza nabo barihe agaciro gakomeye cyane.

Guhanga Itorero. Ntukagire ubwoba bwo gutangiza amatorero amshya. Amatorero Makuru agera ubwayo kwihangira itorero rishya rimwe na rimwe aragoka cyane. Rimwe na rimwe usanga yahembutse. Rya hame rya Bibiliya ngo: "Tanga na we uzahabwa" (Luka 6:38) rirabisaba. Igihe itsinda ry'abantu mu karere gashya rigaragaze ubushake bwo kwifatanya n'itorero ryasigaye ry'ubwoko bw'Imana, zirikana gutangiza ishamba ry'ishuli ryo ku Isabato cyangwa se kampani nshya. Igihe rero ikampani imaze gutangizwa, ishimangiwe, itorero ryawe rishobora kukunganira rigufasha mu mirimo inyuranye no mu zindi gahunda.

Kuvukisha rero itorero rishya bizagira ingaruka ebyiri zo kwinjiza abizera benshi cyane mu murimo w'itorero no gushimangira itorero mu karere gashya rigomba kugerwaho n'ubutumwa bwacu. Uburyo bwiza bwo kweza imbuto nyinshi ni ugutera ibiti by'imbuto byinshi. Amatorero mashya yunguka abizera bashya. Amatorero mashya yunguka abizera bashya b'inkwakuzi. Ibyigisho byo gukura itorero byerekana ko amatorero mashya avugurura abizera b'abanebwe mu buryo bworoshye kurenza uko amatorero ya kera abikora.

Kugarura Abizera babuze

Abizera bazimira.__ Yesu yavuze umugani werekeye intama yazimiye. Mu gitekerezo cye, umushumba yasize intama 99 ziguwe neza mu rwuri nuko arasohoka ajya gushakasha ya yindi imwe yari yazimiye. Ubwo yari amaze kuyibona, yayitereye hejuru, arayerereza ayikunze cyane maze ayijyana mu rugo, yishimye cyane (Luka 15:4-6). Mu itorero ryawe ryihariye, na we ufite intama yazimiye ikeneye gufashwa gusubizwa mu nzira yayo iyisubiza imuhira, mu rwuri rwayo.

Mbese kuki abizera bava mu itorero?__ Hari impamvu nyinshi cyane zituma abantu bahinduka ibigande maze nti babe bakiga mu itorero. Bashobora kuba: batarahuguriwe gukoresha impano zabo, cyangwa se bakaba batarashoboye gukuza imibereho yo kwitanga n'iby'umwuka, cyangwa se barashyingiranywe n'abatizera cyangwa se bakaba bafite ibibazo by'urugo, barasambanye, bararwanye n'umwe mu bizera b'itorero, cyangwa se barafatiwe mu bikorwa bimwe bihabanye n'amategeko, barigannye kamere n'imico itari iya gikristo, barahawe igihano cy'itorero, barakoze imirimo bishakiye ku munsu w'Isabato; bararwaye, barasanze itorero rikonje kandi ritabemera, cyangwa bakaba barasanze itorero ari ikigande n'akazuyaze. Urutonde ni rurerure, ariko rero abantu nibo bafite agaciro kurenza ibindi. Aha ni ho hari umurimo wera imbuto cyane, wowe nk'umuyobozi w'itorero, ukwiriye kwiyeemeza. Aba bantu baramutse basuwe, ndetse bakitabwaho, bakerekwa urukundo rwa gikristo, ukababarana nabo ukanezeranwa nabo, ukifatanya nabo muri byo bibazo byabo rwose, ariko ubafasha kubishakira insinzi, benshi bo muri aba bantu ndahamya ntashidikanya ko bashobora kuzongera kwitwa aba Yesu -Kristo n'Itorero rye.

Gufata ingamba zo kugarura abizera bava mu itorero.__ Gahunda yo kugandura cyangwa se kugarura abizera ba kera basubiye inyuma igomba gutegurwa. Urutonde rw'amazina rushobora gukusanywa avanywe mu gitabo cy'amazina y'abizera b'itorero, mu bizera b'itorero, ndetse no mu bavandimwe. Ababwiririsha ubutumwa ibitabo, itsinda ry'abavuzi, rubanda rwikorera ubucuruzi n'indi mirimo inyuranye, kimwe n'abandi bizera bakorana na rubanda rimwe na rimwe bashyikirana n'abo bizera ba kera. Imigambi yagombye gutegurwa maze hagategurwa uburyo n'inzi bizakoreshwa mu gusura abizera babuze cyangwa se basubiye inyuma. Bitewe nuko uyu ari umurimo w'akataraboneka, abantu batorewe gusura aba bizera basubiye inyuma, bagombye gutoranywa mubushishozi buhagije kandi bakaba baratojwe bihagije.

Gusura abizera.__ Igihe ugomba gusura abizera, ni ingirakamaro cyane gushyikirana nabo mu nzira n'isano bya kivandimwe, wisanzuye, udakoresha uburyo n'amagambo yo kumuciraho iteka no kumugwa nabi. Hano hari inama z'uburyo burindwi zo kunganira uruzinduko rwawe:

1. Baza ibibazo mu buryo bw'ubwenge. Kubafasha kumva bisanzuye, kubabaza ibibazo biza gutuma bashyikirana bavugana ibiberekeye ubwabo. Mu nzira isanzwe, babaze ibyerekeye imiryango n'ingo zabo ndetse n'umurimo wabo. Uvuge mu bugwaneza ibyerekeye abana babo, umuryango wabo, cyangwa se n'ibindi bakunda cyane. Mu buryo butunganye bwuje ineza werekeze ku mibanire yabo n'ubusabane bwabo n'itorero, ubasiganuze umu pasitoro wababatije uwo ari we, umubaze aho ahantu hambere batangiriye kwiga n'igihe babitangiriye. Babaze niba batarigeze batekereza na gato ibyerekeye kugaruka mu itorero. Babaze niba haba hari ikintu runaka cyazigaziga kubaruka mu itorero kwabo.

2. Batege amatwi witonze. Tega amatwi witonze kandi wiyoroheje urambirije ku bisubizo batanga, ariko cyane cyane ku buryo bwihariye wite rwose ku byifuzo byabo bihishiriye inyuma y'ibisubizo. Igihe batangiriye kuganira bisanzuye, shyigikira ibiganiro byabo ukoresheje kubatega amatwi cyane aho kubaca mu ijamba. Kuri iyi ntambwe ya mbere yo kubasura, bashobora no kugaragaza no gusobanura bimwe mu bisitaza bahuye nabyo, bakerekeza mu gihe cyashize ubwo bifataga ntibongere gukandagira mu itorero. Bemerere kuvuga. Bagomba kuba baragize imibereho yuzuye intimba n'ishavu n'ibihe birushya bigasaba rero ko biganirwaho. Bamwe bashobora no kurakara mu gihe barimo kuvuga. Iki nicyo gihe cyo kubaha amahirwe y'umwanya uhagije wo kweyura umuraba, ubemerere rero basese agahinda kabo rwose kabasohokemo. Mu bihe byinshi, abantu bazarushaho kumererwa neza igihe cyose bazaba bamaze gusesa ibyifuzo byabo.

3. Shyigikira kugira ibyiringiro mu rukundo rw'Imana. Mu gihe usura abizera b'ibigande ni byiza kuri wowe ko mu kiganiro cyawe waguma hagati ukaba imbera byombi. Uramenye ntukagire uruhande uru n'uru ufata. Intego yawe mu gihe usura, ni iyo kubaha amahirwe yo gutsinda iyo ngorane yari yarabateye kureka kwitabira itorero. Umugambi wawe ni uwo kubagarurira Umwami wabo Yesu -Kristo. Uko ingorane yaba imeze kose, ubizeze ko gukiranuka kuzira inenge kw'Imana, maze ugerageze kubaka ibyiringiro byabo ku rukundo rwayo, n'imbabazi zayo.

4. Ubahiriza ikizere bakugiriye. Bamwe mu bizera ba kera cyangwa se ibigande bagiye bavanwa mu itorero nuko birunduriye mu bikorwa bimwe by'amakosa byabazaniye umugayo. Niba rero bakugiriye ikizere, ubahiriza icyizere cyabo. Bakubwiye bakwirangurijemo mu kuri kwose, uramenye ntugatatire icyo cyizere bakugiriye, urondorera abandi iby'ayo mahano bakoze. Uruhare rwawe ni urwo kubiringiza ko ibyaha byabo atari ruharwa cyangwa sakirirego ku buryo byananira Yesu kubibabarira. Batabare, bashyigikire mu kurambika icyaha cyabo ku birenge Bye maze usabe wibukiriza amasezerano ye yatugiriye yo kutweza (1 Yohana 1:9).

5. **Basengere.** Mbere yuko uhaguruka ngo uve mu mazu y'abo bizera baguye, basengere. Usabe Imana ngo ihe imigisha urugo/umuryango wabo. Usengere buri muntu ugize uwo muryango kandi umwature mu izina. Ugarutse mu itorero, usabe ba bakuru b'itorero cyangwa abandi bayobozi b'inkoramutima ndetse n'abizera kwifatanya mu ishengesho ryo kubasabira ngo bongere kuzanzamuka bagaruke mu itorero.

6. **Bararikire kugaruka mu Itorero.** Ha ibyiringiro abo bizera baguye, bavuye mu itorero ko bakiriwe mu itorero igihe cyose baba bifuzaga kurigarukamo. Ntibashobora guhita bagaruka yenda ako kanya, kubwo izo mpamvu, birakwiriye ko ubasura inshuro nyinshi mbere yuko bagaruka. Byagiye bitangwaho inama ko uzaba bakeneye nabura kujya ubasura inshuro imwe buri mwaka bagiye baganda ntibaze mu itorero. Ibyo ari byo byose ubutumwa by'ingenzi ugomba kubasigira ni uko itorero ryawe rikibitayeho kandi rishakira ko bagaruka. Iyo rero igihe kigeze bakaba bagarutse, borohereze inzira yo kwinjira. Hamagara mu rugo rwabo ku Isabato mu gitondo maze ubaherekeze ku rusengero. Utegure abizera b'itorero maze bahure. Maze usasirire iyo nzira y'amahindura urugwiro n'umunezero bigaragaza ko itorero ryongeye kwishimira ko bagarutse kwongera kuryigiramo.

7. **Bakunde.** Ni ingenzi cyane kubwira abizera b'ibigande cyangwa se baguye ko ubakunda rwose. Na none kandi, ni ingenzi, ndetse rimwe bikaba n'amakwi, kubisobanura no kubyerekana. Mu gihe rero, usura, imyifatire yawe ishobora kugaragaza itandukaniro hagati yo kugaruka kwabo mu itorero no kurivamo burundu. Mu gihe uvuga, ntubakoze isoni, cyangwe ngo utume bongera kwiyumvamo icyaha. Vuga utya uti: "Kuko Imana itohereje Umwana wayo ngo aze guciraho iteka isi, ahubwo ngo isi biciye muri We ikizwe". (Yohana 3:17). Nubwo waba uzi ko abantu babaye cyangwa se bakiri mu byaha, ntabwo ari umwanya wawe wo kubaciraho iteka. Bereke umwuka wo gusobanukirwa no kwemera.

Ntukajye impaka n'abizera babuze uje gusura, nubwo uzi neza ko ari abanyamafuti. Ubahiriza imitekerereze yabo. Ubereke rwose ko wifatanije nabo mu kababaro kabo. Ubafashe kurondora ibyo ishavu ryabo. Ubisegureho mu izina ry'itorero kubwo intimba bagize. Gerageza kubumva kurenza uko uko uvuga. Irinde rwose gutanga inama. Sobanukirwa kandi wihangane, utume bamenya rwose ko bashobora kukwiringira. Bereke urukundo rwa Gikiristo. Babere inshuti.

Elina White atanga inama ko: "Tutagomba kubaremerera n'incyuro, imigayo n'imitongeraho ahubwo utumwe urukundo rwa Kristo rubahatira kuba abanyampuhwe n'abagwanyeza, kugira ngo ahanagure ikinyoma kandi bavaneho n'ibyo bigande byaretse Imana. Burya ubugingo bufite agaciro katarondoreka. Agaciro kabwo konyine gashobora gusobanukirwa gusa ku kiguzi cyarishywe ngo bucuururwe" (Ibihamya, umuzingiro wa 3, p. 188).

Kubumbatira Abizera Bashya

Yesu yabwiye abigishwa be ati: "Narabatoranije, kandi kandi nabereje kugira ngo megende, mwere imbuto, kandi ngo imbuto zanyu zigumeho". (Yohana 15:16, KJV).

Amatorero menshi y'Abadiventisti ameze nk'umurobyi ufata isamaki nyamara adafite ikintu na kimwe cyo kuyikumira bitewe nuko yazishyize mu mufuka ufite umwenge ku ndiba. Imana yahiriye itorero ryacu iduha ishya mu kuroba abantu tubinjiza mu itorero. Nyamara dore ntabwo turushaho gufata neza umugabane munini wabo twarobye. Kudoda cyangwa kuziga wa mwenge uri ku ndiba y'umufuka, ntabwo bisimbuye kuroba. Itorero ritabwiriza ubutumwa rizayoyoka, ribe akaraha kajahe. Ariko rero tugomba kwibonera byuzuye ko umurimo wacu ugizwe n'ibyo uko ari bibiri: kuroba no gukomeza icyo twarobye.

Impinja mu by'umwuka. Ibyanditswe byera bigereranya Abakristo bashya n'impinja zivutse (Heb.5:12-14; Yoh 3:5). Birakwiriye ko impinja zigaburirwa indyo yihariye. Uko bagenda bakura, bagenda bahindurirwa buhoro buhoro ku biryo bimwe ariko bikomeye nk'uko abasigaye mu muryango bagenda babigaburirwa. Uko ibihe bigenda bisimburana, bakagenda biga kugenda no kuvuga. Bitewe no kuba munsu y'uburizi n'ubufasha bw'imiryango yabo, bagenda batera imbere bakaba abana bafite ubuzima n'imbaraga. Mu buryo bushimishije, bagenda bakura buri wese, bagafashisha ubumenyi bwabo n'ububasha bwabo ku isi ibazengurutse. icyakora, gukura bifata igihe kirekire.

Mu nzira isa n'iyi, abakristo bashya "bavukira mu itorero". Nabo bakeneye gushyigikiwa n'urukundo rw'umuryango w'itorero ngo utange ifunguro ryihariye ryo kugaburira iterambere ryabo rya mbere mu by'umwuka. Kuri benshi, inzira y'ubuzima bushya ya gikristo igizwe ahanini n'imibereho mishya. Abo bakristo bashya, rero, bazaba bagomba gukenera ku itorero, ubufasha, ubuyobozi n'uburizi byihariye kugeza igihe bavumburiye ko nabo bashobora kugera ku kigero cyo gukura mu by'umwuka ndetse bakabasha uko bishobotse kwose gushyigikiza imbaraga zabo uko zingana itorero ryabo. Nuko rero, usabwe kujya ubihanganira igihe cyose. Kuko gukura burya bifata igihe kinini.

Igihe kiruhije. Igihe abantu bafashe icyemezo cyo kubatizwa no kwinjira mu itorero, rimwe na rimwe usanga bahindutse igitangariwa muri iyi si y'imibereho ihindagurika. Ibyemezo byabo rimwe na rimwe usanga bitumvwa neza n'abavandimwe n'ishuti, maze bakerekana ko barwanya icyo gikorwa kuba barabatijwe. Ubundi kandi, icyifuzo cyabo cyo gukurikira Yesu kizabakururira kwamaganwa n'imiryango n'ishuti. Ibi rero, bitera abakristo bashya mu by'umwuka cyangwa se bakinjirana mu itorero, igishyika n'icyoba kinini rwose.

Igihe abantu bafashe umwanzuro wo guhinduka Abakristo b' Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi, hazajya rimwe na rimwe haboneka ihinduka rishishana mu mibereho yabo. Bamwe bazajya bava aho basengeraga bareka aho basengeraga handi, maze baze kwifatanya n'abizera bawe. Abandi bizaba ngombwa ko bava ku kazi aka n'aka maze bashake akandi kazi cyangwa undi murimo utabasaba no gukora ku munsi w'Isabato y'Imana. Bamwe bizaba ngombwa ko batera umugongo imigenzo, imico, n'ibikorwa bimwe na bimwe bya sosiyeti bidahuje n'imyifatire ya gikristo. Imihindukire nk'iyi ntabwo ikorwa mu buryo bworoshye.

Rero, igihe abantu bararikiwe guhindura imyizerere yabo, imirimo yabo, no kureka rwose gushyigikiwa n'umutekano bahabwa n'inshuti n'umuryango wabo, bagira kaga kanini no guhangayika bihagije. Benshi bareka isano y'imiryango n'ikizere, maze bagahitamo gukurikira, icyo, kuri bo, babona ari gishya kandi ari inzaduka. Mu gihe rero ubayobora ubaganisha ku kwemera imyizerere mishya n'imiterere y'ubuzima bushya, mu gihe ubafasha kumenyana no kugira inshuti nshya mu muryango w'itorero, birasaba ko ubafashisha inkunga ikomeye kandi yihariye. Tera umwete abizera b'itorero ryawe bemere abo bizera bashya kandi bagerageze kwihatira kucudika nabo babimenyereze. Gutuma basubira muri bwa buzima busanzwe bw'imibanire yabo n'abandi aho mu muryango w'itorero, ni igikorwa cy'ingenzi cyane kuri bo kuko kizabafasha muri rya terambere ryabo no gukura mu by'umwuka no kugira umutekano igihe kirekire.

Igihe cy'amagorwa. Byarabonetse ko amezi abanza 18 -24 ashobora kuba igihe cy'amagorwa n'ibirushya bikomeye ku bizera bashya. Muri iki gihe baba bafite kwizera ariko babuze imibereho yo kumenyerana n'ubuzima bwa gikristo ihagije. Bakunda kwiganzurwa no kwibwira intekerezo mbi no gucika intege. Niba kuburyo bwihariye, kwigengesera, gusobanukirwa, no kwemera bitagaragajwe muri iki gihe, bashobora kwimenyereza ibyiyumviro byo kutinjira mu itorero no gutangira umugambi wo kwivira mu itorero. Abayobozi bagombye kugira uruhare runini mu kubafasha kubanza gushinga imizi neza mu itorero muri ibi bihe by'imyaka ibiri ya mbere y'ubuyoboze.

Inshingano ya buri wese. Umubwirizabutumwa yagereraniye na muganga ufasha mu ibyara ry'abategarugori, naho pasitoro we aba muganga ushinze kuvura abana mu bitaro byabo abandi bizera b'itorero baba umuryango. Kandi umuryango ni wo urera uruhinze. Abo bose bamaze igihe gitoya cyane bakiriye kwizera, bagombye kwihangana, ndetse bakagwa neza bimenyereza uko kwizera; ndetse ni umurimo w'abakuru bashesha akanguhe bo mu itorero gutandukanya inzira n'uburyo byo gutanga ubufasha no kwitabwaho n'amabwiriza kuri abo bese bahisemo kuva mu yandi madini bahaswe n'umutimanama wabo bakazanwa no gushaka ukuri, nuko rero barinde wa murimo wa gipasitoro bamenyerejwe" (Ivugabutumwa, p. 351).

Abakristo bashya, kubwo kwifatanya n'umuryango w'itorero ryawe, bahinduka bene So na Bashiki bawe. gufashwa kwabo ni inshingano zawe. "Twebwe dufite kwizera gukomeye gugomba gushyira ku ntugu zacu umutwara wo gushidikanya no kugwabira by'umunyantegenke, ntitwigendereye mu nzira yacu nziza yoroshye ngo tubahane. Twagombye kwita ku cyiza cy'umuturanyi wacu maze tukamufasha kubaka neza imico ye". (Abaroma 15:12, Philips). Hano hari ibintu bine by'ingenzi ushobora gukora kugirango ufashe" kubaka" no kubumbatira neza abizera bashya:

1. Shyikirana, cudika nabo. Twamaze kugaragaza cyane ko ari ngombwa ko abizera bashya bagomba kunoza uruhande rw'imibanire n'abandi n'uburyo bw'imibereho, bakagaragaza guhinduka igihe binjiye mu itorero. Ahari yenda, inzira imwe ifashije cyane mu gushyigikira gushinga imizi kwabo mu itorero, ni ugushyikirana nabo, kubimenyereza, maze mukabaha icyerekezo nyacyo kigaragaza ko bamaze kubarwa nk'abana b'itorero. Menyekanisha abizera bashya ku bandi bizera basanzwe. Ubushakashatsi bugaragaza ko abizera bashya bamaze kugira inshuti z'abadivantisti b'umunsi wa karindwi esheshatu kugeza ku munani mu mezi atandatu ya mbere hafi ya bose buri gihe bakunda kuguma mu itorero.

Toranya abantu bakwiriye mu itorero ryawe maze ubihanangirize kugira inshingano zo kubera abafasha b'iby'umwuka abo bizera bashya. Bahe inama ko bajya baturira mu ngo zabo abo bashyitsi bashya, maze bakabagirira gahunda nziza y'urugwiro n'umusabano. Ahari yenda bashobora kubaherekeza no kuberekera mu yindi mihango cyangwa se ibindi bikorwa by'itorero__ ndetse bakaba bakwicara hamwe. Bashobora gusengera hamwe cyangwa kubararikira kwitabira itsinda ry'Abantu bashishikariye kwiga Bibiliya. Iyo rero abo bizera bashya bamaze gukura no kugera ku rugero bitewe na bya byigisho bya Bibiliya bya Pasitoro yize igihe runaka, abafasha babo mu by'umwuka bagomba kubararikira kuja bitabira bya byigisho byabo by'Ishuli ryo ku Isabato. Mu gihe abizera bashya bakenye, ba bafasha babo b'iby'umwuka bagomba guhora biteguye kubashyigikira no kubafasha. Ibyiza birenze ibyo, hariho abavandimwe babemera kandi bagahora biteguye kubafasha igihe babakeneye.

Si kenshi abagize umuryango barya neza baticaye ku meza. Uko byagenda kwose, ihanangirize cyane ibyo kwitabira kwiga ibyigisho by'ishuli ryo ku Isabato no kwitabira amateraniryo y'itorero, maze ubishyire mu matangazo yo kubacyaha. Uwasibye nawe agomba gusurwa ako kanya agahabwa ubufasha n'inkunga bikenewe. Gusurwa bigomba gukorwa n'umukuru cyangwa pasitoro niba umwizera mushya abuze muri gahunda y'imirimo y'itorero ibihe bigeze kuri bitatu.

Ugomba kuzirikana kugira ibirori birangiza umwaka byo kumurika cyangwa se kwerekana ababatijwe muri uwo mwaka wose. Iyindi gahunda y'ingirakamaro cyane ni iya Field/Asosiyasiyo/Misiyoni bigomba gutanga amafranga yo gutegura icyo gikorwa cyiza cya buri mwaka cyo kumurika umwizera mushya; aho ni ho abizera bashya bagera mu bigo bimwe na bimwe bakamenyana kandi bagafashwa n'ubuyobozi bwa Fildi/Misiyoni/Konferanse.

2. Bigishe. "Nk'impinja zivutse, turarikire amata atunganye y'ijambo, kugira ngo mubashe gukuzwa nayo" (1Petero2:2). Nta muntu n'umwe wigeze mu birori bikomeye ngo arye maze ahaga ubutazongera kurya ukundi kuzageza arangije igihe cye cyo kubaho. Nta rusobe rw'ibygisho bya Bibiliya bishobora kugabura indyo y'umwuka ihagije ngo bizaheze ubuzima bw'umuntu runaka. Komeza wigishe na nyuma y'umubatizo. Cengezamo amabwiriza n'inyigisho zishyigikira amahame nk'ayo y'ubusonga no Gukomeza Isabato. Bafashe kugenzura no kuvumbura impano zinyuranye Umwuka -Wera yabahaye, hanyuma rero, abatoze, uburyo bw'ingirakamaro bashobora kuzikoresha kugirango zunganire abandi.

Niba rero, Igihe cy'ishuli rya Bibiliya rya Pasitoro mu gihe cy'ishuli ryo ku Isabato cyarakoreshejwe kugira ngo gitegure abizera bashakaga gukomeza ubukristo bwabo, abizera bashya bagombye gukomeza kwiga iryo shuli kumara igihe runaka. Aho ni ho hantu honyine, bo ubwabo bahita bumva baguwe neza. Niba rero ishuli nk'iri ritabaho, Ishuli ryo kw'Isabato ku bizera bashya ryagombye gutegurwa, rikigishwa n'umuntu wamaze gutegurwa, wabwiwe ubukene n'ingorane zabo muri ubwo bukristo bwabo bushya. Bafashe rero kuremya umuco n'akamenyero k'ishuli ryo ku Isabato.

Shaka uburyo washyira ibitabo by'Itorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi mu mazu y'abizera bashya. Ureke batangire ubuzima bw'agaciro bwo kwitanga no kwiha Imana.

3. Basure. Abizera bashya bakwiriye gusurwa buri gihe ngo baterwe umwete mu mikurire yabo. Washobora kubona ubumenyi n'ubwenge mu gukomeza ibyigisho bya Bibiliya mu rugo iwawe. Umugambi umwe ni uwo kubasaba gutumira imiryango n'inshuti bakicara Abizera bashya rero, bakira iryo subiramo ry'amahame maze bagatangira kwiga neza mu rugo rwabo bagasaranganya kwizera kwabo. Nyamara ariko, ibyigisho bishobora gutangwa, nkuko byateguriwe abizera bashya, maze bikarushaho gushimangira ingaruka nziza zo kubaho Gikiristo. Bararikire kuza i wawe. Nta buryo bwiza bwo kwigisha ubugorozi mbonerabuzima no Gukomeza Isabato kurusha urugero rwawe bwite mu nzu yawe bwite.

4. Bashyire muri gahunda y'itorero. Abizera bashya bakeneye gushyirwa muri gahunda y'ibikorwa by'itorero niba bagomba gukura no kwera imbuto mu buzima bwabo bwa gikiristo bwa buri munsi.

Teganya kwinjizwa muri gahunda kwabo nko mu bikorwa by'urubyiruko, Amatsinda y'ibygisho bya Bibiliya, ibikorwa byo ku munsu w'Isabato, ibikorwa by'imishinga y'abaturage, imitwe y'abaririmbyi, gahunda y'imbonezamuryango, ibikorwa byo kavuna no guhamya. Ibuka ko abizera bashya bo ubwabo ni rimwe na rimwe kuzababona bitumiye mu bikorwa byo guhamya no kubwiriza. Nukuvuga ko rero, bazaba bakeneye inkunga yawe n'irarikwa ryanyu.

Ntabwo ari iby'ubwenge guha imirimo abantu bakiri bashya huti huti ubarundaho ishingano z'ubuyobozi ziremereye zitya. Ahubwo inshingano yabo iremereye ni iyo gukiza imitima y'abagize umuryango wabo n'inshuti zabo. Kimwe mu bimenyetso nyakuri kigaragaza ko abizera bashya bigishijwe ni uburyo nabo batangira kwigisha abandi. "Iyo imitima imaze guhinduka, yohereze ku murimo yose icyarimwe. Kandi uko bazagenda bakora bakurikije ubushobozi bwabo, bazarushaho kugwiza imbaraga kandi batere imbere. Burya, guhura n'imico n'amatwara n'ibikorwa biturwanya, ni byo bituma turushaho kwemerwa no kwemezwa ko tubeshwaho no kwizera"(Ivugabutumwa, p. 355).

Abizera bashobora kugera ku ntego no kuyirenga kure mu gukiza imitima, igihe cyose bihannye, bagahinduka burundu kurenza uko babiteganyaga. Nubwo bwose ubuchuti kuri ba bandi b'Abadivantisti bwarushaho gusagamba, ntitwibagirwe ko bwa mbere, imiryango yabo ndetse n'inshuti zabo umugabane munini atari Abadivantisti. Inkurikizi nziza z'abizera bashya ku nshuti za kera n'urugero rureshya rw'imibereho yahindutse ni igikoresho cy'imbaraga nyinshi cyane mu gukiza imitima.

Nta watangazwa nuko umukoro wa mbere wa Yesu yategetse wa murwayi wa mbere wari utewe n'abadayimoni wari uyu ngo: "Jya mu rugo, ku nshuti zawe, maze ubabwire ibitangaza bikomeye Umwami Imana yagukoreye, ndetse n'uburyo yakugiriye impuhwe"(Mariko 5:19).

IGICE CYA 5

Imfashanyigisho

Icyitonderwa

Ibwirizabutumwa ni ryo bugingo bw'itorero. Bitewe n'ivugabutumwa itorero ry'isi yose riratera imbere kandi riragaragaza amatwara yaryo aharikikije hirya no hino ku isi. Kubera ivugabutumwa, itorero ryihariye rirararikira abagabo n'abagore kwishyira hamwe maze bagasanga ubwoko bwa Kristo bwashyigaye. Kubera ibwirizabutumwa, itorero rizasohozza imigambi n'intego zaryo.

Mu gihe rero usoma iki gice, tekereza uburyo bushya itorero ryawe ryakoresha mu gukora ibwirizabutumwa. Ibaze ubwa uti: "Ni gute Imana yanteguriye gukora umurimo nk'uyu nguyu"?

MENYA:

- *Inkunga n'iterambere ry' ubutumwa buvuye ruhande ni urwego rw'ingenzi w'umurimo w'umukuru w'itorero. Ntukazindare cyangwe ngo wibagirwe itorero ry'isi yose nk'uko utakwibagirwa abakozi b'itorero ryawe mu turere twabo barimo.*
- *Intama ni zo zagura umukumbi ntabwo ari umwungeri. Abizera bagomba gushyirwa muri gahunda yo kwagura no gutubura itorero, batabikorera gusa abazimiye, ahubwo babikorera n'impamvu zabo bwite.*
- *Bisaba byombi: amabwiriza, kwihana no guhinduka kuri bamwe kugira ngo babe biteguye kubatizwa.*
- *Abana ni umugabane ukomeye w'itorero kandi nabo bagombye gutegurwa batya.*
- *Igihe usura ibigande, banza ube inshuti yabyo. Uramenye ntukajye impaka nabo, bona nubwo baba ari abanyamafuti. Ubahiriza ibitekerezo byabo. Batege amatwi wirinde kubaha inama. Gusa ubereke impamvu uba ugendereye, maze ubumve.*

ITOZE:

Icyitonderwa

1. Mbese Itorero rinoza ibikorwa byaryo byibwirizabutumwa mu zihe nzira ebyiri:

1)
2)

2. Tondekanya inzira eshatu wowe cyangwa se abandi bantu ba balayiki bakoresha kugira ngo bashyigikire abo bayoboze iryo bwirizabutumwa.

1)
2)
3)

3. Kuki itorero rigomba kuzirikana abizera b'ibigande?

4. Mu iteguramugambi ryo kugandura no kugarura abizera babuze, ni buryo ki abantu bashobora gutoranirizwa uyu murimo w'ingenzi?

5. Tondekanya inama ndwi zikunganira mu gihe cyo gusura abizera babuze?

1)
2)
3)
4)
5)
6)
7)

6. Ni uwuhe murwi w'igihe ushobora "guteza akaga cyane" ku bizera bashya?

Rondora impamvu zimwe kandi wisobanure:

7. Ni ibihe bintu bine fatizo ushobora gukora kugira ngo wubake kandi ubumbatire neza abizera bashya:

1)
2)
3)
4)

KORA IBI:

Icyitonderwa

1. Tondekanya uburyo bwinshi wowe n'itorero ryawe mwashishikariza abandi maze bikabafasha guteza imbere gahunda y'ubutumwa buvuye iruhande.
2. Mu gihe utekereza ibyerekeye ibwirizabutumwa, tondekanya uburyo itorero ryakoresheje kugira ngo ribashe kwegukana insinzi mu gihe cyashize.
3. Ni ubuhe buryo bushya wakoresha kugira ngo ushyikire Sosiyeti yawe urimo?
4. Andika inzira zigaragara wabasha gukoresha ngo ushyigikire kandi ugaburire abizera bashya, nk'umuyobozi kandi nk'itorero.
5. Ni izihe nzira zifatika wowe n'itorero ryawe mushobora gushyikira abizera b'ibigande?
6. Ni iyihe miterere ushobora gushyiraho ngo itume ubasha kugumana abizera bashya?

URUBUGA NYUNGURANA BITEKEREZO

Icyitonderwa

Ibibazo bigenewe amatsinda

1. Kuki ivugabutumwa ari ingenzi :
 - i. Ku Itorero ry'Isi yose
 - ii. Itorero ryihariye
 - iii. Ku giti cyawe bwite?
2. Ni kintu ki wakora ngo wereke abana ko na bo bafite uruhare rw' ingirakamaro mu itorero kandi ko nabo bari bakwiriye guhabwa agaciro?
3. Ubwo ari igihe cyo gusura ibigande, niba bavuze ikintu wumva ko rwose ari ikosa ndetse n'ikinyoma cyambaye ubusa, ni iki wakora?
4. Ni ibihe bintu bifatika wakora kugira ngo ushyigikire abo batorewe gukoresha ibiterane by'ibwirizabutumwa?
5. Kuki itorero rigomba kwita cyane ku bizera b'ibigande?
6. Mbese byashoboka ko uwo ari we wese ushaka, yahabwa inshingano yo kujya kugandura ibigande?
7. Ni ibihe bintu bimwe shingiro ushobora gukoresha mu kubaka no kubumbatira abizera bashya?
8. Ni izihe shusho z'ibwirizabutumwa zabashije kukunganira mu itorero ryawe?
9. Mbese ni ubuhe buryo bushya wakoresha ukagera ku miryango n'abantu bagukikije?

10. Mbese aho itorero ryawe ryaba rifite icyitonderwa gahunda ki yo kurifasha kubumbatira neza abizera bashya?
11. Ni ibihe bintu runaka wumva ko byari bikwiriye gushyirwa muri iyi gahunda?



IGICE CYA 6

URUHARE RW' UMUKURU W'ITORERO MU GUKENURA UMUKUMBI W'ITORERO

Ubumwe n'urukundo nibyo biranga ubukristo. " Twebwe tuzi yuko twavuye mu rupfu tukagera mu bugingo, kuko dukunda bene Data. Udakunda aguma mu rupfu." (1 Yohana 3:14).

" Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana." (Yohana 13:35).

Ubumwe butuma Itorero rigira ingufu. " Umunsi wa Pentekote usohoye, bose bari hamwe mu mwanya umwe bahuje umutima. " (Ibyak 2:1).

" Ibihe byose hazaba gukorera hamwe mw'itorero ryose, hakaba urukundo rwa kivandimwe rugaragarira mu kwizerana, hazaboneka ingufu n'ubushobozi mu murimo wacu wo gukiza abantu."

Nubwo hariho gutandukana mu mico, urukundo rwa gikristo rutuma habaho ubumwe mu Itorero. " Ariko ikiruta byose, mukundane urukundo rwinshi, kuko urukundo rutwikira ibyaha byinshi." (1 Pet. 4:8)

Urukundo rwa gikristo rugira umurimo rutwika kutumvikana hagati y'amoko, rugakuraho ishyari riva kubusumbane, hamwe n'utundi tubazo twaboneka biturutse kumyumvire itandukanye.

Hakorwa iki ngo habeho ubumwe n'urukundo mu Itorero? Rikeneye kugaburirwa. Iyo inyamaswa zishonje zirarwana; igihe zagaburiwe neza, usanga ziri mu mutuzo. Uburyo bukurikira bufasha mu ivugururwa ry'Itorero, hatari ku Isabato gusa.

Gusura abizera

Kugendererana kw'Abagize Itorero ni Ingenzi cyane. __ mu gufasha gukomera no gukura muby'umwuka. Ikibabaje gusa ni uko (gusurana) ari umurimo usa naho utitabwaho n'abakuru b'itorero. Nk'umukuru w'itorero, gerageza gusaranganya igihe cyo kubwiriza mub'isi no gusura abagize itorero. Ubu nibwo bwari uburyo bukoreshwa n'abakristo bo mugihe cya kera.

" Nuko ntizasiba kwigisha no kuvuga ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo iminsi yose mu rusengero n'iwabo." Ibyak. 5:42

" Kandi muzi yuko ari nta jambo ribafitiye akamaro nikunze kubabwira cyangwa kubigishiriza imbere ya rubanda no mungo zanyu rumwe rumwe." Ibyak. 20:20

Abakuru b'itorero bo mugihe cy'Isezerano rishya bahuzaga kubwiriza mu itorero no kubwiriza mu ngo zabagenzi babo.

Benshi mubagize Itorero bafite ibibazo bibaremereye batigeze bashyira ahagaragara. Uko rero utibagirwa gusura muri gahunda zawe zaburi muni, abakristo bazagera igihe bakugirira icyizere ndetse banakubahe. Bazugurura imitwari yabo maze ubone uburyo bwo kubereka imbaraga, ubuntu no kubabarira kwa Kristo Yesu.

Ubu nibwo buryo bw'ingenzi bw'uko Abakuru b'itorero bafasha abakristo babo.

Gufasha (Kwigisha, kubwiriza) umuntu bishobora no gukorerwa ku rusengero. Ni byiza kugera ku rusengero hakiri kare, kandi ugategereza ko abakristo babanza bagataha mbere y'uko wowe ubwawe utaha. Muri icyo gihe rero, ntukite gusa kubantu musanzwe muziranye, ahubwo gerageza gushakisha abafite ingorane waba uzi maze ubasange.

Basuhuzanye urukundo maze nibiba ngombwa ubatega amatwi. Ubundi kandi, aho telefone ziboneka, ushobora kuyifashisha mu gutanga ubutumwa. Ariko uburyo bwiza bwo gutanga ubwo butumwa n'ubwo gusanga umuntu mu rugo rwe.

Henshi na henshi umupasitoro cyangwa umukuru w'itorero usura abakristo, atuma abantu benshi bitabira gusenga (kuja mu rusengero) Gusura abantu mu ngo zabo n'ingenzi cyane kuko bakeneye kumva ko bitaweho. Ni ingenzi kandi kuri wowe kuko bituma usobanukirwa neza imibereho yabo, ndetse bishoboka ko uzanabakunda kurushaho kuberako uzaba wamenye imibereho yabo hanze y'urusengero.

Gutegura Gahunda yo Gusenga.__ Gutegura gusura ingo z'abakristo bigomba gukorerwa mu inama y'abakuru b'itorero cyangwaa inama z'itorero. Amazina y'abagomba gusurwa agabanywa mu bashoboye umurimo wo gusura. Abatoranijwe ngo bajye basura abandi bagomba guhugurwa byanashoboka bagahabwa akarere cyangwase ingo bagomba kwitaho. Gerageza guhuza abasurwa n'abasura witaye kubahuje imirimo, abangana (imyaka), cyangwa abahuje ingorane.

Ubundi buryo ni ubwo guhuza imirenge, abantu baturanye bagategura gahunda yo gusurana. Umukuru w'itorero afashijwe n'umudiyakoni cyangwa umudiyakonikazi, ashobora gushingwa umurenge akayobora gahunda yo gusurana. Pastoro afatanije n'umukuru w'itorero bategura gahunda yo gusura uko izakorwa, kimwe n'izindi ngamba zo guteza imbere itorero. Ntabwo ari byiza ariko kwibwirako buri mukuru w'itorero cyangwa buri mu diyakoni afite impano n'ubushake bwo gukora uwo murimo wo gusura.

Inama ya Biblia y'uko abasura bajya bagenda babiri babiri n'ingenzi. Umugabo n'umugore bashobora kwifatanya muri uwo murimo. Mu gihe utajyanye n'umufasha wawe (umukuru w'itorero ni we uvugwa), ushobora guhamagara ukeneye guhugurwa mukajyana. Uzaba ukoze inshingano ebyiri- gusura no kwigisha. Itorero rigomba kugira gahunda yo kujya risura abakristo bashya vuba bakimara kwakirwa mu Itorero. Iyi ni inshingano ikomeye y'umukuru w'itorero. Ntabwo ari ugusura gusa ababatijwe vuba, ahubwo n'abaturutse mu yandi matorero (abimukiye mu itorero) bagomba gusurwa.

Ni ngombwa kwita cyane ku bantu bakimara kubatizwa ariko cyane cyane ababatizwa bakiri bato, kuko badakunze kubona ayo mahirwe yo gusurwa n'abantu bakuru. Ntabwo bazibagirwa ko umuntu mukuru mu Itorero yabitayeho kuburyo yabasuye.

Kugira ngo igihe cyo gusura gikoreshwe neza, byaba byiza uteguye gusura abaturanye igihe kimwe. Ubundi buryo ni ubwo gusura amatsinda ahuje ibibazo igihe kimwe. Bizatuma utegura ubutumwa bwawe neza buhuye na buri tsinda.

Gusura umuntu mwahanye gahunda n'ingenzi. Muterere twinshi two ku isi kujya mu rugo rw'umuntu mutahanye gahunda ntabwo ari umucyo mwiza, ndetse usanga rimwe na rimwe ari uguta igihe kuko ushobora gusanga badahari. Gusura aho wakoze gahunda bituma ukoresha neza igihe cyawe.

Ibikorwa mu Gusura.__Amagambo akurikira agomba kwibukwa igihe utegura gahunda yo gusura:

- (1) *Kwitegura*- Gutegura umutima wawe, usaba Imana kugufasha ngo ibyo uzakora bizatume Urugo rwasuwe rugira imigisha. Tegura amagambo make wifuza kuganiraho muri buri rugo. Ushobora kwifashisha amasomo akurikira:

Zaburi 46:1,2,10,11

Matayo 11:28-30

Zaburi 103:1

Yohana 14:1-3

Zaburi 121

Ibyahishuwe 21:1-7

- (2) *Shaka ubucuti* -Igihe wakiriwe mu rugo, tangira ku biganiro bisanzwe ku buryo mu bantu usanze nta wumva ko asa nk'aho ahahejwe. Tega amatwi ufite ubwuzu igihe bakubwira bimwe mu bibashimisha. Abategarugori bashimishishwa no kuvuga ibyo mungo zabo.

- (3) *Gusoma /Kwiga Bibiliya* -Nyuma y'iminota mike umaze kwakirwa bisanzwe, tangira ibiganiro byawe ubyerekeza muby'umwuka. Muri icyo gihe rero Bibiliya irifashishwa, haba mu gusoma cyangwa kuvuga amasomo. Abakuru b'Itorero benshi bitwaza Bibiliya ntoya ikwirwa mu mufuka. Bibiliya bazitwara ahiherereye kugira ngo ingo zitari iz'abakristo zibakire ntangingingimira, maze ni biba ngombwa Bibiliya ize gukoreshwa igihe kigeze. Ushobora gusobanura imirongo yasomwe, ariko si byiza kumera nkaho ubwiriza. Ibiganiro nti bikarenze iminota ibiri, kuko uba ushyize umutima n'ibitekerezo ku bigiye gukurikira.

- 4) *Kubaza*.-Baza niba hari icyo bashaka gusabira cyangwa niba hari umuntu bifuzaga gusabira. Uzaba wakinguye uburyo bashobora ku kugezaho ibibazo n'ibyo bifuzaga mu bugingo bwabo. Uburyo bumwe wakwifashisha ni ukugira amasomo ajyanye n'amasezerano y'Imana ku ngorane zimwe na zimwe. Bigomba kwitonderwa cyane kuko atari igihe cyo gutanga ibisobanuro byerekana ko uri umunyabwenge, ahubwo uzanywe no kwerekana urukundo rw'Imana.

- (5) *Gusenga* -Ushobora gupfukama aho bishobotse. Urarika abana cyangwa abandi bantu mukifatanya no gusenga. Sabira cyane ibyifuzo bimaze gutangwa. Ni byiza gusengera abagize uwo muryango ubavugaga mw'izina. N'abandi baba muri urwo rugo nabo bitabwaho. Buri gihe sabira urwo rugo imigisha.

- (6) *Gusezera* -Sezera ukimara gusenga, bagitekereza ku magambo avuzwe mu isengesho. Mu mico myinshi, iminota mirongo itatu (30) irahagije gusura urugo (imiryango). Ntuzatume abantu bakeka ko umukuru w'Itorero wabo ari indondogozi. Ku rundi ruhande ariko, si byiza kwicara ku musozo w'intebe wikubakuba usa n'aho warambiwe ushaka gusezera.

Icara witonze, utege amatwi, ariko ufite igihe ntarengwa wagennye. Umurimo ukora si uwawe, ni byiza ko bamenya uwa gutumye ko akorera kuri gahunda.

(7) *Kwandika* -Ukimara gutirimuka, andika amazina yabo wasuye niba utari wayanditse, kuko bishoboka ko wayibagirwa. Menya aho abana babo batabonetse, baherereye. Andika n'ibyifuzo uwo muryango wakugejejeho n'ibyagushimishije. Kubibutsa ibyo byose mu gihe usubiye kubasura, byerekana ko witaye ku byo bakugejejeho.

Gutanga inama

Imwe mu mpamvu zituma Itorero ribaho ni kugira ngo habeho ahantu aho buri wese ufite ingorane ashobora kugana maze agahabwa inama n'ubundi bufasha bwatuma adakomeza kwiheba. Kenshi na kenshi abagize Itorero bahura n'ingorane zitandukanye, bigatuma hakenerwa umuntu wo kugira ngo abagire inama mbere y'uko bumva bongeye kugubwa neza. Izo ngorane zishobora guterwa no kubura ababo, gusubira inyuma muby'umwuka, hamwe n'imibereho hagati ye n'abandi bantu.

Nubwo waba utarigeze uhabwa amahugurwa mu rwego rwo gutanga inama ku bantu bafite ingorane zitandukanye hari ingero nyinshi, z'uko wabafasha.

Bose bita ku bantu, babaha inama bakabatera umwete. Hari impamvu ebyiri zituma abita ku bandi bashobora no kubagira inama:

- (1) Kuko bita ku bandi, abantu barabasanga.
- (2) Kuko bita ku bandi, ntibashobora kwanga gufasha.

Yesu ni we rugero rwuzuye. Iyo yabonaga abafite ingorane "Abona abantu benshi, arabababarira, abakiriza abarwayi."

*Reba Matayo 14:14; Mariko 1:41; 6:34

Kuko Yesu yabitagaho, n'abana bato ntibatinye kumwegera.

Yohana 3:1-21 hatwereka uko Yesu ubwe yitaye ku bantu, abagira inama, abafasha kuko yari abitayeho. Ntabwo uwita ku bandi agira inama gusa, ahubwo n'inama atanga zigira umumaro. Biratangaje kuko ubushakashatsi bwakozwe bwerekana ko abajyanama bita ku bantu bagira akamaro cyane kimwe n'abajyanama bafite impamyabumenyi. Bishoboka ko byaba bituruka kukwitabwaho kuba kwahawe abagirwa inama.

Kugira ngo ube umujyana mwiza, nk'umukuru w'Itorero ugomba kugira ishungura, n'ubushishozi bwihariye. Bamwe bazajya bagusanga bakeneye gusa ku kwikundishaho kurenza uko bakagusabye ubundi bufasha. Niba rero bahawe umuti wo gutsinda ingorane zabo nta rundi rwitwazo bagombye kuba bagifite rwo kwongera ku kwikundwakazaho; bishobotse ubasha kubafasha kubonera ingorane zabo ibisubizo. Biteho, ariko ntubemerere ko ubufasha bwawe bubahindukira inkomyi mu migendere yabo. Abandi baza gushaka uburenganzira kurenza uko bashaka ubufasha. Aka ni akaga kihariye ku Bajyanama b'Abakristu. Abantu nk'aba bagenda bava ku muyobozi umwe bagana ku wundi kugeza ubwo babonye uzabagirira agatima. Iyo babonye umwe muri abo bayobozi akabemerera gushyira mu bikorwa ibyo bashaka gukora, bafata abapasitoro bese n'abayobozi bese kimwe, bakabitekana mu gihe cyose baba bakiriho bitwaza ko ari bo babateje kugira imyitwarire mibi nk'iyi.

Rimwe na rimwe abayobozi bananirwa kugira ubugwaneza, bakaba atari inzobere mu gutanga inama, ubundi se bakabiterwa na kwa kwikunda, ya narijye yabo, ntitume bagira ibisubizo bya nyuma kuri buri kibazo cyose.

Amabwiriza nyunganizi mu Gutanga inama.__ Hano dufite amabwiriza nyunganizi ashobora ku kuyobora maze ukabasha gutanga inama yuzuye y'ingirakamaro:

1. Itoze kumva. Ntabwo umugambi wo kugira abantu inama ari uwo gucyemura ingorane z'abantu. Umugambi wawe wa mbere ni uwo kubereka ko ubitayeho. Gutegera umuntu amatwi ukamwumva, biramureshya. Byereka abahabwa inama ko ubahaye agaciro. Umugambi wawe wa kabiri ni uwo gufasha **abagirwanama** gukura intekerezo zabo ku marangamutima n'ishavu baba bafite maze ukabageza ku rugero rw'imyumvire n'imitekerereze ishingiyeye ku bitekerezo byiza bizagutuma batanga imyanzuro myiza ku bibazo byabo.

Kuganira nabo ubwa byo ni umuti mwiza. Bimeze nko kwanika imyenda ku mugenzi. Igihe cyose ya myenda itose ikirundanijwe hamwe mu ibase cyangwa se ikarayi igenewe imyenda yameshwe, biragoye cyane kumenya neza iyo ufite uko ingana. Ariko iyo imaze kwanikwa ku mugenzi, biroroshye kuyitahura no kuyimenya. Kuvugana nabo iby'ingorane zabo, bifasha abagirwanama, kuzimarayo, kuzirondora no kuzisesengura maze bakongera kuzisobanukirwa bimazeyo.

Ntugahubukire gutanga inama. Ushobora gufasha abantu neza, utabamenyesha icyo bakwiye gukora, ahubwo ubafasha kwitahurira imyanzuro y'ingenzi y'ibibazo byabo, noneho ukabashyigikira uko bagenda bashyira mu bikorwa iyo myanzuro.

Na none kandi kumva bigaragariza umutanganama ikibazo neza. Mu gihe uvuga ntabwo uba wiga. Iyo wibanze cyane ku kungikanya ibisubizo, ubasha rwose kudasobanukirwa neza bimwe mu bibazo. Ijambo rimwe uko bigaragara rijya ryunganira cyane mu gihe utanga inama kurenza andi magambo yose uyafatanije hamwe ni iri: "Yee". **Rigaragaza ko uteze amatwi, wumva maze rigatera ubutwari uvuga gukomeza.** Mwembi kandi, ribereka ko mwumva kandi mufashanya kwerekana ikibazo uko giteye ndetse rimwe na rimwe mukagaruka ku ngingo zimwe na zimwe z'ingenzi z'ikiganiro mwagize.

Emera rwose kandi wirinde guhungabanywa n'ibyo wumva. Ntu kabacire urubanza, bamerere nk'uko Yesu yabereye wa mugore wari wafatiwe mu cyaha cy'ubusambanyi. Ibyo wumvise byose jya ubigira ibanga. Niba utabikoze gutyo, birumvikana ko abagutezeho inama bose nibamara kumenya ko utabika ibanga, batazongera kujya bakwiringira. Kandi niba batakwiringiye, ntabwo uzaba ugishoboye kubafasha na rimwe.

Jya wumva impande zombi. Mu kibazo cyose, ntugahamye ko ibyo wumvishe kur'umwe ari ukuri kwuzuye. ___ cyangwa se ko umuntu uyu n'uyu abeshya abikuye ku mutima. Akenshi usanga buri wese ashaka kwereka mu genzi we ko ari we uri mu kuri. Gushimagizwa kuzanwa nuko watoranirijwe kubabera umujyanama, gutuma ubogamisha intekerezo zawe uguhengamira ku ruhande rw'abagusaba inama. Ibyo ari byo byose, uwo ari we wese waba afite guhitamo kwiza ashaka inama zawe ntabwo aba akiri ruharwa muri ya mafuti ye! Nuko rero ntukibwire na rimwe ko wasobanukiwe n'ikibazo cyabo mbere yo kumva imbande zombi.

2. Ibande cyane ku nsinzi z'ibibazo. Koresha igihe cyawe kinini mu gushaka umuti w'ibibazo, aho gushaka ingorane. Ntu gahe urwakwe abagirwanama rwo gukomeza kuzurungutana ku kibazo kimwe bava iyi bajya iyi, banga gusa gushakira hamwe imiti y'ibibazo. Bamwe bishakira kumara igihe kinini cy'ikiganiro bashyira umugayo, cyane ku bubatse ingo kimwe n'ibindi bibazo bifatanye isano. Ibi rero bifite akamaro gato cyane. Igihe cyose bazaba bataremera ingaruka z'imyitwarire yabo bwite, ntabwo bazigera bayikosora. Ifatanye n'abagusab'inama mu bibazo byabo bibashengura, ariko cyane cyane wite ku kubashakira insinzi yabyo.

3. Bafashe gutoranya umugambi. abagishanama basanga biboroheye cyane kwibanda ku bibazo igihe cyose bashobora kubona ibitekerezo binyuranye. Bafashe guhitamo igitekerezo cyiza, maze bareme umugambi utuma babishyira mu bikorwa. Abajyanama bamwe bandikisha inyandiko mvugo y'ayo masezerano cyangwa se ubwumvikane. Inshingano yawe rero ni iyo kubashyigikira gushyira mu bikorwa ibyifuzo byabo. Niba abagirwanama biyemeje rwose kugendera mu migambi yabo bwite, uzaba ugomba kwongera kwibaza akamaro ko kugumana nabo igihe kirekire.

4. Basengere. Gusengana n' abagishanama ntabwo bisimbura gufata umwanya wo kubatega amatwi cyangwa gusesengura ikibazo hamwe nabo. Ariko rero gusenga ni kwo kugomba gusozera inama ngishwanama ya gikiristu. Ishengesho riganisha intekerezo zacu ku bufasha nyakuri, bwo kw'isoko iheruka y'ubufasha, nta yindi itari imana.

5. Ni ryari ugomba kubohereza ahandi? Ubohereza ahandi igihe ubushobozi bwawe bubaye buke. Kwifata nkaho wazobereye mu kugira abantu inama, bishobora kugira ingaruka kubagirwa inama kimwe n'uko bishobora gushyira itorero mu bibazo bijyanye n'amategeko ayobora igihugu (ubucamanza).

Mbere yuko wohera abagirwanama ku bandi bakurusha ubushobozi, banza wibaze: Mbese iyi mibereho y'umubabaro, uburakari, ishyari, umutima w'icyaha, ubwigunge n'ishavu, uyu mugishanama yaba ayimaranye igihe kingana iki?

Mbese byaba biterwa n'ishyari? Ese afite umutima umushinja? Cyangwa se Yaba yariyanze? Mbese byaba ari ikibazo kitamubuza gukora imirimo ye isanzwe? Byaba se byaramurenze ku buryo yaba yarataye umutwe? Mbese byaba ari ibibazo bitangiye vuba cyangwa abimaranye igihe kirekire?

Ujye wirinda cyane ibisubizo nk'ibi bidakwiriye kandi bitatekerejweho neza bikunda kuvugwa n'umyeyo cyangwa se amarangamutima atagenzuwe, guhera mu cyeragati, cyangwa se kurangara, gutentebuka, kunanirwa gufata ibyemezo byoroshye, kumva ko abandi badashobora kumwumva no kubura kwitegeka mu mirire cyangwa se mu yindi mico. Ibi ni ibimenyetso ndangamitekerereze; umuntu rero ubigaragaza akeneye kwitabwaho cyane, bishobotse wamwohereza ku bajyanama babifitiye impamyabumenyi. Byaba byiza ubohereje kugisha inama Pasitoro kabuhariwe mu gutanga inama zo gufasha abafite ingorane zinyuranye. Hanyuma mugashakisha uburyo mwabona abashobora kubafasha biruseho.

Mushobora kubaza abashinzwe amavuriro y'abarwaye indwara zo mu mutwe cyangwa mukabaza pasitoro ushizwe amavuriro maze mukagerageza uburyo abo bantu babona ubufasha.

Ujye wohera umuntu wawe ahandi igihe ubona ko ufite inshingano nyinshi (ufite indi mirimo myinshi). Biba byiza iyo uwo ugira inama muba muhuje igitsina (abagabo ku bagabo n'abagore ku bagore). Kugira inama uwo mudahuje igitsina biragorana cyane, kandi ntukamugire inama muri ahiherereye cyane.

Ese kugira ngo bibe ibanga, kugira abandi inama byakorerwa he? Mugomba kuba ahantu hiherereye ku buryo ibyo muvuga biba ibanga, ariko ukirinda ko mujya ahantu hashobora gutuma mwagira ingaruka mbi, cyane iyo ugira inama uwo mudahuje igitsina. Inama nziza n'uko waba uri kumwe n'undi muntu bishobotse umufasha wawe cyangwa se undi mukuru w'itorero.

Gufasha muri uyu murimo kugira ngo bigende neza, biba byiza hakozwe amatsinda aho abantu bafite ibyo bahuriyeho badahura gusa ngo baganire ibibazo n'ibisubizo ubwabo; ahubwo barahura bagasengera hamwe, bagafashanya. Urugero itsinda ry'abantu baherutse kubura abantu babo.

Itorero rishobora gushyiraho ahantu abakeneye ubufasha baja babukura. Bishobotse hakajyaho inzu yaho ibitabo bizajya bikusanyirizwa. Bizatuma abashaka kumenya inama zo gukemura ibibazo baja bahaza.

Umurimo wo mu matsinda

Mose yashyize Abisirayeli mu matsinda icumi(10) (kuva 18) Yesu yatoranije itsinda ry'abantu (12) cumi na babili, maze amarana nabo igihe cyese. Kenshi Yesu yigishirizaga mu ngo z'abantu [Matayo 13:36; 17:25; Mariko 9:33; 10:10] Itorero ryo mu gihe cy'isezerano rishya ryibanda mu gukorera mu matsinda mato, ari ukwiga ijambo ry'Imana, gufashanya basenga, amafunguro, n'ibindi... (Ibyakozwe 2:42,46). Ibyakozwe n'Intumwa bifite ingero cyenda z'uko Abakristo basengeraga mu ngo z'abantu.

Ellen G.White yemeza ko : "Gukora amatsinda mato mu buryo bwo gushaka ko umurimo w'Imana utera imbere, ni uburyo neretswe bunyuzwa imbere yanyje n'Umwe udashobora kwibeshya. Niba mw'itorero hari abantu benshi, mureke bibumbire mu matsinda mato kugira ngo bakore badakorera itorero gusa ahubwo bagera no kubatizera (Evangelism, p.115)

Amatorero y'Abakristo icumi(10) ya mbere manini ku isi yatangiye ari amatsinda mato. Muby'ukuri itorero rinini ryirinda ingorane nyinshi iyo ryigabanijemo amatsinda menshi. Itorero rigereranywa n'uruziga runini. Muri urwo ruziga harimo izindi nziga ntoya cyane zihagarariye amatsinda anyuranye y'ingirangingo. Abizera bagize izo nziga ntoya cyane si kenshi bashobora kwitandukanya n'uruziga runini bahuriyemo bese. Umupasitoro umwe wo mw'Itorero rinini ry'Abadiventisti yatangajwe kandi ashimishwa cyane nuko ubwo yari ariho kwiga iby'ubuzima bw'iby'umwuka bw'Itorero bw'abari baherutse kwihana vuba, ko nta n'umwe wo mu bari bibumbiye mu matsinda matoya wigeze ava mu itorero.

Ubugingo bw'Umubiri buboneka mu ngirangingo zawo. Iyo rero ingirangingo zipfuye, umubiri urapfa. Iyo ingirangingo ari nzima, umubiri uratoha. Iyo ingirangingo ziyongera, umubiri urashisha. Ubushakashatsi ku Mateka y'Itorero yerekana ko gutera imbere byaturutse ku matsinda mato yateranaga akiga ijambo ry'Imana ahuje umutima.

Imigambi ituma amatsinda mato ari ngombwa. ___ Itsinda rito ry'Abakristo rishobora kugirwa n'abantu batari hasi ya bane(4), kandi batarenze cumi na batanu (15), baturira hamwe mu nsengeru cyangwa mu rugo rw'umwe muri bo, bagahuzwa no kwigira hamwe ijambo ry'Imana. Ingero z'amatsinda y'abiga Bibiliya, imitwe y'abategarugori, biga Bibiliya, imitwe y'abaririmbyi, n'indi... Ibihe bahuriraho, n'uko amatsinda yishyira hamwe, biterwa n'ubukene bese bahuriyeho cyangwa se umuti bese bariho gushakira hamwe. Amateraniro yo muri ayo matsinda usanga anyuranye kandi afite imiterere yayo yihariye kurenza amateraniro asanzwe y'itorero.

Ibihe byayo birangwa cyane no guhindagurika kimwe no kwimuka kw'abantu. Ugasanga umuntu agiye kure yabo mu muryango we, n'inshuti ze. Usanga benshi bajya mu mijyi ya kure. Ubwigunge muri iki gihe usanga bweze. Amatsinda mato asimbura inshuti n'abo mu muryango, bigatuma utagira irungu kubera gutandukana nabo. Abaturutse kure y'iwabo bibafasha kumva bemewe, bakiriwe kandi bisanzuye badashingiye ku bwoko, imico, n'ibindi.... Bakiranwa urukundo ntawitaye ku byaha byabo cyangwa inkomoko yabo.

Amatsinda mato atanga umwanya ku bayagize wo gufashanya kwiga ibyanditswe, maze bigatuma bumva ko bafite umuryango bahuriyemo (umuryango umwe ubahuza). Ni uburyo bwiza bwo kwiga Ijambo ry'Imana no gukizwa . Uko amatsinda yigira hamwe ijambo ry'Imana, agasengera hamwe bituma haba ubufatanye hagati yabo ari nabyo byubaka Itorero, no kubana bya gikristo. Guhurira mu matsinda mato bitanga uburyo bw'uko abatari abakristo batumirwa hamwe n'inshuti zabo mu bagize amatsinda. Ubu buryo rero ni igikoreshe kigera kubo hanze y'itorero; bufasha itorero kunguka si abizera bifasha gusa. Amatsinda adatumira abandi bantu bo hanze akunda guseniyuka.

Amatsinda mato yo mu ngo. __ Amatsinda yigira mu ngo yagenewe cyane gufasha abanyamuryango hamwe n'abaturanyi babo. Ni uburyo bwo gufasha abakristo basubiye inyuma. Ubushakashatsi bwerekanye ko abantu benshi bajya mu nsengero batajyanywe no kwiga amahame y'itorero ahubwo bajanywe yo no gushaka guhura n'abandi bakristo kugira ngo bumve ko nabo bafite umuryango babarizwamo. Hakaba rero hari n'abandi bareka kuja mu rusengero atari uko barwanya imyigishirize, ahubwo ari uko babuze ubufatanye (kumva no kubafatanye ubumwe) mu Itorero. Gufasha rero abakristo nk'abo ni ukugira amatsinda mato ateranira mu ngo z'abantu.

Impamvu y'ingenzi ibahuza ni ugusenga. Amatsinda mato yo mu ngo rero atuma abantu bafashanya mu mashengesho kuruta uko bikorwa n'itorero ryose hamwe. Bifasha ndetse n'abandi usanga badashaka kuja mu nsengero, usanga bishimira guterana n'abantu bake badateye ubwoba. Amatsinda yo mu rugo akunze kumara isaha n'igice kandi akibanda ku ngingo zikurikira:

(1) *Gufashanya.* -Amatsinda yo mu rugo agira igihe cyo gufashanya mbere y'uko batangira gahunda yabo -bafashanya babwirana ibyiza Imana yabakoreye imigisha iba yara bagezeho, ingorane se baba barahuye nazo, n'ibindi. Bituma habaho kumva baruhutse imitwaro kubavugana, maze bose bakumva bahuje, bagafatanya gushima no gusenga Imana bayobowe na Mwuka. Buri wese ahawe umwanya ni byiza, ntihagire uwiharira ijambo.

(2) *Kwigira hamwe.* -Ni byiza ko mu gihe cyo kwiga hakoreshwa Biblia. Abagize itsinda bashobora guhitamo igitabo cyo muri Biblia bazigira hanwe. Abagize itsinda bigira mungo iwabo, maze bakazahurira hamwe mugihe cyagenwe maze bakungurana ibitekerezo.

Uyoboye iryo tsinda ashobora kubaza ibibazo bikurikira:

-Mbese umwanditsi yaba ashaka gusobanura iki muri iki gice?

-Mbese Imana yaba imbwira iki muri uyu murongo?

(3) *Gusenga.* -Ubusanzwe buritsinda riba rifite amazina y'abantu bifuza gusabirwa. Abagize amatsinda basabwa kwibuka abobantu n'ingorane bafite mubihe byabo bisanzwe byo gusenga.

4. *Kwigisha abandi umurimo wo Gusanga abandi.* Abagize amatsinda basabwa gutumiira abaturanyi babo badahuje kwizera, maze bigatuma ubutumwa bugera kubandi.

Amatsinda mato yo mu Itorero. -Ayo matsinda mato agizwe:

Imitwe yo kw'ishuri ryo kw'isabato: Ishuri ryo kw'isabato riyobowe neza rikigisha neza rigira akamaro kanini cyane. Ikibabaje n'uko imitwe yo ku isabato ikora neza ari mike cyane. Gerageza gukora imitwe mitoya kandi wigishe abayobozi bayo kuba abigisha beza aho kuba ababwiriza b'imitwe. Mu buyobozi bukuru bw'itorero (general conference) haboneka ibitabo bitanga inama ijyanye n'imitwe yo ku ishuri ryo kw'isabato.

Amatsinda y'abahugurwa: Akenshi abantu bakunda kuja mu nsengero kubera impamvu zidasanzwe: -Kwakira umwana ukivuka, kwimuka aho bari batuye, gupfusha umukunzi, kwahukana n'izindi mpamvu.

Kubw'iyo mpamvu, Itorero ryagombye kuja ritegura gahunda y'amahugurwa yo gufasha abantu bafite inyota y'ibintu nk'ibyo. Hategurwa amahugurwa ajyanye n'imibereho mu miryango, amahugurwa y'ababyeyi, amahugurwa yo gufasha abashaka kwiga Biblia, amahugurwa yo kurya neza, n'andi mahugurwa y'ingeri nyinshi.

Amatsinda yo gufasha -Hashobora gutegurwa amatsinda yiyemeje gufasha abantu batandukanye. Abatarashaka (abatarashyingirwa), amatsinda afasha abagabo, abagore abasaza n'abakecuru, amatsinda afasha abarwayi, n'andi matsinda.

Gutegurwa amatsinda mato: ____ Kugira ngo amatsinda agere kunshingano yihaye, agomba gutegurwa neza kandi bikitonderwa. Ubwa mbere, Abizera b'Itorero ryawe bakeneye kubanza kumenya ubukene buboneka mu barigize kugira ngo hakorwe amatsinda matoya ya kwiga uburyo bwo gukemura ubwo bukene. Urugero:

Hariho ubwo haba hakenewe umuyobozi w'abizera bakibatizwa bakenewe gufashwa; cyangwa se hakenewe itsinda ryo gusengera abayobozi b'itorero, itsinda ry'abakenewe kwiga Biblia mu cyumweru hagati rya Abanyeshuli bo mu karere k'ishuli runaka, cyangwa itsinda ryo guhura n'abantu bo hanze (abatari abakristo) mu rwego rwo kubwiriza ubutumwa.

Mu gihe itsinda rimaze gushingwa, haba hakenewe kwigisha abazayobora amatsinda, uyu akaba ari umurimo wa pastoro hamwe n'abakuru b'itorero. Abayoboye amatsinda batumira abantu kuza aho bateranira. Abayobozi b'amatsinda bagomba kuja bahura burigihe kugira ngo barebere hamwe uko amatsinda yabo ariho atera imbere no guhana inama nogufashanya. Igihe amatsinda azahurira bitangazwa muri gahunda zo ku isabato.

Gutangira amatsinda mato ateranira mungu, guhura kwambere kuba ari uko gutegura gahunda. Bishoboka ko babanza kwemeranya ku ngingo zikurikira:

- Guhura rimwe mu cyumweru kugeza igihe runaka.
- Kujya badasiba mumateraniro yabo keretse hari impamvu yumvikana nk'uburwayi cyangwa igihe umuntu adahari.
- Kujya biga ingingo zumvikanweho.
- Kugira icyizere/ibanga
- Kutavuga nabi abandi cyangwa indi muryango.
- Kujya batumira abandi mumatsinda yabo.

Abazumva badashoboye gukurikiza isezerano ryemeranijweho bashobora kwemererwa kuva muri ayo matsinda hakurikijwe ubushake bwabo.

Guha Imfasha Inyungurabumenyi Amatsinda mato: __ Mu turere twinshi tw'isi haboneka inyandiko nyinshi (ibitabo) zishobora gufasha abayobozi b'amatsinda mato. Izo nyandiko (ibitabo) zishobora kuboneka mu buyobozi bw'itorero cyangwa aho bagurishiriza ibitabo by'idini. Ibitabo byinshi usanga bifite inama mu gutegura ibyigirwa mu matsinda ateguwe neza, n'uburyo bwiza bwo guteza imbere itorero muby'umwuka kandi bigafasha kugira inshuti z'itorero hanze mu batari baba abakristo.

Umurimo wo Gusengera Abandi

Imbaraga yo Gusenga - Amatorero akomeye ntagushidikanya ashyira imbere "umurimo wo gusenga". Benshi mu bagize itorero ryanyu bafite ingorane zo gukomeza imyizerere yabo. Igihe musengeye hamwe mubasabira mutuma bongera kugira ubumwe n'ijuru maze bakabona imbaraga yo gukomeza kwomatana n'Imana.

Isengesho ry'umuhuza ryo gusabira abandi ni ryo Yesu yakundaga kwitaho cyane. Buri gihe wari umuco wa Yesu wo kumara amasaha menshi asaba Se wo mw'ijuru ngo afashe abo Yesu yigishaga. [Matayo 14:23, Mariko 1:35, Luka 5:16]. Amasengesho menshi akomeye ni ayo Yesu yasengaga asabira abandi [Matayo 6:9-12, Yohana 17:6-26].

Intumwa Paul yakoze umurimo wo gusabira abandi [Abakorinto 1:9; Abefeso 1:16; Abakorosayi 1:3]. Intumwa zasabye ko hatorwa abadiyakoni bo gufasha umurimo w'itorero: "ariko twebwe ho tuzakomeza gusenga no kugabura Ijambo ry'Imana" [Ibyakozwe 6:4]. Kuri bo (intumwa), gusenga byari ingenzi nko kubwiriza.

Nk'umukuru w'itorero rero byaba mu mirimo yawe bwite, haba mugusura abakristo mu ngo zabo, saba Imana imbaraga, imigisha, gukiza, kubabarira ubwenge ndetse no gusobanukirwa mu mwanya w'abagize itorero ryawe ko hari imbaraga iboneka mw'itorero risengera hamwe. Igihe abakristo bashyizeho uburyo bwo gusengera abandi bakabona amasengesho yabo asubijwe, bituma bagira imbaraga ugasanga mw'itorero hari ubuzima bushya.

Amateraniro yo Gusenga. __ Amateraniro yo gusenga ashobora kuba urwego rwo guhurira hamwe kw'itorero risenga. Ellen G. White yeretswe ko: "abakeneye kugirana umushyikirano n'Imana by'ukuri bazabigaragariza mu materaniro yo gusenga." [steps to christ, p.98].

Dushobora kureba uburyo bw'inshi bw'uko amateraniro yo gusenga ya komera, ariko hari ingingo igomba kwitabwaho: Uko gahunda y'amateraniro yo mu cyumweru hagati iteguwe ni ngombwa kwibanda ku murimo wo gusenga. Iyo gahunda igomba gutegurwa mu gihe cyiza gishobotse, hagategurwa n'ahantu heza ariko icy'ingenzi ni ugusenga.

Musengere mu matsinda mato, mukore gahunda yo gusengera abandi kuko amateraniro yo gusenga yagenewe gusenga. Amateraniro yo gusenga agomba kuja ahinduranywa akurure kandi ashimishe. Hari ingingo enye(4) z'ingenzi zituma amateraniro agera ku nshingano zayo:

(1) *Gutegura Umugambi*: "Ubwenge [inama nziza] bugomba gushakirwa ku Mana, kandi n'imishinga y'uburyo bwo kuyobora itorero igomba gutegurwa kugira ngo amateraniro atungane kandi areshye benshi. Abantu bakeneye/basonzeye umutsima w'ubugingo. Niba rero bawubonye mu masengesho bazajya bahora baza mu materaniro kuwakira " [Testimonies, vol.4, p.70].

Ni inshingano za pastoro n'abakuru b'itorero ko bategura kandi bakayobora neza imirimo ijyanye n'amateraniro yo gusenga. Uyu ushobora kuba umwanya mwiza ku mukuru w'itorero ufite impano kuyobora ndetse akaba yasimbura pastoro.

Ni byiza ko wifashisha abakristo bakakugira inama mu byerekeranye n'igihe, ahantu, ingingo zo kwigwaho, n'uko gahunda y'amateraniro yo gusenga yakorwa. Amateraniro yo gusenga agomba gukorerwa mu cyumba gihagiye, gifite ubushyuhe/ubukonje bidakabiye, n'umucyo uhagiye. Mu gihe abantu bataratangira (bakiza) hashobora kuba indirimbo ibimbura. Gutangirira ku gihe cyemejwe ni byiza aho gutegereza ko bose bahagera, ushobora gutangiza ibidasaba uruhare rwa buri wese aho bishobotse amateraniro yategurwa n' ijoro. Mushobora kureba niba ari byo by'ingenzi cyane ku miryango igira imirimo myinshi ku manywa.

Hari uburyo bw'uko amateraniro yategurwa n'injoro, byaba byiza imiryango ihuye ni mugoroba bakigira hamwe, bagasengera hamwe.

Mushobora gutegura ifunguro ryoroheje mbere yuko mutangira, hanyuma gahunda zateguwe zigakomeza gusimburana uko ziba zateguwe bishoboka ko gutegura ifunguro rya mwese mbere yo gusenga bitakoroha, ariko biteguranwe ubwitonzi mushobora gukora gahunda y'uko ibintu bizajya bisimburana bigatuma amateraniro aba ishingiro ryo kubaka itorero ryose.

Urugero, aho guhurira ku nsengero mu materaniro yo gusenga, bamwe bashobora guhurira mu ngo z'abakristo cyangwa mu ngo z'abakuru b'itorero.

Abandi bashobora guhurira mu ngo hakurikijwe aho batuye. Hari ibyagerwaho byinshi igihe amateraniro ateguwe muri ubwo buryo. Amatsinda mato atuma buri wese agira uruhare mukubaka itorero. abagize itsinda bashobora gukora mubwisanzure, ntawe batinya kuberako abantu bose baba ari nkabagize umuryango umwe (baba baziranye). ariko nanone, bisaba gutegurwa neza, kugirango amateraniro yo mungo akorerwe ahantu hatunganye, afite abayobozi babishoboye kandi bazafasha amatsinda mugihe kirekire.

(2) *Kwiga.* — Amateraniro yo gusenga agira igihe cyo kwiga Biblia. Niba kwibuka ko ayo materaniro aba ari ayo kwiga kurusha uko yaba ayo kubwiriza. Gusobanura ingingo yigwaho bitwara iminota itarenze ma kumyabiri(20). Nyuma habaho igihe cyo kuganira. Amateraniro yo gusenga ashimisha cyane abifuza kwiga Biblia. Tegura uburyo bwo kwiga ibitabo byo muri Biblia, abantu b'ibihangange bo muri Biblia, ibyo abadiventiste bizera, ubuhanuzi, n'ibindi.....

Mugire n'ibihwe byo gutanga ubumya cyangwa ubundi buryo bwo guhugurana.

Abakuru bitorero bagomba kubwiriza buri gihe, bakunda guhura n'ikibazo cy'igihe gihagije cyo gutegura ibibwirizwa. Hari uburyo bw'uko wakoresha amateraniro yo gusenga mukugufasha gutegura ibibwirizwa byo kw'isabato. Ushobora gutanga ingingo y'ingenzi wifuza kubwirizaho, ugasaba abagize itsinda ry'amashengesho kwiga kuri iyo ngingo mbere y'uko muterana. Iyo muhuye mw'itsinda ryanyu utanga mu magambo make ibikubiye muri icyo cyigisho maze ugasaba ko batanga ibitekerezo n'uko basanga icyo cyigisho kibafasha mu bugingo bwabo ibitekerezo batanze ushobora kubikoresha mu gutegura ikibwirizwa cyawe cyo kw'isabato.

(3) *Gufashanya.* Abantu benshi bakunda kujya aho basanga bakiranwa ikaze ryinshi bakumva bisanze. Amateraniro yo gusenga kugira igihe cyo gutanga ubuhamya, kwibuka ibyahise, nogufashanya. Nibyiza cyane guha umwanya abantu bashaka gutanga ubuhamya bw'uko Imana yakomeje gusubiza gusenga kwabo. Igihamba cy'uko imbaraga y'Imana igaragarira mu bantu bayizera bituma abagize itsinda ryo gusenga bagira umuhati wo kwomatana n'Imana yabo, bigakomeza kwizera kwabo.

Ellen G.White yita amateraniro yo gusenga "amateraniro y'abahuje", kandi akavugako igihe cy'ubuhamya ari ingenzi cyane, kitagomba gupfushwa ubusa, kigakorehwa neza. "Amashengesho maremare arambirana kimwe n'amagambo menshi ntabwo ari byiza cyane mumateraniro y'abahuje. Bamwe bashoboye kuvuga neza kandi vuba bashobora kuvuga ubuhamya bw'abagira isoni n'abarondogora abantu bashabutse kenshi bafite byinshi byo kuvuga"[Testemonies, vol.4, p.70,71].

Gerageza gutuma ubuhamya buba bugufi kandi ari ubw'icyo gihe (atari abantu byabaye cyera). Ushobora kubaza uti: "Ni iki Imana yagukoreye muri iki cyumweru?" "Ni ayahe mashengesho yashubijwe muri uku kwezi?" "Mbese muri uyu mwaka waba warafashije imitima [abantu] ingahe kwiye gurira Imana?" Gerageza kwita cyane kubanye soni n'abanyabute, aho gukomeza guha umwanya cyane abamenyerewe gutanga ubuhamya.

Rimwe na rimwe biba byiza gusaba mbere y'igihe abo uzi ko basubijwe mu masengesho yabo ko babigeza ku bandi mw'itsinda ryanyu mu gihe abantu basabiwe n'itsinda ryanyu babonye gufashwa n'imbaraga z'Imana ni byiza ko bimenyeshwa iteraniro ryanyu. Ubuhamya bufata kw'itorero ryose ni bwiza kuko butuma mwumva mushyize hamwe nk'umuryango umwe.

(4) *Gusenga..* Amateraniro yo gusenga n'igihe cyo gusenga -gusenga byo gusabira abandi, gusenga gufite icyo kugamije, gusenga kwitaweho kandi kwatekerejweho, gusenga aho buri wese agira uruhare.

Ellen G.White avuga ingorane ijyanye n'amateraniro yo gusenga:

"Amasengesho yabo aba maremare cyane kandi atabanje gutekerezwaho. Ugasanga ari amagambo yafashwe mu mutwe ahwanye ahora asubirwamo gusa. Abamarayika n'abantu bayumva abaca inteke. Amashengesho yacu agomba kuba magufi kandi afite icyo agamije, yitayeho. Reka umwana w'Imana atahe mumitima yanyu uzabafasha gukubura ibidafite umumaro "[Testemonies, vol.4.p.71].

Igihe mugiyeye gusenga shaka uko itsinda ryose ryagira icyifuzo bahurizaho mugusenga kwanyu. Saba abakristo kwita cyane kubandi kuruta ko bababazwa n'ibibazo byabo bwite. Shaka uburyo wabereka ko amasengesho maremare agenda asubirwamo kimwe no gukoresha igihe cyo kubwiriza gutanga ibyifuzo/ ingorane zabo, bagerageza kubyirinda. Itsinda rishobora gukora urutonde rw'amazina kimwe n'imishinga bifuza ko byasabirwa, basaba Imana ububasha.

Ubwo nibwo buryo bwiza bwo gutuma gusenga bigira umumaro. Uburyo bwo gusenga bushobora gutandukana mu matsinda atandukanye. Mushobora gusengera hamwe nk'itsinda ryose, cyangwa se mukajya mu matsinda mato cyane. Mushobora gusenga mukoze uruziga cyangwa se ukareka abantu bagasenga uko babyifuza. Rimwe na rimwe amashengesho yanyu ashobora kujyana n'icyifuzo rusange -gushimira, gusaba imbabazi (kwicuza) n'ibindi.... Nta bihe byashyizweho bidahinduka byo gusenga; nta sengesho ryashyizweho gusengwa mu bihe ibi n'ibi. Ahubwo, bihinduka hakurikijwe ibikenewe, ni cyo gituma amashengesho agira umumaro kurushaho.

Ibikorwa Mbenezamibanire

Abantu bakenera guteranira hamwe. Iyo batabishoboye mw'itorero bashakisha ahandi babikorera. Umuntu umara igihe kirekire atari kumwe n'abagize umuryango w'itorero, ahura n'ingorane zatumye ndetse asubira inyuma muby'umwuka. Buri wese aba abakeneye kumva afite uruhare kandi yemerwa ko afite umumaro mu muryango w'itorero.

Ni ngombwa rero ko itorero rigira ibihe habaho ibikorwa bihuza abakristo bose kuburyo bumva bafite ikibahuriza hamwe nk'umuryango umwe.

Abantu n'ibiremwa byampande-enye: Kubana n'abandi (social), ubwenge (mental), igihagararo (physical) iyoboka-mana (spiritual).

Itorero rishimishwa n'uko izompane zose zifashijwe gutera imbere.

Ibikorwa bihuza abakristo bose bituma habaho uburyo bwo gufasha ko bigerwaho. Itorero rishakira ko habaho ubusabane hagati y'abato n'abakuru. Bashobora kuba badashimishwa n'ibintu bimwe, ariko bose bakeneye gahunda ibahuriza hamwe. Ari abakuru n'abato bose bagomba kwitabwaho, kuberako bamwe usanga bibana bagahura gusa bajye gusenga. Guhurira hamwe bituma, umenya neza abantu mubana nabo mu itorero. Imiterere/imico y'abantu ikunda kugaragarira cyane mu bikorwa bya rusange kuruta uko bigaragarira mw'itorero.

Ibi bikorwa bihuza imiryango n'incuti z'imiryango.

Hagomba kubaho abantu batoranwa kugirango bategere ibikorwa bizahuriza hamwe umuryango w'itorero. Ibikorwa bimwe ninka:

imikino, gutembera, gutegura amafunguro (ibyo kurya) ya bose, ibitaramo by'indirimo, n'ibindi.....

Ibikorwa nk'ibi bituma itorero rihura kuburyo buri wese abona ko undi ari umuvandimwe we, bakaruhuka, bakamenyana, kandi bakagirana n'ubucuti. Abakristo bamwe bakunda gutembera bigatuma bagirana ubucuti bahura nabo. Abandi bakunda ubuzima bucecetse no kwiruhukira. Ushobora gufasha ibice byombi gufashwa n'ibikorwa bya rusange. Ibikorwa rusange bituma abantu bahuza ubumenyi butandukanye, kandi hakabaho ubumwe hagati yabo.

Iyo abantu bakoreye hamwe ibikorwa bahuriyeho bituma bagira urwibutso rutuma bahora bumva ari bamwe/ bahuje.

IGICE CYA 6

Icyitonderwa

Infashanyigisho

Urukundo n'ubumwe ni itegeko ku Bakristo. Ubumwe butera imbaraga Itorero, naho Urukundo rwa Gikristo rwera ubumwe rutitaye ku runyurane rw'amoko arimo.

Mu gihe usoma igice cya 6, andika uburyo ushobora gukoresha mu gusura abantu. Nanone, tegura uko wakora itsinda rito. N'ibiki wakora nk'umukuru w'itorero ngo ue umuvuguruzi mwiza (kuvugurura itorero)?

ZIRIKANA IBI:

- *Gusura abakristo, kugira abantu inama mu matsinda mato, umurimo wo gusenga, no guhurira hamwe mubikorwa bya rusange, n'uburyo bwiza bwo gukomeza itorero.*
- *Gusura abagize itorero bizagufasha kuba umuyobozi mwiza n'umwigisha w'intanga-rugero aho utuye. Gusura bikorwa mbere cyangwa nyuma y'amateraniro yo gusenga. Bishobora kandi gukorerwa kuri telephone cyangwa kuja mungo z'abasurwa.*
- *Kugira ngo gusura bigende neza bigomba gutegurwa neza kandi bikitonderwa. Mu gihe usura abantu, ugomba kugira gahunda ugenderaho kugira gahunda ugenderaho kugirango birusheho kukworohera.*
- *Kugira abantu inama bisaba: Gutega amatwi, kwitondera ibisubizo utanga, gufasha abantu guhitamo gahunda ibanonegeye, gusenga, no kumenya igihe ugomba kwohereza ugirwa inama ku bantu babizobereyemo. Umujyanama mwiza agira ubushishozi no kwita ku bantu.*

Icyitonderwa

- Akamaro k'amatsinda mato kagaragaye kuva igihe Mose yarayoboye Abisiraeli mu butayu. Ayo matsinda niyo atuma itorero rikura.
- Amatsinda mato yita kungorane z'abantu kugiti cyabo ndetse no kubibazo by'itorero ryose muri rusange.
- Gufashanya, kwigira hamwe, no gusenga n'ingezi cyane mugutuma amatsinda mato agera kunshingano zayol Bisaba ariko gutegurwa neza no kwitabwaho.
- Ibikorwa bya rusange n'ingenzi muguhuriza hamwe itorero ryose nk'umuryango umwe. Abantu bakeneye guhuririra hanwe mugihe rero itorero ritabikoze, bazashakisha ubundi buryo bya gerwaho.

IMENYEREZE:

1. Kuki gusura abantu mungo zabo ari ingenzi mu itorero ryawe?

Bigufasha bite wowe ubwawe?

2. Andika ibice birindwi bigize gahunda yo gusenga

- (1)
- (2)
- (3)
- (4)
- (5)
- (6)
- (7)

3. Ni izihe mpamvu ebyiri zigaragaza ko umuntu wita ku bandi ashobora no kubagira inama?

- (1)
- (2)

4. Ni iki gitandukanya Amatsinda yo mu ngo n'amatsinda yo ku rusengeru? Ayo matsinda ahurira kuki?

5. Intabwe ebyiri zambere mugutegura amatsinda mato ni izihe?

Icyitonderwa

6. Abantu ni ibiremwa bya "mpande-enye" Itorero rikaba rigomba kwita kuri buri ruhande. Izo mpande ni izihe?

(1)

(2)

(3)

(4)

KORA IBI:

1. Tegura gahunda yo gusura abantu ufatanije na pastoro n'abandi bakuru b'itorero. N'ubuho buryo bwakoreshwa mukarere kanyu?
2. Nimubuho buryo itorero ryanyu ryakemura ingorane z'abakristo binyuze mukugira inama abazifite?
3. Ni ayahe matsinda yaba akorera mu itorero ryanyu.
4. Tekereza kuburyo amateraniro yanyu yarushaho kugenda neza. Bishoboka ko byakorwa neza binyuze mumatsinda yo mungu, guterana n'imiryango nimugoroba, cyangwa se ubundi buryo bushya bushobotse, n'ibindi.....
5. Itorero ryanyu ryakora iki mu buryo mbonezamubano ngo amateraniro yanyu arusheho gutera imbere?

IGICE CYA 6

Icyitonderwa

Urubuga nyunguranabitekerezo

Ibibazo bigenewe amatsinda
[byo kugirwaho impaka]

1. Ni mu buhe buryo gusura, gufashanya, amatsinda mato, umurimo wo gusenga, ibikorwa bya rusange, bifasha mu kurera itorero ryanyu?
2. Kuki ari ngombwa ko abakuru b'itorero bashakisha abantu baba bakeneye gufashwa kubera ingorane bafite?
3. Mbese hari ubwo waba warigeze gukoresha gahunda yateguwe mugusura abantu? Ni izihe ngingo zingenzi zigize iyo gahunda?
4. Ese haba hari amatsinda mato akorera mu itorero ryanyu? Kubera iki ahari? Kubera iki yaba ari ntayo? N'izihe ngingo z'ingenzi wumva zagira amatsinda mato afite akamaro?
5. Mbese itorero ryanyu ryaba rigira amateraniro yo gusenga? Kuki ari ngombwa? Kukise mwaba mutayagira? Ni ubuhe buryo wakoresha ngo amateraniro yogusenga arusheho kubagirira akamaro?



IGICE CYA 7

UMUKURU W'ITORERO NA GAHUNDA YO GUSENGA

Ubusanzwe iyo pastoro [umushumba] adahari, umwanya we usimburwa n'umukuru w'itorero akayobora gahunda zo gusenga kw'isabato. Ni yo mpamvu rero umukuru w'itorero agomba gusobanukirwa neza na gahunda yo gusenga [kuramya]. Aiko se gusenga ni iki?

Amatorero menshi yakunze gukoresha gahunda zihwanye uko umwaka uje undi ugataha, zijyanye n'imihango yo kw'isabato - amatangazo amwe, kuririmba indirimbo zimwe, amagambo akoreshwa mu gusenga ugasanga ni amwe buri gihe. Nk'abayobozi ba gahunda zo gusenga, hagomba kubaho gutandukana kwaboneka mu buryo gahunda zategurwa biturutse mugutandukana kw'imico. Usanga aiko dutinye ko uko gutandukana kw'imico kwagira ingaruka kuri gahunda dusanzwe tumenyereye[dusanganywe]. Amateka yerekana ko itorero ryagiye rimwe na rimwe ritakaza ubufatanye bwaryo yaryo biturutse mu kunanirwa guhindura, aiko na none itorero ryababajwe cyane n'abantu bari bararundukiye mu matwara yo guharanira impinduka maze bakaza kunanirwa kurinda intego nyakuri zo gusenga nyakwo.

Umugambi w'Umuhango wo gusenga [kuramya]

Gusenga ni ugusabana (gushyikirana) n'IMANA. Imana ni yo pfundo n'ifatizo ryo gusenga kw'abakristo.

Nubwo gusenga kwakorwa mu buryo butandukanye muturere twinshi kw'isi, byaba muri rusange cyangwa umuntu ku giti cye, imvugo zo kuramya, guseng nyakuri ni ugutuma umuntu agirana umushyikirano wihariye (asabana) n'Imana. Gusenga nyakuri kwose ni ugufite urufatiro mu Mana.

Kubera ko gusenga ari ukigirana umushyikirano n'Imana, ni igikorwa kigomba gusabirwa cyane, no gukoranwa ubwitonzi. "Nkuko ubuturo bwera bwahabwaga icyubahiro hano kw'isi, niko Abakristo bagomba kumenya ko aho bateraniye ari ahantu hera Imana Ihurira n'abantu bayo...."

"Inzu ni ubuturo bw'umuryango, kandi ni inyegamo n'igicumbi umuntu unaniwe ku giti cye agirira umushyikirano n'Imana ye; ariko urusengero ni ubuturo aho imbaga y'abakristo isabanira n'Imana. Hagomba kubaho amategeko agenga igihe (ibihe), ahantu n'uburyo gahunda yo gusenga ikorwa. Nta kintu cyose cyemejwe kijyanye no kuramya/gusenga Imana kigomba gukinishwa cyangwa gusuzugurwa....."

Ikaramu y'ubuhanuzi irakomeza kuturondorera uko ahantu hagomba gusengerwa hagomba kuba hameze: "igihe abantu bajye munzu y'uwiteka, bagomba kugirira icyubahiro umwami wabo kandi bakibuka ko bari imbere y'ubwiza bw'Imana. Hagomba kuba ituze rihagije. Kongererana no guseka bitagize icyo bitwaye iyindi mirimo isanzwe, ntibigomba guhabwa umwanya munzu y'Imana isengerwamo. Ubwonko bugomba gutegurwa kugira ngo bwakire ijambo ry'Imana kugira ngo rigire uburemere bwoguhindura umutima".

[Testionies, vol.5, pp. 491,492]

Gusenga bijyana no guhimbaza. __Yesu yaravuze ati:"Imana ni Umwuka; abayisenga bagomba kuyisenga mu mwuka no m'ukuri" [Yoh 4:24].

Gusenga gufite agaciro ni ugushingiye ku myifatire n'imyumvire duha gusenga kuruta ishusho, inyifato na gahunda gusenga kwakorwamo. Ni yo mpamvu ibihe byo gusenga bigomba guha urubuga ibisingizo byo kuramya Imana, ibihe byo gutekereza, twimbitse ubuha ngange n'ikuzo bye. [Zab 95:3-5. Yoh 4:19-26]. Uko guhimbaza kugaragarizwa mu ndirimbo n'amashengesho [Zab 95:1; 96:1-6], bigahamya ubugwaneza bw'Imana kandi bigaragaza ko ariyo ikwiriye [Ibyah 4:11] hamwe n'icyubahiro cyayo [Zab.111:9; Heb.11:28]. Igihe cyose Kristo azaba ari we rufatiro rwo gusenga kwacu, tuzabasha kuza mu rusengero dufite guhimbaza hamwe n'ishimwe ryinshi [Zab.33:1-3; 35:2; Abefeso 5:13; 2Korinto 4:15; Ibyah.15:3].

Abayobozi benshi b'abadiventiste b'umunsi wa karindwi n'umukumbi bayoboye usanga bagira imyumvire (cyangwa gusobanukirwa) gutandukanye biturutse ku byo bahuze nabyo mu mashuri y'ubwenge. Kurwanya amarangamutima birakwiriye; ariko kandi ntidukwiye kugaragara nk'aho dutinya iyo myumvire idahuye kubera amarangamutima yabo. Twaba kandi twibeshye mu gihe twemeza ko abakurambere mu itorero ry'Abadiventiste ari bo basengaga bafite imyumvire ihuye. Abadiventiste b'umunsi wa karindwi bambere basengaga bafite ubwuzu (gusenga kwateraga ubwuzu) kuruta uko bigaragara muri iki gihe.

Gusenga bijyana no kuvuga ubutumwa [KWAMAMAZA UBUTUMWA]

Gusenga ni igihe cyo kwamamaza Ijambo ry'Imana. Bituma twiga gusobanukirwa Imana kandi gusobanukirwa/kumenya Imana mu buryo bwimbitse, bitera urukundo n'umunezero. Ni igihe cyo kwibutswa uko Imana yarinze ubwoko bwayo mu gihe cyashize [1Korinto 10:11], kandi tukamenyeshwa ko ari igihe cyo kwereza umusaraba wa Kristo [Yoh. 14:15; 12:32], igihe cyo kwimenyereza umurage n'igeno ryacu, dusobanukirwa biruseho ko kubwo Kwigaragaza kwa Mwuka, no gukoresha impano ze, dushobora guhimbaza Imana mu mibereho yacu ndetse no mu nshingano twahawe [Yoh. 14:16; 17:23; Rom. 12:1; Luk. 10:27].

Gusenga bijyana n'ivugururwa cyangwa ihemburwa.

Gusenga by'umugenzu bigereranywa n'umuntu wambara neza imyenda ye nkaho yitegura kugira aho ajya, ariko ntiyigere aho ajya. Muri ubwo buryo bwo gusenga buri cyiciro kirategurwa, ariko m'ukuri ntihagire ikigerwaho; gusenga bigomba gutuma habaho gusubizwa-gushya, ari byo bijyana no kwibuka, kwicisha bugufi no kizirikana [Mat. 6:9; Abef. 6:18; Luk. 21:36]. N'igihe cyo gusaba imbabazi z'icyaha (kwicuza) no gushaka kubabarirwa na kristo [Yesaya 57:15; Ibyak. 2:38; Luk. 5:38]. Ni igihe cyo gusabana n'abafite amahoro ya Yesu [Zab. 46:10; Mat. 11:28-30; Yoh. 10:10; 14:27; Abatesaronike. 5:23]. Kuzuzwa biva mu gusenga bipimirwa mukwitangira umurimo wo gukiza imitima. Abaza gusenga bagiye gutaha bujijwe imbaraga yo gukorera kristo.

Gusengera hamwe bituma abantu bahurira n'Imana hamwe

Gusenga bijyana no guhuriza hamwe:

_Nubwo dushobora gusenga Imana twiherereye, buri wese ku giti cye, guhurira hamwe kw'itorero ryose ni ingenzi cyane kuko bikomeza imbaraga z'umubiri wa Kristo. Iyo Mana, yemera buri wese wo muri twe, nk'umwana wayo muri Kristo Yesu idutera umwete wo guteranira hamwe n'abandi bizera mw'ikoraniro ryiza ry'abaramyamana.

"Twe kwirengagiza guteranira hamwe nkuko bamwe bajya bagira, ahubwo duhugurane, kandi uko mubonye urya munsu wegera, mube ariko murushaho kugenza mutyo" [Heb. 10:25]. "Ijambo rya Kristo ribe muri mwe rigwiriye, rifite ubwenge bwose: mwigishanye, muhugurane muri Zaburi n'Indirimbo n'Ibihimbano by'Umwuka, murimbira Imana ishimwe mu mitima yanyu" [Kor. 3:16].

Guhuriza hamwe mu mashengesho byongera imbaraga bikunganira gukura kw'umukristo mu by'Umwuka. Abasengamana bifuzwa kubona ibyiringiro by'uko Imana ibemera kandi ibabumbatiza urukundo rwayo; ibyo rero bishobora kubageraho binyuze ku myifatire ya ba bandi bayoboye iyo gahunda yo gusenga. Abantu rero bakeneye gusabana n'abandi bakristo baba baje kuramya Imana, kugira ngo bumve ko na bo babariwe mu muryango w'Itorero.

Ubukonje mw'itorero na gahunda z'umugenzo bishobora kudindiza no guca burundu kwitabira wa muco mwiza wo gusenga ndetse ubasha gutuma abantu bava mw'itorero. Kubw'iyi mpamvu byaba bifashije cyane guhitamo abakristo bafite ubwuzu n' akanyamuneza bya gikristo bakakira abandi bizera baje mu itorero gusenga.

Abakuru b'itorero n'abandi bayobozi b'itorero bagomba kwita ku bakristo bose kugira ngo hatagira abumva ko batereranywe cyangwa se ko batandukanijwe n'abandi bambazamana. Shishikariza abakristo kugirana ubumwe no gusurana hagati yabo ubwabo. Ntihakagire n'umwe wo mu bashyitsi, abizera cyangwa abandi bose utaha atakiriwe ngo yumve yuko yisanzuye.

Gusenga bisaba ubufatanye. _ Ongerwa umurego wo gukorera hamwe mu itorero ryawe wifashishije gushishikariza buri mwizera wese kugira umurimo runaka yakora muri iyo gahunda yo gusenga. Bashobora kwitabira, kuririmba, gusenga/gusaba, gutanga ubuhamya no kuja ibihe. Abakristo bashobora gushishikarizwa gusoma Ibyanditswe (amasomo yo muri Biblia). Abana bashobora guhabwa umwanya bakaza imbere bakavugaga ibitekerezo by'abana. Abakristo bashishikarizwa gushinga imitwe y'abaririmbyi.

Nyuma yo kubatizwa, abakristo bashya bagomba kwakirwa by'umwihariko mw'itorero. Abakristo bakiza baturutse mu yandi matorero (abimuwe) nabo bagomba kwakirwa mu itorero nk'abandi.

Abafite iminsi mikuru, amatariki y'amavuko yabo, cyangwa se izindi mpamvu zo kwishima, bagomba kwibukwa itorero rikifatanya nabo, bakumva ko bafite umuryango babarirwamo.

Gusenga bisaba gutegurwa

___Gahunda nziza yo gusenga ntabwo ipfa kwizana. Ntabwo igomba kuba ikintu cy'akamenyero kidahinduka. Igomba gutegurwa. Ntabwo ikwiriye kuba umugenzo. Gahunda yo gusenga ni uguhuza ibikorwa binyuranye n'impano zitandukanye z'abakristo; kubwo ibyo bigomba gutegurwa neza. Kenshi Radio na Television usanga zimaze gukwirakwira hirya no hino ku isi; byombi bigira gahunda ziteguwe, kandi twibuke ko n'abakristo bazitunze; abantu rero bashobora gucibwa intege nuko babona guhunda z'itorero zidategurwa neza.

Mu matorero manini amwe n'amwe hakunze kubaho utunama dufatanye na pastoro w'itorero utegura gahunda. Mu yandi matorero usanga bitegurwa n'akanama k'abakuru b'itorero bafatanije na pastoro.

Mbere ya gahunda iyo ari yo yose, abagomba kuyiyobora bagomba kubimenyeshwa hakiri kare, hakaba umwanya uhagije wo kwitegura. Ku bufatanye bwa pastoro n'abakuru b'itorero hategurwa gahunda y'igihe kirekire yerekana inshingano za buri wese; maze ufite inshingano agahabwa urupapuro rwanditseho iyo gahunda.

Itegurwa ry'iyi gahunda rireba gusa abantu bemerewe kandi babiherewe uburenganzira n'itorero; abo ni ababwiriza n'abandi bayobozi b'icyo cyiciro kimwe n'indi mihango y'Itorero. Abantu birukanywe [bahagaritswe] mu materaniri cyangwa abayobozi [ababwiriza] bahagaritswe ku mirimo yabo [abagawe n'itorero] ntibagomba gushyirwa kuri gahunda. Mu gihe pastoro adahari ni inshingano z'umukuru w'itorero kureba ko gahunda yubahirizwa neza.

Ingingo zigize Umuhango wo Gusenga

"Imana yacu ni Inyarukundo, umubyeyi w'umunyampuhwe. Gukorera Imana yacu ntibigomba kugaragara nkaho ari umurimo udashimishije, umurimo uciye intege abawukora. Bigomba ahubwo kuba umurimo ushimishije kandi utuma buri wese yishimira kuwugiramo uruhare [Steps to Christ, p.103].

Ni yo mpamvu rero gahunda yose igomba gutegurwa neza ku buryo bushimishije kandi ifite icyo igamije. Ariko se, ushobora ute gutuma gahunda yo gusenga ishimisha, kandi ikagira icyo igeraho/igamije? Usibye gahunda yo kubwiriza, ubundi izindi gahunda zigomba gutegurwa kuburyo zitahora zisa nkaho ari ibintu bidahinduka.

Hari ibintu rero bigomba kwitabwaho byafasha gahunda kugenda neza kandi hagafashwa benshi. Ingingo zikurikira zerekana bimwe muri ibyo byingenzi. Uko bigomba gukurikirana bitegurwa hakurikijwe abantu runaka, uko babyumvikanyeho [Abagize itorero]

1. Indirimbo/Muzika

Indirimbo nziza iririmbwe neza igira imbaraga ihindura umutima itangaje, yo kwereza umutima ikawugeza ku Mana. Indirimbo ni umugabane umwe wo kuramya Imana nk'isengesho. Nuko rero, imibereho ya gikristo yagizwe n'abatubanjirije yanditswe mu Bitabo by'indirimbo z'Abakristo bita (Christian Hymn) n'imibereho y'Abahimbyi ba Muzika ni byo byahindutse amashengesho y'abaje gusenga [kuramya] bakayageza ku Mana baririmba.

Ubusanzwe amagambo y'indirimbo ni amasengesho y'abaririmbyi. Umuntu (cyangwa abantu benshi) bashobora gutoranywa bagategura gahunda y'indirimbo.

Aho bishobotse hose, hatoranywe indirimbo zihuje n'interuro y'ikibwirizwa cy'uwo muni. Aho bishobotse ibicurangisho n'ibindi bikoresho bya muzika bikoreshe. Hagomba gushakishwa uburyo bwose ibikoresho gakondo bya muzika byakoreshe kugira ngo abantu bumve ko bari mu munezero wo gusenga. Nubwo hari abazanwa n'amajwi meza y'abaririmbyi, ariko kenshi abenshi baba bakeneye amagambo y'indirimbo.

Niyo mpamvu rero amajwi (amagambo y'indirimbo akwiye kumvikana) agomba guhabwa umwanya kuruta ibikoresho bya muzika.

Kugira amakorali (imitwe y'abaririmbyi) ni amahirwe cyane muri gahunda yo gusenga; ariko ntabwo agomba gusimbura kuririmba rusange kw'abizera bose (Itorero ryose).

"Ntabwo ari kenshi kuririmba bikorwa n'abantu bake. Ubushobozi bwo kuririmba ni impano ikomeye Imana ishaka ko buri wese akoresha muguhesha icyubahiro izina ryayo"[Evangelism, p.504]

2.Amatangazo:__ Igihe cy'amatangazo gishobora gutuma gahunda yose ihera mu keragati. Hari abayobozi b'itorero bashobora kumva ko badashyigikiwe iyo batemerewe kuba aribo batanga amatangazo.

Abagize itorero ku rundi ruhande, bashobora kumva ko ahari amatangazo abangamiye gahunda yo gusenga **[ibi bireba ahanini amatangazo atajyanye na gahunda yo gusenga]**.

Inzira nziza ni iyo kwandika amatangazo maze akamanikwa ahantu habigenewe igihe hahari. Aho bishobotse ni byiza ko amatangazo yandikwa.

Icy'ingenzi:

-Niba ushaka kumenyesha : Andika amatangazo

-Niba ushaka ko byumvikana neza ushobora kurivuga (kurisoma).

Umuyobozi wa gahunda mwiza ashobora gutuma igihe cy'amatangazo cyiza ntikibangamire umudendeze wo gusenga.

Byaba byiza amatangazo ateguwe ku buryo bitagabanya ubushyuhe bwa gahunda yo gusenga. Ushobora kuvuga ko ari igihe cyo gufatanya ibyishimo cyangwa ko ari igihe cyo gukora umurimo w'umwami wacu cyangwa se ubundi buryo bwo gusenga binyuze mu bikorwa.

3. Kurarikira Gusenga/Kwicisha Bugufi Intego yo kurarika nugutuma abantu bumva ko bageze muri gahunda yo gusenga bagomba kwicisha bugufi.

Abari ku ruhimbi, bagomba kwicisha bugufi mbere yuko batangira iyo gahunda. Mbere yuko bagera ku ruhimbi imirimo yo ku ruhimbi igomba gutegurwa vuba kandi bakabanza gusenga mbere yuko batangira.

Abakuru b'itorero nubwo baba batari muri gahunda bashobora nabo kuba bahari. Kurarikira umuhango wo kuramya/gusenga bikorwa mu gihe abayoboye gahunda bamaze kugera mu myanya yabo.

Mu gihe cyo kurarikira [imbaga y'abakristo] umwe mubantu bayoboye gahunda ashobora gusoma isomo cyangwa se agasenga, cyangwa se akavuga mu magambo make amahirwe n'imigisha ibonerwa mu kubaha Imana. Abakristo (itorero) bashobora kubigiramo uruhare baririmba indirimbo yabigenewe, cyangwa se basubira mu magambo yasomwe [ibyanditswe byasomwe].

Byaba ari ugutangira nabi igihe abayoboye gahunda binjiye bagapfukama mbere y'uko itorero (abakristo) bamenya ko gahunda yatangiye.

Ibyiza nuko abakristo bahaguruka igihe abayoboye gahunda bagiye mu myanya yabugenewe. Mu gihe nta koral (umutwe w'abaririmbyi), abakristo bashobora kuririmba buhoro igihe ababwiza bapfukamye basenga.

Umukuru w'itorero yitegereza neza uko gahunda yo kubwiriza itangiye. Mbese yaba ituma abantu bari bukurikire neza ikibwirizwa?

Niba atari byo bigerageze kugeza igihe bizashobokera ko ikibwirizwa kizajya gitangira abantu bafite ubwuzu bwo kugikurikira.

4.Isengesho [GUSENGA] Gusenga ni ukuvugana n'Imana mu izina ry'imbaga yaje gusenga (kuramya). Gusenga (isengesho) ndetse bibe byafatwa ko ari wo mwanya (ikiciro) ukomeye w'igihe cyo gusenga. Abakuru b'itorero bakunze kuba aribo bavuga amashengesho kuruta uko aba pastoro babikora muri gahunda zo kw'isabato, niyo mpamvu rero umukuru w'itorero yarakwiye kumenya neza uburyo bwo gusenga, akabikora neza mu magambo yumvikana. Gupfukama bikunze kuba aribyo abakristo bahitamo, ariko nkuko gusenga ubundi ari ugufungura umutima ukabwira Imana nkaho uvugana n'inshuti, ubwenge n'umutima bikaba byiteguye kwakira Imana biruta gupfukama. Gupfukama ni byiza ariko icy'ingenzi ni umutima wicishije bugufi. Tugirwa inama ngo "imitima yanyu abe ariyo mutanyura, mureke imyenda yanyu,....." [Yoweli 2:13]

Imana yishimira kwicisha bugufi ko mu mutima kuruta ibigaragarira amaso yacu. Ubwibone butuma tubona ko imyenda yacu ariyo y'agaciro, cyangwa ko amavi yacu atapfukama hasi imbere y'umuremyi wacu. Ibyo ni kugaragaza icyubahiro gike; bihwanye nuko wapfukamisha amavi ariko umutima ugasigara uhagaze [nta kwicisha bugufi; nabyo ntacyo byaba bimaze. Isengesho risengerwa muruhame [abantu benshi] amagambo aba akwiye gutekerezwa ho mbere yo gusenga. Rimwe na rimwe dutekereza ko isengesho rigizwe n'ingingo indwi(7) ntabwo ariko ari ngombwa ko izo ngingo zose zishyirwa mw'ishengesho cyakora biba byiza iyo zitekerejweho mbere yo gusenga.

Uko izi ngingo zikurikirana nabyo ni ingenzi cyane, akenshi usanga bishingiye ku gitekerezo cyemeza ko tugomba kwerekana icyubahiro ku Mana maze noneho tukigorora mbere yuko tugira icyo tuyisaba icyo ari cyo cyose. Dore uko zikurikirana:

(1) **Kuvugana n'IMANA** -Izina ry'Imana ni iryera. Urivuga utangira, ariko si ngombwa gukomeza kurishubiramo buri kanya.

(2) **Kuramya** -Izina ry'Imana ni ngombwa ko rishyirwa hejuru, tukayishimira ibyo idukorerwa.

(3) *Kwicuza/gusaba imbabazi* - Saba Imana imbabazi z'ibyahise.

(4) *Kwitanga bushya/Kwiyegurira Imana* -Saba imbaraga yo mw'ijuru kuzabana nawe mu gihe kiri imbere; ni ngombwa kwitanga mbere yuko ugira icyo usaba.

(5) *Gusabira abandi* - Gusabira umurimo w'Imana, abayobozi b'isi, itorero ryose, abakuru, abato, ababyeyi, abarwayi, abacitse intege.....

(6) *Gusabira ababisabye* -Ni byiza kwibuka abasabye gusabirwa kimwe no gusabira umubwiriza.

(7) *Gusoza* -Soza werekana uburenganzira dufite bwokwegera Intebe y'ubwami:"MU IZINA RYA YESU".

"Umunota umwe cyangwa ibiri irahagije kubwo isengesho risanzwe" [Testimaries, vol.2, p.581]. Amashengesho akunze kuba maremare bidatewe nuko dufite byinshi byo kuvuga, ahubwo bitewe no gukunda gusubira mu magambo. Gutekerezza ku ngingo zavuzwe haruguru bizafasha kwirinda gusubira mu magambo.

5. Amaturu: Gutanga niwo musingi wa gahunda yo gusenga. Kurarikira gutura amaturu bigomba kuba bigufi, amagambo abe asobanutse, arimo ubwenge kandi akwiranye n'iyi gahunda yo gusenga. Bigira imbaraga ikomeye yo kwigisha abakristo kwiya, kuba ibitambo bishimwa, kwitanga no kwizera. Ni ngombwa ko uko kurarika kwerekana impamvu umutungo w'amafranga ukenewe. Ni byiza ko abakristo bamenya impamvu bagomba gutanga amafranga yabo ndetse n'icyo azakora. Abantu bazatanga igihe, bazumvako ari ngombwa kurenza ko byaba umugenzo (umuhango).

6. Kwigisha abana [kubwiriza abana bato]. Kimwe mu bigomba kwitabwaho muri gahunda yo gusenga ni abana bato. Mbese byaba byiza ko bagira igihe cyabo bihariye? Bamwe bavuga ko ari ngombwa, kugira ngo abana bumve ko nabo bafite agaciro n'akamaro mu itorero. Abandi bumva ko abana bakwiriye guhora bibukwa muri gahunda yose ikozwe, kurenza ko bajya badonyorerwaho akarwi gato k'igihe ukagira ngo ahari iyindi gahunda yo gusenga isigaye ntabwo ibareba.

Ikindi cyifuzo ni icyo gushaka igitekerezo cy'abana, maze abana bakaza imbere igihe igitekerezo kivugwa. Abana bakunze gukurikira neza igihe igitekerezo ari kigufi kandi cyiza. Igihe igitekerezo gitangwa bifasha abana, bumva ko nabo bitaweho kimwe nuko igihe abana bicaye imbere byoroha kubitaho ntibakubagane mu gihe cy'ikibwirizwa.

Ubundi buryo bwo gufasha abana, ni uguhinduranya gahunda. Igitekerezo gishobora gutangwa none, ubutaha ugafasha abana mu bundi buryo:

- Ushobora gutegeza ibibazo bijyanye n'ikibwirizwa ugafasha abana kubisubiza;
- Gusobanura ikibwirizwa wifashishije imfasha nyigisho zigenewe abana;
- Ushobora guhamagara umwana umwe ku ruhimbi agasoma isomo; cyangwa agasenga;
- Ushobora gutegeza nibura rimwe mu gihembwe gahunda y'ikibwirizwa cy'abana.

7. Gusoma isomo [IBYANDITSWE] Ibyanditswe byera ni ryo zingiro rya gahunda yo gusenga. Yesu aya gutangira umurimo we i Nazareti yabanje gusoma mu byanditswe byera [Luk. 4:14-21]. Pawulo nawe yasabye ko inzandiko ze zajya zisomwa mu matorero [Col. 4:16, 1 Tesal 5:27]. Amasomo yateguwe agomba kuba ajyanye n'ingingo y'uwo munsu. Ababwiriza bamwe bahitamo kudasoma amasomo yose, bagasaba itorero kuyisomera, ibi bisaba ko abakristo bese baba bafite Biblia. Gusoma ibyanditswe byateguwe neza bitanga imbaraga nshya. Igihe Abarewi bayoboraga gahunda yo gusenga bagenzaga batya: "[Nehem. 8:8-9] -"Basoma mu gitabo amategeko y'Imana gusoma kumvikanakuko abantu bese bariraga, uko bumvaga amagambo yo mu mategeko". Ni byiza gufasha iteraniro kugira uruhare rwo gusoma; ushobora kwifashisha abantu batandukanye: Umugabo, umugore, umwana, umukuru....., Ni byiza gushakisha imfasha-nyigisho zo gufasha gusobanura neza amasomo.

8. Gutanga ubuhamya. Rimwe na rimwe biba byiza gusaba abagize itorero ko bajya batanga ubuhamya by'uko Imana yaba yarabakoreye ibitangaza mubugingo bwabo.

Biba byiza cyane iyo ubuhamya aribwo umukristo yaba yarafashijwe n'amagambo y'abakristo bagenzi be [kubwirizwa]. Ubwo buhamya buba bwerekana uko imbaraga y'Imana ikora hagati mumuryango wayo [itorero].

Ntabwo byaba ari byiza ko ingingo zavuzwe haruguru zashyirwa muri gahunda imwe yo kw'isabato, cyangwa ngo burigihe bibe uko, ntagihinduka. Iteraniro rikunda gahunda zitegurwa neza niyo zaba zisa naho zidahinduka, ariko igihe bibaye ngombwa ko habamo ihinduka, nabyo nibyiza kuko bifasha itorero. Niyo mpamvu rero ukwiye gutekereza igihe utegeza gahunda yo ku isabato ibyo ugomba kwifashisha kugira ngo gahunda igende neza. Bitabaye ibyo, ushobora gusanga gahunda ibaye ndende cyane maze ntihaboneke umwana w'ikibwirizwa kandi aricyo kigize urufatiro rwa gahunda y'abadiventiste ku isabato.

Gahunda y'Umuhanjo wo gusenga

Gusenga ntibivuze gusa kugira ibyiciro by'ingenzi, bigomba kugira gahunda bikurikiza. 1Cor. 14:33-40 -"Kuko Imana itari iy'umuvurungano, ahubwo ari iy'amahoro ." "Ariko byose bikorwe neza uko bikwiriye no muri gahunda." Buri ngingo yose ya gahunda yo gusenga igomba gukorwa hakurikijwe umugambi wo gusenga. Bigomba gutegurwa kugira ngo byose bigendere muri gahunda.

Uruhare rw'iteraniro: Gahunda yo gusenga Imana ntabwo ari nk'umukino ku kibuga cy'imikino.

Dukunze gutekereza ko gusenga bigizwe:

- Umubwiriza - ariwe mukinnyi
- Imana - ariyo yateguye igitaramo
- Iteraniro - abareba imikino/igitaramo.

Muby'ukuri ubusanzwe gusenga bigizwe:

- Iteraniro - abakinnyi
- Umubwiriza - uwateguye igitaramo
- Imana - ni yo ireba igitaramo.

"Amateraniro yo kuramya Imana akenshi agizwe no kuririmba ishimwe hamwe no gusenga [kwambaza], kandi buri muri kristo uwo ariwe wese akwiye ku yagiriramo uruhare." [Ellen G. White, Signs of the times, June 24, 1886].

Ni yo mpamvu rero, buri wese waje mu iteraniro ryo gusenga akwiye kumva ko agomba kubigiramo uruhare. Uyoboye gahunda, ni inshingano ye yo gutegura ku buryo hatagira ucikanwa kandi ntibitere umuvundo. Ibi bisaba gutegurwa hakiri kare.

Gusenga kwa mu gitondo, guturisha, kimwe no gukurikirana ikibwirizwa, ni bintu bikwiriye kwitabirwa kandi, buri wese akabigiramo uruhare. Ariko aho iteraniro ritegetswe kugira uruhare ku buryo bugaragara cyane ni aha hakurikira:

Kuririmba- Iteraniro ntiririmba indirimbo zo mu bitabo gusa, ahubwo ni igihe abayoboye gahunda batambuka bajya ku ruhimbi haririmbwa indirimbo bucece (amajwi ataranguruye cyane), na nyuma y'isengesho haririmbwa inyikirizo nabwo mu majwi aciye bugufi.

Igihe cy'amaturu nabwo iteraniro ririmba indirimbo rijyanye n'uwo muhanjo. Hari ibitabo by'indirimbo bifite inyikirizo nyinshi gishobora kwifashishwa. **Nyuma ya gahunda yo kw'Isabato na gahunda ya satanu (gahunda yo kubwirizwa), iteraniro rishobora kuririmba indirimbo zo mu bitabo cyangwa se abakristo bake bishyize hamwe (abagirimbaye) bakayobora iyo gahunda hakoreshejwe ibitabo cyangwa se izindi ndirimbo.**

Gusoma iteraniro-risubiramo-Gusoma maze abakristo bagasubiramo bikorwa cyane nko mu gihe cyo kurarika, isomo ry'urufunguzo, igihe cyo gutura, cyangwa mugihe umubwiriza asoza ikibwizwa cye.
Gusoma Biblia ni ingenzi cyane, ariko hari n'amagambo y'indimbo zo mu bitabo ashobora gusomerwa hamwe.

Gusomera hamwe bishobora gukorwa kuburyo ushobora gusaba abagore gusoma bonyine, abagabo nabo ukwabo, abagize imitwe y'ababaririmbyi, abicaye iburyo cyangwa ibumoso, itorero ryose hamwe, n'ubundi buryo bushobotse.

*Hari uburyo bubiri gahunda yo kubwiriza yakorwa, ariko hari igitabo gishobora kwifashishwa mugushakisha ubundi buryo -"The church manual" "Kanuni za kanisa" cyangwa " Inama zigirwa itorero"**Imiterere ya gahunda yo gusenga.**

Hano dufite imiterere ibiri ya gahunda yo gusenga:

Gahunda ya mbere:

I. Gahunda ndende:

- **Kwinjira mw'ituze [abayoboye gahunda]**
 - Iteraniro rishobora kuririmba mumajwi atarangiye cyane, cyangwa umucuranzi agacuranga igihe batambuka.
- **Kuririmba inyikirizo**
 - Bishora gukorwa n'iteraniro ryose, umutwe w'ababaririmbyi, cyangwa umucuranzi.
- **Kurarika [kwiteguza iteraniro igihe cyo gusesenga/kubwirizwa]**
 - Bishobora gukorwa n'iteraniro ryose hasomwa isomo risubirwamo.
- **Gusenga k'umubwiriza**
- **Indirimbo yo mugitabo**
- **Gusenga**
 - Haririmbwa Inyikirizo n'iteraniro, cyangwa imitwe y'imitwe y'Ababaririmbyi, cyangwa umucuranzi.
- **Kwakira n'amatangazo**
 - Amatangazo ashobora kuba yashyizwe ahabugenewe ariko mu gihe hari asabwa gusobanurwa, bikorwa muri uyumwanya.

- Hashobora gutangwa umwanya muto w'ubuhamya.
- Rimwe na rimwe ninaho gahunda zo kubwiriza ubutumwa ku bandi (amavuna) zitangwa.
- **Guturisha**
 - Iyo umurimo wo gutura witabwaho cyane, ushobora gutegura ubuhamya cyangwa ugaha abana umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo.
 - Igihe amaturu ayanwa kuruhimbi (bamaze gutura) iteraniro rishobora kuririmba indirimbo ijyanye n'umuhango wo gutura amaturu.
- **Isomo ry'urufunguzo**
- **Indirimbo yatoranijwe cyangwa indirimbo yo mugitabo ijyanye n'ikibwizwa.**
- **Ikibwirizwa**
- **Indirimbo irarikira kwihana**
- **Isengesho riheruka**
 - Haririmba inyikirizo n'iteraniro ryose cyangwa umutwe w'abaririmbyi, cyangwa umucuranzi.
- **Gusezeranaho/gusohoka kw'abayoboye gahunda.**
- **Muzika yo gusohokeraho**

II. Gahunda ngufi:

- **Kuririmba** Iteraniro rirahaguruka, abayoboye gahunda
- **Abayobozi binjira** -Bagapfukama basenga bucece
- **Indirimbo ya bose** -Iteraniro riba rihagaze (Bahagurutse)
- **Gusenga** -Bijyana no kwinginga Imana ngo ibane n'iteraniro (na gahunda yose).
- **Kwakira n'Amatangazo**
- **Amaturu**
- **Ikibwirizwa**
- **Indirimbo**
- **Gusenga guheruka.**

- Ntuzakurikize gahunda nkuko yatanzwe kuberako yenda ariko bigomba kumera, ahubwo urebe gahunda ikwiranye n'itorero uyobora, byatuma rishyikirana n'Imana kurushaho. Gusenga ni ugushyikirana n'Imana.

III. Kubwiriza:

Kubwiriza ni ingenzi mumateka yaba abadivantiste. Abakuru b'itorero bose singombwa ko baba ababwiriza, ariko ni ngombwa kobashobora kwigisha [1Tim. 3:2]. Intumwa Paul yagiriye inama abakuru bitorero bomuri Efeso : "Mwirinde ubwanyu, murinde n'umukumbi wose Imana yabashiriyeho kuba abarinzi, kugirango muragire itorero ry'Imana, iryo yaguze amaraso yayo." [Ibyakozwe. 20:28].

Abakuru b'itorero kimwe n'abapastoro ni abashumb(akuragira) kandi umurimo ukomeye w'abashumba ni ukagaburira umukumbi.

Abakuru b'itorero bamwe na bamwe bakunda kubwiriza kenshi, ariko abandi sikenshi babikora. Ariko bose bashobora kungurwa no gusobanukirwa neza n'ingingo zigize kubwiriza nyakuri, ariko kugizwe n'ingingo zikurikira:

1. Menya Kristo wowe Ubwawe: Petero na Yohana bahuye n'ikirema ku marembo y'urusengero. Ikiyereka cyasabye amafranga, ariko Petero aragisubiza ati: "Ifeza n'izahabu ntabwo nfiti ariko icyo mfite ndakiguha. Mwizina rya Yesu Christ w'Inazareti, haguruka ugende". [Ibyakozwe 3:6]

Ikintu kigoranye cyane ni ukugerageza gutanga icyo nawe udafite. Petero yakozwe igitangaza kuberako n'ubwo nta feza [amafranga] yarafite, yarafite kristo. Mugihe udafite kristo wowe ubwawe ntabwo ushobora kumuha abandi. Ariko igihe kristo umufite mubugingo bwawe, kubwiriza kwawe gishobora gukora ibitangaza mubugingo bw'abaguteze amatwi.

Kubwiriza ni ugusagurira abandi. Ntushobora gusagurira abandi ibyo utigeze utunga. Ni yo mpamvu igihe ntacyo kubwiriza ufite, bisobanuye ko mu bugingo bwawe uba ufite ubusa. Banza wiyuzuze wowe ubwawe ubone gusagurira abandi. Ubusanzwe iyo ikirahuri cyuzuye kirasesa (ibyo wongeyemo Yesu, biraseseka bikameneka hasi); ni yo mpamvu iyo wuzuye Yesu, udashobora guceceka; wumva utategereza igihe uzakomerwa gahunda yo kubwiriza.

2. Bwiriza bibliya nk'uko iri. Inama nziza yo kubwiriza yatanzwe na Pawulo muri 2Timoteyo 4:2 "Bwiriza abantu ijamba ry'Imana....."

Kubwiriza kw'abadivantisti, kugomba kuba gushingiye muri Biblia kubatse, kandi kugaraza kuri Kristo. Abantu bacu barifuza kumenya kandi bagomba gusobanukirwa n'ibyo Bibia yigisha. Igitekerezo imyumvire itandukanye kimwe n'impaka z'abanyabwenge zidafiteho Biblia umuyobozi, ntibishobora gutunga ubugingo cyangwa ngo bihembure. Mbese hari ubwo ujya utinya kubwiriza kuko wumva utaribubone ibyo kuvuga bihagije?

Kwifashisha Biblia mukubwiriza n'ingenzi cyane kubabwiriza. Igihe utangiranye ijambo ry'Imana ikibwirizwa cyawe, ntushobora kubura amagambo kuko isoko yayo magambo idashobora gukama. Kubwiririza muri Biblia bitandukanye cyane no gukoresha amasomo menshi yo muri Biblia. Kubwiririza muri Biblia ntabwo ari ukwifashisha Biblia, ahubwo ni ukureka Bibliya ikaba ariyo ibwiriza. Ababwiririza muri Biblia benshi ntabwo bayibumbura bashakisha ibijyanye n'ibyo bifuza kuvuga, ahubwo bayibumbura bashaka ko yabereka ibyo baribuvuge. Babumbura Biblia nta kintu bateguye, maze Biblia ikabereka icyo bagomba gutegura. Ntukabwirize ku ruhimbi ukurikije ubumenyi bwihariye cyangwa se ukuri guhuzagurika n'intekerezo zifutanye z'intiti n'abacurabwenge ba none bafite ku Byanditswe. Ntukagire na rimwe ubwibone bwo kuba wabwiriza imyanzuro y'ubushakashatsi wagezeho bubasha kuzibiranya kwizera kw'abaguteze amatwi. Hari ibishuko byiyoberanije ibihumbi byinshi byateguriwe abarasiwe n'umucyo w'ukuri kwo mw'ijambo ry'Imana; inzira imwe twakiriramo nuko nta nyigisho nshya, ubusobanuro bushya bw'ibyanditswe twakwemera mbere y'uko tubigeza imbere y'abavandimwe muri Kristo. Ni ngombwa kuyibashyira imbere mu buryo bwicishije bugufi buyobowe n'umwuka, kandi ndi wabisabiye cyane. Igihe ari nta mucyo bitanga, imera inama ugirwa n'abavandimwe muri Kristo, kuko mu bajyanama benshi batandukanye, ushobora gusangamo inzira y'ukuri."

[Testimonies, vol.5, p.293]

3. Bwiriza ibijyanye n'igihe: Biblia ijyanye n'ibihe byose, none rero ni inshingano yawe [umubwiriza] gushakisha ibijyanye n'ibyo abaguteze amatwi bakeneye. Ereka uko Biblia isubiza ibibazo by'iki gihe, ibibazo by'abaguteze amatwi. Reka ubutumwa bwa Biblia bube ari bwo buyobora ikibwirizwa cyawe. Ifashishe, aho bishobotse, ubusobanuro bwa Biblia bw'abanditsi babayeho nka Ellen G. White, ku bijyanye n'igihe ugezemo. Gerageza gukoresha ibyaremwe, ibiriho, kimwe n'imibereho wagize wowe ubwawe bituma ikibwirizwa cyawe kigera ku nyota y'abaguteze amatwi.

4. Bwiriza inkuru nziza: Abantu bagomba kumenya ko ari abanyabyaha mbere yuko bakenera agakiza. Ariko icya mbere si ukwamagana icyaha ahubwo ni ugutangaza ko hari agakiza mbere ya byose. Kubwiriza kwiza ni ugusigira abateze amatwi icyizere/ibyiringiro. Ijambo ry'Imana ni inkuru nziza. Igihe rero utabwiriza inkuru nziza, ntabwo ubwiriza ijambo ry'Imana.

5. Itegereye Hakiri Kare: Ibibwirizwa byiza ntabwo bitegurwa mu mwanya muto. Kandi ugereraniye igihe uha indi mirimo yawe, igihe uteguriramo icyo kibwirizwa ni gito cyane. Gutegura rero hakiri kare bituma habaho ikibazo cy'igihe gito.

Dore uko bikorwa:

- Soma Biblia kandi uyige neza mbere yuko uhabwa gahunda yo kubwiriza. Bikomeze gutyo kugeza igihe wumva ko hari icyo Imana ishaka ko uvuga. Icyo gitekerezo (icyo wateguye) kigomba kuba cyumvikanye neza mu bwenge bwawe. Byaba byiza ushakishije imfasha-nyigisho.
- -Hanyuma noneho ushobora kurangiza imirimo yawe ya buri gihe. Gutegura ikibwirizwa hakiri kare ugira umwanya uhagije wo gitekereza no gukora ubushakashatsi. Iyo uteguye wakererewe, bituma ikibwirizwa kitumvikana neza, kandi n'uwagiteguye avugana igihunga. Gutegura hakiri kare bituma haba umwanya uhagije; aho kugira ngo utegure usiganwa n'igihe, ushaka shakisha mu bitabo ibijyanye n'igitekerezo ufite mu mutwe reka habeho ahubwo umwanya wo gitekereza neza kubyo wateguye kera. Ibihe byose ugenda, uri ku kazi, uri kumwe n'umuryango wawe, ibaze niba ikibwirizwa gifitanye isano n'ibyo ubona, cyangwa niba hari icyo wakongeramo kugira ngo kizumvikane neza. Ikibwirizwa kijyanye n'imfasha-nyigisho ziriho mur' icyo gihe kiba gifite [ireme] umumaro ukomeye.

6. Kurikiranya Ingingo ku buryo bwumvikana:

Ikibwirizwa cyateguwe neza kigira ingingo eshatu (3)

- **Umutwe/interuro** -Interuro y'ikibwirizwa igomba gutuma abaguteze amatwi bagira matsiko yo gutega amatwi bitonze. Mu nteruro ni ho haba ingingo nkuru iribwibandeho mukibwirizwa cyose. Kenshi na kenshi usanga ari ijamba rimwe cyangwa interuro wifuza ko abantu batahana.
- **Igihimba/ikibwirizwa nyakuri/umubiri** -Aha niho ugerageza gukurikiranya neza ingingo wateguye mu buryo bwumvikana, ugerageza gusobanura neza isomo ushaka ko abantu batahana wifashisha ibyanditse hamwe n'izindi mfasha-nyigisho wateguye.
- **Umusozo/indunduro** -Mu gusozwa ugerageza kuvuga mu nshamake, usubiramo interuro y'ingenzi y'ikibwirizwa cyawe, hanyuma ugahamagarira abaguteze amatwi kugira icyemezo bafata buri muntu ku giti cye akiyegurira Kristo.

7. Bwiriza Watuye n'Ijwi ryiza kandi Usobanure

Mu gihe ubwiriza, gerageza kugira ngo iteraniro ryose rishobore kumva neza kandi risobanukirwe. "Basoma mu gitabo amategeko y'Imana gusoma kumvikana, basobanura kugira ngo abantu bamenye ibya somwaga." Neh. [8:8] Ellen G. White aravuga ati:

"Umucyo n'uburyo bwo gukoresha ijwi ntabwo byitabwaho cyane... hari benshi basoma bucece kuburyo bitoroshye kubumva. Hari abafite amajwui ahinnye, abandi bagira amajwi maremare ku buryo bose batumvikana neza kubabateze

amatwi. Nibyiza ko buri wese yakwihata gusoma neza mu ijwi ryumvikana neza kuburyo bishimisha abateze amatwi. Tubigerageje yaba ari intambwe nziza ishobora guteza imbere umurimo dukorera Kristo." [Christ, Object lessons, pp.335, 336]

8. Tegura Gahunda y'Umwaka Wose

Mu buryo bwo gukoresha igihe neza, byaba byiza uteguye gahunda yawe y'umwaka wose. Mugutegura, bisaba kureba mugihe cyashize n'ikiri imbere. Ushobora kwandika ibibwirizwa wa bwirije mugihe cyashize, hanyuma ukareba ingingo zitaweho cyane cyangwa se izo witayeho cyane. Ukareba na gahunda y'itorero ry'Abandivantiste b'umunsi wa karindwi ku isi yose muri uwo mwaka utangiye, maze ukurikije ibyo wungutse umwaka washize, ni byo itorero rikeneye, ugategura ukurikije ibikenewe muri uwo mwaka. Gutegura gahunda y'umwaka wose bituma habaho kubwiriza kuzujwemo ibikenewe byose. Ababwiriza beza bakunda umukumbi wabo, bategura ibyo kurya [binogeye] byuzuyemo intunga-mubiri zose zikenewe n'itorero wabereye umushumba. Niba wajyaga utegura ukurikije ubushake bwawe wowe ubwawe, utegura gahunda y'umwaka wose bizatuma ukurikiza ibyo itorero rikeneye aho kuba uko wowe wishakiye.

Ubuyobe/Amakosa ntaturuka kuba babwirije ibinyoma; bishobora guterwa nuko ubutumwa buterekanywe neza, bukaba bwahushuwe gusa. Buterwa nanone no kwita ku kuri kumwe gusa kw'ubutumwa bwiza aho kwerekana ukuri kwose uko kwa kabaye. Gutegura gahunda y'umwaka wose bituma habaho kubwiriza kuzuye kandi kubwiriza kuzuye bikabyara abakristo buzuye.

IGICE CYA 7

Imfasha nyigisho

Icyitonderwa

Gusenga ni umugabane ukomeye w'ubuzima bw'itorero. Ni inchuro imwe mu cyumweru, igihe itorero uko ringana riterana. Icyo ni igihe gikomeye cyane rero itorero riragaburirwa ibyo kurya by'umwuka kandi rigakura.

MU GIHE USOMA iki gice, andika ibice bigize gahunda yo gusenga.

MENYA IBI:

- *Gusenga gufite umugambi; ni igihe cyo gusabana n'Imana.*
- *Nta gahunda idakuka yemejwe yo gusenga mu Ishuri ryo ku Isabato, ariko rero hari ingingo z'ingenzi zituma gahunda igenda neza.*
- *Gusenga kujyana no guhimbaza Imana, gusa kuza gusubizwa bushya, guhurira hamwe, uruhare rwa buri wese, bikaba rero bisabwa gutegurwa neza.*
- **Kuvugururwa mu misengere gutekereza ku byahise, gusaba/gusenga, kuzirikana, no gushyira mu bikorwa.**
- **Kugira uruhare byagaragarira mu kuririmba, gusenga, gusoma isomo ribanziriza ikibwirizwa, cyangwa gufatanya gukoresha igihe.**
- **Gusenga ni ukuvugana n'Imana mw'izina ry'abandi bizera; niwo mwanya w'ingenzi muri gahunda yose yo gusenga.**

- **Gutanga ni iremezo rya gahunda yo gusenga.** Kurarikira abizera gutura bikorwa mu magambo magufi, y'ubwenge kandi ajyanye na gahunda yo gusenga.
- **Gusoma Ibyanditswe Byera** ni ryo shingiro ryo Gusenga kwa Gikristo kuko ari ryo fatizo ry'ubuzima bwa gikristo bwa buri muni ku mwizera.
- ***-Kubwiriza** gukurikije umuco n'umugambi wa Bibliya ni ryo zingiro ryo kuramya kw'Itorero ry'Abadiventiste b'Umuni wa Karindwi. Ibuka ko kubwiriza kwa Biblia gutandukanye no gukoresha amasomo menshi ya Bibliya.
- **Gusenga** bisaba gutegurwa kugira ngo bibashe kugera ku ntogo y'ubwitange. Tekereza ingingo wa kwibandaho utegura gahunda yo gusenga kandi utange ingingo zinyuranye zimwe uzizane rimwe na rimwe mu bihe bidasanzwe.
- **Abakuru b'itorero** ni abashumba kandi inshingano ya mbere y'umushumba ni ukugaburira umukumbi. Kugira ngo ubashe kugaburira umukumbi bisaba ko ugirana na Kristo Yesu umushyikirano uhoraho.
- **Ntukibagirwe ko uko byamera kwose, ari ihame ridakuka ko kubwiriza kwa gikristo gushingiye byiringiro duterwa no kwizera.** Tugomba guha ibyiringiro abo tubwiriza.
[Gushingiye ku kwizera].
- **Gutegura gahunda y'ababwiriza y'umwaka** bituma habaho kubwiriza kuzuye /Gushyitse. Tegura gahunda ufatanije na pastoro.

ITOZE:

Icyitonderwa

1. Ijambo **"Kuramya"** bisobanuye iki? Ryaba rifite busobanuro ki muri gahunda yo gusenga?
2. Ijambo **"Kwamamaza"** muri gahunda yo gusenga risobanuye iki?
3. Kuki **gutegura gahunda yo gusenga** ari ingenzi cyane?
4. Vuga **ingingo umunani (8) zigomba kwitabwaho** mu gihe cyo gutegura gahunda yo gusenga.

1.

2.

3.

4.

5.

6.

7.

8.

5. Uzuza iyi nteruro:

"Uburyo bwiza bwo gutanga amatangazo, ni uko twa _____"

6. Itegeko ryiza twakurikiza mu gutanga amatangazo ni iryo _____ kuyandika; kuko _____, kuyavuga."

7. Umugambi w'ingenzi wo kurarikira abakristo gusenga ni uwuhe?

8. Twabonye ko gusenga kugira ingingo ndwi. Mbese byaba ari ngombwa ko izo ngingo zubahirizwa muri buri sengesho?

Izo ngingo ndwi ni izihe?

- 1.
 - 2.
 - 3.
 - 4.
 - 5.
 - 6.
 - 7.
9. Mbese iminota y'isengesho risanzwe yaba iminota ingahe, dukurikije inama ya Ellen G. White?
10. Mbese gupfukama bwaba aribwo buryo bwiza bwo gusenga?
11. Ni ubuhe buryo wakwifashisha igihe usubirishamo iteraniro imirongo umaze gusoma muri Biblia kugira ngo ihinduranya n'urusobe bibeho?
12. Dukurikije iki gitabo cy'Indongozi, twabonye ko gahunda yo gusenga itagirwa gusa n'ibice by'ingenzi, ko ahubwo n'ibyo bice bigomba gukurikirana muri gahunda y'ukuri.

Uzuza iyi nteruro:

"Buri ngingo igize gahunda yo gusenga igomba kuba , kandi _____".

13. Ni ubuhe buryo butatu (3) itorero ryose ryagira uruhare muri gahunda yo gusenga?
14. Tondekanya amabwiriza umunani (8) atuma ikibwirizwa kiba gishyitse:

- 1.
- 2.

- 3.
- 4.
- 5.
- 6.
- 7.
- 8.

15. Ibice bitatu by'ingenzi bigize ikibwirizwa ni:

- 1.
- 2.
- 3.

SUBIZA IBI BIBAZO:

1. Hakorwa iki kugirango gahunda yo gusenga yitabirwe cyane n'abizera? Hakorwa iki ngo buri wese ayigiremo uruhare?
2. Mbese uko gahunda yo gusenga itangira byaba bitegurira itorero gusenga?
3. Byakorwa bite kugirango abakristo babe biteguye kugira ngo gahunda itangire?
4. Uburyo bwiza bwo gusenga bwatuma bigira ingaruka nziza zo gusenga bwaba ubuhe? Gageze uburyo butandukanye [upfukama, guhagarara, guteranira imbere y'urusengero mufatanye muntoki.
5. Itorero ryanyu ryakora iki kugira ngo abana nabo bagire uruhare muri gahunda yo gusenga? Mbese bishobotse wategura igitekerezo, incamake y'ikibwirizwa, cyangwa ukabaha umwanya wo gusoma amasomo cyangwa se gusenga? Hakorwa iki kindi kugira ngo abana nabo bungurwe na gahunda yo gusenga?
6. Ganira n'abana bagize itorero ryanyu. Mbese bafite ibihe bitekerezo bijyanye no guteza imbere gahunda yo gusenga kw'abana?

7. Wabwirwa n'iki ko imirongo ya Biblia wateranije ijyanye n'ingingo y'ingenzi y'uwo munsu?
8. Mbese uruhare rwaburi wese muri gahunda yo gusenga wagarwaho mubuhe buryo kora urugero rwa gahunda yo gusenga ifite ingingo zose zingenzi muri gahunda n'uburyo zuzunye.
9. Mugihe ugiranye inama n'abapastoro n'abandi bakuru b'itorero mukaganira kuri gahunda yo gusenga, mbese usanga ifasha abakristo gusabana n'Imana? Hakongerwa mo iki? Hakurwa mo iki?
10. Nkuko gukora gahunda y'umwaka wose bituma haba gahunda yo kubwiriza itunganye, gerageza kwicarana na pastoro maze mutegure uko ababwiriza bese bakorera hamwe. Bishobokako kubwiriza mugitabo cyo muri Biblia cyangwa imigani yo muri Biblia maze buri wese akaba yafata igice kimwe kuburyo byagenda byuzuzanya. Mutekerereze hamwe ibikenewe muby'umwaka by'abantu mushinzwe, maze murebe uko gahunda yo kubwiriza yagerageza gusubiza/gutanga ibikenewe.

Urubuga nyungurana bitekerezo.

1. Mbese gahunda yo gusenga mw'itorero ryawe uribona ute?
2. Ubona utari umukristo yayivuga ho iki?
3. Gusubizwa bushya muri gahunda yo gusenga byashikirwa bite?
4. Abagize itorero ryawe bagira uruhare rwabo bate muri gahunda yo gusenga n'ibiki bituma bumva ko bafite uruhare?

5. Ni kuki amashengesho, kurarikira gutura, bigomba kuba bigufi kandi bidatandukiriye gahunda yo gusenga?
6. Ni mwanya ki gusoma amasomo bihabwa muri gahunda yo gusenga? Ni kuki utekereza ko nta gahunda izwi idakuka yo gusenga yashinzwe mw'itorero ryacu?
7. Mbese umubwiriza yategura ikibwirizwa cye gishingiye muri Biblia kandi adakoresheje amasomo menshi?
8. Interuro "Kubwiza kwa gikristo ni ukwizera gutanga icyizere " isobanura iki kuri wowe?
9. Wakora ute gahunda y'umwaka wose yo kubwiriza ufatanije na pastoro?
10. Kuri wowe, n'iki cya ngombwa kuri gahunda yo gusenga? N'ibiki bya kongerwa kuri gahunda yo gusenga kugira ngo wumve ko wahimbaje Imana?
11. Mbese hakorwa iki murwego rw'ubuyobozi bukuru bw'itorero mukugufasha gutegura gahunda yo gusenga?



IGICE CYA 8

UMUYOBOZI W'ITORERO N'INDI MIHANGO INYURANYE

Imihango idasanzwe y'itorero ubundi iyoborwa n'abapastoro iyo bahari. Abantu b'itorero ni abafasha b'abapastoro bakaba batakwihira uburenganzira bwo gukora iyo mihango mu mwanya wa pastoro mu gihe batabisabwe. Ingingo zikurikira zizafasha abakuru b'itorero kuyobora iyo mihango igihe pastoro adahari cyangwa se mu gihe umukuru w'itorero yabisabwe na pastoro.

Inyandiko (ibice byinshi) yateguwe hifashishijwe "MINISTER'S MANUAL". "Inama zigerwa abakozi" kubera ko inshingano z'umupastoro n'umukuru w'itorero zigomba gutandukanywa. Iki gice giheruka kirerekana ibyakuwe mu **"nama zigerwa abakozi"** izi nama zigomba kwifashishwa no mu gihe cy'indi mihango y'itorero yaba ikorwa na pastoro cyangwa umukuru w'itorero.

Umubatizo

Umubatizo ni ikimenyetso cyo gupfa kuri kamere ishaje no kuzukira mu bugingo bushya tubonera muri Kristo Yesu. Ni ikimenyetso cyerekana ubushake bw'umuntu ushaka kuba umwe mubagize umuryango w'Imana. Byerekana ubushake bwo kwakira Umwuka-Wera no kwemera gukoresha impano z'Umwuka mugufasha abandi.

Abayobozi b'Itorero n'Umubatizo_ Abayobozi b'Itorero bafite uruhare runini mu muhango wo kubatiza. Kenshi na kenshi abakuru b'itorero, bagira inama, bagatanga ibyigisho bya Biblia ku bitegura kubatizwa. Mu muhango wo kubatiza, abakuru b'itorero bafasha gushyira ku murongo, no gufasha gahunda yose kugenda neza. Muby'ukuri abakuru b'itorero ubwabo bakora umuhango wo kubatiza igihe bibaye ngombwa. Mu **"Nama zigerwa Itorero"** tubwirwa ko:

"Mu gihe nta pastoro wejejwe uhari, umukuru w'itorero azasaba umuyobozi wa Association gutegura umuhango wo kubatiza abiteguye kwifatanya n'itorero". Umuyobozi mukuru wa (Association) **"Field"** ashobora gusubiza aringaniza umwe mu bapastoro bejejwe gukora uwo muhango cyangwa guha uburenganzira umukuru w'itorero ngo awukore.

Ahantu ho kubatiriza: ____ Imihango y'umubatizo ishobora gukorerwa mu rusengero (aho bafite Yorodani cyangwa ikidendezi cyo kubatirizamo, umugezi, ikiyaga cyangwa mu nyanja. Mu bihe bimwe, imihango yo kubatiza yagiye ibera mu bizenga byubatswe aho abantu bakunze kwidagadurira.

Ahantu hose hari amazi ahagije aho umuntu ashobora kwibizwa kandi umuhango ugakorwa mu ituze nta muvundo, aho hantu hakwiriye kuba habatirizwa.

Gutegura umubatizo. ____ Igihe n'ahantu umuhango w'umubatizo uzabera bigomba gutangarizwa itorero. Abantu bose bazagira uruhare bagomba kubimenyeshwa hakiri kare kandi buri wese agahabwa inshingano ze akazisobanurirwa neza. Abadiyakoni n'abadiyakonikazi bagomba gutegura ahantu umubatizo uzabera.

Imyambaro y'umubatizo ____ Ni byiza kugira inama abitegura kubatizwa ijyanye n'imyambaro ikwiranye n'iyi mihango. Ahantu hamwe usanga amatorero afite imyambaro ijyanwa mu mazi n'ababatijwe. Ni ngombwa kwibuka ko hari imyenda ireremba hejuru y'amazi igihe umuntu ayinjiyemo, cyangwa se imyenda ifatira ku mubiri igihe umuntu aya mu mazi.

Imyambaro ibatizanywa igomba kuba ikomeye kubera impamvu zavuzwe haruguru kandi amabara yirabura (atabonerana) byaba byiza ariyo akoreshejwe.

Mu gihe itorero nta myambaro rifite, abitegura kubatizwa bagomba kugirwa inama yo kuzana imyambaro itabonerana mu gihe itose.

Bagomba kuzana igitambaro cy'amazi cyo kwihanagura n'imyenda yo kwambara nyuma y'umubatizo. Buri gihe ni ngombwa ko habaho kwitegura guhagije mbere y'igihe kugira ngo umuhango wo kubatiza utagira kirogoya kandi no mu babatijwe hatagira n'umwe uhura n'ingorane iyo ari yo yose.

Mu gihe umubatizo ubereye ku mugezi(ku gasozi), ahantu ababatijwe bazambarira hagomba gutegurwa hakiri kare. Igihe ugiye kubatizwa arwaye, afite ubumuga se cyangwa se abyibushye cyane (munini cyane), umukuru w'itorero cyangwa umudayikoni asabwe kumwitaho akamufasha aho bishobotse hose.

Kwemererwa igihe cy'umubatizo. Kuko umubatizo ugira icyo usigira uwabatijwe mu bugingo bwe, ni ngombwa ko amagambo yose avugwa muri gahunda ijyanye n'umubatizo agomba kuba yerekeye ku babatijwe. Yaba ari ikibwirizwa kigufi, yaba ari amagambo yo kubakomeza, yose agomba kuba ari ayo kubaha icyizere cy'uko basanze umuryango w'Imana, ahari abavandimwe bazabafasha mu rugendo batangiye. Saba abakristo kwemera kwakira ababatijwe babihamisha kubereka urukundo rwa kivandimwe.

Nta mategeko agenga gahunda y'umubatizo yihariye, ariko hari ingingo za ngombwa zigomba kwitabwaho. Ariko abifuza kubatizwa bagomba kwemera amahame y'itorero mbere yuko bemerera kubatizwa. Ibi bikorwa mbere gato y'umubatizo imbere y'itorero n'iteraniryo ryose. Nyuma yo guhamya imyizerere yabo hagomba kubaho isengesho ryo kubasabira imigisha no kubaragiza Imana.

Kwakirwa(kwemererwa) mu itorero bishobora gukorwa nyuma gato yo kubatizwa. Ababatijwe basabwa guhagarara imbere y'itorero maze abagize itorero bagahamisha kwemera no kubakira mw'itorero bakoresheje amaboko yabo. Abakuru b'itorero bavugaga amagambo yo kubifuriza ikaze mu itorero mu mwanya w'itorero ryose, kandi hagakorwa umuhango wo kubakora mu intoko niko kubakira mu itorero.

Amatorero amwe n'amwe, inshuti z'ababatijwe n'abagize imiryango bakomokamo bahagararana na bo hafi ya bo imbere y'itorero. Ababatijwe bakunze guhabwa umuntu mukuru mw'itorero wo kubafasha abagira inama mu biyanye n'iby'umwuka. Abatoranijwe kubunganira (kubagira inama) bahagarara imbere y'iteraniryo mu buryo bwo kwerekana ubushake bwo gufasha ababatijwe mu nzira yo gukurikira Kristo.

Umuhango wo kubatiza ubwawo. ____ Abagiye kubatizwa bayoborwa ku mupastoro cyangwa ku mukuru w'itorero n'abadiyakoni. Mbere yo kubabatiza hari ubwo biba ngombwa ko havugwa amagambo magufi (make) ajyanye n'uburyo bamenye Kristo. Mu bihe bimwe, hari ubwo hatangwa ubuhamya. Uburyo bumenyerewe bwo kwibiza ababatizwa, **ubabizwa afata ukuboko kw'ibumoso k'umubatiza (pastoro cyangwa umukuru w'itorero) akagukomeza n'amaboko yombi.**

Ubatiza azamurira ukuboko kw'iburyo akavugaga amagambo:

"Mushiki wanjye/muvandimwe nkunda _____,
kubwo urukundo ukunda Yesu, hamwe n'ubushake bwawe bwo kwiyegeye
ubugingo bwawe Yesu n'itorero rye, nanjye nishimiye kukubatiza mw'izina
rya Data, n'iry'Umwana, n'Umwuka wera. Amina."
Nyuma yayo magambo, ushyira akaboko kawe k'iburyo (cyangwa akib'ibumoso bitewe nako ukoresha) mu bitugu by'ubabizwa, buhoro, ukamwibiza usubiza inyuma. Henshi bakoresha udutambaro ku mazuru n'umunwa ngo hatagira amazi yinjiramo mu gihe cy'umubatizo.

Utwo dutambaro dukoresheye guhanagura amazi mu maso ku muntu umaze kubatizwa. Umudiyakoni cyangwa umudayikonikazi abafasha kuva mu mazi, akabatwikira, akabayobora aho bahindurira imyambaro.

Ingorane mu gihe cy'umubatizo: Igihe umubatizo ukorewe mu mugezi utemba cyangwa mu nyanja, ni ngombwa ko ababatizwa bibizwa imitwe yabo yerekeye aho amazi aturuka cyangwa aho umuyaga wo mu nyanja uturuka. Ubu buryo buzatuma amazi atakwaka ubatizwa (kukwambura), ahubwo bizagufasha koroshya uburemere bw'ubatzwa, ndetse bifashe kurinda amazi kwinjira mu mazuru no mukwambura k'ubatzwa.

Ugomba kwitondera gukandagira mu mazi afite umuvumba mwinshi (umugezi wihuta cyane) ahantu harehare cyane, cyangwa mu nyanja mu gihe hari umuyaga mwinshi. Ugomba kumenya ko abantu bamwe batinye amazi; bahumurize uvugane nabo mbere yo kubabatiza. **Ntugakoreshe indangururamajwi igihe uri mu mazi (ubatzwa) ishobora kuguteza impanuka.**

Kwakirwa nyuma y'umubatizo. Hanyuma yo kubatiza umuntu uheruka, ni byiza kurarikira abantu kwitanga bushya bakiyegurira Yesu. Rarika abatari bitanga (abatari abakristo) kwitegura kubatizwa. Nyuma yo kurarika, habeho isengesho ryo kwiyegeurira Imana bushya. Imihango itandukanye (bitewe n'imico inyuranye) yo kwakira abamaze kubatizwa ikurikiraho. Hamwe usanga abakristo bakora uruziga bahagaze bafatanye mu ntoki bakaririmbira hamwe. Indabo, impano, amakarita bikunze gutangwa. Guhoberana, gukorana mu ntoki, birakorwa mu tundi turere, abakristo baturira hamwe bagafungura, naho ababatijwe bakicara mu myanya y'icyubahiro.

Icyakorwa icyo aricyo cyose, icy'ingenzi nuko ababatijwe bumva ko bisanze mu muryango w'Imana kandi bakagaragarizwa urukundo n'abagize itorero.

Umuhango wo kwakiriza abana mu Rusengero

Isezerano Rishya ntacyo rivuga ku muhango wo kwakira abana. Ariko urebye uko Yesu yitaye ku bana bato, bitanga umwete wo kubazana mu muhango wo kubegurira Imana. [Matayo 19:13,15; Mariko 10:13,16; Luka 18:15] **Ellen G. White** aravuga ati: "Nimureke abavugabutumwa bakire abana bato, babaterure mu ntoki, babahe umugisha mw'izina rya Yesu. Mubabwire amagambo meza y'urukundo, nkuko Yesu yateruye abana bato mu mukumbi, akabaha umugisha." [Evangelism, pp.349,350].

Birumvikana ariko ko kwakira abana bishobora gutera ikibazo ku bibaza ko bishobora kugereranywa n'imihango y'amadini abatiza impinja. Kubw'iyo mpamvu, mw'itorero ry'abadiventiste nta babyeyi ba batisimu bagira. Ntabwo ari umuhango wo kubatiza nuko rero ntibikwiriye kugaragara nkaho ari wo; ahubwo ni igihe ababyeyi biragiza Imana ubwabo mu murimo wo kurera umwana bungutse bamurerera Imana.

Umuhango wo kwakira umwana ugomba kwibanda ku ngingo enye:

1. Gushimira Imana igitangaza cyo kuvuka k'umwana.
2. Gusezerana kw'ababyeyi n'umuryango ko bazakomeza kurera uwo mwana bakamukundisha Yesu.
3. Kurarikira Itorero guteganya uburyo butagoye n'umutungo w'ingoboka byo gutanga inyunganizi yo kurera umwana ku miryango ikennye.
4. Gusabira umwana imigisha no kumwegurira Imana. Mu gihe umupastoro adahari, umuhango wo kwakira umwana ukorwa n'umukuru w'itorero; agomba rero kubiharerwa uruhusa n'umupastoro.

Gutegura umuhango wa kwakira umwana. — **Ahantu** Muturere tumwe bahitamo kwakirira umwana mu rugo (imuhira). Ariko akenshi bikunze kubera mu rusengero mu gihe cya gahunda ya mu gitondo. Kubera ko iteraniro rigomba kugira uruhare muri iyo gahunda, igomba gukorwa igihe iteraniro rimaze gutubuka.

Igihe/ibihe by'umwaka. Gahunda yose y'umwaka igomba kugira amatariki yo kwakira abana, cyangwa bigahabwa umwanya igihe bibaye ngombwa. Biba byiza kubitegura igihe ababyeyi bose bahari.

Itariki igomba gutangazwa mbere y'igihe, ababyeyi bagategura uwo muhango. Umuhango ugomba gukorwa mu buryo bwo kubwiriza ubutumwa, byaba byiza hatumiwe inshuti n'abavandimwe.

Ikigero cy'Umwana (Imyaka) : Abana bato bagomba kwakirwa igihe cyose ababyeyi biteguye kuzana abana babo mu rusengeru. Abana bageze mu gihe cyo kujya mw'ishuri cyangwa se bakuru na bo bashobora kwakirwa, ariko si kenshi bikorwa. Bikorwa cyane iyo ari ukwakira abana b'ababyeyi bihannye vuba.

Kuyobora umuhango wo kwakira umwana

Umuhanango wo kwakira abana ugizwe n'ibice bine(4):

1. Kurarikira ababyeyi kuza imbere. Kwakira abana bigomba gukorwa ku buryo biba igikorwa cy'ingenzi mu muryango. Biba byiza kugira inama umubyeyi umwe utari umukristo kuba ahari, igihe umwana we yakirwa. Ubundi bashobora kumva batitaweho cyangwa ko bitabareba, igihe abana babo bakirwa. Ba Sekuru b'abana nabo bashobora gusaba ko bagira uruhare, ni byiza kubatumira. Rimwe na rimwe ba Sekuru b'umwana bashobora kumuzana kwakirwa mu gihe ababyeyi b'umwana batabyitayeho uretse ko ubusanze itaba inama nziza.

Ababyeyi bashobora gutumirwa kuza imbere igihe haririmba indirimbo ijyanye n'umuhango. Umuhango wose ntugomba kurenza iminota itanu (5). Inshingano zigomba kuvugwa umwanya muto. Dushingiye ku mpungenge z'uko umwana arira cyane, bisaba ko gahunda itwara umwanya muto.

Inshingano z'ababyeyi zishobora kuvugwa igihe ababyeyi bakiri mw'iteraniro, cyangwa se bagahabwa intebe/imyanya y'imbere mu rusengeru.

2. Inshingano z'Ababyeyi. Ababyeyi bagomba guhagarara bareba iteraniro kugira ngo batumvye ko bacikanwe n'umuhango. **Byaba byiza umubyeyi w'umugabo ari we uteruye umwana kuko ari we mutwe w'urugo ku ruhande rumwe; uretse ko ku rundi ruhande biba ngombwa ko umubyeyi w'umugore ariwe umufata ngo agerageze kumuhoza.** Ubundi ariko biba byiza kureka bigakorwa hakurikijwe imico y'ahantu. **Inshingano z'ababyeyi zigomba kwibanda ku gufataniriza hamwe kurera umwana mu nzira nziza.**

Amasomo akurikira afasha muri uwo muhango:

- **Gutegeka 6:4-7** - "...Ujye ugira umwete wo kwigisha abana bawe....."
- **1Samweli 1:27-28** -"Uyu mwana ni we nasabye..... ni cyo gitumye mutuye Uwituka....."

- Imigani 22:6 -"Menyereza umwana inzira akwiriye kunyuramo....."
- Matayo 18:2,6,10 -".....Mwirinde mudasuzugura umwe muri aba bana bato....."
- Matayo 19:13-15 -"....Maze bamuzanira abana bato, ngo abarambikiye ho ibiganza abasabire...."
- Efeso 6:4 -" Namwe ba Se....., ahubwo mubarere, mubahana mubigisha iby'Umwami wacu.

Ushobora gusoma uyu muhangamo ukoreshe amagambo akurikira:

"Babyeyi, mbere yuko umwana wanyu yakirwa (yegurirwa Imana) nasabaga ko mwebwe ubwanyu mwabanza kugirana amasezerano n'Imana yanyu. Kuzana umwana wanyu ngo yakirwe, ni ukwemeza imbere y'Imana ko mwigiraye inshingano zo kurera uyu mwana mu buryo bwa gikristo. Iki gikorwa kibereyeho kwemeza ko uyu mwana atari uwanyu gusa ahubwo ari umwana w'Imana ko mwigiraye kumurerera Imana."

"Iteraniro ryose ryifataniye namwe mur'iki gikorwa cyo kwegurira Imana umwana wanyu; bikazakomeza kubafasha mu burere bw'umwana kugeza igihe iki gikorwa kizakurikirwa n'umubatizwa igihe kigeze, ubwo azaba abaye by'ukuri umwe mu bagize umuryango w'Imana ni wo Torero". "Namwe rero, babyeyi b'uyu mwana mugomba gukora ibishoboka byose mukamurera muzi ko mukurerera Imana. Mwemeye iryo sezerano?" Ababyeyi basubize bati: "Turabyemeye".

- 3. Isengesho-** Pastoro cyangwa umukuru w'itorero n'ababyeyi bagomba gufukama mu gihe cy'isengesho risabira umwana imigisha. Iteraniro riguma mu myanya yaryo ryicaye. Kugira ngo icyo gikorwa kigende neza, pastoro cyangwa umukuru w'itorero afata umwana mu ntoki. Ariko biba byiza kurushaho iyo hari uwitaye ku mwana kuko ashobora kurira. Ubundi buryo ni uko ababyeyi bafata abana mu ntoki maze pastoro cyangwa umukuru w'itorero akarambika ibiganza k'umutwe wa buri mwana mu gihe avuze izina ry'umwana mw'isengesho. Igihe abana ari benshi, abandi bakuru b'itorero bashobora gufatanya maze bakarambika ibiganza kubana. Impamvu zavuzwe haruguru enye (4) zo kwakira umwana, zigomba kuvugwa mw'isengesho. Byaba byiza ko buri mwana n'umubyeyi we baturwa mu mazina mu gihe cy'isengesho. Ushobora gukoresha isengesho ry' "Umwami wacu" rikavugirwa hamwe n'ababyeyi bese, bafataniye n'iteraniro ryose.

4. "Guhabwa icyete" no gushimira ababyeyi.

Ubusanzwe, ibyete bikunze guhabwa ababyeyi nyuma y'isengesho ryo kubegurira Imana. Umuyobozi w'icyiciro cy'abana bato mw'ishuri ryo kw'isabato ashobora gufasha mu gutanga icyo cyete no gushimira ababyeyi. Ibyo byete biboneka mu Nteko Nkuru "General conference" mu cyiciro gishinzwe ibitabo by'abadiventiste cyangwa mu mazu y'icapiro. Rimwe na rimwe indabo cyangwa ibindi bintu byo gushimira ababyeyi biratangwa.

Kweza Urusengero

Kwezwa kw'urusengero ni umuhango utuma abadiventiste b'umunsi wa karindwi bagira amahirwe menshi yo kumenyekanana mu karere urusengero ruherereyemo. Kubagize itorero, ni umunsi w'ibyishimo kubera umushinga ukomeye baba (bujije) batashye.

Abapastoro bakeneye inama n'ubufasha bwinshi bivuye ku Bayobozi bakuru b'itorero igiheategura iyo gahunda yo kweza urusengero. Muri uwo muhango abatumirwa nabo bawugiramo uruhare. Abayobozi b'akarere (abategutsiba Leta, Igihugu) hamwe n'abayobozi b'andi madini baratumirwa. Abayobozi b'itorero ku rwego Rukuru (Union) n'urwego rw'akarere (Association) n'akagari (Station), intara (District) bafashe ikiruhuko cy'izabukuru, bese baratumirwa; kubw'izo mpamvu, ni byiza gutegeza itariki y'umuhango ariko umaze kumenya neza igihe abashyitsi bazaba bafite umwanya.

Gahunda y'umuhango:__ Gahunda y'umuhango nk'uyu yagombye kuba ifite ibi bikurikira:

- | | |
|-------------------------|-----------------------------------|
| - Indirimbo | - Ikibwirizwa kijyanye n'umuhango |
| - Isengesho | - Umuhango wo kweza |
| - Amateka y'itorero | - Isengesho ryo kweza |
| - Isomo ryo muri Biblia | - Indirimbo ya toranijwe |
| - Indirimbo yatoranijwe | - Isengesho ryo Gusozwa |

Amateka y'itorero.__ Bitewe nuko akenshi isano y'Abayobozi n'itorero usanga ari ntoya, Abayobozi b'atumiwe kuyobora uwo muhango n'Abapasitoro b'itorero, ntibakwiye kuba ari bo biharira umuhango wo kweza (itorero) urusengero gusa kuko kenshi baba batazi neza iby'ako karere karimo iryo torero/urusengero bari bweze. Ibyo rero bigatuma amateka y'itorero agomba gutangwa n'umukuru w'itorero cyangwa se undi muntu usheshe akanguhe mu itorero usobanukiwe neza n'uko iryo torero uko ryatangiye muri ako karere.

Abantu batangije ubutumwa muri ako karere bagomba kumenyekanana bakerekanwa bakabyubahirwa.

Abagize uruhare mu nyubako y'urusengero, bagomba gushimwa kubera ubwitange bwabo. Umu pastoro wayoboye ubwubatsi nawe, agomba gushimwa. Rimwe na rimwe hari ubwo pastoro wubakishije yimurwa mbere yuko urusengero rwuzura cyangwa se umwenda wo kubaka wishyurwa. Ibyo ari byo byose, ubwitange bwagaragaye, bugomba gushimwa.

Amateka ashobora guherukwa no gutangaza imigambi mishya n'imigambi yindi yihariye ijyanye no guteza imbere ako karere urusengero rwubatswemo. Itorero nti rigomba kuvuga ibyo amateka yaryo y'igihe cya kera ngo ryibagirwe kwerekana imigambi yaryo y'igihe cyizaza.

Umuhanzi ntabwo ugomba kuba umwanya wo gusonzoranya amafanga yo kwishyura imyenda yafashwe mu gihe cy'iyubakwa. Amafanga yose y'umwenda n'ibindi birarane byakoreshejwe kuri iyi nyubako, byose bigomba kwishyurwa mbere yuko uyu muhanzi wo kweza urusengero ukorwa.

Gusoma Ibyanditswe Amasomo yo Kweza Urusengero: __Amasomo ashobora gutoranywa muri aya akurikira:

2. Ngoma 6:14-42 ; 1 Abami 8:23-53 (Isengesho rya Salomo yeza urusengero rw'Uwiteka).

Igikorwa cyo Kweza urusengero:__Kweza ubwabyo bikorwa mu isengesho ryo kweza. Kugira ngo buri wese abigiremo uruhare, biba byiza, iyo habaye gusoma isomo urisoma akaritera maze abakristo bakikiriza barisubiramo mbere yo gusenga. Gutwika Ingwate, urupapuro rurerure cyangwa igitambaro ku muryango w'urusengero biyishushanya bikorwa mbere yo gusenga.

Iminsi igenewe Igikorwa cyo kweza Urusengero: __Kweza Urusengero bishobora gukorwa igihe kibonetse cyose, ndetse no ku Isabato mu gitondo. Cyakora, kubera ko ari umuhanzi utari usanzwe mu mateka y'itorero, bishobora gukorwa no ku yindi minsi y'icyumweru isanzwe y'akazi. Iyi gahunda ishobora gutwara iminsi irenze umwe:

Urugero:

- Kuwa gatandatu ni mugoroba (kuwa-Nyuma/Friday/Vendredi ni mugoroba) __"Itorero ryacu Rirejewe" hashobora kuba ifunguro ryera n'igitaramo cy'indirimbo.
- Ishuri ryo ku Isabato __"Itorero ryacu rikigishwa". Koresha muri gahunda abantu barambye mu itorero n'Abapastoro bari mu kiruhuko cy'izabukuru.
- Igihe cyo kubwiriza __"Itorero ryacu Rirabwirijwe". Habwirize Umushyitsi mukuru watumwe.

- Ku Isabato Nyuma ya saa sita___ "Itorero ryacu rirejejwe."
- Ku isabato ni mugoroba-"Itorero ryacu Rirakiranye, Rirasabanye".

Igitabo gito gikubiyemo imihango n'amazina by'uwo muni wo kwezwa, gihinduka urwibutso rukomeye kandi rw'agaciro kanini ku bizera b'itorero. Ndetse amatorero amwe n'amwe usanga ajoya icyo gitabo mu icapiro kugira ngo gituburwemo byinshi.

Gukingura urusengero (Gutaha urusengero)__Kubera ko Abadivantiste beza gusa inyubako (urusengero) idafite umwenda, rimwe na rimwe amatorero yihutira kwimukira/gutaha mu rusengero rushya mbere yuko rwuzura na gahunda yo kurweza itaratekerezwa. Hagomba rero gutegurwa gahunda yihariye y'uyu muhango uretse ko utahabwa agaciro gakomeye nk'aho kurweza. Rero, indirimbo zigiramo uruhare runini.

Hashobora kubaho umuhango wo gukata igitambaro. Abantu bamwe bashobora kwishimira gutaha urusengero rushya, ariko abandi ntibifuza kwibagirwa amateka y'urusengero rushaje. Niyo mpamvu ibintu byakoreshejwe mu rusengero rushaje bishobora kwimurirwa m'urushya.

Kweza no gukingura urusengeri (gutaha) urusengeri ni ibintu bishobora kwandikwa mu binyamakuru. Ibihe nk'ibi ni byiza kuko bituma Itorero rirushaho kumenyekanana muri ako karere n'utundi turizengurutse.

Umuhango w'Ifunguro Ryera

Imwe mu nshingano y'umukuru w'itorero ni ugufasha pastoro gutegura ifunguro ryera no kuriyobora. Abejwe gusa cyangwa abakuru b'itorero ni bo bagomba kuyobora uwo muhango. Ifunguro ryera ni umwe mu mihango ikomeye kandi yubashywe cyane y'itorero. Ni umuhango mwiza cyane kuko utera ibyishimo mu itorero, ukaba n'igihe cyo kwisusuzuma mu mutima no gusaba imbabazi. Uduha igihe cyiza cyo kwivugurura, gutera umwete no guhemburwa mu by'umwuka. Nuko rero, kubasha kuyobora itorero muri uwo muhango wera ni kimwe mu bikorwa by'umwuka by'agaciro kimbitse nk'umukuru w'itorero urarikirwa kuzakora.

Kuvugurura Isano ____ Umuhango w'ifunguro ryera uha abantu (akanya) amahirwe yo kongera kunoza, kuvugurura no kubaka isano zacu n'Imana na bagenzi bacu (abizera bo mu itorero). Mu gihe bafatanyiriza hamwe kozanya ibirenge, kurya no kunywa, bya bimenyetso by'urupfu rwa Kristo, bituma bibuka ko bakeneye ubuntu bw'Imana n'urukundo rubabarira, kandi bakumva bafitanye umushyikirano hagati yabo ubwabo. Ifunguro ryera ryagombye kwunga abizera bacu, rikabafasha kuvugururwa bagasubizwa bushya, kugumana imbaraga nshya n'icyizere cyo gukomeza gukora umurimo w'Imana hano ku isi.

Ifunguro ryera ribaho ryari? ____ "Mw'itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi, **ubusanzwe ribaho rimwe mu mezi atatu.**" Iri jambo ngo "**ubusanzwe**" rigaragaza gusa ko wari warabaye igikorwa cyangwa umuco w'itorero ryacu kugira ifunguro ryera bashingiye ku bihembwe. [Inama zigirwa itorero]. **1 Abakorinto 11:26:** "uko muzajya murya uwo mutsima, mukanywera kuri icyo gikombe, muzaba mwerekana urupfu rw'umwami Yesu kugeza aho azazira."

Ibi biratwereka ko **Biblia itigeze ishyiraho umubare w'inshuro runaka ifunguro rigomba gukorwa.** Ntabwo icy'ingenzi cyane ari inshuro nyinshi zo gukora ifunguro ryera, ahubwo icya ngombwa ni iki ngo :Ni kangahe twibuka "Urupfu rw'Umwami wacu Yesu- Kristo".

Ifunguro ryera riteguwe rigakorwa kw'isabato mu masaha yo gusenga byaba byiza. Ariko hari ubwo haboneka ibindi bihe byiza by'inyongera itorero ryawe rishobora kwishimira maze rikabitoraniriza kuzakorwamo umuhango w'ifunguro ryera:

urugero :

mu isoza ry'icyumweru cyo gusenga, amateraniro makuru, ingando z'urubyiruko, ibiterane by'ihemburwa n'ivugururwa, n'ibiterane by'abasore n'inkumi bagize MV, J.A z'amatorero n'ibindi.

Igihe cyose n'Aho ariho hose ifunguro ryera ritewe, ni ngombwa ko niteguranwa ubwitonzi kuva ku cyo hejuru kugeza ku cyoroheje. Uwo muhango ugomba gutangazwa hakiri kare, nibura icyumweru mbere yuko uba kugira ngo abantu bawitegure. Abadikoni n'Abadiyakoni kazi bagomba gutegura umugati na vino mbere y'igihe, kimwe naho umuhango uzabera cyane cyane aho kwogereza ibirenge.

Gutegura ibikoresho by'ifunguro. ____ Umugati udafite umusemburo hamwe n'umutobe ni byo bikoresha mu ifunguro ryera. Aho imizabibu itaboneka, umutobe usanzwe ushobora gukoresha. Igihe ibikoresho bitabonetse mu turere tumwe tw'isi, abayobozi bakuru b'itorero (mu rwego rwo hejuru) bashobora kugishwa inama.

Ibya ngombwa bitegura ifunguro ryera.

- Igikombe 1 cyuzuye ifu yumye (cyane cyane wakoresha iy'ingano)
- 1/4 cy'ikiyiko (teaspoon) cy'umunyu
- 2 by'ibiyiko byo ku meza byuzuye amazi akonje
- 1/4 cy'ikiyiko cy'amavuta ya olive cyangwa se andi akamurwa mu bimera.

Vanga ifarini n'umunyu. Ongeramurwa mu mavuta, ariko wirinde kubivanga. Ibi ubyongeremo ibindi bikoresha bivangwa byumye maze ubivange ukoresheje ifurusheti(fork) kugeza ubwo ifarini yose iri bube yamaze kwivanga yahehereye rwose.

Yifunyangire hagati y'imyenda, impapuro cyangwa ibyuma byabugenewe ihwane kugeza ku rugero rw'ubutoya by'umukati uri bube wifuza. Urambuke ku kintu (ameza, urubaho) kitariho amavuta, giteyeho ifu cyokerezwaho iyo mikati, maze ugende ukakata utugabane dutoya cyane twa mpandenye ukoresheje icyuma gityaye cyane cyabugenewe, urebe ko ihunguye kandi ihwanye neza ku buryo idafite ibihinyago n'ibindi bice byafatiriyeho bikaba byatuma ushirira ukaba igisheshe. Rushaho kuwugenzura cyane mu minota itanu iheruka kugira ngo uwurinde gucyecyembuka.

Ninde ugira uruhare kw'ifunguro ryera? ____ Igihe Yesu yasangiraga n'abigishwa be ibya pasika, yavuze ko umukati ushushanya umubiri we wadutangiye [Luka 22:19]. Naho vino yashushanyaga amaraso ye "ava kubwa benshi kugirango babarirwe ibyaha [Matayo 26:28]. Yesu yatanze ubugingo bwe kubwo abanyabyaha, akaba rero ararikira abanyabyaha gusangira ifunguro ryera bibuka igitambo gishobora kubakiza ingoyi y'icyaha. Buri wese wumva akenewe kubabarirwa ibyaha akwiye kwitabira uwo muhango nk'ikimenyetso cyo kwezwaho ibyaha.

Abadiventiste b'umunsi wa karindwi bakorera ifunguro mumucyo ntawe bimiriye. Buri muntu mukuru wese wifuza kwifatanya n'abandi mw'ifunguro ryera abifitiye uburenganzira.

Ntabwo rero ari akazi k'abakuru b'itorero guhitamo ubikwiriye n'utabikwiriye. "Urugero Yesu yatanze rwerekana ko ntanumwe uhejwe mw'ifunguro ryera. icyaha cyashyizwe ahagaragara gikorwa ho urwikekwe, kandi niko Umwuka Wera atwigisha. Imana ntiyigeze ibirekera umwana w'umuntu kumenya ukwiriye n'udakwiriye kugira uruhare mw'ifunguro ryera. Ninde wabasha kumenya ibiri mu mutima wundi muntu? [The desire of Ages, p.656]

Hari bamwe mu itorero bumvako ibyaha byabo bitabemerera kugira umwanya ku ifunguro ryera. Ariko ibyaha byabo nibyo byakabaye impamvu yo kugira uruhare kw'ifunguro ryera. Byaba byiza umukuru w'itorero abafashije kuza mw'ifunguro ryera. Babwire ko igihe biyemeje kwemera icyo ifunguro ryera rishushanya (urupfu rwa Kristo) bazumva babariwe ibyaha byabo kandi bagire umutima utuje.

Ikibwirizwa:___Ubusanzwe mu matorero yacu, habaho ikibwirizwa cy'iminota 10-15 mbere yuko habaho umuhango wo kuzanya ibirenge. Muri iki kibwirizwa, n'umwanya mwiza wo gusobanura neza icyo kuzanya neza ibirenge bisobanura, kandi ugasaba abakristo ko bakwiye kwisuzuma bakababarirana, bakavanaho ibibatandukanya byose bikarangirira muri uwo muhango.

Ubundi ushobora gusobanura icyo umuhango wo kwozanya ibirenge usobanuye, hanyuma ugaharira umugabane w'ikibwirizwa usigaye igihe abantu bagarutse bavuye muri uwo muhango. Uko ugenda usigariza ikibwirizwa umugabane ukomeye wo guhereza ifunguro, ni ko bikubashisha gutuma usobanukirwa neza n'ubusobanuro bwaryo bwuzuye.

Amasomo ajyanye n'umuhango w'ifunguro ryera:

- | | |
|--------------------------|---|
| • Yohana 13:13, 17 | Yesu atanga urugero rwo kwozanya ibirenge |
| • Matayo 16:24 | Kwiyanga kw'abakurikira Yesu. |
| • Matayo 26:26 | Ifunguro ry'Umwami wacu (Mark 14; Luka 22). |
| • Yohana 6:53, 56 | Murye umubiri kandi munywe n'amaraso. |
| • 1 Abakorinto 10:16, 17 | Umutsima umwe, umubiri umwe |
| • 1 Abakorinto 11:23, 26 | Kwamamaza urupfu rw'Umwami |
| • 1 Petero 2:21 | Umubabaro wa Kristo |

Mu gitabo " Uwifuzwa ibihe byose" [The desire of Ages] ushobora gusoma ingingo: - Umugaragu w'abagaragu [a servant of servants]
- Kugira ngo mujye munyibuka in Remembrance of me].

Kwozanya ibirenge: ____ Kwozanya ibirenge ni ikimenyetso gikomeye. Igihe dupfukamyeye imbere ya bagenzi bacu nkuko Yesu yabigenje kera, maze tugafata ibirenge by'undi mu ntoki zacu ngo tubyoze (tubyuhagire), twigishwa icyigisho gikomeye cyo kwicisha bugufi. Muri uyu muhango, ubushyamirane no kutumvikana mu bakristo kurangirira aho (Matayo 5:23). Igihe amazi asutswe ku birenge byacu na bagenzi bacu bishushanya kwezwa n'amaraso ya Yesu no kwezwa n'Umwuka-Wera, n'ihemburwa biza iyo Yesu ashize amaraso ye mu mibereho.

Kwozanya ibirenge bigomba gutegurwa neza. Amabesani, amazi udutambaro tw'amazi, ahantu hahagije n'intebe, byose bigomba gutegurwa n'abadiyakoni hakiri kare. Abashyitsi, abakristo bashya, urubyiruko, abana, bose bagomba kwerekwa no kugirwa inama yo kozanya ibirenge cyangwa se bakirebera gusa uko bikorwa. Fasha abantu gushaka abo bafatanye kwozanya ibirenge muri uyu muhango.

Kuberako umuhango wo kozanya ibirenge ari umwanya wo kubabarirana, amahirwe nk'aya, akwiye guhabwa imiryango igakorera hamwe uwo muhango byarushaho kuba byiza. Kenshi usanga kutumvikana mu ngo, ubushyamirane hagati y'abubatse n' abana babo, no hagati y'abana ubwabo. Kwozanya ibirenge ni igihe cyiza cy'imiryango kuko ivugururwa igasubizwa ubuyanja mu by'umwuka. Gerageza uko bishobotse imiryango ihurire hamwe muri uwo muhango.

Igihe abizera bateranye, biteguye kwozanya ibirenge, mbere yuko uwo muhango utangira, habanze isengesho. Hari abashobora kumva bagomba gusaba imbabazi bagenzi babo ku makosa babakoreye; ni byiza ko wabashyigikira bakabikora abizera hagati y'abandi bizera. Hamwe na hamwe baba baririmba indirimbo zituje mu gihe cyo kozanya ibirenge. Bamwe mu bozanyije ibirenge, banezezwa no gusengera bagenzi babo bozaniye iyo barangije umuhango. Igihe cyose cy'uyu muhango kiba kiganjemo amahoro n'umunezero bituma abizera bunga ubumwe, bagakundana.

Nyuma y'uwo muhango, abakristo bakorana mu ntoki bashimana, bagahoberana, bagasomana, bitewe n'umuco w'akarere berekana urukundo.

Ifunguro ryera.

Biba byiza iteraniro kuririmba igihe abayoboye gahunda bitegura, bafata imyanya yabo inyuma y'ameza y'ifunguro. Abahereza bicara mu myanya y'imbere. Ushobora gutangiza amagambo asobanura akamara kifunguro ryera cyangwa se ikibwirizwa kigufi, bitewe na gahunda uko yateguwe.

Umugati urapfundurwa, isengesho rigakurikiraho risaba Imana ngo ihe imigisha icyi kimenyetso cy'umubiri wa Kristo. Abadiyakoni bahereza abakristo.

Bagarutse, abayoboye gahunda n'abadayikoni, nabo baraherezanya nyuma itorero rikararikirwa kurira rimwe umugati.

Ni ko bigenda no mu gihe cyo guhereza umutobe (vino, divayi). Mu gihe bahereza umukati na divayi, amasomo nk'aya 1Abakorinto 11:23-26 ashobora gusomwa, indirimbo zikaririmbwa, ubuhamya bugatangwa, indirimbo zatoranijwe, n'ibindi..

Mu matorero amwe yacu, abadiyakoni batwarira hamwe umugati na umutobe (divayi, vino), Abakristo babitwarira rimwe kuri Plateau cyangwa se ibindi bikoresho byo guhererezaho ibyo bimenyetso by'uwo mubiri n'amaraso bya Kristo. Nyuma ibirahure bya vino bisigara aha bugenewe. Iyo ubu buryo aribwo bwakoreshejwe, abadiyakoni basabwa kunyura rimwe gusa mu iteraniro, bigatuma umuhango utarambirana.

Gusoza umuhango__ Umuhango w'ifunguro ryera ugomba kurangizanywa ibyishimo. Amafuti aba yagorowe. Ibyaha byababariwe. Kwizera n'ibyiringiro byavuguruwe. Ni igihe cy'ibyishimo. Umuhango rero ugomba gusozwa n'indirimbo nziza zishyushye kandi zinejeje. Hanyuma umukuru w'itorero agasezerera abakristo abasabira imigisha mu isengesho.

Nyuma y'Umuhanho, Abadayikoni n'abadayikonikazi basukura ahakorewe umuhango, ibyasagutse ku mugati na vino bigashyingurwa neza. Kirazira ko biribwa cyangwa ngo binyobwe.

Abatashoboye kwitabira umuhango__ Kenshi abakristo bamwe bashobora kutitabira uwo muhanho w'ifunguro ryera kubera impamvu zitandukanye: uburwayi, ubwigunge, izabukuru (gusaza), cyangwa se izindi mpamvu. Abayobozi b'itorero n'abadiyakoni bagomba gusura abo bantu, maze bakabakorera uyu muhanho w'ifunguro ryera. Niba umuntu arwaye cyane, kozanya ibirenge ntabwo biba bikiri ngombwa.

Umuhango wo Gusiza ikibanza

Umuhango w'isiza kibanza utuma Itorero rigira umuhati no gushyira hamwe mukwitangira imishinga y'ubwubatsi. Bitera ubwuzu na akanyamuneza cyane cyane iyo itorero ryari risanganywe uwo mushinga ryarawize, ryarawuteguye, ryarawusengeye igihe kirekire kandi rikawutangaho byinshi igihe kinini. Nibura icyo gihe igikorwa gifatika kiba kigaragaye.

- **Gutegura uwo muhango:** __Umupastoro n'umukuru w'itorero bategurira hamwe uwo muhango.
- **Kunoganya igihe:** __Isiza kibanza ntabwo ari umuhango ugomba kurangwamo imihango y'idini uko wakabaye kubwo izo mpamvu rero ntubasha gukorwa kw'Isabato. Akenshi igihe cyiza ni ku wa mbere w'icyumweru (Dimanche).
- **Kurarika Abashyitsi b'Imena** __Abayobozi bakuru b'itorero (Field/Union/Station) bagomba kurarikwa. Abayobozi b'igihugu mu rwego rwa politike (abategetsu) bararikwa. Abakuru b'andi madini akikije ako karere nabo baratumirwa. Abanyamakuru n'abanditsi b'ibinyamakuru bakwiriye rwose kwitabwaho kugira ngo babashe gutanga inkuru y'imvaho.
- **Gutegura ahantu:** __Ahantu hagomba gutegurwa, hagatamururwa imyanda ikigizwayo. Ahari ndetse hakwiye kubakwa Igisharagati gitwikiriye na Podium nini aho abantu bazahagarara kandi bakinga izuba. Mu gihe umuhango uzaba muremure, intebe zitegurwa hakiri kare zihwanye n'abatumiwe.
- Ibishushanyo mbonera by'inyubako iteganywa byagombye kwerekanwa mw'ikubitiro. Inyubako ntoya yateguwe n'abubatsi yo kureberaho uko iyo izubakwa izaba imeze ni ngombwa ko itegurwa ikerekanwa kuko ifasha abantu kuyibona itarabaho bakiyumvisha uko izaba isa.

Niba ubutaka bugomba kumenwa n'ipiki, igitiyo, Kateripilari cyangwa se tingatinga hagomba kuba hateganijwe byinshi. Akenshi usanga nk'ibyo biba biribukoreshwe n'abashyitsi b'imena, ubugi bwabyo babusigirijeho izahabu cyangwa se umuringa.

- Hateganywe kandi n'ingorofani, cyangwa se Tingatinga yabugenewe byo guhita biyora iyo myanda n'ibimanyu by'ubutaka byarimbuwe.
- Umugambi mwiza wo gukoresha iteraniro ryose muri iyo gahunda ni iyo gusiza aho hantu bakoresheje, amasuka; ahandi bakoresha n' amagare cyangwa imashini nini zihinga.

Izo suka rero, ziba ziribukoreshwe, ziba zihujijwe n'umugozi umwe bagiye bazingazingira kuri buri suka iri busize maze abizera bakoze uruziga runini cyane kuri icyo kibanza bagafatira rimwe za suka, bakazi- hingishiriza icyarimwe, ugasanga bitanze ikimenyetso n'isura byiza byerekana uko itorero ryose rifatanije mu gikorwa cy'umushinga wo kubaka.

- Niba rero inyubako yari yaratangiye kera, iyogi rishobora guhingwa ahakikije umuzenguruko wayo, maze inyubako yose ikaba igaragara igihe umuhango w'isiza kibanza urangiye.
- **Uko gahunda ikurikirana:** __Gahunda ikurikira ishobora gukurikizwa igihe abatumiwe bose bamaze guhabwa ibyicarwo. icyakora iyi gahunda ishobora guhinwa bitewe n'impamvu runaka zibonetse aho umuhango ubereye [Kubera uturere dutandukanye].
- **Indirimbo ibanza:** __ Amatorero menshi ntajya abasha kuririmba neza hanze y'urusengero. Kubwo iyo mpamvu kuririmba kwa bose gushobora kvanwaho, kugasimbuzwa indirimbo yatoranijwe, cyane iyo abitabiriye uyu muhango ari bacye.
- **Gusenga :** __Saba umwe mubatumirwa utari umudiventiste, cyangwa se umukuru w'itorero w'aho ngaho kuba ariwe usenga.
- **Indirimbo yatowe**
- **Ikibwirizwa:** __Iki, kigomba kuba kigufi. Byaba byiza hasomwe isomo rimwe maze gusobanura mu magambo make.

Ezira 3:10,11; 6:14
Matayo 21:42
Ibyahishuwe 4:11

1 Abakorinto 3:9-11
1 Petero 2:4-8
- **Indirimbo yatoranijwe**
- **Disikuru (Imvugo yateguwe ishyikirizwa abatumiwe bose)**

Abashyitsi bakuru niba bahabwa umwanya bakavuga mu magambo make ibijyanye n'umuhango. Aiko hakurikijwe gahunda iri bukorwe uko ingana, bakwiriye kuba bake.
- Gira umuntu uri buvuye amateka y'itorero cyangwa amateka y'uwo umushinga w'inyubako bareba, maze yibande cyane ku migambi n'ibikorwa byihutirwa kugira ngo hatangizwe iyo nyubako.

- **Gusiza ikibanza:** ____Bikorwa ubusanzwe na pastoro ari kumwe n'umukuru w'itorero, ____ hamwe n'umukuru w'inama y'ubwubatsi, n'abandi bashyitsi baturutse mu buyobozi bukuru bw'itorero no mu butegetsi.

Umwana muto uhagarariye itoreri ry'ejo hazaza nawe aba ahari.
Niba inyubako ari ishuri, uhagarariye ubuyobozi bw'ishuri hamwe n'umukuru w'akanama k'ubuyobozi bagomba kuhaba.

- **Indimbo zatoranijwe cyangwa iyo mu gitabo zo kuryegurira Imana.**
- **Gusaba imigisha Imana [gusenga guheruka].**
- **Umuhango wo Gushyiraho ibuye ry'ifatizo.** ____ Umuhango w'ibuye ry'ifatizo ubasha gusimbura umuhango w'isiza kibanza. Ukorwa nyuma yuko inyubako yatangijwe **igaragaza ishyirwaho ry'ibuye ry'ifatizo rigomba kuba umugabane w'umusingi w'inyubako.**

Kweza inzu

Intego: __Kweza inzu [kuyiha umugisha] bikorwa mu buryo butandukanye bitewe n'imico inyuranye n'ibyifuzo by'abagize umuryango. Itorero (ry'isi yose) muri rusange nta gahunda ihamye ryashizeho igenga imihango nk'iyi. Imiryango imwe isaba ko amazu yabo ya kwezwa (ahabwa umugisha) iyo babonye amazu yo kubamo, bayaguze, cyangwa se bayiyubakiye akaba ari ayabo burundu. Abandi bifuzako amazu bimukiyemo yasabirwa imigisha.

Ubusanzwe inzu isabirwa imigisha iyo imaze kuzura neza, ibikoresho byo mu nzu byarashyizwemo, na banyirayo baratangiye kuyibamo . Uwo muhango nk'uyu utanga amahirwe y'akataraboneka yo gutumira abaturanyi, bakamenyana, bagahamiriza imbere yabo ko ari umuryango umwe n'abaturanyi babo. Impamvu y'ingenzi y'uwo muhango ni ukwerekana ko iyo nzu (umuryango) izaba intanga rugero mu rugendo rwa gikristo ari mu bagize umuryango no mu baturanyi.

1. **Umuhanango ukorwa na nde?** __Nta cyete cy'ubu pasitoro cyangwa se ikindi cyemezo gitegetswe ku ugomba gukora umuhango nk'uyu. Umukuru w'itorero ashobora kuyobora uwo muhango, ariko yabikora yabanje kubyumvikanaho kandi yabiherewe uburenganzira na Pasitoro.
2. **Uko gahunda itegurwa:** __Abatumirwa akenshi baba biganjemo abaturanyi b'Abakristo n'abatari Abakristo. Abantu bateranira mu cyumba cy'uruganiriro, abantu bashobora kuba benshi, bagacucikana. Bamwe bahagarara. Kubw'ibyo umuhango ntugomba kurenza iminota mirongwitatu (30).

3. Gahunda ikurikira ishobora gukurikizwa:

Indirimbo ya bose: icyakora indirimbo ishobora kutaririmbwa bitewe n'uko aho hantu hameze. Indirimbo zishobora kuririmbwa zijyanye n'umuhango ni izi:

- i. "Ibyishimo mu muryango"
- ii. "Urukundo mu muryango"

4. **Isengesho:** Nkuko muri uyu muhango hari ugusenga inshuro eshatu (3) byaba byiza ishengesho rya mbere n'iranyuma abaye magufi! Isengesho ryambere ni iryo kurarika Imana ngo iyobore uwo muhango.
5. **Amateka y'umuryango:** Bikorwa n'umwe mubagize umuryango, nk'umukuru w'umuryango.

6. Ubutumwa:

Amasomo akurikira ashobora kwifashishwa:

Itangiriro 24:67

Yesaya 65:21-24

2Samuel 23:15

Mika 4:4

Zaburi 127

Luka 10:38-42

Uyoboye gahunda ashobora gukomeza abaza bene urugo ibibazo:

- 7. Murasezerana ko iyi nzu izaba aho gusengera no guhesha Imana icyubahiro?**
- 8. Murasezerana ko muri iyi nzu hazarangwa n'ukundo no gushyira hamwe bya kivandimwe?**
- 9. Murasezerana ko uru rugo ruzaba isoko y'urumuri n'imigisha ku baturanyi?**
- 10. Gucana urumuri (Bougie, Candle) ____** Amagambo y'uyoboye gahunda ashobora gusozwa no gucana urumuri rushushanya urumuri rwa Kristo muri urwo rugo. Bisobanura ko uru rugo ruzifashisha uru rumuri rwa Kristo rukaba isoko yarwo mu baturanyi babazengurutse. Urwo rumuri rushobora gukomeza kwaka kugeza gahunda irangiye.
- 11. Isengesho ryo gusaba imigisha ____** Abagize umuryango bagomba gupfukama mu ruziga bafatanye mu biganza bakazenguruka pastori cyangwa umukuru w'itorero. Abandi bahagarara bazengurutse abagize umuryango. Mu isengesho, ryawe ubasabira, ntihaburemo gusabira imigisha inzu, urugo, abagize umuryango n'abaturanyi.
- 12. Indirimbo ya toranijwe: "Hira uru rugo ni yo ikwiranye n'uyu muhango".**
- 13. Amagambo asoza [isengesho]: Amagambo aboneka mu Kubara 6:24-26 ashobora gukoreshwa kuko akwiranye n'uyu muhango.**
- 14. Gutambagira inzu ____** Abagize umuryango bashobora gutumira abashyitsi gutambagira inzu yose. Amagaburo aho yateguwe ashobora gukurikiraho.

Umuhanzi wo gushyingura

1. **Imico myinshi inyuranye.** ___ Kubera imico itandukanye dusanga mu itorero ryacu hira no hira ku isi, hari imihango myinshi inyuranye ikorerwa umwizera wacu wafuye. Buri sosiyeti, buri mu ryango wa benemuntu, ufite imigenzo ukora igaragaza akababaro, kwerekana icyubahiro cy'uwasinziriye, n'uburyo bafashamo abasigaye. Nk'umuyobozi w'itorero, ni byiza kubaha imico, ugufasha abagize ibyago bari mu gahinda mu buryo umuco wabo ubitegeka. Bamwe mu bagize itorero ryawe, bashobora kuba bafite imico itandukanye n'imico yawe, ni ngombwa rero kwitondera imico yabo ijyanye no kubabarana n'umuryango wabuze umuntu wabo kugira ngo utarushaho kubabaza. Ariko rero ugomba kutarengera ngo ube wakora imihango ihabanye n'amahame ya Biblia cyangwa amabwiriza ya Gikristo yerekeranye no gusobanukirwa n'urupfu; twavugaga aha cyane cyane imihango yemeza ko umuntu atapfuye ahubwo roho ye yagiye mu ijuru no gushimisha imyuka y'abapfuye (abazimu) n' abadayimoni.
2. **Sura umuryango wagize ibyago.** ___ Ukimara kumenya inkuru yo gutabaruka k'umwizera, ni byiza guhitamo uya gusura uwo muriyango. Ereka ko wifatanyije nabo mu kababaro unyuze mu nzira y'umuco wemewe. Ushobora kwifatanyira nabo ubagezaho amasezerano y'Imana [Yohana 11:25; 1 Abakorinto 15:51-57; 1 Abatesaronike 4:16] no kwifanyira nabo ubasengera. Yenda ikiruta ibindi wakora wa kwicarana nabo bona nubwo waba ntacyo uvugaga. Nk'umukuru w'itorero zirikana ko uhagarariye Kristo n'ubukristo kuri bo. Kuboneka kwawe rero bibababwira icyizere n'ibyiringiro. Jyana n'umufasha wawe. Abategarugori akenshi bashoboye cyane kurenza twabwira abagabo kwifatanyira na bagenzi babo ku buryo bwihariye, bahumuriza abagore n'abana bato mu bihe by'ibyago.
3. **Tanga Ubufasha bw'Itorero.** ___ Hari uburyo bwinshi wowe n'itorero ryawe mushobora gufasha abagize ibyago. Abavandimwe bamenyekana, umuntu n'aho atuye maze ukababikira. Fasha mu gutegura ibyo kurya, kwakira telefone, kwita ku bana bato, gutegura gahunda yo gushyingura, n'ibindi!

Mu bihugu bimwe, habaho abayobozi b'imihango yo gushyingura mu miryango, bakazirikana buri kantu kwose. Muri icyo gihe, ushobora gufasha abagize ibyago ushakisha kandi wumvikana n' abayobozi b'uwo muhanzi wo gushyingura. Aho bataba, ushobora gutanga ubufasha bw'itorero utegurira umubiri wa nyakwigendera gushyingurwa. Uramenye ntukigere na rimwe uhatira umuryango wafushije ubwo bufasha bw'itorero; ahubwo, bamenyeshe gusa ko hariho ubwo bufasha ko niba babukeneye bashobora kububabwira. Ubwo bazihitiramo igikwiriye.

4. **Gahunda yo gushyingura:** ____ Ubusanzwe nta cyemezo gitegetswe gisabwa ugomba kuyobora umuhango wo gushyingura. Iyo nta pastoro uhari, umukuru w'itorero niwe uwuyobora. Ariko kandi, ibi ntabwo bikwiriye gukorwa, atabiherewe uburenganzira na Pasitoro. Umukuru w'itorero cyangwa inshuti y'umuryango ishobora kurarikirwa gufatanya n'uyuboye gahunda igasoma umwirondoro wa nyakwigendera, ubutumwa bw'akababaro, amasomo ya Biblia, cyangwa igasenga.

Mu turere tumwe na tumwe, Pastoro cyangwa umukuru w'itorero uyuboye gahunda yo gushyingura asaba icyemezo cya muganga cyangwa kiva mu bategetsi cy'uwapfuye mbere yo kumushyingura.

5. **Uko gahunda ikurikizwa:** ____ Nubwo hari imigenzo yo gushyingura inyuranye, hari imihango n'ibikorwa bya gikristo igomba kubahirizwa muri uwo muhango. Hagomba gutangwa igihe cyo gusenga no gusoma amasomo yo muri Biblia. Abaririra nyakwigendera bagomba guterwa inkunga yo kureba kuri Yesu Umwami n'Umuneshi watsinze urupfu, kandi akaba afite imbaraga zo kuzura abantu bapfuye. Amagambo y'iremamutima ashingiye ku masezerano nyakuri yo mu Ijambo ry'Imana agomba kwigishwa. Fasha abarira n'abababaye kurangiza uyu muhango bafite ibyiringiro kurenza kugira kwiheba.

Gahunda ikurikira ishobora gufasha gutegura uwo muhango

- a) Indirimbo
 - b) Isomo ryo muri Biblia
 - c) Isengesho
 - d) Irangamimerere (Amateka y'ubuzima bwa Nyakwigendera)
 - e) Indirimbo
 - f) Ikibwirizwa (Iminota 10-15)
 - g) Kururutsa umurambo (Niba uwo muhango uriho gukorerwa ku mva)
 - h) Isengesho risoza
 - i) Indirimbo
6. **Imirongo nyunganizi ya Biblia.** ____ Amasomo akurikira, ashobora kwifashishwa mu gihe utegura gusoma ibyanditswe cyangwa ikibwirizwa:

7. Gushyingura muri rusange:

Yobu 14:1-2, 14-15; Zaburi 23:1-4; Zaburi 27:4-5,13-14; Zaburi 46; Zaburi 90; Zaburi 91:1-2, 11-12; Zaburi 121; Yesaya 35:15-17, 21-22,24;

Yesaya 35:3-10; Yesaya 40:28-31; 43:1-2; Yohana 14:1-6; Abaroma 8:14-39; 1 Abakrinto 2:9-10; 1 Abakorinto 15:51-55; Abafilipi 3:20-21; 1 Abatesalonike 4:13-18; 1 Abatesalonike 5:1-11; Abaheburayo 4:14-16; 2 Petero 3:8-14; Ibyahishuwe 7:15-17; 14:13; 21:1-4; 22:1-5.

Gushyingura umwana :

2 Samweri 12:16-23; Mariko 10:13-16

Gushyingura umusore:

Umubwiriza 11:6-10; Umubwiriza 12; Luka 7:11-15

Gushingura umugore wubaha Imana:

Imigani 31:10-31; Ibyahishuwe 9:36-42; Matayo 26:10-13.

Gushingura umuntu mukuru (ushaje):

Itangiriro 5:24; 15:15; Matayo 11:28; 2Timoteyo 4:6-8

Kwimurwa kw'Umukuru w'ntara

Abadiventisti b'umunsi Karindwi bakunze kwibwira ko umupastoro wimuriwe mu yindi ntara ahita yakirwa nta yindi ngorane. Ibi bituma abapastoro bashakisha ubwabo uburyo bashyikirana n'abakristo basanze.

Usanga nta murego munini ushyirwa ku gusabanya abapasitoro n'abizera bashya basanze. Umuhango wo kwerekana Umupastoro mushya ni umuhango wihariye uyoborwa n'abakuru b'itorero bo mu nzego zo hejuru, (Field, Conferance) bafatanije n'abakuru b'amatorero agize intara. Hari imirimo yihariye ikorwa na Pasitoro; abakuru b'amatorero nti babyemerewe. Uramutse rero utabyitayeho ngo ubikore, nta wundi muntu uzabikora.

Ingorane zituruka ku kwimuka: Kwimura umuryango wa pastoro ava mu ntara imwe ajyanwa mu yindi, bishobora kubabaza umuryango ubwawo kimwe n'abakristo bagize intara. Ariko rero, iryo hindagurika rigomba kwitegurwa neza kuko kenshi usanga rigoranye kandi ribabaje benshi. Akenshi, bimera nk'ihame ridahinduka ko kwimurwa bitera ishavu kugeza ku rugero runaka.

Ishavu ry'abakristo: Mubashakanye ubutane butewe no kwahukana burundu bibabaza kurusha ubutane butewe n'urupfu kuko mu kwahukana umwe aba yarahisemo kwigendera gusa. Ingaruka yabyo, ni iy'uko usigaye yumva yanzwe bigatuma agira uburakari. Bityo rero, igihe umupastoro ahisemo kwimuka ava mu ntara ajya mu yindi, abakristo bibaza impamvu bakababara cyane, bakumva ko babaye intabwa. Bikabaza bati: **"Twakoze iki?"**

" Kuki pastoro wacu ashaka kwimuka? Nababajwe na Pasitoro wa mbere. Sinshaka kwongera gukunda n'uyu mushya, hatoya ntazongera gushyirahwa?"

"Niba ari uko biteye, ko icyo umuntu amaze gusabana neza yimurwa, uzaza ntacyo bimaze gushyikirana nawe!"

Niba pastoro wari ahasanzwe atarihitiyemo kwimuka, ahubwo akimurwa n'abayobozi bakuru ba Field, Association, Union ku gitugu, abakristo bashobora kubarakarira na pastoro mushya bigatuma batamwishimira.

Iyo pastoro waruhasanzwe atitwaye neza ngo ashimwe, abakristo bashobora kumva ko abapastoro bose ari bamwe maze n'umushya ntiyakiwe neza.

Abantu bamwe ntibishimira impinduka; cyane cyane abatsimbarara ku bya kera; ndetse bakunze kuba benshi mu turere tumwe na tumwe. Abapasitoro bashya uko byamera kose baba bahishura ko habaye ihinduka.

Nuko rero, hashobora kuvuka ibigeragezo runaka byo kwamagana no kutishimira aba pasitoro bashyashya.

Akababaro k'umuryango wa pastoro ___Umuryango wa pastoro ufite byinshi bimubabaza kuruta abakristo b'intara. Baba baranduwe. Bakojejwe hirya no hino. Icyo ni igikorwa ku buryo bwihariye kibabaza Abafasha (Abagore) b'Abapastoro n'abana. Bimurirwa ahantu hashya, mu mugi mutoya, mu nzu batamenyereye bigeretseho n'ibibazo by'amafranga y'ishuli n'imibereho y'ab'urugo. Abana bagomba gutangizwa mu mashuri mashya, ahantu batamenyereye. Umufasha wa pastoro agorwa no kubona akazi gashya.

Ikindi kibabaje kurenza byose, ni inshuti zabo basize. Nubwo abakristo muri rusange bababazwa n'umuryango umwe ubavuyemo, umuryango wa Pastoro, ubabazwa n'inshuti nyinshi usize mu ntara uvuyemo.

Ibi byose, byiyongera ku ngorane zijyanye n'iyimurwa ry'umuryango wa pastoro.

Kworoshya iyimurwa___Hari Inama zatanze zatuma iyimurwa rya pastoro rigenda neza:

1. Kwibagirwa Ibishaje:

Ibya cyera bigomba gushyirwa iruhande mbere yuko hemerwa ibishya. Abakristo bashobora kwerekana ishimwe bakavuga akababaro batewe no kubura pastoro bari bamenyereye. Babigaragariza muri gahunda yateguwe neza yo gusezera kuri uwo mu pastoro ubavuyemo.

2. Wikwihutira kumusimbura ako kanya:

Hari abumva ko umupastoro mushya agomba guhita atangira imirimo mishya nyuma yuko yimurwa. Ubushakashatsi ariko bwerekana ko nibura hakwiye gushira amezi atatu mbere yuko abakristo bakira umupastoro mushya bakemera gukorana neza. Icyo gihe gituma abagize itorero bitandukanya mu bitekerezo n'inzibutso zose ndetse n'amarangamutima y'umuryango wa pastoro bari basanganywe wimuwe. Hagati aho kandi bituma intara ibona impamvu pastoro ari ngombwa. Bitanga amahirwe kandi yo kuvugurura no kuzamura imirimo imwe n'imwe yari yaraguye mu gihe pasitoro wa mbere yari agihari.

3. Tegura kwakira umukozi mushya (pastoro)

Abayobozi ba Union /Field/ Intara, n'amatorero bafatanije n'abakristo bagize intara, bagomba gutegura umuhango wo kwakira pastoro mushya uko bishoboka kwose mu buryo buhesheje agaciro. Nkuko umuhango w'ubukwe ari ikimenyetso gikomeye cyo gutangira urugo rushya, ni ko gutegura umuhango wo kwakira pastoro mushya biba ari ikimenyetso cy'umuryango mushya uhanzwe.

Ikibitandukanya gusa nuko umukwe ariwe utegura ubukwe bwe; ariko pastoro si we utegura umuhango wo kumwakira. Abakuru b'itorero hamwe n'abakristo ntibashobora gutegura uwo muhango bonyine, ahubwo habaho ubufatanye hagati y'abakristo n'ubuyobozi bukuru bw'itorero. Kenshi ubuyobozi bw'itorero mu nzego zo hejuru butanga mu magambo make ubusobanuro ku muryango wa pastoro kw'isabato mu gitondo. Itorero ubwaryo ritegura gahunda yo kwakira pastoro mushya. Biba byiza ko gahunda itegurwa mu buryo bw'umwuka. Mu batumirwa habamo aba pastoro baturutse mu zindi ntara kimwe n'abakristo bo mu zindi ntara.

4. Banza Umurike Umushya (umwerekane)mwimike

Umuhango ukorwa muri gahunda yo kw'isabato mu gihe abakristo benshi bahageze. Gahunda ikurikira irerekana uko umuryango wa pastoro ushyikirizwa inshingano zawo. Imiryango y'abapastoro imwe ntiyifuza ko byakorerwa muri rusange, pastoro ubwe ashobora kuba nta kibazo afite ariko umuryango we wose ukifuza ko utakorerwa mu ruhamwe:

1. Kwerekana abashyitsi

Umukuru w'itorero yerekana abashyitsi bahagarariye ubuyobozi bukuru bw'itorero aribo bari buyobore umuhango wo kwimika umuryango wa pastoro.

2. Abashyitsi bahagarariye itorero

Ni bo basobanura impamvu y'uwo muhango aribyo gufasha gushimangira ubumwe mw'itorero cyane hagati y'abakristo n'umuryango wa pastoro hamwe no gushimangira imikoranire myiza hagati ya pastoro n'itorero bose batahiriza umugozi umwe. Abayobozi berekana abagize umuryango wa pastoro buri wese bakamuvugaho amagambo make. Uyoboye gahunda akongeza imuri zingana n'amatorero ari mu intara abereye umuyobazi maze akayihereza umupastoro, aribyo bisobanura ko azakomeza guharanira ko urumuri ruzakomeza kwaka muri ayo matorero.

3. Kwakira bikorwa n'umukuru w'itorero

Umukuru w'itorero avuga amagambo yo kwakira pastoro mu mwanya w'amatorero yose. Umuryango wa pastoro utumirwa kuza imbere maze umufasha w'umukuru w'itorero agaha ikaze umufasha wa pastoro. Umwana cyangwa umukuru w'urubyiruko cyangwa se umwarimu w'amashuri y'abana yakira abana ba pastoro.

Amagambo asubirwamo:

- ▶ **Umukuru w'itorero** : Uyu muni dutangiye intera nshya mu itorero ryacu, duhabwa umushumba mushya.
- ▶ **Abakristo bese** : Twabonye impano iturutse mw'ijuru, twahawe umushumba wo kutuyobora, kutwigisha no kutugira inama.
- ▶ **Umuryango wa pastoro**: Tuje twifuza gufatanya namwe mu kwerereza Yesu Kristo kugira ngo twese dukurire hamwe.
- ▶ **Abakristo bese** : Turabatumiye ngo mutuyobore murugendo rwacu tugana ijuru.
- ▶ **Umuryango wa pastoro** :Turifuza urukundo ruva mu muryango w'Abakristo tujye kwifatanya nabo hano.
- ▶ **Abakristo bese** : Turifuza ko mwaba umwe muri twe, kandi imitima yacu ikaba ivuguruye.
- ▶ **Uyoboye gahunda [abwira pastoro]**: Imana yaguhaye inshingano yo kuyobora ubwoko bwayo kwitegura kugaruka kwa Kristo umwami wacu.
- ▶ **Pastoro**: Nemeye iyo nshingano. Muni y'ukuboko kw'Imana nsezeranye gukora ibishoboka byose gushira hejuru izina ry'Imana.
- ▶ **Uyoboye gahunda** : Hari inshingano itorero ryose ryahawe zokwamamaza inkuru nziza mu abaturanyi (ababazengurutse).
- ▶ **Abakristo bese na pastoro**: Twemeye iyo nshingano yo kwerekana Yesu Kristo mubugingo bwacu n'ahatuzengurutse.
- ▶ **Bese hamwe**: Turasezezeranye, mbere ya Kristo n'imbere y'abantu bese uyu muni ko tuzashyira imbere Yesu, tugasaba ubuyobozi bw'umwuka tugakorera dutabwira kugaruka kwa Kristo.
- ▶ **Isengesho ryo kwimika** :-Umuryango wa pastoro uhagarara imbere ureba itorera, kuruhande rumwe hahagaze umukuru w'itorero kurundi hari uyoboye gahunda (uhagarariye itorero ku rwego rukuru).

Abandi bakuru b'itorero batumirwa imbere maze bagafatana mu ntoki bagakora nk'umunyururu kuva ku muryango wa pastoro kugera ku bicaye ku ntebe z'imbere.

Buri wese mu bitabiriye umuhango bafatana mu ntoki maze bagapfukama kubw'isengesho igikorwa gishushanya ubufatanye hati y'abakristo n'umuryango wa pastoro. Umukuru w'itorero arasenga ahamagarira itorero ryose kwifatanya n'umuryango wa pastoro mu nshingano bahamagarawe. Uhagarariye ubuyobozi bw'itorero (umushyitsi) asenga isengesho ryo kwimika pastoro. Nyuma y'isengesho, umukuru **w'umuhango ayobora abandi bashimira pastoro babakora mu ntoki.**

► **Ikibwirizwa**

► **Kwakirana**

Nyuma y'umuhango, itorero ryose rifatanya n'umuryango wa Pastoro mu igaburo ryateguwe aho bishobotse.

Gusabira Umurwayi

Igitabo cya Yakobo kitubwira ko niba umwe mu ba nyamuryango arwaye, **"natumire abakuru b'itorero, bamusabire, bamusize amavuta mw'izina ry'Umwami. Kandi isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi umwami amuhagurutse: Kandi naba yarakoze ibyaha, azaba abibabariwe."** [Yakobo 5:14,15].

Uyu n'undi murimo abakuru b'itorero bafite. Gusenga n'inshingano y'umukuru w'itorero igomba kuranga imikorere ye yose. Gusengera abarwayi n'ingenzi mu inshingano z'umukuru w'itorero. Mu gihe uvura umurwayi ntugomba kwita gusa kububabare gusa afite, ahubwo agomba nokwita no kubukene muby'umwuka. Kenshi abarwayi baba bumva bakeneye ubitaho muburyo bwose bushoboka.

Igikorwa cyo gusiga amavuta gikorerwa abarembye cyane. Ariko **isomo ribaza niba "Hari urwaye muri mwe?" Ntabwo ribaza niba hari ugiye gupfa.** Gusiga amavuta ntibigomba guharirwa umuntu warembye cyane gusa. Mu tururere tumwe na tumwe gusigwa amavuta ntibigikorwa kubera ko amatorero atari ay'abadiventiste akora icyo gikorwa nkaho ari cyo gikorwa cya nyuma, umurwayi bamuhembye.

Ni nde ugira uruhare muri iki gikorwa? Umurwayi atumira abakuru b'itorero. Abakuru b'itorero bashobora gukora uwo muhango igihe nta pastoro uhari, ariko bakabimumenyesha. Ubusanzwe pastoro niwe uyobora uwo muhango afashijwe n'abakuru b'itorero babashije kuboneka.

Gutegura uwo muhango: Aho bikorerwa: Gusiga amavuta bishobora gukorerwa mu rusengero, mu rugo, cyangwa kwa muganga. Iyo ari kwa muganga, bikorwa mu buryo bitabangamira abakozi bo kwa muganga umwanya uwo muhango umara uterwa naho bikorewe.

Ni bande babigiramo uruhare :-Usibye pastoro n'abakuru b'ibitorero abandi bakristo bafite impano yo gusenga bashobora kurarikwa. Umurwayi ubwe ashobora kwifuza ko inshuti ze zitumirwa. Ariko inshuti kimwe nabo mu muryango we batari abakristo bashobora guhezwa. Abayoboye gahunda bagomba kuba bakomeye muri Kristo kandi bafite kwizera mu mbaraga zikiza zo mw'ijuru. Uyu muhango kandi, bisabako bawitegura neza.

Gutegura umurwayi _ "Iyaba naribwiraga ibyo gukiraniwa mu mutima wanjye, Uwiteka ntaba anyumviye." [Zaburi 66:18] Fasha umurwayi kwisuzuma mu bugingo bwe mbere yo gusiga amavuta. Kwiga neza bisaba kwiga ingingo ivuga: **"GUSENGERA UMURWAYI"** Iboneka mu gitabo **"The mistry of healing**

Ugomba kubaha ibanga ry'umurwayi mu gihe atifuza ko uburwayi bwe bumenyekana. Ku rundi ruhanda ariko biba byiza iyo isengesho risobanutse (Rivuga icyo umurwayi arwaye)

Uko gahunda ikurikarana: Amagambo **abanza:** Nk'umuyobozi, ugomba gusobanura impamvu y'uwo muhango nuko ukorwa. Umurwayi ashobora guhabwa umwanya wo gusobanura impamvu yasabye icyo gikorwa.

Niba umurwayi atameze nabi cyane ngo bisabe ko hakorwa gahunda ngufi cyane, ukurikije uko ameze niba arembye cyangwa se atarembye ushobora gusoma imirongo yo muri Biblia ijyanye n'ibisabwa kugira ngo imbaraga ikiza yigaragaze.

Ibisabwa bimwe n'ibi:

1. Kwizera ko Imana ishobora kandi ikiza.

2. Kwicuza ibyaha

3. Kwihatira kubaho neza

Uburwayi bwinshi bukomoka ku mico mibi yavanze imibereho y'igihe cyashize. Gerageza kwemeza umurwayi ko Imana ibabarira ibyaha byo mu gihe cyashize, ko ariko bitoroshye gusaba Imana gukiza imibiri ikoreshwa nabi.

4. Kwemera gukoresha abantu

"Gutanga kose kwiza n'impano yose itunganye rwose nibyo biva mw'ijuru." [Yakobo 1:17] Imana ubwayo ifite abo yahaye impano zo kuvura, ariko kandi ikora n'ibitangaza, kandi ihitamo gukora ibitangaza ibinyujije mu abantu yahaye impano zitandukanye.

5. Kwizera Igisubizo Imana itanga .

Rimwe na rimwe Imana ikiza muri uwo mwanya hari ubwo bitwara igihe, hakaba nubwo bisaba gutegereza igihe Yesu azaba agarutse. Igihe umurwayi adahise akira, ntibivuze ko ari umunyabyaha cyangwa se ko Imana ititeguye kumukiza. Uwo muhango ugomba gusozwa werekana byose byashyizwe mu maboko y'Imana kandi ko Imana ari iyo kwizerwa.

Amasomo akwiye kwifashishwa:

- Yakobo 5:14-16

- kubara 21:8-9

- Zaburi 103:1-5

- Zaburi 107:19-20

- Mariko 16:15-20

Isengesho ryo Gusiga amavuta: __Uyoboye uwo muhango agomba kuba afite amatunda y'umutini buri wese arapfukama. Umurwayi ashobora kwifuza gusenga, iyo bishobotse niwe usenga mbere. Abandi bantu babishoboye bashobora gusenga bakuranwa.

Naho uyoboye uwo muhango niwe usenga bwa nyuma. Mu gihe utangiye gusenga, shyira amavuta ku ntoki (imitwe y'intoki) maze ugiye kurangiza gusenga musige mu ruhanga.

Ibi byerekanaga ikimenyetso cy'umwuka wera gukorakora ububaye mu buryo budasanzwe. Abadiventiste b'umunsi wa karindwi nti bashyigikira igikorwa cyo gusiga amavuta ibice by'umubiri bifite uburibwe (ububare).

Gusozwa Umuhango __Ukimara gusozwa amasengesho, sezera maze ugende. Mu mwanya wo kumenyana ugomba kubanziriza umuhango aho kuba nyuma yawo. Nibyiza gusezera igihe buri wese agifite ibyishimo ko ubuntu bw'Imana bukiri muri icyo cyumba.

Gushyingira

"Kwifatanya mu muryango n'ikintu cyera kandi cy'ingenzi kuruta ibindi byose ku isi. Byabereyeho kubera umugisha umwana w'umuntu. Biba umugisha iyo amasezerano yo kubana yitondewe agakorwa mu buryo buhesheje Imana icyubahiro " [The adventist home, p.8]. Umuhango wo gushyingirwa ugomba kuba igihe cyo gusubizwa bushya muby'umwuka no guhuriza hamwe imbaraga y'abashyingiwe.

Ingingo z'Itorero Zigomba Kwitabwaho___ Ni nde ushyingira ?

Igice cya 6 mu "Nama Zigirwa Itorero" havuga inshingano z'abayobozi b'itorero mu bijyanye no gushyingira, amasezerano yo gushyingirwa no kwemeza ko abantu bashyingiranwe, bikorwa n'uwabyerejwe. Keretse gusa aho uburenganzira bwatanzwe cyangwa se aho abakuru b'itorero berejwe gukora uwo murimo. Pastoro wabyerejwe cyangwa se undi wese wabiherewe uburenganzira ashobora kuyobora umuhango no gushyingira. Nta mukuru w'itorero rero ushobora gufasha muri uwo muhango keretse gusa iyo bibaye ngombwa ukabiherwa uburenganzira n'ubuyobozi bukuru bw'itorero.

Hari ibihe bimwe aho pastoro abona ko abantu runaka badakwiye gushyingirwa, igihe umutima-nama wa pastoro umubuza kubashyingira. icyo gihe bituma abari gushyingirwa bumva ko batereranwe, ariko Umukuru w'itorero nta burenganzira afite bwo kubashyingira

Gushyingirwa ni umuhango wera. ___ Ibihugu byinshi byo ku isi gushyingirwa mu itorero bisaba amasezerano asinywa hamwe n'inshingano muby'umwuka.

Mu bindi bihugu gushyingirwa mu itorero bisaba ko habanza kuba icyemezo kiva mu butegetsi cyerekana ko bashyingiriwe m'ubutegetsi. Aho gushyingirwa mu itorero birushwa agaciro nibyo mu b'ubutegetsi ntabwo bihabwa agaciro mu itorero ry'Abadiventiste [Ni ukuvuga ko umuntu ashobora kubana n'uwo bashakanye mu gihe bashyingiwe n'ubutegetsi gusa].

Amategeko ayobora itorero mu muhango wo gushyingira___ Pastoro cyangwa umukuru w'itorero bashobora gutegura amategeko bazagenderaho ku muhango wo gushyingira. Amategeko agomba kwigwaho mbere yuko hagira usaba gushyingirwa kugira ngo bitagira uwo bibangamira. Ayo mabwiriza agomba guhabwa buri wese wifuza gushyingirwa muri iryo torero. Abasaba gushyingiranwa, iyo bamaze gusoma ayo mabwiriza bakayemera, nibwo bashobora gushyingirwa.

Ni byiza kwigira hamwe mu nama z'itorero ibitabo "Inama zikirwa itorero" hamwe n' "Inama zikirwa abashumba b'itorero" maze buri wese akaba azi neza amabwiriza ajyanye no gushyingirwa.

Ibigomba kwitabwaho muri ayo mabwiriza:

- ▶ **Ninde ushyingirirwa mu itorero?**
- ▶ **Indirimbo zikoreshwa muri uwo muhango.**
- ▶ **Gutanga urusengero**
- ▶ **Imuri zicanwa**
- ▶ **Abafotora**
- ▶ **Kwagirwa**
- ▶ **Ibikoresho by'itorero bizakoreshwa**
- ▶ **Amafranga, n'ibindi**

Igihe amabwiriza amwe bitakibaye ngombwa ko yubahirizwa, bigomba gutangirwa uburenganzira n'akanama kabishinzwe.

Pastoro ntabwo agomba guhangana n'imiryango imwe itubahirije amwe muri ayo mabwiriza; ahubwo biharirwa akanama kabishinzwe kakaba ariko gafata imyanzuro.

IGICE CYA 8

Imfasha nyigisho

Icyitonderwa

Imihango n'ibikorwa byihariye biba byihariye koko. Bisabwa rero gutegurwa kare maze bikayoborwa bityo. Ubusanzwe Pasitoro ni we ubiyobora, naho wowe nk'umukuru w'itorero, usabwe kuba uri kumwe na we kugira ngo umufashe muri ibyo bihe bidasanzwe.

MU GIHE USOMA IKI GICE, andika uko buri muhango wihariye ufasha abakristo kumenyerana n'Imana. Erekana ibice by'ingenzi bigize buri muhango kandi uvuge ukuntu wabihuza n'umuco w'iwanyu.

MENYA IBI:

- *Umubatizo ni ikimenyetso cyo gupfa kuri kamere ya cyera no kuzukira mu bugingo bushya bubonerwa muri Yesu-Kristo.*
Umubatizo werekana ubushake bw'umuntu bwo kuba umwe mubagize umuryango w'Imana
- *Ni byiza ko Abakristo bashya mu Itorero bakirwa maze bakumva ko ari bamwe mu bagize umuryango w'Imana kandi bakerekwa ko bakunzwe n'Itorero.*
- *Kwakira umwana bitwibutsa igitangaza cy'Imana cyo kuvuka hamwe no kwiyezeza kw'Ababyeyi n'Itorero ryose mukurera uwo mwana mu buryo bukwiriye.*
- *Ifunguro ryera ni rimwe mu mihango ikomeye ariko kandi w'ibyishimo mu Itorero ry'abadiventiste.*
Ni igihe cyo kwisuzuma mu mitima yacu no kwicuza ibyaha, akaba ari n'igihe cyo gusubizwa bushya muby'Umwuka. Ufasha muri uyu muhango cyangwa kuwuyobora n'inshingano ikomeye y'umukuru w'Itorero.

Icyitonderwa

- *Abadiventiste b'umunsi wa karindwi bakorera ifunguro ryera mu ruhamwe. Buri wese wifuza kugira uruhare muri icyo kimenyetso cy'urupfu rw'Umwami wacu afite uburenganzira uburenganzira bwo kwifatanya n'abandi.*
- *Umukuru w'itorero ashobora kuba Isoko y'imigisha kuba Kristo batabashije kugera aho ifunguro ryera ryabereye igihe abasuye, akabategurira ifunguro ryera mu buryo bworoheje.*
- *Igihe cyo gushyingura, n'umwanya umukuru w'itorero agiramo akamaro gakomeye mu nshingano ze. Ni ingenzi cyane kwita ku umuco, ibikenewe n'umuryango wagize ibyago muri icyo gihe cy'akaga.*
- *Kwitegura kwakira umukuru w'intara mushya ni umuhango ukorwa n'abakuru b'itorero. Uyu muhango, kimwe no gufasha umuryango wa Pastoro mushya, bifasha mukugabanya ingorane zijyanye no kwimuka, zaba ingorane ku itorero cyangwa ingorane ingorane ku muryango wa Pastoro. Igihe umukuru w'itorero atabyitayeho, nta wundi ushobora kubyitaho.*
- *Gusabira abarwayi ni ubundi buryo umukuru w'itorero ashobora kuba isoko y'imigisha ku bantu bamuzengurutse.*
Ayo masengesho ashora gukorwa mu buryo bwo gusura abarwayi cyangwa se igihe yatumiwe mu muhango wo gusiga amavuta abarwayi.
- *Gushyingira ni igihe cyo guhemburwa muby'Umwuka, igihe cy'Ibyishimo, umuhango uhuriza hamwe imiryango y'abashyigirwe.*

ITOZE IBI BIKURIKIRA:

Icyitonderwa

1. Subiramo igice cy'Umubatizo. Ni izihe ngingo zikurikizwa iyo utegura uwifuza kubatizwa?

Inshingano zawe muri uwo murimo ni izihe?

2. Ni izihe mpamvu enye zo kwakira Umwana mu Itorero?

- 1.
- 2.
- 3.
- 4.

3. Subiramo ibice bine by'ingenzi mukwakira umwana muto.

4. Umukuru w'itorero yagira kamaro ki mugutegura gahunda yo kwezaga Urusengero?

5. Ni irihe tandukaniro riri hagati yo kweza urusengero no gutaha urusengero?

6. Subiramo impamvu n'itandukaniro riri hagati yo kweza urusengero, gutaha urusengero, gushyiraho ibuye ry'ifatizo hamwe no guha umugisha urugo (inzu). Nubwo bibaho ku buryo budasanzwe, ni gahunda z'ingenzi mu itorero.

7. Subiramo igice cyo ku ifunguro ryera: Gukorera ifunguro ryera (rya bose, mu ruhame) bisobanuye iki?

8. Byatwara igihe kingana iki gusura imiryango yagize ibyago umaze kubimenya? Vuga uburyo bushoboka ubwo itorero ryafashamo umuryango wagize ibyago.

9. Ni ubuhe buryo kwimura Pastoro byakorwa bidateye ingorane?

- 1.
- 2.
- 3.

10. Andika uko gahunda yo gusiga amavuta abarwayi ikurikirana?

Icyitonderwa

11. Ni mpamvu ki zingenzi zituma hagomba kubaho amategeko ajyanye no gushyigira mu itorero ryanyu?

Kuki bigomba gukorwa mu gihe ntawasabye gushyigirwa?

KORA IBI BIKURIKIRA:

1. Ni ibihe bintu ushobora gukora kugirango utegure umubatizo w'umuntu ube mwiza kurutaho?
2. Tegura gahunda ishobora gukurikizwa mu kwakira umwana. Erekana ubufasha bw'itorero bushobora guhabwa ababyeyi kimwe n'umwana.
3. Mu gihe cy'ifunguro ryera, ni ibiki byakorerwa abana bato kugira ngo barusheho gusobanukirwa n'icyo risobanuye?
4. Tegura gahunda wa kurikiza mu gusura no gufasha umuntu wa gize ibyago bitutse k'urupfu.
5. Ni mu buhe buryo wafashamo itorero ryawe gutegura kwimura pastoro mu buryo budateye ingaruka?

Wakora iki ngo ibyahise byibagirane?

Kuki washyigikira ko igihe Pastoro yimuwe hatabaho umusimbura ako kanya?

Wategura kwakira umushya ute?

IGICE CYA 8

Urubuga nyungurana bitekerezaho

Icyitonderwa

Ibibazo byo kugirwaho impaka mu matsinda

1. **Igihe cy'umubatizo**, ni ibihe bintu wakora ku giti cyawe ngo bitume Uwabatijwe yumva ko yisanga mu itorero kandi akomeye mu itorero?
Hakorwa iki kugira ngo habeho gukomera, ubwumvikane n'urukundo mu itorero ryanyu? Hakorwa iki ngo uwabatijwe yumve ko uwo munsu udasanzwe mu bugingo bwe?
2. **Ni bintu ki wakoze cyangwa wabonye bikorwa bijyanye no kwakira umwana kugira ngo iyo gahunda ibe nziza kurushaho?**
3. **Hakorwa iki ngo abitabira umuhango w'ifunguro ryera babe benshi kurushaho?**
4. **Gukora ifunguro ryera rya bose kw'Abadiventiste bisobanuye iki?**
5. **Ni ubuhe bufasha waha pastoro mu mihango yo gushyingira cyangwa se mu bihe byo gushyingura?**
6. **Wafasha ute imiryango yagize ibyago igapfusha uwabo?**
7. **Ibijyanye no gusimbura pastoro wimuwe hashize amezi atatu urabivugaho iki? Wakora iki ngo uhe ikaze Pastoro mushya mu itorero?**
8. **Ni mu buhe buryo wafashamo itorero ryawe ngo kwimuka kwa pastoro bitagira uwo bihutaza? Wakora iki ngo ibyahise byibagirane?**



INDUNDURO

Aka gatabo turagasoze amagambo twatangiranye, yo gusaba abakuru b'amatorero muby'umwuka, gukorana ubushake babishishikariye.

Umurimo wanyu ni ingenzi cyane muguteza imbere itorero ry'Imana. Kubera impano mwahawe n'Umwuka Wera, mushobora gukora byinshi byateza imbere itorero. Murwanire kumenya Kristo kandi mwishingikirije k'ubuntu bwe no kuyoborwa nawe muri byose.

"Aya magambo ndayahuguza abakuru b'itorero bo muri mwe:..... Muragire umukumbi w'Imana wo muri mwe, mutawurinda nk'abahatwa, ahubwo muwurinde mubikunze nk'uko Imana ishaka; atari ukwifuza indamu mbi, ahubwo ku bw'umutima ukunze; kandi mudasa nk'abatwaza igitugu abo mwagabanijwe, ahubwo mube ibyitegererezo by'umukumbi, kandi umutahiza naboneka, muzahabwa ikamba ry'ubugingo ritangirika." (1Petero 5: 1-4)



Cyandikiwe mu icapiro
PRINTER SET

Tél : 70062
Fax : (250) 510212
B.P.1876 KIGALI

10, Avenue de la Paix

